



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° 30 Bis yo ku
wa 22/07/2024

Year 63
Official Gazette n° 30 Bis of
22/07/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° 30 Bis du
22/07/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Itegeko Ngenga/ Organic Law/ Loi Organique

Itegeko Ngenga n° <u>002/2024.OL</u> ryo ku wa <u>12/07/2024</u> rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite.....	2
Organic Law n° <u>002/2024.OL</u> of <u>12/07/2024</u> determining the functioning of the Chamber of Deputies	2
Loi Organique n° <u>002/2024.OL</u> du <u>12/07/2024</u> portant fonctionnement de la Chambre des Députés.....	2

ITEGEKO NGENGA N° <u>002/2024.OL RYO KU WA 12/07/2024</u> RIGENA IMIKORERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko ngenga rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Abagize Umutwe w'Abadepite <u>Ingingo ya 4:</u> Itorwa n'irahira ry'Abadepite <u>Ingingo ya 5:</u> Kuva mu mwanya k'Umudepite <u>Ingingo ya 6:</u> Kumenyesha ko Umudepite yavuye mu mwanya <u>Ingingo ya 7:</u> Isimburwa ry'Umudepite <u>UMUTWE WA II:</u> IMITERERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE	ORGANIC LAW N° <u>002/2024.OL OF 12/07/2024</u> DETERMINING THE FUNCTIONING OF THE CHAMBER OF DEPUTIES <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Organic Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Members of the Chamber of Deputies <u>Article 4:</u> Election of and oath-taking by Deputies <u>Article 5:</u> Vacation of office of a Deputy <u>Article 6:</u> Notice of vacation of office of a Deputy <u>Article 7:</u> Replacement of a Deputy <u>CHAPTER II:</u> ORGANISATION OF THE CHAMBER OF DEPUTIES	LOI ORGANIQUE N° <u>002/2024.OL DU 12/07/2024</u> PORTANT FONCTIONNEMENT DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier:</u> Objet de la présente loi organique <u>Article 2:</u> Interprétation <u>Article 3:</u> Membres de la Chambre des Députés <u>Article 4:</u> Élection et prestation de serment des députés <u>Article 5:</u> Vacance de siège d'un député <u>Article 6:</u> Notification de la vacance de siège d'un député <u>Article 7:</u> Remplacement d'un député <u>CHAPITRE II:</u> ORGANISATION DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS
--	---	---

<u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z’Umutwe w’Abadepite	<u>Article 8:</u> Organs of the Chamber of Deputies	<u>Article 8:</u> Organes de la Chambre des Députés
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inteko Rusange	<u>Section One:</u> Plenary Assembly	<u>Section première:</u> Assemblée plénière
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inteko Rusange y’Umutwe w’Abadepite	<u>Article 9:</u> Members of the Plenary Assembly	<u>Article 9:</u> Membres de l’Assemblée plénière
<u>Icyiciro cya 2:</u> Inama y’Abaperezida	<u>Section 2:</u> Conference of Chairpersons	<u>Section 2:</u> Conférence des Présidents
<u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Inama y’Abaperezida	<u>Article 10:</u> Members of the Conference of Chairpersons	<u>Article 10:</u> Membres de la Conférence des Présidents
<u>Icyiciro cya 3:</u> Biro y’Umutwe w’Abadepite	<u>Section 3:</u> Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Section 3:</u> Bureau de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Biro y’Umutwe w’Abadepite	<u>Article 11:</u> Members of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 11:</u> Membres du Bureau de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 12:</u> Itorwa, manda n’irahira ry’abagize Biro y’Umutwe w’Abadepite	<u>Article 12:</u> Election, term of office and oath of members of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 12:</u> Élection, mandat et serment des membres du Bureau de la Chambre des Députés
<u>Icyiciro cya 4:</u> Komisiyo zihoraho	<u>Section 4:</u> Standing Committees	<u>Section 4:</u> Commissions permanentes
<u>Ingingo ya 13:</u> Komisiyo zihoraho z’Umutwe w’Abadepite	<u>Article 13:</u> Standing Committees of the Chamber of Deputies	<u>Article 13:</u> Commissions permanentes de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 14:</u> Umubare w’abagize Komisiyo zihoraho	<u>Article 14:</u> Size of a Standing Committee	<u>Article 14:</u> Nombre des membres d’une commission permanente
<u>Icyiciro cya 5:</u> Komite	<u>Section 5:</u> Committee	<u>Section 5:</u> Comité

<u>Ingingo ya 15:</u> Abagize Komite <u>Icyiciro cya 6:</u> Ubunyamabanga Bukuru <u>Ingingo ya 16:</u> Abagize Ubunyamabanga Bukuru <u>Ingingo ya 17:</u> Ishyirwaho n'icungwari ry'abakozi b'Umutwe w'Abadepite UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'INZEGO Z'UMUTWE W'ABADEPITE, IY'IHURIRO N'IY'ITSINDA RY'UBUCUTI <u>Icyiciro cya mbere:</u> Imikorere y'Inteko Rusange <u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano n'ububasha by'Inteko Rusange <u>Ingingo ya 19:</u> Amasaha y'imirimo y'Inteko Rusange <u>Ingingo ya 20:</u> Aho inama y'Inteko Rusange iteranira <u>Ingingo ya 21:</u> Uburyo Inteko Rusange iterana <u>Ingingo ya 22:</u> Ibyicarwo mu cyumba cy'Inteko Rusange mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange cyangwa y'inama ihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 15:</u> Members of the Committee <u>Section 6:</u> Office of the Clerk <u>Article 16:</u> Members of the Office of the Clerk <u>Article 17:</u> Recruitment and management of the staff of the Chamber of Deputies CHAPTER III: FUNCTIONING OF ORGANS OF THE CHAMBER OF DEPUTIES, NETWORK OR FORUM AND FRIENDSHIP GROUP <u>Section One:</u> Functioning of the Plenary Assembly <u>Article 18:</u> Responsibilities and powers of the Plenary Assembly <u>Article 19:</u> Working schedule of the Plenary Assembly <u>Article 20:</u> Venue for the plenary sitting <u>Article 21:</u> Procedure for holding the plenary sittings <u>Article 22:</u> Sitting arrangements in the Plenary Hall during the business of the Plenary Assembly or joint sitting of both Chambers of Parliament	<u>Article 15:</u> Membres du Comité <u>Section 6:</u> Secrétariat Général <u>Article 16:</u> Membres du Secrétariat général <u>Article 17:</u> Recrutement et gestion du personnel de la Chambre des Députés CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS, DU RÉSEAU OU FORUM ET DU GROUPE D'AMITIÉ <u>Section première:</u> Fonctionnement de l'Assemblée plénière <u>Article 18:</u> Attributions et pouvoirs de l'Assemblée plénière <u>Article 19:</u> Horaires de travaux de l'Assemblée plénière <u>Article 20:</u> Lieu de tenue de la séance plénière <u>Article 21:</u> Procédure de tenue de séances plénières <u>Article 22:</u> Attribution des sièges dans la salle des séances plénières lors des travaux de l'Assemblée plénière ou d'une séance conjointe des deux Chambres du Parlement
---	--	---

<u>Ingingo ya 23:</u> Ihame ry’uko inama y’Inteko Rusange ibera mu ruhame	<u>Article 23:</u> Principle of opening to the public of a plenary sitting	<u>Article 23:</u> Principe d’ouverture au public d’une séance plénière
<u>Ingingo ya 24:</u> Inteko Rusange yateranye mu muhezo	<u>Article 24:</u> Plenary Sitting held in camera	<u>Article 24:</u> l’Assemblée plénière à huis clos
<u>Ingingo ya 25:</u> Gahunda y’imirimo y’Inteko Rusange ya buri cyumweru	<u>Article 25:</u> Weekly agenda of the Plenary Assembly	<u>Article 25:</u> Calendrier hebdomadaire des travaux de l’Assemblée plénière
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe inyandiko zisuzumwa mu Nteko Rusange zishyikirizwa Abadepite	<u>Article 26:</u> Timelines for mailing items on the agenda to Deputies	<u>Article 26:</u> Délais d’envoi des points de l’ordre du jour aux députés
<u>Ingingo ya 27:</u> Kumenyesha gahunda y’inama y’Inteko Rusange itaha	<u>Article 27:</u> Announcement of the agenda of the upcoming plenary sitting	<u>Article 27:</u> Communication de l’ordre du jour de la prochaine séance plénière
<u>Ingingo ya 28:</u> Gusubika inama y’Inteko Rusange	<u>Article 28:</u> Rescheduling of the plenary sitting	<u>Article 28:</u> Ajournement de la séance plénière
<u>Ingingo ya 29:</u> Urutonde n’umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inteko Rusange iterane	<u>Article 29:</u> List and quorum for the plenary sitting	<u>Article 29:</u> Liste et quorum pour la séance plénière
<u>Ingingo ya 30:</u> Amahame agenga kuyobora inama y’Inteko Rusange	<u>Article 30:</u> Principles governing the chairing of the plenary sitting	<u>Article 30:</u> Principes régissant la présidence de la séance plénière
<u>Ingingo ya 31:</u> Inyandiko ivunaguye n’inyandikomvugo z’inama z’Inteko Rusange	<u>Article 31:</u> Minutes and Hansard of the plenary sittings	<u>Article 31:</u> Compte rendu et procès-verbal des séances plénières
<u>Ingingo ya 32:</u> Gushyira umukono ku nyandiko ivunaguye no ku nyandikomvugo	<u>Article 32:</u> Signing of minutes and Hansards	<u>Article 32:</u> Signature des comptes rendus et des procès-verbaux

<u>Ingingo ya 33:</u> Itangazwa ry'inyandikomvugo n'inyandiko ivunaguye	<u>Article 33:</u> Publication of a verbatim report and minutes	<u>Article 33:</u> Publication du procès-verbal et du compte-rendu
<u>Ingingo ya 34:</u> Igitabo kigaragaza ibyasuzumwe mu nama y'Inteko Rusange	<u>Article 34:</u> Plenary sitting agenda items register	<u>Article 34:</u> Registre points à examinés en séance plénière
<u>Ingingo ya 35:</u> Gufata ijambo mu Nteko Rusange	<u>Article 35:</u> Taking the floor in the plenary sitting	<u>Article 35:</u> Prise de parole en séance plénière
<u>Ingingo ya 36:</u> Uburenganzira bwo kwiandikisha ku rutonde rwa mbere, urwa kabiri cyangwa urwa gatatu	<u>Article 36:</u> The right to register on the first, second or third list	<u>Article 36:</u> Le droit de s'inscrire sur la première, deuxième ou troisième liste
<u>Ingingo ya 37:</u> Kwiandikisha ku rutonde rwa mbere	<u>Article 37:</u> Requesting for the floor on the first list	<u>Article 37:</u> Demande de la prise de parole sur la première liste
<u>Ingingo ya 38:</u> Kwiandikisha ku rutonde rwa kabiri	<u>Article 38:</u> Requesting for the floor on the second list	<u>Article 38:</u> Demande de la prise de parole sur la deuxième liste
<u>Ingingo ya 39:</u> Kwiandikisha ku rutonde rwa gatatu	<u>Article 39:</u> Registration on the third list	<u>Article 39:</u> Inscription sur la troisième liste
<u>Ingingo ya 40:</u> Kwibutsa ikibazo mu Nteko Rusange	<u>Article 40:</u> Reminding a question in the Plenary Sitting	<u>Article 40:</u> Rappel d'une question dans la séance plénière
<u>Ingingo ya 41:</u> Umwanya uvugirwamo mu Nteko Rusange	<u>Article 41:</u> Place from which the floor is taken in the Plenary sitting	<u>Article 41:</u> Lieu de prise de parole dans la séance plénière
<u>Ingingo ya 42:</u> Ibibujijwe Umudepite mu Nteko Rusange	<u>Article 42:</u> Prohibited conduct for a Deputy at the plenary sitting	<u>Article 42:</u> Agissement interdit à un député en séance plénière
<u>Ingingo ya 43:</u> Kugarura ku murongo Umudepite utandukiriye	<u>Article 43:</u> Calling to order a Deputy digressing from the matter under discussion	<u>Article 43:</u> Rappel à l'ordre d'un député qui s'écarte du sujet sous examen

<u>Ingingo ya 44:</u> Impamvu zo gusaba mosiyo n'uburyo bukoreshwa mu kuyisaba	<u>Article 44:</u> Reasons and modes for moving a motion	<u>Article 44:</u> Motifs et mode de proposition d'une motion
<u>Ingingo ya 45:</u> Gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibygwa kuri gahunda y'Inteko Rusange	<u>Article 45:</u> Proposal of amendment to the agenda of the Plenary Assembly	<u>Article 45:</u> Proposition de modification à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière
<u>Ingingo ya 46:</u> Gusaba guhagarika impaka mu nama y'Inteko Rusange	<u>Article 46:</u> Proposal for closing the debates in plenary sitting	<u>Article 46:</u> Proposition de clôture des débats en séance plénière
<u>Ingingo ya 47:</u> Gusubiza abafashe ijambo mu Nteko Rusange	<u>Article 47:</u> Responses provided to speakers at the Plenary Assembly	<u>Article 47:</u> Réponses fournies aux orateurs à l'Assemblée plénière
<u>Ingingo ya 48:</u> Ijambo umushyitsi w'Igihugu ageza ku bagize Umutwe w'Abadepite	<u>Article 48:</u> Address by an official guest to members of the Chamber of Deputies	<u>Article 48:</u> Allocution d'un invité officiel aux membres de la Chambre des députés
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imikorere y'Inama y'Abaperezida	<u>Section 2:</u> Functioning of the Conference of Chairpersons	<u>Section 2:</u> Fonctionnement de la Conférence des Présidents
<u>Ingingo ya 49:</u> Inshingano z'Inama y'Abaperezida	<u>Article 49:</u> Responsibilities of the Conference of Chairpersons	<u>Article 49:</u> Attributions de la Conférence des Présidents
<u>Ingingo ya 50:</u> Iterana ry'Inama y'Abaperezida	<u>Article 50:</u> Holding of the meeting of the Conference of Chairpersons	<u>Article 50:</u> Tenue de la réunion de la Conférence des Présidents
<u>Icyiciro cya 3:</u> Imikorere ya Biro y'Umutwe w'Abadepite	<u>Section 3:</u> Functioning of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Section 3:</u> Fonctionnement du Bureau de la Chambre des Députés
<u>Akicro ka mbere:</u> Inshingano za Biro y'Umutwe w'Abadepite, iz'abayigize n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Sub-section One:</u> Responsibilities of the Bureau of the Chamber of Deputies, those of its members and decision-making	<u>Sous-section première:</u> Attributions du Bureau de la Chambre des Députés, de ses membres et la procédure de prise de décision
<u>Ingingo ya 51:</u> Inshingano za Biro y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 51:</u> Responsibilities of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 51:</u> Attributions du Bureau de la Chambre des Députés

<u>Ingingo ya 52:</u> Inshingano za Perezida w'Umutwe w'Abadepite <u>Ingingo ya 53:</u> Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma <u>Ingingo ya 54:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe ubuyobozi n'imari <u>Ingingo ya 55:</u> Iterana ry'inama ya Biro y'Umutwe w'Abadepite n'ifatwa ry'ibyemezo <u>Akiciro ka 2:</u> Kuva mu mwanya k'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite n'isimburwa rye <u>Ingingo ya 56:</u> Impamvu zo kuva mu mwanya k'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite <u>Ingingo 57:</u> Inyandiko y'ubwegure bw'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite <u>Ingingo ya 58:</u> Gutumiza inama y'Inteko Rusange yo kwemeza ko umwanya w'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite nta Mudepite uwurimo	<u>Article 52:</u> Duties of the Speaker of the Chamber of Deputies <u>Article 53:</u> Duties of the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of parliamentary affairs <u>Article 54:</u> Duties of the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of Administration and Finance <u>Article 55:</u> Holding of the meeting of the Bureau of the Chamber of Deputies and decision-making procedures <u>Sub-section 2:</u> Termination of office of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies and his or her replacement <u>Article 56:</u> Grounds for termination of office of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies <u>Article 57:</u> Letter for the resignation of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies <u>Article 58:</u> Convening the plenary sitting to approve that the office of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies is vacant	<u>Article 52:</u> Attributions du Président de la Chambre des Députés <u>Article 53:</u> Attributions du Vice-président de la Chambre des Députés chargé des affaires parlementaires <u>Article 54:</u> Attributions du Vice-président de la Chambre des Députés chargé de l'administration et des finances <u>Article 55:</u> Tenue de la réunion du Bureau de la Chambre des Députés et modalités de prise de décisions <u>Sous-section 2:</u> Cessation des fonctions d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés et son remplacement <u>Article 56:</u> Motifs de cessation des fonctions d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés <u>Article 57:</u> Lettre de démission d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés <u>Article 58:</u> Convocation de la séance plénière pour constater la vacance du poste de membre du Bureau de la Chambre des Députés
---	--	---

<u>Ingingo ya 59:</u> Kumenyesha ko umwanya w’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite nta Mudepite uwurimo	<u>Article 59:</u> Notification of vacation of office for a member of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 59:</u> Notification de la vacance de poste d’un membre du Bureau de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 60:</u> Gukora imirimo ya buri munsu y’Umutwe w’Abadepite mu gihe babiri cyangwa bese bari bagize Biro y’Umutwe w’Abadepite bavuye mu myanya	<u>Article 60:</u> Conducting the day-to-day business of the Chamber of Deputies in case two or all members of the Bureau leave office	<u>Article 60:</u> Assurer la gestion des affaires courantes de la Chambre des Députés au cas où deux ou l’entière des membres du Bureau de la Chambre des Députés quittent leurs fonctions
<u>Ingingo ya 61:</u> Itumizwa ry’inama yo gusimbura ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite	<u>Article 61:</u> Convening of the sitting devoted to replacing a member of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 61:</u> Convocation de la séance consacrée au remplacement d’un membre du Bureau de la Chambre des Députés
<u>Icyiciro cya 4:</u> Imikorere ya Komisiyo	<u>Section 4:</u> Functioning of Committees	<u>Section 4:</u> Fonctionnement des commissions
<u>Akiciro ka mbere:</u>Inshingano za Komisiyo zihoraho	<u>Subsection One:</u> Responsibilities of Standing Committees	<u>Sous-section première:</u> Attributions des Commissions permanentes
<u>Ingingo ya 62:</u> Inshingano rusange za Komisiyo zihoraho	<u>Article 62:</u> General responsibilities of the Standing Committee	<u>Article 62:</u> Attributions générales de la commission permanente
<u>Ingingo ya 63:</u> Inshingano za Komisiyo y’Imiyoborere, Uburinganire n’Ubwuzuzanye bw’Abagabo n’Abagore	<u>Article 63:</u> Responsibilities of the Committee on Governance and Gender Affairs	<u>Article 63:</u> Attribution de la Commission de la gouvernance et de l’égalité entre les genres
<u>Ingingo ya 64:</u> Inshingano za Komisiyo y’Ubukungu n’Ubucuruzi	<u>Article 64:</u> Responsibilities of the Committee on Economy and Trade	<u>Article 64:</u> Attributions de la Commission de l’économie et du commerce
<u>Ingingo ya 65:</u> Inshingano za Komisiyo y’Uburezi, Ikoranabuhanga, Umuco, Siporo n’Urubyiruko	<u>Article 65:</u> Responsibilities of the Committee on Education, Technology, Culture, sports and Youth	<u>Article 65:</u> Attributions de la Commission de l’éducation, de la technologie, de la culture, du sport et de la jeunesse

<u>Ingingo ya 66:</u> Inshingano za Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano	<u>Article 66:</u> Responsibilities of the Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security	<u>Article 66:</u> Attributions de la Commission des affaires étrangères, de la coopération et de la sécurité
<u>Ingingo ya 67:</u> Inshingano za Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage	<u>Article 67:</u> Responsibilities of the Committee on Social Affairs	<u>Article 67:</u> Attributions de la Commission des affaires sociales
<u>Ingingo ya 68:</u> Inshingano za Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenocide:	<u>Article 68:</u> Responsibilities of the Committee on Unity, Human Rights and Fight against Genocide	<u>Article 68:</u> Attributions de la Commission de l'unité nationale, des droits de la personne et de la lutte contre le génocide
<u>Ingingo ya 69:</u> Inshingano za Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta	<u>Article 69:</u> Responsibilities of the Committee on State Budget and Patrimony	<u>Article 69:</u> Attributions de la Commission du budget et du patrimoine de l'État
<u>Ingingo ya 70:</u> Inshingano za Komisiyo y'Ubutaka, Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije	<u>Article 70:</u> Responsibilities of the Committee on Land, Agriculture, Livestock and Environment	<u>Article 70:</u> Attributions de la Commission des terres, de l'agriculture, de l'élevage et de l'environnement
<u>Ingingo ya 71:</u> Inshingano za Komisiyo ishinze gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta	<u>Article 71:</u> Responsibilities of the Public Accounts Committee	<u>Article 71:</u> Attributions de la Commission de contrôle des comptes publics
<u>Akiciro ka 2:</u> Uko Umudepite ashirwa muri Komisiyo ihoraho na manda ye	<u>Subsection 2:</u> Procedure for assigning a Deputy to a Standing Committee and his or her term of office	<u>Sous-section 2:</u> Procédure d'affecter un député à une commission permanente et son mandat
<u>Ingingo ya 72:</u> Uko Umudepite ashirwa muri Komisiyo ihoraho	<u>Article 72:</u> Procedure for assigning a Deputy to a Standing Committee	<u>Article 72:</u> Procédure d'affecter un député à une commission permanente
<u>Ingingo ya 73:</u> Manda y'ugize Komisiyo ihoraho	<u>Article 73:</u> Term of office of a member of the Standing Committee	<u>Article 73:</u> Mandat d'un membre de la commission permanente

<u>Akiciro ka 3:</u> Biro ya Komisiyo ihoraho <u>Ingingo ya 74:</u> Abagize Biro ya Komisiyo ihoraho <u>Ingingo ya 75:</u> Uko abagize Biro ya Komisiyo ihoraho batorwa <u>Ingingo ya 76:</u> Kuyobora Komisiyo ihoraho umwe cyangwa bombi mu bagize Biro yayo badahari <u>Ingingo ya 77:</u> Manda y’abagize Biro ya Komisiyo ihoraho <u>Ingingo ya 78:</u> Uko abagize Biro ya Komisiyo ihoraho basimbura <u>Akiciro ka 4:</u> Ingingo zihuriweho na Komisiyo zose <u>Ingingo ya 79:</u> Inshingano za Biro ya Komisiyo n’uko bafata ibyemezo <u>Ingingo ya 80:</u> Inshingano za Perezida wa Komisiyo <u>Ingingo ya 81:</u> Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo <u>Ingingo ya 82:</u> Itumizwa ry’inama ya Komisiyo	<u>Sous section 3:</u> Bureau of the Standing Committee <u>Article 74:</u> Members of the bureau of the standing committee <u>Article 75:</u> Election of members of the bureau of the Standing Committee <u>Article 76:</u> Heading the Standing Committee in case of absence of one or both members of the bureau <u>Article 77:</u> Term of office for members of the bureau of the Standing Committee <u>Article 78:</u> Modalities for the replacement of members of the bureau of the Standing Committee <u>Subsection 4:</u> Common provisions to all Committees <u>Article 79:</u> Responsibilities of the Committee bureau and modalities for decision-making <u>Article 80:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Committee <u>Article 81:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Committee <u>Article 82:</u> Convening of Committee meeting	<u>Sous-section 3:</u> Bureau de la commission permanente <u>Article 74:</u> Membres du bureau de la commission permanente <u>Article 75:</u> Élection des membres du bureau de la commission permanente <u>Article 76:</u> Présider la commission permanente en cas d’absence de l’un ou de deux des membres de son bureau <u>Article 77:</u> Mandat des membres du bureau de la commission permanente <u>Article 78:</u> Modalités de remplacement des membres du bureau de la commission permanente <u>Sous-section 4:</u> Dispositions communes à toutes les commissions <u>Article 79:</u> Attributions du bureau de commission et modalités de prise de décisions <u>Article 80:</u> Attributions du président de commission <u>Article 81:</u> Attributions du vice-président de commission <u>Article 82:</u> Convocation de la réunion de commission
--	---	---

<u>Ingingo ya 83:</u> Amasaha y'imirimo ya Komisiyo ihoraho <u>Ingingo ya 84:</u> Iterana ry'inama za Komisiyo zirenze imwe na raporo yayo <u>Ingingo ya 85:</u> Ubutumire mu nama ya Komisiyo ihoraho <u>Ingingo ya 86:</u> Uko Umudepite yitabira imirimo y'inama ya Komisiyo ihoraho atashyizwemo. <u>Ingingo ya 87:</u> Uko uwatangije umushinga w'itegeko awukurikirana muri Komisiyo <u>Ingingo ya 88:</u> Uwandika ubutumire n'igihe bugerezwa ku watumwe muri Komisiyo <u>Ingingo ya 89:</u> Ilisiti y'Abitabiriye inama ya Komisiyo <u>Ingingo ya 90:</u> Umubare wa ngombwa kugira ngo Komisiyo itangire imirimo yayo <u>Ingingo ya 91:</u> Ihame ry'uko inama ya Komisiyo ihoraho ibera mu ruhame <u>Ingingo ya 92:</u> Inama ya Komisiyo ihoraho abaturage bahabwamo ijamba n'uburyo bikorwamo	<u>Article 83:</u> Working hours for the Standing Committee <u>Article 84:</u> Joint Committee meeting and its report <u>Article 85:</u> Invitation to the meeting of the Standing Committee <u>Article 86:</u> Procedure for a Deputy to attend the meeting of a Standing Committee of which he or she is not a member <u>Article 87:</u> Follow-up on a bill by the initiator at the Committee level <u>Article 88:</u> The inviter and deadline for submitting the invitation to the invitee to the Committee sitting <u>Article 89:</u> List of participants to the Committee meeting <u>Article 90:</u> Quorum required for the start of the Committee's work <u>Article 91:</u> Principle of opening the standing committee meeting to the public <u>Article 92:</u> Meeting of the Standing Committee offering the floor to the public and related procedure	<u>Article 83:</u> Heures de travail de la commission permanente <u>Article 84:</u> Réunion conjointe de commissions et son rapport <u>Article 85:</u> Invitation à la réunion de la commission permanente <u>Article 86:</u> Procédure pour la participation d'un député à la réunion d'une commission permanente dont il n'est pas membre <u>Article 87:</u> Suivi d'un projet de loi par son initiateur au niveau de la commission <u>Article 88:</u> L'invitant et le délai d'envoi de l'invitation à l'invité à la session de la commission <u>Article 89:</u> Liste des participants à la réunion de la commission <u>Article 90:</u> Quorum requis pour le début des travaux de la commission <u>Article 91:</u> Principe d'ouverture au public de la réunion de la commission permanente <u>Article 92:</u> Réunion de la commission permanente donnant la parole au public et les procédures y afférentes
--	---	--

<u>Ingingo ya 93:</u> Aho inama ya Komisiyo ibera n'icyumba ikoreramo	<u>Article 93:</u> Venue and room for Committee meetings	<u>Article 93:</u> Lieu et salle des réunions de la commission
<u>Ingingo ya 94:</u> Ifatwa ry'icyemezo mu nama ya Komisiyo	<u>Article 94:</u> Procedure for decision making during the meeting of the Committee	<u>Article 94:</u> Procédure de prise de décisions au cours de la réunion de la commission
<u>Ingingo ya 95:</u> Itsinda ry'Abadepite mu bagize Komisiyo	<u>Article 95:</u> Subcommittee	<u>Article 95:</u> Sous-commission
<u>Ingingo ya 96:</u> Raporo ya Komisiyo ihoraho	<u>Article 96:</u> Committee report	<u>Article 96:</u> Rapport de commission
<u>Ingingo ya 97:</u> Gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta muri Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano	<u>Article 97:</u> Consideration of the draft State budget proposal in the relevant standing committee	<u>Article 97:</u> Examen de l'avant-projet de budget national par la commission permanente concernée
<u>Ingingo ya 98:</u> Gucunga inyandiko n'andi madosiye bya Komisiyo	<u>Article 98:</u> Management of the records and other files of the Committee	<u>Article 98:</u> Gestion des documents et autres dossiers de la commission
<u>Akiciro ka 4:</u> Komisiyo idasanzwe	<u>Subsection 4:</u> Ad hoc Committee	<u>Sous-section 4:</u> Commission spéciale
<u>Ingingo ya 99:</u> Ishyirwaho rya Komisiyo idasanzwe	<u>Article 99:</u> Establishment of Ad hoc Committee	<u>Article 99:</u> Constitution d'une commission spéciale
<u>Ingingo ya 100:</u> Itorwa ry'abagize Komisiyo idasanzwe	<u>Article 100:</u> Election of members of Ad hoc Committee	<u>Article 100:</u> Élection des membres de la commission spéciale
<u>Ingingo 101:</u> Imikorere ya Komisiyo idasanzwe	<u>Article 101:</u> Functioning of Ad hoc Committee	<u>Article 101:</u> Fonctionnement de la commission spéciale
<u>Ingingo ya 102:</u> Uko ugize Komisiyo idasanzwe asimburwa	<u>Article 102:</u> Modalities for the replacement of a member of an Ad hoc Committee	<u>Article 102:</u> Modalités de remplacement d'un membre d'une commission spéciale

<u>Ingingo 103:</u> Irangira ry'imirimo ya Komisiyo idasanzwe	<u>Article 103:</u> End of the mandate of Ad hoc Committee	<u>Article 103:</u> Fin du mandat d'une commission spéciale
<u>Icyiciro cya 5:</u> Imikorere ya Komite	<u>Section 5:</u> Functioning of the Committee	<u>Section 5:</u> Fonctionnement du Comité
<u>Ingingo ya 104:</u> Ishyirwaho ry'abagize Komite na manda yabo	<u>Article 104:</u> Designation of members of the Committee and their term of office	<u>Article 104:</u> Désignation des membres du Comité et leur mandat
<u>Ingingo ya 105:</u> Biro ya Komite	<u>Article 105:</u> Bureau of the Committee	<u>Article 105:</u> Bureau du comité
<u>Ingingo ya 106:</u> Inshingano za Komite	<u>Article 106:</u> Responsibilities of the Committee	<u>Article 106:</u> Attributions du Comité
<u>Ingingo ya 107:</u> Imikorere ya Komite	<u>Article 107:</u> Functioning of the Committee	<u>Article 107:</u> Fonctionnement du Comité
<u>Ingingo ya 108:</u> Isuzumwa ry'ikibazo cy'Umudepite muri Komite	<u>Article 108:</u> Consideration of an issue concerning a Deputy in the Committee	<u>Article 108:</u> Examen d'une question concernant un député dans le Comité
<u>Ingingo ya 109:</u> Iterana ry'inama ya Komite	<u>Article 109:</u> Holding of the Committee meetings	<u>Article 109:</u> Tenue des réunions du Comité
<u>Ingingo ya 110:</u> Ubwigenge bwa Komite n'ifatwa ry'imyanzuro	<u>Article 110:</u> Independence of and decision-making by the Committee	<u>Article 110:</u> Indépendance et prise de décisions du Comité
<u>Ingingo ya 111:</u> Kwitabira inama y'Inama y'Abaperezida kw'abagize Biro ya Komite	<u>Article 111:</u> Participation of members of the Bureau of the Committee in the meeting of the Conference of Chairpersons	<u>Article 111:</u> Participation des membres du Bureau du Comité à la réunion de la Conférence des Présidents
<u>Icyiciro cya 6:</u> Imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite	<u>Section 6:</u> Functioning of the Office of the Clerk of the Chamber of Deputies	<u>Section 6:</u> Fonctionnement du Secrétariat général de la Chambre des députés
<u>Ingingo ya 112:</u> Inshingano z'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 112:</u> Responsibilities of the Office of the Clerk of the Chamber of Deputies	<u>Article 112:</u> Attributions du Secrétariat général de la Chambre des Députés

<u>Ingingo ya 113:</u> Ishyirwaho ry'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 113:</u> Establishment of the organisational structure of the Chamber of Deputies	<u>Article 113:</u> Établissement du cadre organique de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 114:</u> Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 114:</u> Duties of the Clerk of the Chamber of Deputies	<u>Article 114:</u> Attributions du Secrétaire général de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 115:</u> Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru Wungirije w'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 115:</u> Duties of the Deputy Clerk of the Chamber of Deputies	<u>Article 115:</u> Attributions du Secrétaire général adjoint de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 116:</u> Ikimenyetso kiranga abakozi b'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 116:</u> Badge identifying members of staff of the Chamber of Deputies	<u>Article 116:</u> Insigne identifiant les membres du personnel de la Chambre des Députés
<u>Icyiciro cya 7:</u> Amahuriro y'Abadepite	<u>Section 7:</u> Networks or forums of Deputies	<u>Section 7:</u> Réseaux ou fora des députés
<u>Ingingo ya 117:</u> Ishyirwaho ry'Ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga	<u>Article 117:</u> Establishment of a network or a forum or a national chapter of an international parliamentary network or forum	<u>Article 117:</u> Création d'un réseau ou d'un forum ou d'une section d'un réseau ou forum parlementaire international
<u>Ingingo ya 118:</u> Amategeko shingiro y'ihuriro n'ay'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga	<u>Article 118:</u> Statutes of a forum or a network or a national chapter of an international parliamentary network or forum	<u>Article 118:</u> Statuts d'un forum ou d'un réseau or d'une section d'un réseau ou forum parlementaire international
<u>Ingingo ya 119:</u> Kureberera ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga n'imikoreshereze y'umutungo waryo	<u>Article 119:</u> Supervision of a forum or a network or a national chapter of an international parliamentary network or forum and use of its property	<u>Article 119:</u> Supervision d'un forum ou d'un réseau ou d'une section nationale d'un réseau ou forum parlementaire international et utilisation de son patrimoine
<u>Ingingo ya 120:</u> Inama ya mbere y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga	<u>Article 120:</u> First meeting of a forum or a network or a chapter of an international parliamentary network	<u>Article 120:</u> Première réunion d'un forum ou d'un réseau ou d'une section d'un réseau ou forum parlementaire international

<u>Ingingo ya 121:</u> Imikorere y'ihuriro n'iy'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga	<u>Article 121:</u> Functioning of a forum and a chapter of an international parliamentary network	<u>Article 121:</u> Fonctionnement d'un réseau ou forum et d'une section d'un réseau ou forum parlementaire international
<u>Ingingo ya 122:</u> Gahunda na raporo by'ibikorwa by'ihuriro n'iby'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga by'Abadepite	<u>Article 122:</u> Action plan and activity report of a Deputies' forum and a section of an international parliamentary network of deputies	<u>Article 122:</u> Plan d'action et rapport d'activités d'un réseau ou forum et d'une section d'un réseau ou forum parlementaire international des députés
<u>Ingingo ya 123:</u> Gusesa Ihuriro ry'Abadepite cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga	<u>Article 123:</u> Dissolution of a Deputies' network or forum or section of an international network or forum	<u>Article 123:</u> Dissolution d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international des députés
<u>Icyiciro cya 8:</u> Itsinda ry'ubucuti ry'Abadepite	<u>Section 8:</u> Friendship group of Deputies	<u>Section 8:</u> Groupe d'amitié des députés
<u>Ingingo ya 124:</u> Kwemera ishyirwaho ry'itsinda ry'ubucuti, abarigize, ubuyobozi na manda	<u>Article 124:</u> Adoption of an establishment of a friendship group, its members, its leaders and term of office	<u>Article 124:</u> Adoption de l'établissement d'un groupe d'amitié, ses membres, ses dirigeants et mandat
<u>Ingingo ya 125:</u> Inshingano z'itsinda ry'ubucuti	<u>Article 125:</u> Responsibilities of a friendship group	<u>Article 125:</u> Attributions d'un groupe d'amitié
<u>UMUTWE WA IV:</u> IBIHEMBWE BY'UMUTWE W'ABADEPITE N'IFATWA RY'IBYEMEZO	<u>CHAPTER IV:</u> SESSIONS OF THE CHAMBER OF DEPUTIES AND ADOPTION OF RESOLUTIONS	<u>CHAPITRE IV:</u> SESSIONS DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS ET ADOPTION DES RÉOLUTIONS
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibihembwe by'Umutwe w'Abadepite	<u>Section One:</u> Sessions of the Chamber of Deputies	<u>Section première:</u> Sessions de la Chambre des Députés
<u>Akicro ka mbere:</u> Ibihembwe bisanzwe by'Umutwe w'Abadepite	<u>Subsection One:</u> Ordinary sessions of the Chamber of Deputies	<u>Sous-section première:</u> Sessions ordinaires de la Chambre des Députés

<u>Ingingo ya 126:</u> Amatariki yo gutangiza no gusoza ibihembwe bisanzwe	<u>Article 126:</u> Start and end dates of ordinary sessions	<u>Article 126:</u> Dates d'ouverture et de clôture des sessions ordinaires
<u>Ingingo ya 127:</u> Itumirwa ry'Abadepite mu gihembwe gisanzwe	<u>Article 127:</u> Invitation of Deputies to ordinary session	<u>Article 127:</u> Invitation des députés à la session ordinaire
<u>Ingingo ya 128:</u> Kwemeza gahunda y'ibygwa mu gihembwe gisanzwe	<u>Article 128:</u> Adoption of the agenda of the ordinary session	<u>Article 128:</u> Adoption de l'ordre du jour de la session ordinaire
<u>Ingingo ya 129:</u> Umuhango wo gusoza igihembwe	<u>Article 129</u> Closing ceremony of the session	<u>Article 129:</u> Cérémonie de clôture de la session
<u>Akicro ka 2:</u> Ibihembwe bidasanze by'Umutwe w'Abadepite	<u>Subsection 2:</u> Extraordinary sessions of the Chamber of Deputies	<u>Sous-section 2:</u> Sessions extraordinaires de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 130:</u> Gutumiza igihembwe kidasanzwe, ibisuzumirwamo n'igihe kimara	<u>Article 130:</u> Convening of an extraordinary session, issues considered therein and its duration	<u>Article 130:</u> Convocation d'une session extraordinaire, questions qui y sont traitées et sa durée
<u>Ingingo ya 131:</u> Itumizwa na gahunda by'igihembwe kidasanzwe	<u>Article 131:</u> Convening and agenda of an extraordinary session	<u>Article 131:</u> Convocation et ordre du jour d'une session extraordinaire
<u>Ingingo ya 132:</u> Ikiruhuko cy'Abadepite	<u>Article 132:</u> Vacation of Deputies	<u>Article 132:</u> Vacances des députés
<u>Icyicro cya 2:</u> Uburyo bwo kugaragaza ifatwa ry'ibyemezo	<u>Section 2:</u> Way of expressing decisions	<u>Section 2:</u> Mode d'expression des décisions
<u>Ingingo ya 133:</u> Gufata ibyemezo biciye mu majwi	<u>Article 133:</u> Taking decisions through voting	<u>Article 133:</u> Prise de décisions par voie de vote

<u>Ingingo ya 134:</u> Gutora hahamagarwa izina ry'Umudepite	<u>Article 134:</u> Roll-call voting	<u>Article 134:</u> Vote par appel nominal
<u>Ingingo ya 135:</u> Isubirwamo ry'itora mu Nteko Rusange	<u>Article 135:</u> Retaking the voting in the Plenary Assembly	<u>Article 135:</u> Reprise du vote à l'Assemblée plénière
<u>Ingingo ya 136:</u> Amatora areba Umudepite ku giti cye	<u>Article 136:</u> Vote concerning an individual Deputy	<u>Article 136:</u> Vote concernant un député individuellement
<u>Ingingo ya 137:</u> Imiterere y'urupapuro rw'itora	<u>Article 137:</u> Ballot paper format	<u>Article 137:</u> Format du bulletin de vote
<u>Ingingo ya 138:</u> Ibarura ry'impapuro z'itora n'iry'amajwi	<u>Article 138:</u> Counting of ballot papers and votes	<u>Article 138:</u> Dépouillement des bulletins de vote et des voix
<u>Ingingo ya 139:</u> Gukemura ikibazo gishingiye ku ibarura ry'impapuro z'itora cyangwa ibarura ry'amajwi	<u>Article 139:</u> Resolution of the issue pertaining to the counting of ballot papers or the counting of votes	<u>Article 139:</u> Résolution d'une question relative au dépouillement des bulletins de vote ou au dépouillement des voix
<u>Ingingo ya 140:</u> Ibanga ry'itora no gukuraho impapuro zatoreweho	<u>Article 140:</u> Secrecy of the vote and withdrawal of ballot papers	<u>Article 140:</u> Secret du vote et retrait des bulletins de vote
<u>Ingingo ya 141:</u> Ijwi ry'Umudepite mu gihe cyo gutora	<u>Article 141:</u> Vote of a Deputy during the voting	<u>Article 141:</u> Voix d'un député lors du vote
<u>Ingingo ya 142:</u> Uburyo bw'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 142:</u> Decision-making procedures	<u>Article 142:</u> Modalités de prise de décisions
<u>UMUTWE WA V: INZIRA ZO KWEMEZA UMUSHINGA W'ITEGEKO</u>	<u>CHAPTER V: PROCEDURES FOR THE ADOPTION OF A DRAFT LAW OR A PRIVATE MEMBER'S BILL</u>	<u>CHAPITRE V: PROCÉDURES D'ADOPTION D'UN PROJET OU D'UNE PROPOSITIONS DE LOI</u>

<u>Icyiciro cya mbere:</u> Gushyikiriza Umutwe w'Abadepite umushinga w'itegeko no kwemeza ishingiro ryawo <u>Ingingo ya 143:</u> Uburenganzira bwo gutangiza no guhindura amategeko <u>Ingingo ya 144:</u> Gushyikiriza Umutwe w'Abadepite umushinga w'itegeko <u>Ingingo ya 145:</u> Gutera inkunga Umudepite wifuza gutangiza umushinga w'itegeko <u>Ingingo ya 146:</u> Uburyo Umutwe w'Abadepite ushyikirizwa umushinga w'itegeko ngenga rigena imikorere ya Sena <u>Ingingo ya 147:</u> Gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko <u>Icyiciro cya 2:</u> Gusuzuma umushinga w'itegeko muri Komisiyo <u>Ingingo ya 148:</u> Gushyikiriza Komisiyo ihoraho umushinga w'itegeko <u>Ingingo ya 149:</u> Gushyikiriza Komisiyo ihoraho ubugororangingo <u>Ingingo ya 150:</u> Gutanga ibisobanuro n'ibitekerezo ku mushinga w'itegeko muri Komisiyo ihoraho	<u>Section One:</u> Transmission of a draft law or a private member's bill to the Chamber of Deputies and approval of their merits <u>Article 143:</u> Right to initiate and amend laws <u>Article 144:</u> Submission of a draft law or a private member's bill to the Chamber of Deputies <u>Article 145:</u> Support to a Deputy wishing to initiate a private member's bill <u>Article 146:</u> Procedure for the transmission to the Chamber of Deputies of the draft organic law determining the functioning of the Senate <u>Article 147:</u> Consideration of the relevance of a draft law or a private member's bill <u>Section 2:</u> Consideration of a draft law or a private member's bill in Committee <u>Article 148:</u> Transmission of a draft law or a private member's bill to the Standing Committee <u>Article 149:</u> Transmission of amendments to the Standing Committee <u>Article 150:</u> Providing explanations and opinions on a draft law or private member's bill in a Standing Committee	<u>Section première:</u> Transmission d'un projet ou d'une proposition de loi à la Chambre des Députés et approbation de leur opportunité <u>Article 143:</u> Droit d'initiative et de modification des lois <u>Article 144:</u> Transmission à la Chambre des Députés d'un projet ou d'une proposition de loi <u>Article 145:</u> Appui à un député souhaitant initier une proposition de loi <u>Article 146:</u> Procédure de transmission de la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat à la Chambre des Députés <u>Article 147:</u> Examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi <u>Section 2:</u> Examen d'un projet ou d'une proposition de loi en commission <u>Article 148:</u> Transmission d'un projet ou d'une proposition de loi à la commission permanente <u>Article 149:</u> Transmission des amendements à la commission permanente <u>Article 150:</u> Fournir des explications et des avis sur un projet ou proposition de loi en commission permanente
---	--	---

<u>Icyiciro cya 3:</u> Kwemeza umushinga w'itegeko mu Nteko Rusange <u>Ingingo ya 151:</u> Gushyikiriza Abadepite raporo n'umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo ihoraho uhinduye mu ndimi <u>Ingingo ya 152:</u> Kwemeza raporo ya Komisiyo ihoraho mu Nteko Rusange <u>Ingingo ya 153:</u> Impaka zigibwa ku mushinga w'itegeko mu Nteko Rusange <u>Ingingo ya 154:</u> Uburyo bukurikizwa mu gutora irangashingiro n'ingingo by'umushinga w'itegeko byakorewe ubugororangingo <u>Ingingo ya 155:</u> Itorwa ry'ingingo z'umushinga w'itegeko n'iry'itegeko ryose <u>Ingingo ya 156:</u> Ikibazo kigaragaye mu itegeko ryamaze gutorwa <u>Ingingo ya 157:</u> Gusaba gusubirana umushinga w'itegeko <u>Ingingo ya 158:</u> Gusubiza umushinga w'itegeko uwawutangije	<u>Section 3:</u> Adoption of a draft law or private member's bill in the plenary sitting <u>Article 151:</u> Transmission to Deputies of the report on a draft law or private member's bill after consideration thereof by the Standing Committee and the translated draft law or private member's bill <u>Article 152:</u> Adoption of the Standing Committee report in the plenary sitting <u>Article 153:</u> Debates on a draft law or private member's bill in the plenary sitting <u>Article 154:</u> Procedure for voting on the preamble and articles of a draft law or private member's bill having been subject to amendments <u>Article 155:</u> Voting on the articles of a draft law or private member's bill and on the entire law <u>Article 156:</u> Issue identified after adoption of a law <u>Article 157:</u> Request for withdrawal of a draft law or private member's bill <u>Article 158:</u> Referring a draft law or private member's bill back to its initiator	<u>Section 3:</u> Adoption d'un projet ou d'une proposition de loi dans la séance plénière <u>Article 151:</u> Transmission aux députés du rapport sur un projet ou une proposition de loi après examen par la commission permanente ainsi que du projet ou de la proposition de loi traduit <u>Article 152:</u> Adoption du rapport de la commission permanente en séance plénière <u>Article 153:</u> Débats sur un projet ou une proposition de loi en séance plénière <u>Article 154:</u> Procédure de vote du préambule et des articles d'un projet ou d'une proposition de loi ayant fait l'objet d'amendements <u>Article 155:</u> Vote des articles d'un projet ou d'une proposition de loi et de l'ensemble de la loi <u>Article 156:</u> Question identifié après l'adoption d'une loi <u>Article 157:</u> Demande de retrait d'un projet ou d'une proposition de loi <u>Article 158:</u> Renvoi d'un projet ou d'une proposition de loi à son initiateur
--	--	---

<u>Ingingo ya 159:</u> Iyoherezwa ry'imishinga y'amategeko yatowe n'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 159:</u> Transmission of draft laws or private member's bills adopted by the Chamber of Deputies	<u>Article 159:</u> Transmission des projets ou propositions de loi adoptés par la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 160:</u> Gushyingura inyandiko mvugo n'inyandiko ivunaguye z'itegeko ryasabiwe gutangazwa	<u>Article 160:</u> Archiving of minutes and verbatim reports for a Law transmitted for publication	<u>Article 160:</u> Archivage des procès-verbaux et comptes rendus d'une loi transmise pour publication
<u>Ingingoya 161:</u> Gukurikirana ko itegeko ryatangajwe rihuye n'iryatowe n'Inteko Rusange	<u>Article 161:</u> Ensuring conformity of a published law with the version voted by the Plenary Assembly	<u>Article 161:</u> S'assurer qu'une loi publiée est conforme à celle votée par l'Assemblée plénière
<u>Ingingo ya 162:</u> Gusubiramo itegeko bisabwe na Perezida wa Repubulika	<u>Article 162:</u> Second reading of a law at the request of the President of the Republic	<u>Article 162:</u> Deuxième lecture d'une loi à la demande du Président de la République
<u>Ingingo ya 163:</u> Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ritangijwe n'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 163:</u> Initiating the revision of the Constitution by the Chamber of Deputies	<u>Article 163:</u> Initiation de la révision de la Constitution par la Chambre des Députés
<u>Icyiciro cya 4:</u> Gusuzuma umushinga w'itegeko wihutirwa	<u>Section 4:</u> Expedited procedure for the consideration of a draft law or private member's bill	<u>Section 4:</u> Procédure accélérée pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi
<u>Ingingo ya 164:</u> Gusaba ko umushinga w'itegeko usuzumwa ku buryo bwihuse	<u>Article 164:</u> Request for an expedited consideration of a draft law or private member's bill	<u>Article 164:</u> Demande de procédure accélérée pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi
<u>Ingingo ya 165:</u> Gusuzuma no kwemeza umushinga w'itegeko utanyuze muri Komisiyo ihoraho	<u>Article 165:</u> Consideration of a draft law or a private member's bill without passing through the Standing Committee	<u>Article 165:</u> Examen d'un projet ou d'une proposition de loi sans passer par la commission permanente
<u>Icyiciro cya 5:</u> Iyemezwa ry'itegeko-teka	<u>Section 5:</u> Confirmation of a decree-law	<u>Section 5:</u> Confirmation d'un décret-loi

<u>Ingingo ya 166:</u> Itegurwa n'iyemezwa ry'itegeko ryemeza itegeko-teka UMUTWE WA VI: UBUTUMWA BW'ABADEPITE IMBERE MU GIHUGU CYANGWA MU MAHANGA <u>Icyiciro cya mbere:</u> Ubutumwa bw'Abadepite imbere mu Gihugu <u>Ingingo ya 167:</u> Gusura abaturage <u>Ingingo ya 168:</u> Raporo z'ubutumwa bw'Abadepite <u>Icyiciro cya 2:</u> Ubutumwa bw'Abadepite mu mahanga <u>Ingingo ya 169:</u> Kwemeza Abadepite bajya mu butumwa mu mahanga <u>Ingingo ya 170:</u> Urwandiko rw'ubutumwa ruhabwa Umudepite ugiye mu butumwa mu mahanga <u>Ingingo ya 171:</u> Raporo y'ubutumwa mu mahanga UMUTWE WA VII: IMIRIMO ITABANGIKANYWA N'UW'UBUDEPITE	<u>Article 166:</u> Drafting and adoption of a law confirming a decree-law CHAPTER VI: MISSION OF DEPUTIES INSIDE THE COUNTRY OR ABROAD <u>Section One:</u> Mission of Deputies inside the Country <u>Article 167:</u> Visits to the population <u>Article 168:</u> Deputies' mission reports <u>Section 2:</u> Mission of Deputies abroad <u>Article 169:</u> Designation of Deputies going on a mission abroad <u>Article 170:</u> Travel clearance issued to a Deputy going on a mission abroad <u>Article 171:</u> Mission abroad report CHAPTER VII: OFFICES INCOMPATIBLE WITH THE OFFICE OF DEPUTY	<u>Article 166:</u> Rédaction et adoption d'une loi portant confirmation d'un décret-loi CHAPITRE VI: MISSION DES DÉPUTÉS À L'INTÉRIEUR DU PAYS OU À L'ÉTRANGER <u>Section première:</u> Mission des députés à l'intérieur du pays <u>Article 167:</u> Visites à la population <u>Article 168:</u> Rapports de mission des députés <u>Section 2:</u> Mission des députés à l'étranger <u>Article 169:</u> Désignation des députés partant en mission à l'étranger <u>Article 170:</u> Ordre de mission délivré à un député qui part en mission à l'étranger <u>Article 171:</u> Rapport d'une mission à l'étranger CHAPITRE VII: FONCTIONS INCOMPATIBLES AVEC LA FONCTION DE DÉPUTÉ
---	--	---

<u>Ingingo ya 172:</u> Imirimo itabangikanywa n'uw'Ubudepite	<u>Article 172:</u> Offices incompatible with the office of Deputy	<u>Article 172:</u> Fonctions incompatibles avec la fonction de député
<u>Ingingo ya 173:</u> Kwegura ku murimo utabangikanywa n'uw'ubudepite	<u>Article 173:</u> resignation from offices incompatible with the office of Deputy	<u>Article 173:</u> Démission des fonctions incompatibles avec la fonction de député
<u>UMUTWE WA VIII: INDANGAGACIRO N'UBUDAHANGARWA BY'UMUDEPITE</u>	<u>CHAPTER VIII: PARLIAMENTARY ETHICS AND IMMUNITY</u>	<u>CHAPITRE VIII: ÉTHIQUE ET IMMUNITÉ PARLEMENTAIRES</u>
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Indangagaciro z'Umudepite	<u>Section one:</u> Parliamentary ethics	<u>Section première:</u> Éthique parlementaire
<u>Ingingo ya 174:</u> Ubwangamugayo bw'Umudepite	<u>Article 174:</u> Integrity of a Deputy	<u>Article 174:</u> Intégrité d'un député
<u>Ingingo ya 175:</u> Icyemezo gifatirwa Umudepite ubuza ituze mu nama	<u>Article 175:</u> Measure taken against a Deputy disrupting order in a sitting	<u>Article 175:</u> Mesure prise contre un député qui trouble l'ordre dans une séance
<u>Ingingo ya 176:</u> Ihagarikwa n'isubukurwa ry'imirimo y'Inteko Rusange kubera imyitwarire inyuranye n'isabwa mu Nteko Rusange	<u>Article 176:</u> Suspension and resumption of the proceedings of the Plenary Assembly as a result of conduct contrary to that required in the plenary sitting	<u>Article 176:</u> Suspension et reprise des travaux de l'Assemblée Plénière pour cause d'un comportement contraire à celui requis dans la séance plénière
<u>Ingingo ya 177:</u> Imbabazi ku Mudepite wahejwe by'agateganyo	<u>Article 177:</u> Forgiveness granted to a temporarily expelled Deputy	<u>Article 177:</u> Clémence accordée à un député temporairement exclu
<u>Ingingo ya 178:</u> Ibyemezo bifatirwa Umudepite wagize imyitwarire n'imyifatire binyuranyije n'ubwangamugayo	<u>Article 178:</u> Measures against Deputies with the conduct and discipline contrary to integrity	<u>Article 178:</u> Mesures contre un député ayant été caractérisé par une conduite ou une discipline contraire à l'intégrité
<u>Ingingo ya 179:</u> Kwirukanwa k'Umudepite mu Mutwe w'Abadepite	<u>Article 179:</u> Expulsion of a Deputy from the Chamber of Deputies	<u>Article 179:</u> Exclusion d'un député de la Chambre des Députés

<u>Ingingo ya 180:</u> Kumenyekanisha umutungo	<u>Article 180:</u> Declaration of assets	<u>Article 180:</u> Déclaration de patrimoine
<u>Ingingo ya 181:</u> Kumenyekanisha inyungu bwite	<u>Article 181:</u> Declaration of interest	<u>Article 181:</u> Déclaration d'un intérêt
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubudahangarwa bw'Umudepite	<u>Section 2:</u> Parliamentary immunity	<u>Section 2:</u> Immunité parlementaire
<u>Ingingo ya 182:</u> Ibihe Umudepite adakurikiranwamo	<u>Article 182:</u> Cases where a Deputy is not prosecuted	<u>Article 182:</u> Cas où un député ne fait pas l'objet de poursuites
<u>Ingingo ya 183:</u> Ikarita y'ubudahangarwa	<u>Article 183:</u> Immunity card	<u>Article 183:</u> Carte d'immunité
<u>Ingingo ya 184:</u> Ubusabe bwo gukurikirana Umudepite	<u>Article 184:</u> Seeking authorization to prosecute a Deputy	<u>Article 184:</u> Demande d'autorisation de la poursuite judiciaire d'un député
<u>Ingingo ya 185:</u> Igihe Inteko Rusange isuzumira ubusabe bw'Umushinjacyaha Mukuru	<u>Article 185:</u> Time for the Plenary Assembly to consider the request of the Prosecutor General	<u>Article 185:</u> Moment d'examen de la demande du procureur général par l'Assemblée plénière
<u>Icyiciro cya 3:</u> Kurinda Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko no kutavogera imyanya yagenewe ibyicar by'Abadepite	<u>Section 3:</u> Safety of Parliament building and inviolability of the place for seats reserved for Deputies	<u>Section 3:</u> Sécurité du Palais du Parlement et inviolabilité du lieu des sièges réservés aux députés
<u>Ingingo ya 186:</u> Kutavogerwa no kurindwa kw'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 186:</u> Inviolability and safety of Parliament building	<u>Article 186:</u> Inviolabilité et sécurité du palais du Parlement
<u>Ingingo ya 187:</u> Kwinjira mu myanya yagenewe ibyicar by'Abadepite	<u>Article 187:</u> Moving between seats reserved for Deputies	<u>Article 187:</u> Circulation entre les sièges réservés aux députés
<u>Ingingo ya 188:</u> Ikoreshwa ry'imiryango y'icyumba cy'Inteko Rusange	<u>Article 188:</u> Use of entrances of the Plenary Hall	<u>Article 188:</u> Utilisation des portes de la salle plénière

<u>Ingingo ya 189:</u> Imyifatire y’abari mu cyumba cy’Inteko Rusange <u>Ingingo ya 190:</u> Gufatira icyemezo umuntu utari Umudepite ubuza ituze <u>UMUTWE WA IX:</u> IKIBAZO CYANGWA ICYIFUZO CY’ABATURAGE GISHYIKIRIZWA UMUTWE W’ABADEPITE <u>Ingingo ya 191:</u> Ikibazo cy’umuturage <u>Ingingo ya 192:</u> Icyifuzo cy’abaturage kireba inyungu rusange <u>Ingingo 193:</u> Gushyikiriza ikibazo cyangwa icyifuzo cy’umuturage Komisiyo ihoraho cyangwa Inama y’Abaperezida <u>Ingingo ya 194:</u> Kumenyesha umwanzuro w’Inteko Rusange ku kibazo cyangwa icyifuzo cy’umuturage cyasuzumwe mu Nteko Rusange <u>Ingingo ya 195:</u> Kumenyesha umwanzuro ku kibazo cyangwa icyifuzo cy’umuturage kitagejewe mu Nteko Rusange	<u>Article 189:</u> Conduct of persons inside the Plenary Hall <u>Article 190:</u> Taking a decision against a person other than a Deputy who disrupts order <u>CHAPTER IX:</u> REQUEST OR PETITION ADDRESSED TO THE CHAMBER OF DEPUTIES <u>Article 191:</u> Public request <u>Article 192:</u> Public petition <u>Article 193:</u> Submitting a public request or a public petition to Standing Committee or the Conference of Chairpersons <u>Article 194:</u> Notification of a resolution of the Plenary Assembly on a public request or a public petition considered in the Plenary sitting <u>Article 195:</u> Notification of a resolution on a public request or a public petition not submitted to the Plenary Assembly	<u>Article 189:</u> Conduite des personnes se trouvant dans la salle plénière <u>Article 190:</u> Prendre une décision contre une personne autre qu’un député qui trouble l’ordre <u>CHAPITRE IX:</u> REQUÊTE OU PÉTITION ADRESSÉE À LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS <u>Article 191:</u> Requête publique <u>Article 192:</u> Pétition publique <u>Article 193:</u> Soumettre une requête publique ou une pétition publique à la Commission permanente ou à la Conférence des Présidents <u>Article 194:</u> Notification d’une résolution de l’Assemblée plénière sur une requête publique ou une pétition publique examinée en séance plénière <u>Article 195:</u> Notification d’une résolution sur une requête publique ou une pétition publique non-soumises à l’Assemblée plénière
--	--	---

UMUTWE WA X: IMIKORANIRE Y'UMUTWE W'ABADEPITE NA SENA	CHAPTER X: RELATIONS BETWEEN THE CHAMBER OF DEPUTIES AND THE SENATE	CHAPITRE X: RELATIONS ENTRE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS ET LE SÉNAT
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imirimo ihuza imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Section One:</u> Joint activities of the Chambers of Parliament	<u>Section première:</u> Activités conjointes des Chambres du Parlement
<u>Ingingo ya 196:</u> Iterana ry'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 196:</u> Holding joint sittings of the Chambers of Parliament	<u>Article 196:</u> Tenue des séances conjointes des Chambres du Parlement
<u>Ingingo ya 197:</u> Gutumiza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko mu gihembwe kidasanzwe	<u>Article 197:</u> Convening both chambers of Parliament in an extraordinary session	<u>Article 197:</u> Convocation des deux chambres du Parlement en session extraordinaire
<u>Ingingo ya 198:</u> Itegeko rikurikizwa mu gihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe	<u>Article 198:</u> Applicable legislation in case both chambers of Parliament hold a joint sitting	<u>Article 198:</u> Législation applicable lorsque les deux chambres du Parlement se réunissent en séance conjointe
<u>Ingingo ya 199:</u> Itorwa ry'ingengo y'imari ya Leta	<u>Article 199:</u> Vote on the State Budget	<u>Article 199:</u> Vote du budget de l'État
<u>Ingingo ya 200:</u> Inyandiko ivunaguye n'inyandiko mvugo z'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 200:</u> Minutes and verbatim report of a joint sitting of the chambers of Parliament	<u>Article 200:</u> Compte-rendu et procès-verbal d'une séance conjointe des chambres du Parlement
<u>Ingingo ya 201:</u> Kohereza muri Sena umushinga w'itegeko cyangwa itegeko ryatowe n'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 201:</u> Submission to the Senate of a bill or a law adopted by the Chamber of Deputies	<u>Article 201:</u> Transmission au Sénat d'un projet de loi ou d'une loi adoptée par la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 202:</u> Guhagararira Umutwe w'Abadepite muri Sena	<u>Article 202:</u> Representing the Chamber of Deputies in the Senate	<u>Article 202:</u> Représentation de la Chambre des Députés au Sénat

<u>Ingingo ya 203:</u> Gusuzuma ubugororangingo bwakozwe na Sena ku mushinga w'itegeko wemejwe n'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 203:</u> Consideration of amendments made by the Senate to a bill adopted by the Chamber of Deputies	<u>Article 203:</u> Examen des amendements apportés par le Sénat au projet de loi adopté par la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 204:</u> Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 204:</u> Joint Committee of the Parliament	<u>Article 204:</u> Commission paritaire du Parlement
<u>Ingingo ya 205:</u> Raporo ya Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 205:</u> Report of the joint committee of the Parliament	<u>Article 205:</u> Rapport de la commission paritaire du Parlement
<u>Ingingo ya 206:</u> Gushyikiriza Perezida wa Repubulika itegeko ryatowe na Sena	<u>Article 206:</u> Transmission of the law adopted by the Senate to the President of the Republic	<u>Article 206:</u> Transmission de la loi adoptée par le Sénat au Président de la République
<u>Ingingo ya 207:</u> Kugeza ku Nteko Rusange y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko raporo ya komisiyo y'Igihugu cyangwa y'urwego rwihariye	<u>Article 207:</u> Presentation of a report of a national commission or a specific organ in a joint sitting of the chambers of Parliament	<u>Article 207:</u> Présentation du rapport d'une commission nationale ou d'un organe particulier devant séance conjointe des chambres du Parlement
<u>Ingingo ya 208:</u> Ibidateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 208:</u> Matters not covered in this Organic Law regarding relations between both chambers of Parliament	<u>Article 208:</u> Matières non couvertes dans la présente loi organique concernant les relations entre les deux chambres du Parlement
<u>Icyiciro cya 2:</u> Amahuriro cyangwa amashami y'amahuriro mpuzamahanga y'Abadepite n'Abasenateri	<u>Section 2:</u> Networks, forums or national chapters of international networks or forums bringing together Deputies and Senators	<u>Section 2:</u> Réseaux, forums ou sections nationales des réseaux ou forums internationaux regroupant les députés et les sénateurs
<u>Ingingo ya 209:</u> Ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 209:</u> Establishment of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators	<u>Article 209:</u> Création d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs

<u>Ingingo ya 210:</u> Gusaba no kwemera ishyingirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 210:</u> Request and approval of the establishment of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and senators	<u>Article 210:</u> Demande et approbation de la création d'un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs
<u>Ingingo ya 211:</u> Amategeko shingiro y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 211:</u> Statutes of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and Senators	<u>Article 211:</u> Statuts d'un réseau, d'un forum ou une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs
<u>Ingingo ya 212:</u> Kwemeza amategeko shingiro y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri no gutora abayobozi bayo	<u>Article 212:</u> Adoption of the statutes of a network or forum or national chapter of an international network or forum and election of members thereof	<u>Article 212:</u> Adoption des Statuts d'un réseau ou d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international et élection de leurs membres
<u>Ingingo ya 213:</u> icyemezo gishyiraho ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 213:</u> Decision to establish a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators	<u>Article 213:</u> Décision de créer un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs
<u>Ingingo ya 214:</u> Raporo y'ibikorwa by'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri na raporo y'umutungo	<u>Article 214:</u> Activity report of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators and financial report	<u>Article 214:</u> Rapport d'activités d'un réseau, d'un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs et rapport financier
<u>Ingingo ya 215:</u> Kureberera ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri na raporo y'umutungo	<u>Article 215:</u> Supervising a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together members of Parliament	<u>Article 215:</u> Servir de tutelle d'un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs

<u>Ingingo ya 216:</u> Gukurikirana imikorere y'Ihuriro cyangwa iy'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 216:</u> Monitoring of the functioning of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators	<u>Article 216:</u> Suivi du fonctionnement d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs
<u>Ingingo ya 217:</u> Gusesa ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 217:</u> Dissolution of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators	<u>Article 217:</u> Dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs
<u>Icyiciro cya 3:</u> Itsinda ry'ubucuti rihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Section 3:</u> Parliamentary joint friendship group	<u>Section 3:</u> Groupe d'amitié parlementaire conjoint
<u>Ingingo ya 218:</u> Ishyirwaho ry'itsinda ry'ubucuti rihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, abarigize n'ubuyobozi bwaryo	<u>Article 218:</u> Establishment of a joint friendship group, its members and leaders	<u>Article 218:</u> Groupe d'amitié parlementaire conjoint, ses membres et dirigeants
<u>Ingingo ya 219:</u> Gahunda na raporo y'ibikorwa by'itsinda ry'ubucuti rihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 219:</u> Action plan and activity report of a parliamentary joint friendship group	<u>Article 219:</u> Plan d'action et rapport d'activités d'un groupe d'amitié parlementaire conjoint
<u>UMUTWE WA XI:</u> IMIKORANIRE Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO	<u>CHAPTER XI:</u> RELATIONS BETWEEN THE PARLIAMENT AND OTHER PARLIAMENTS	<u>CHAPITRE XI:</u> RELATIONS ENTRE LE PARLEMENT ET AUTRES PARLEMENTS
<u>Ingingo ya 220:</u> Itorwa ry'ahagarariye u Rwanda mu miryango mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko	<u>Article 220:</u> Election of a representative of Rwanda in inter-parliamentary bodies	<u>Article 220:</u> Élection d'un représentant du Rwanda au sein des organismes interparlementaires

<u>Ingingo ya 221:</u> Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko n'inyandiko by'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba	<u>Article 221:</u> Providing opinions on bills and documents of the East African Legislative Assembly	<u>Article 221:</u> Formulation des avis sur les projets de loi et les documents de l'Assemblée législative de l'Afrique de l'Est
<u>Ingingo ya 222:</u> Isuzumwa ry'inyandiko z'izindi Nteko zishinga Amategeko n'indi miryango u Rwanda rubereye umunyamuryango	<u>Article 222:</u> Consideration of records of other Parliaments and other bodies of which Rwanda is a member	<u>Article 222:</u> Examen des documents d'autres parlements et d'autres organismes dont le Rwanda est membre
<u>Ingingo ya 223:</u> Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko	<u>Article 223:</u> Cooperation with other Parliaments and inter-parliamentary organizations	<u>Article 223:</u> Coopération avec d'autres parlements et organisations interparlementaires
<u>UMUTWE WA XII:</u> IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'UMUTWE W'ABADEPITE	<u>CHAPTER XII:</u> FINANCIAL MANAGEMENT OF THE CHAMBER OF DEPUTIES	<u>CHAPITRE XII:</u> GESTION FINANCIÈRE DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS
<u>Ingingo ya 224:</u> Ingingo y'imari y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 224:</u> Budget of the Chamber of Deputies	<u>Article 224:</u> Budget de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 225:</u> Konti yihariye ishyirwaho amafaranga y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 225:</u> Separate account into which funds of the Chamber of Deputies are deposited	<u>Article 225:</u> Compte distinct sur lequel les fonds de la Chambre des Députés sont placés
<u>Ingingo ya 226:</u> Imikoreshereze n'igenzurwa by'ingingo y'imari y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 226:</u> Use and audit of the budget of the Chamber of Deputies	<u>Article 226:</u> Utilisation et audit du budget de la Chambre des Députés
<u>UMUTWE WA XIII:</u> INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER XIII:</u> MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE XIII:</u> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

<u>Ingingo ya 227:</u> Gutanga ibitekerezo kuri raporo u Rwanda rutanga mu miryango mpuzamahanga	<u>Article 227:</u> Giving opinion on reports submitted by Rwanda to international bodies	<u>Article 227:</u> Émission d’avis sur des rapports présentés par le Rwanda aux organismes internationaux
<u>Ingingo ya 228:</u> Gukemura ikibazo kidateganywa n’iri tegeko ngenga	<u>Article 228:</u> Settlement of an issue not covered in this Organic Law	<u>Article 228:</u> Règlement d’une question non couverte par la présente loi organique
<u>Ingingo ya 229:</u> Ingingo y’ururimi	<u>Article 229:</u> Language provision	<u>Article 229:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 230:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 230:</u> Repealing provision	<u>Article 230:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 231:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 231:</u> Entry into force	<u>Article 231:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO NGENGA N° <u>002/2024.OL RYO KU WA 12/07/2024</u> RIGENA IMIKORERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE	ORGANIC LAW N° <u>002/2024.OL OF 12/07/2024</u> DETERMINING THE FUNCTIONING OF THE CHAMBER OF DEPUTIES	LOI ORGANIQUE N° <u>002/2024.OL DU 12/07/2024</u> PORTANT FONCTIONNEMENT DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	We, KAGAME Paul, President of the Republic;	Nous, KAGAME Paul, Président de la République;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA	LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	THE PARLIAMENT:	LE PARLEMENT:
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Gicurasi 2024;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 24 May 2024;	La Chambre des Députés, en sa séance du 24 mai 2024;
Sena, mu nama yayo yo ku wa 24 Gicurasi 2024;	The Senate, in its sitting of 24 May 2024;	Le Sénat, en sa séance du 24 mai 2024 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 73 n'iya 85;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 73 and 85;	Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 73 et 85 ;
Isubiye ku Itegeko Ngenga n° <u>006/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018</u> rigena imikorere y'Umutwe	Having reviewed Organic Law n° <u>006/2018.OL of 08/09/2018</u> determining the functioning of	Revu la Loi organique n° <u>006/2018.OL du 08/09/2018</u> portant fonctionnement de la

w'Abadepite; YEMEJE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri tegeko ngenga rigamije Iri tegeko ngenga rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri tegeko ngenga– (a) “icyumba cy'inama y'Inteko Rusange” bivuga icyumba cyagenewe kubera inama z'Inteko Rusange mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko iri mu Murwa Mukuru w'Igihugu; (b) “igihembwe gisanzwe” bivuga igihe Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite iterana mu minsi itangira kandi isozwa ku matariki ateganywa n'iri tegeko ngenga; (c) “igihembwe kidasanzwe” bivuga igihe Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite iterana mu minsi itari iy'igihembwe	the Chamber of Deputies; ADOPTS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Organic Law This Organic Law determines the functioning of the Chamber of Deputies. <u>Article 2:</u> Interpretation In this Organic Law– (a) “plenary hall” means a room for plenary sittings in the Parliament building located in the country's capital city; (b) “ordinary session” means a period during which the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies sits and which commences and ends on the dates provided for by this Organic Law; (c) “extraordinary session” means a period during which the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies sits on days outside	Chambre des Députés; ADOPTE: <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier:</u> Objet de la présente loi organique La présente loi organique porte fonctionnement de la Chambre des Députés. <u>Article 2:</u> Interprétation Dans la présente loi organique – (a) « salle plénière » signifie une salle destinée aux séances plénières au sein du palais du Parlement situé dans la capitale du pays; (b) « session ordinaire » signifie une période au cours de laquelle l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés siège et dont l'ouverture et la clôture se font aux dates prévues par la présente loi organique; (c) « session extraordinaire » signifie une période au cours de laquelle l'Assemblée plénière de la Chambre des
---	--	--

gisanzwe;	the ordinary session;	Députés siège aux jours en dehors de la session ordinaire;
(d) “Ihuriro” bivuga itsinda ry’abagize Inteko Ishinga Amategeko rishingwa kandi rikora hakurikijwe ibiteganywa n’iri tegeko ngenga;	(d) “network or forum” means a group of members of Parliament which is established and functions in accordance with the provisions of this Organic Law;	(d) « réseau ou forum » signifie un groupe de membres du Parlement constitué et fonctionnant conformément aux dispositions de la présente loi organique;
(e) “impaka” bivuga ibitekerezo bitangwa n’abagize Inteko Ishinga Amategeko mu gihe hasuzumwa umushinga w’itegeko, hagenzurwa ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gihe hasuzumwa indi ngingo;	(e) “debates” means points of view put forward by members of Parliament when considering a draft law or private member’s bill or exercising oversight over Government activities or considering any other matter;	(e) « débats » signifie les points de vue donnés par les membres du Parlement lors de l’examen d’un projet ou proposition de loi ou de l’exercice du contrôle de l’action gouvernementale ou de l’examen d’une quelconque autre question;
(f) “Ingoro y’Inteko Ishinga Amategeko” bivuga inyubako yabugenewe Inteko Ishinga Amategeko ikoreramo iri mu Murwa Mukuru w’Igihugu;	(f) “Parliament building” means a structure intended for use as a place of work of Parliament and which is located in the country’s capital city;	(f) « palais du Parlement » signifie une structure destinée à servir de lieu de travail du Parlement et qui est située dans la capitale du pays;
(g) “inyandiko” bivuga inyandiko ikoze mu buryo bw’impapuro cyangwa ikoze mu buryo bw’ikoranabuhanga;	(g) “document” means a written material which is in paper or electronic form;	(g) « document » signifie un écrit sur support papier ou sous forme électronique;
(h) “inyandiko ivunaguye” bivuga inyandiko ikubiyemo incamake y’uko impaka zagenze mu nama y’Inteko Rusange;	(h) “minutes” means a document which contains a summary record of debates held in the plenary sitting;	(h) « compte rendu » signifie un document contenant une synthèse de débats tenus en séance plénière;
(i) “inyandikomvugo” bivuga inyandiko ikubiyemo ku buryo burambuye uko impaka zose zagenze n’ibitekerezo byatanze mu	(i) “Hansard transcript” means a document which contains a verbatim record of debates held and views expressed in the plenary	(i) « procès-verbal » signifie un document contenant le texte intégral des débats tenus et des points de vue exprimés en

nama y'Inteko Rusange; (j) “ishami ry'ihuriro mpuzamahanga” bivuga itsinda ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko ryashinzwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenga n'amasezerano mpuzamahanga; (k) “Komisiyo idasanzwe” bivuga itsinda ry'Abadepite rishyirwaho n'Inteko Rusange mu gihe kigenwe kugira ngo rishake ibyafasha kumenya no gusobanura ibibazo byihariye; (l) “Komisiyo ihoraho” bivuga urwego rw'Umutwe w'Abadepite Umudepite yashyizwemo, akoreramo imirimo ijyanye no gusuzuma imishinga y'amategeko, kugenzura ibikorwa bya Guverinoma cyangwa izindi ngingo; (m) “Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko” bivuga itsinda rigizwe n'umubare ungana w'Abadepite n'Abasenateri bashyirwaho na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo risuzume umushinga w'itegeko ritemewe na Sena, ubugororangingo bwakozwe na Sena ntibwemerwe	sitting; (j) “section of an international parliamentary network or forum” means a group of members of Parliament which is established under this Organic Law and international instruments; (k) “ad hoc committee” means a group of Deputies set up by the Plenary Assembly for a specified period of time to search for facts that are likely to help identify and shed light on particular issues; (l) “standing committee” means an organ of the Chamber of Deputies to which a Deputy is assigned and in which he or she performs his or her duties related to the consideration of draft laws or private members' bills, oversight over Government activities and consideration of any other matter; (m) “joint committee” means a group consisting of an equal number of Deputies and Senators appointed by their respective Chambers of Parliament to consider a draft law or private member's bill which is not agreed to by the Senate, amendments by the Senate which are not adopted by the Chamber of Deputies or to decide on any	séance plénière; (j) « section d'un réseau ou forum parlementaire international » signifie un groupe de membres du Parlement constitué conformément aux dispositions de la présente loi organique et des instruments internationaux; (k) « commission spéciale » signifie un groupe de députés créé par l'Assemblée plénière pour une durée spécifique pour rechercher des faits susceptibles d'aider à identifier et éclairer des questions particulières; (l) « commission permanente » signifie un organe de la Chambre des Députés auquel est affecté un député et au sein duquel ce dernier exerce ses fonctions relatives à l'examen des projets ou propositions de loi, au contrôle de l'action gouvernementale ou à l'examen d'une quelconque autre question; (m) « commission paritaire » signifie un groupe composé d'un nombre égal de députés et de sénateurs désignés par leurs Chambres du Parlement respectives pour examiner un projet ou une proposition de loi avec lesquels le Sénat est en désaccord, les amendements apportés par le Sénat mais
---	---	---

n'Umutwe w'Abadepite cyangwa rifate umwanzuro ku kindi kibazo cyagaragaye mu itegeko ryatowe n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igihe cyose ritaroherezwa gutangazwa;	other issue identified in a Law voted by both Chambers of Parliament at any time prior to its being transmitted for publication;	qui ne sont pas adoptés par la Chambre des Députés ou pour décider de toute autre question identifiée dans une loi votée par les deux Chambres du Parlement à tout moment avant sa transmission pour publication;
(n) “Komite” bivuga urwego rw'Umutwe w'Abadepite rushinzwe kugenzura imikorere y'Umutwe w'Abadepite, indangagaciro n'ubudahangarwa by'Abadepite;	(n) “Committee” means an organ of the Chamber of Deputies responsible for overseeing the functioning of the Chamber of Deputies, Deputies' adherence to ethical values and respect for their immunity;	(n) « comité » signifie un organe de la Chambre des Députés chargé du contrôle du fonctionnement de la Chambre des Députés, de l'adhésion par les députés aux valeurs éthiques et du respect de leur immunité;
(o) “mosiyo” bivuga uburyo Umudepite asabamo ijamba mu Nteko Rusange hagati mu mpaka cyangwa ako kanya itora rikirangira kugira ngo agire icyo yibutsa cyangwa asaba hagamijwe gufata icyemezo, gusobanura itegeko cyangwa gufata umwanzuro wihutirwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenga;	(o) “motion” means a procedural action whereby a Deputy asks for the floor during the plenary sitting in the midst of debates or directly after a vote to make any reminder or suggestion for the purpose of making a decision, clarifying a rule or adopting an urgent resolution in accordance with the provisions of this Organic Law;	(o) « motion » signifie un acte de procédure par lequel un député demande la parole en séance plénière en plein débats ou directement après un vote pour rappeler ou suggérer quelque chose en vue de la prise d'une décision, de clarification d'une règle ou d'adoption d'une résolution urgente conformément aux dispositions de la présente loi organique;
(p) “ubugororangingo” bivuga impinduka zikorwa n'Umutwe w'Abadepite cyangwa Sena ku mushinga w'itegeko usuzumwa muri Komisiyo cyangwa mu Nteko Rusange;	(p) “amendment” means a change made by the Chamber of Deputies or the Senate to a draft law or private member's bill under consideration in committee or in plenary session;	(p) « amendement » signifie un changement apporté par la Chambre des Députés ou le Sénat à un projet ou une proposition de loi sous examen en commission ou en séance plénière;
(q) “ubugororangingo bw'imyandikire” bivuga impinduka ituma igitekerezo	(q) “editorial amendment” means a change whose purpose is to clarify the idea	(q) « amendement de forme » signifie une modification ayant pour résultat de

kivugwa mu mushinga w'itegeko cyangwa mu itegeko ryatowe rikiri mu Nteko Ishinga Amategeko kirushaho kumvikana hadahinduwe ireme ry'icyari kigamijwe;	expressed in a draft law or a private member's bill or in an adopted Law which is still in Parliament, without changing the substance of the original text;	rendre plus claire l'idée exprimée dans un projet ou une proposition de loi ou dans une loi votée qui est encore au Parlement sans modifier le fond du texte initial;
(r) “ubugororangingo bw'ingoboka” bivuga impinduka Umudepite utari muri Komisiyo isuzuma umushinga w'itegeko yakoze mu nyandiko ku bundi bugororangingo bwari bwatanzwe mu nyandiko n'undi Mudepite utari muri iyo Komisiyo;	(r) “sub-amendment” means a change presented in writing by a Deputy who is not member of the committee considering a draft law or private member's bill and which is made to another amendment submitted in writing by another Deputy who is not a member of the same Committee;	(r) « sous-amendement » signifie une modification formulée par écrit par un député qui n'est pas membre de la commission qui examine un projet ou une proposition de loi et qui est apportée à un autre amendement soumis par écrit par un autre député qui n'est pas membre de cette commission;
(s) “ubugororangingo bw'ireme” bivuga impinduka ihindura igitekerezo cy'ibanze mu mushinga w'itegeko, mu itegeko ryatowe, bikiri mu Nteko Ishinga Amategeko.	(s) “substantive amendment” means a change which results in changing the original idea expressed in a draft law or private member's bill or in a voted Law which is still in Parliament.	(s) « amendement de fond » signifie une modification ayant pour résultat le changement de l'idée initiale exprimée dans un projet ou une proposition de loi ou dans une loi votée qui est encore au Parlement.
<u>Ingingo ya 3: Abagize Umutwe w'Abadepite</u>	<u>Article 3: Members of the Chamber of Deputies</u>	<u>Article 3: Membres de la Chambre des Députés</u>
Abagize Umutwe w'Abadepite bitwa “Abadepite”.	Members of the Chamber of Deputies are known as “Deputies”.	Les membres de la Chambre des Députés portent le nom de « députés ».
<u>Ingingo ya 4: Itorwa n'irahira ry'Abadepite</u>	<u>Article 4: Election of and oath-taking by Deputies</u>	<u>Article 4: Élection et prestation de serment des députés</u>
(1) Abadepite batorwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ngenga rigenga amatora.	(1) Deputies are elected in accordance with the provisions of the Organic Law governing	(1) Les députés sont élus conformément aux dispositions de la Loi organique régissant

(2) Mbere yo gutangira imirimo, Abadepite barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ataboneka bakarahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.	elections. (2) Before taking up office, Deputies take publicly the oath of office provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda before the President of the Republic or, in his or her absence, before the President of the Supreme Court in public.	les élections. (2) Avant leur entrée en fonction, les députés prêtent publiquement le serment prévu par la Constitution de la République du Rwanda, devant le Président de la République ou, en son absence, devant le Président de la Cour Suprême.
<u>Ingingo ya 5:</u> Kuva mu mwanya k'Umudepite	<u>Article 5: Vacation of office of a Deputy</u>	<u>Article 5: Vacance de siège d'un député</u>
(1) Umudepite ava mu mwanya w'ubudepite kubera imwe mu mpamvu zikurikira: (a) yeguye mu Mutwe w'Abadepite; (b) yirukanywe mu Mutwe w'Abadepite; (c) asezeye mu mutwe wa politiki yatorewemo; (d) yirukanywe mu mutwe wa politiki yatorewemo, mu buryo buteganywa n'itegeko ngenga ryerekeye imitwe ya politiki; (e) icyemezo cy'iyandikwa ry'umutwe wa politiki yatorewemo giteshejwe agaciro;	(1) A Deputy vacates his or her seat on any of the following grounds: (a) he or she resigns from the Chamber of Deputies; (b) he or she is expelled from the Chamber of Deputies; (c) he or she resigns from the political organisation that seconded him or her; (d) he or she is expelled from the political organisation that seconded him or her, in accordance with provisions of the organic law governing political organisations; (e) the certificate of registration of the political organisation that seconded him or her is revoked;	(1) Un député quitte son siège pour l'un des motifs suivants: (a) il démissionne de la Chambre des Députés; (b) il est exclu de la Chambre des Députés; (c) il démissionne de la formation politique qui l'a parrainé dans les élections; (d) il est exclu de la formation politique qui l'a parrainé dans les élections, conformément à la loi organique régissant les formations politiques; (e) le certificat d'enregistrement de la formation politique qui l'a parrainé dans les élections est révoqué;

(f) agiye mu wundi mutwe wa politiki; (g) agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze; (h) apfuye. (2) Impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umudepite mu Mutwe w'Abadepite cyangwa mu Mutwe wa Politiki ziburanishwa n'Urukiko rubifitiye ububasha. (3) Umudepite uvuye mu mwanya w'ubudepite kubera impamvu zivugwa mu gika cya (1)(a)(c)(e)(f) cy'iyi ngingo abimenyesha mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 6: Kumenyesha ko Umudepite yavuye mu mwanya</u> Perezida w'Umutwe w'Abadepite, mu gihe kitarenze iminsi irindwi, amenyesha mu nyandiko Perezida wa Repubulika na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, akagera kopi Perezida wa Sena, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'Abadepite, Umudepite wavuye mu mwanya. Bimenyeshwa kandi abaturage hakoreshejwe itangazo rinyuzwa mu itangazamakuru no ku rubuga rwa interineti	(f) he or she joins another political organisation; (g) he or she has a permanent impediment to fulfil his or her responsibilities; (h) he or she dies. (2) Disputes relating to the decision to expel a Deputy from the Chamber of Deputies or a political organisation are adjudicated by a competent Court. (3) A Deputy who vacates his or her seat on any of the grounds referred to under Paragraph (1)(a)(c)(e)(f) of this Article informs the Speaker of the Chamber of Deputies thereof in writing. <u>Article 6: Notification of vacation of office of a Deputy</u> The President of the Chamber of Deputies notifies in writing the President of the Republic and the President of the National Electoral Commission vacation of office of a Deputy within seven days and forwards a copy to the President of the Senate and the President of the Supreme Court as well as to the deputies. The public is also notified by means of an announcement in the media and on the Chamber	(f) il se rallie à une autre formation politique; (g) il a un empêchement définitif d'accomplir ses responsabilités; (h) il décède. (2) Les contestations relatives à la décision d'exclure un Député de la Chambre des Députés ou de sa formation politique sont jugées par une juridiction compétente. (3) Un député qui quitte son siège pour l'un des motifs visés au Paragraphe (1)(a)(c)(e)(f) du présent article en informe par écrit le Président de la Chambre des Députés. <u>Article 6: Notification de la vacance de siège d'un député</u> Le Président de la Chambre des Députés notifie, par écrit, au Président de la République et au président de la Commission électorale nationale la vacance de siège d'un député dans les sept jours et en transmet une copie au Président du Sénat et au Président de la Cour suprême ainsi qu'aux députés. Notification en est également faite au public par une annonce dans des médias et sur le site Internet de la Chambre des Députés.
--	--	--

rw'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 7: Isimburwa ry'Umudepite</u> Umudepite uvuye mu mwanya asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ngenga rigenga amatora. <u>UMUTWE WA II: IMITERERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE</u> <u>Ingingo ya 8: Inzego z'Umutwe w'Abadepite</u> Umutwe w'Abadepite ugizwe n'inzego zikurikira: (a) Inteko Rusange; (b) Inama y'Abaperezida; (c) Biro y'Umutwe w'Abadepite; (d) Komisiyo zihoraho; (e) Komite; (f) Ubunyamabanga Bukuru. <u>Icyiciro cya mbere: Inteko Rusange</u>	of Deputies website. <u>Article 7: Replacement of a Deputy</u> A Deputy who vacates his or her seat is replaced in accordance with the provisions of the Organic Law governing elections. <u>CHAPTER II: ORGANISATION OF THE CHAMBER OF DEPUTIES</u> <u>Article 8: Organs of the Chamber of Deputies</u> The Chamber of Deputies consists of the following organs: (a) the Plenary Assembly; (b) the Conference of Chairpersons; (c) the Bureau of the Chamber of Deputies; (d) Standing Committees; (e) the Committee; (f) the Office of the Clerk. <u>Section One: Plenary Assembly</u>	<u>Article 7: Remplacement d'un député</u> Un député qui quitte son siège est remplacé conformément aux dispositions de la loi organique régissant les élections. <u>CHAPITRE II: ORGANISATION DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS</u> <u>Article 8: Organes de la Chambre des Députés</u> La Chambre des Députés est composée des organes suivants: (a) Assemblée plénière; (b) Conférence des Présidents; (c) Bureau de la Chambre des Députés; (d) Commissions permanentes; (e) Comité; (f) Secrétariat général. <u>Section première: Assemblée plénière</u>
---	---	--

<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite igizwe n'Abadepite bose. <u>Icyiciro cya 2:</u> Inama y'Abaperezida <u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Inama y'Abaperezida Inama y'Abaperezida igizwe n'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite, Perezida na Visi Perezida ba Komisiyo zihoraho. <u>Icyiciro cya 3:</u> Biro y'Umutwe w'Abadepite <u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite Biro y'Umutwe w'Abadepite igizwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite na ba Visi Perezida b'Umutwe w'Abadepite babiri. Umwe mu ba Visi Perezida ashinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe ubuyobozi n'imari.	<u>Article 9:</u> Composition of the Plenary Assembly The Plenary Assembly consists of all Deputies. <u>Section 2:</u> Conference of Chairpersons <u>Article 10:</u> Composition of the Conference of Chairpersons The Conference of Chairpersons consists of the members of the Bureau of the Chamber of Deputies, the chairpersons and deputy chairpersons of Standing Committees. <u>Section 3:</u> Bureau of the Chamber of Deputies <u>Article 11:</u> Composition of the Bureau of the Chamber of Deputies The Bureau of the Chamber of Deputies consists of the Speaker of the Chamber of Deputies and the two Deputy Speakers of the Chamber of Deputies. One of the Deputy Speakers is responsible for parliamentary affairs and the other is responsible for administration and finance.	<u>Article 9:</u> Composition de l'Assemblée plénière L'Assemblée plénière se compose de l'ensemble des députés. <u>Section 2:</u> Conférence des Présidents <u>Article 10:</u> Composition de la Conférence des Présidents La Conférence des Présidents se compose des membres du Bureau de la Chambre des Députés, des présidents et des vice-présidents des commissions permanentes. <u>Section 3:</u> Bureau de la Chambre des Députés <u>Article 11:</u> Composition du Bureau de la Chambre des Députés Le Bureau de la Chambre des Députés se compose du Président de la Chambre des Députés et des deux Vice-présidents de la Chambre des Députés. L'un des Vice-présidents est chargé des affaires parlementaires et l'autre est chargé de l'administration et des finances.
--	---	--

<u>Ingingo ya 12:</u> Itorwa, manda n'irahira ry'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite (1) Mu ntangiriro ya buri manda y'Abadepite, inama yayo ya mbere iharirwa itora ry'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite. Iyo nama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika mu gihe kitarenze iminsi 30 nyuma y'itangazwa rya burundu ry'amajwi. (2) Itorwa ry'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite rikorwa mu ibanga ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bahari. Buri wese mu bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite atorwa ukwe. (3) Umukandida ku mwanya w'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite ashobora kwiyamamaza ubwe cyangwa akamamazwa n'undi Mudepite. (4) Iyo nta mukandida mu biyamamaza ku mwanya w'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite ugize ubwiganze burunduye bw'amajwi, itora risubirwamo. (5) Mu gihe ubwiganze burunduye bw'amajwi butabonetse ku nshuro ya kabiri, urushije abandi amajwi aba atowe.	<u>Article 12:</u> Election, term of office of and oath-taking by members of the Bureau of the Chamber of Deputies (1) At the opening of each legislature of the Chamber of Deputies, the first sitting shall be devoted to the election of the members of the Bureau of the Chamber of Deputies. The President of the Republic shall convene and chair this sitting within 30 days of the final proclamation of the election results. (2) Members of the Bureau of the Chamber of Deputies are elected by secret ballot by an absolute majority of votes of Deputies present. Each member of the Bureau of the Chamber of Deputies is elected in a separate ballot. (3) A candidate for election to the Bureau of the Chamber of Deputies may nominate himself or herself as a candidate or be nominated by another Deputy. (4) If no candidate for election to the Bureau of the Chamber of Deputies receives an absolute majority of votes, the vote is taken again. (5) If an absolute majority of votes cast is not obtained at the second ballot, a candidate who receives the highest number of votes is	<u>Article 12:</u> Élection, mandat et prestation de serment des membres du Bureau de la Chambre des Députés (1) À l'ouverture de chaque législature de la Chambre des Députés, la première séance est consacrée à l'élection des membres du Bureau de la Chambre des Députés. Le Président de la République convoque et préside cette séance dans les 30 jours suivant la proclamation définitive des résultats électoraux. (2) L'élection des membres du Bureau de la Chambre des Députés se fait au scrutin secret à la majorité absolue des voix des députés présents. Chaque membre du Bureau de la Chambre des Députés est élu lors d'un scrutin séparé. (3) Un candidat à l'élection au Bureau de la Chambre des Députés peut présenter lui-même sa candidature ou être proposé par un autre député. (4) Lorsqu'aucun des candidats à l'élection au Bureau de la Chambre des Députés n'obtient la majorité absolue des voix, le vote est repris. (5) Lorsque la majorité absolue des voix n'est pas obtenue au second tour de scrutin, est élu le candidat qui obtient le plus grand nombre
--	--	---

(6) Abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite batorerwa manda y'imyaka itanu. (7) Mbere yo gutangira imirimo, abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.	elected. (6) Members of the Bureau of the Chamber of Deputies are elected for a term of five years. (7) Before taking up office, members of the Bureau of the Chamber of Deputies take publicly the oath of office provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda before the President of the Republic.	de voix. (6) Les membres du Bureau de la Chambre des Députés sont élus pour un mandat de cinq ans. (7) Avant d'entrer en fonction, les membres du Bureau de la Chambre des Députés prêtent publiquement le serment prévu par la Constitution de la République du Rwanda, devant le Président de la République.
<u>Icyiciro cya 4: Komisiyo zihoraho</u> <u>Ingingo ya 13: Komisiyo zihoraho z'Umutwe w'Abadepite</u> Umutwe w'Abadepite ufite Komisiyo zihoraho icyenda zikurikira: (a) Komisiyo y'Imiyoborere, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore; (b) Komisiyo y'Ubukungu n'Ubucuruzi; (c) Komisiyo y'Uburezi, Ikoranabuhanga, Umuco, Siporo n'Urubyiruko; (d) Komisiyo y'Ububanyi n'amahanga, Ubutwererane n'Umutekano;	<u>Section 4: Standing committees</u> <u>Article 13: Standing Committees of the Chamber of Deputies</u> The Chamber of Deputies has nine standing committees as follows: (a) the Committee on Governance and Gender Affairs; (b) the Committee on Economy and Trade; (c) the Committee on Education, Technology, Culture, Sports and Youth; (d) the Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security;	<u>Section 4: Commissions permanentes</u> <u>Article 13: Commissions permanentes de la Chambre des Députés</u> La Chambre des Députés comprend neuf commissions permanentes suivantes: (a) la Commission de la gouvernance et de l'égalité entre les genres; (b) la Commission de l'économie et du commerce; (c) la Commission de l'éducation, de la technologie, de la culture, du sport et de la Jeunesse; (d) la Commission des affaires étrangères, de la coopération et de la sécurité;

(e) Komisiyo y’Imibereho y’Abaturage; (f) Komisiyo y’Ubumwe bw’Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenocide; (g) Komisiyo y’Ingengo y’Imari n’Umutungo bya Leta; (h) Komisiyo y’Ubutaka, Ubuhinzi, Ubworozi n’Ibidukikije; (i) Komisiyo ishinze gukurikirana imikoreshereze y’imari n’umutungo bya Leta. <u>Ingingo ya 14:</u> Umubare w’abagize Komisiyo ihoraho Buri Komisiyo ihoraho y’Umutwe w’Abadepite igizwe nibura n’Abadepite umunani. <u>Icyiciro cya 5:</u> Komite <u>Ingingo ya 15:</u> Abagize Komite Komite igizwe nibura n’Abadepite barindwi batoranywa hitawe ku mitwe ya politiki no ku byiciro bitandukanye by’Abadepite iyo bishoboka.	(e) the Committee on Social Affairs; (f) the Committee on National Unity, Human Rights and Fight against Genocide; (g) the Committee on State Budget and Patrimony; (h) the Committee on Land, Agriculture, Livestock and Environment; (i) the Public Accounts Committee. <u>Article 14:</u> Number of members of a Standing Committee Each Standing Committee consists of at least eight Deputies. <u>Section 5:</u> Committee <u>Article 15:</u> Members of the Committee The Committee consists of at least seven Deputies chosen, if possible, on the basis of the political organisations and different categories from which Deputies come.	(e) la Commission des affaires sociales ; (f) la Commission de l’unité nationale, des droits de la personne et de la lutte contre le génocide; (g) la Commission du budget et du patrimoine de l’État; (h) la Commission des terres, de l’agriculture, de l’élevage et de l’environnement; (i) la Commission de contrôle des Comptes publics. <u>Article 14:</u> Nombre de membres d’une commission permanente Chaque commission permanente se compose d’au moins huit députés. <u>Section 5:</u> Comité <u>Article 15:</u> Membres du Comité Le Comité se compose d’au moins sept députés choisis, si possible, en fonction des formations politiques et des différentes catégories dont sont issus les députés.
---	--	--

<u>Icyiciro cya 6: Ubunyamabanga Bukuru</u> <u>Ingingo ya 16: Abagize Ubunyamabanga Bukuru</u> Ubunyamabanga Bukuru ni urwego rwa tekiniiki rw'Umutwe w'Abadepite. Bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru, Umunyamabanga mukuru wungirije n'abandi bakozi. <u>Ingingo ya 17: Ishyirwaho n'icungwa ry'abakozi b'Umutwe w'Abadepite</u> Abakozi b'Umutwe w'Abadepite bashyirwaho hakurikijwe imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo kandi bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta. <u>UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'INZEGO Z'UMUTWE W'ABADEPITE, IY'IHURIRO N'IY'ITSINDA RY'UBUCUTI</u> <u>Icyiciro cya mbere: Imikorere y'Inteko Rusange</u> <u>Ingingo ya 18: Inshingano n'ububasha by'Inteko Rusange</u> (1) Inteko Rusange ni rwo rwego rukuru rw'Umutwe w'Abadepite. (2) Inteko Rusange ifite inshingano zikurikira:	<u>Section 6: Office of the Clerk</u> <u>Article 16: Composition of the Office of the Clerk</u> The Office of the Clerk is the technical organ of the Chamber of Deputies. It comprises a Clerk, a Deputy Clerk and other members of staff. <u>Article 17: Recruitment and management of the staff of the Chamber of Deputies</u> The staff of the Chamber of Deputies is recruited in accordance with the organizational structure and governed by the general statutes governing public servants. <u>CHAPTER III: FUNCTIONING OF ORGANS OF THE CHAMBER OF DEPUTIES, NETWORK OR FORUM AND FRIENDSHIP GROUP</u> <u>Section One: Functioning of the Plenary Assembly</u> <u>Article 18: Responsibilities and powers of the Plenary Assembly</u> (1) The Plenary Assembly is the supreme organ of the Chamber of Deputies. (2) The Plenary Assembly has the following	<u>Section 6: Secrétariat général</u> <u>Article 16: Composition du Secrétariat général</u> Le Secrétariat général est l'organe technique de la Chambre des Députés. Il se compose d'un Secrétaire général, d'un secrétaire général adjoint et d'autres membres du personnel. <u>Article 17: Recrutement et gestion du personnel de la Chambre des Députés</u> Le personnel de la Chambre des Députés est recruté conformément à la structure organisationnelle et est régi par le statut général régissant les agents de l'État. <u>CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS, DU RÉSEAU OU FORUM ET DU GROUPE D'AMITIÉ</u> <u>Section première: Fonctionnement de l'Assemblée plénière</u> <u>Article 18: Attributions et pouvoirs de l'Assemblée plénière</u> (1) L'Assemblée plénière est l'organe suprême de la Chambre des Députés. (2) L'Assemblée plénière a les attributions
---	---	--

(a) kujya impaka ku mategeko no kuyatora; (b) kugenzura ibikorwa bya Guverinoma hakurikijwe amategeko abigenga. (3) Inteko Rusange ifite kandi ububasha bwo gufata icyemezo ku ngingo isuzuma. <u>Ingingo ya 19: Amasaha y'imirimo y'Inteko Rusange</u> (1) Amasaha y'imirimo y'Inteko Rusange ni ukuva saa cyenda z'amanywa kugeza saa kumi n'ebiri za nimugoroba. icyakora, Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora kugena indi saha yo gutangira imirimo y'Inteko Rusange. Igihe kigenwe ntikirenza amasaha atatu. (2) Amasaha yo gusoza imirimo y'inama y'Inteko Rusange yateranye ashobora guhinduka bisabwe n'uyoboye inama, bikemezwa ku bwumvikane busesuye bw'Abadepite bitabiriye inama. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, byemezwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bitabiriye inama. icyakora, iyo isaha yo gusoza imirimo igeze uwahawe ijamba akirifite, uyoboye inama	responsibilities: (a) to debate and pass Laws; (b) to exercise control over Government activities in accordance with relevant legislation. (3) The Plenary Assembly also has powers to decide on an item under its consideration. <u>Article 19: Work schedule of the Plenary Assembly</u> (1) The work schedule of the Plenary Assembly is from 3 pm to 6 pm. However, the Bureau of the Chamber of Deputies may set a different time for the start of the work of the Plenary Assembly. In this case, the expected duration set is not more than three hours. (2) The closing hours of the plenary sitting which is under way may be changed at the request of the chair of the sitting, upon approval by the Deputies present at the sitting by consensus. If no consensus is reached, the approval requires an absolute majority of votes of the Deputies present. However, when the closing time falls prior to the expiry of the speaking time of the person having the floor, the chair of the	suivantes: (a) débattre et voter des lois; (b) contrôler l'action gouvernementale conformément à la législation en la matière. (3) L'Assemblée plénière dispose également des pouvoirs de prise de décision sur un point sous son examen. <u>Article 19: Horaire des travaux de l'Assemblée plénière</u> (1) L'horaire des travaux de l'Assemblée plénière est de 15 heures à 18 heures. Toutefois, le Bureau de la Chambre des Députés peut fixer une heure différente pour le début des travaux de l'Assemblée plénière. Dans ce cas, la durée prévue est de trois heures au maximum. (2) Les heures de clôture des travaux de la séance plénière qui est en cours peuvent être modifiées à la demande du président de séance, sur approbation des députés présents en séance par consensus. À défaut de consensus, l'approbation exige la majorité absolue des voix des députés présents en séance. Toutefois, lorsque l'heure de clôture des travaux tombe avant l'expiration du temps de parole de la personne qui a la
---	---	--

ategereza ko arisoza mbere yo gusaba kongera igihe. <u>Ingingo ya 20:</u> Aho inama y’Inteko Rusange iteranira Inama y’Inteko Rusange y’Umutwe w’Abadepite iteranira mu Ngoro y’Inteko Ishinga Amategeko iri mu Murwa Mukuru w’Igihugu. Ishobora guteranira ahandi iyo hari inzitizi ntarengwa zemejwe n’Urukiko rw’Ikirenga rubisabwe na Perezida w’Umutwe w’Abadepite. Igihe Urukiko rw’Ikirenga rudashobora guterana, Perezida wa Repubulika yemeza aho inama y’Inteko Rusange iteranira akoresheje Itegeko-Teka. <u>Ingingo ya 21:</u> Uburyo Inteko Rusange iterana Inteko Rusange iterana abayitabiriye bari hamwe imbonankubone. Mu gihe hari inzitizi ntarengwa zituma idaterana imbonankubone, urwego rufite ububasha bwo kugena ahandi iteranira rugena ubundi buryo iteranamo. <u>Ingingo ya 22:</u> Ibyicarwo mu cyumba cy’Inteko Rusange mu gihe cy’imirimo y’Inteko Rusange cyangwa cy’inama ihuriweho n’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko (1) Abadepite bahabwa ibyicarwo bihoro mu	sitting waits until the expiry of the latter’s speaking time before asking for an extension. <u>Article 20:</u> Venue for the plenary sitting The plenary sitting of the Chamber of Deputies is held in the Parliament building located in the Capital City of Rwanda. It may be held elsewhere in case of force majeure established by the Supreme Court at the request of the Speaker of the Chamber of Deputies. In case the Supreme Court is unable to sit, the President of the Republic decides, by a decree-law, on the venue for the Plenary sitting. <u>Article 21:</u> Procedure for holding the plenary sitting The plenary sitting is held face-to-face. In case of an event of force majeure preventing it from being held face-to-face, the organ competent to determine another venue for it determines another mode of holding the sitting. <u>Article 22:</u> Seating arrangements in the plenary hall during the work of the Plenary Assembly or joint sitting of both Chambers of Parliament (1) Deputies are, according to the alphabetical	parole, le président de séance attend l’expiration de son temps de parole avant de demander la prolongation. <u>Article 20:</u> Lieu de tenue de la séance plénière La séance plénière de la Chambre des Députés se tient dans le palais du Parlement situé dans la capitale du Rwanda. Elle peut se tenir en tout autre lieu en cas de force majeure constatée par la Cour Suprême à la demande du Président de la Chambre des Députés. Lorsque la Cour Suprême ne peut pas siéger, le Président de la République décide, par décret-loi, du lieu de tenue de la séance plénière. <u>Article 21:</u> Procédure de tenue de la séance plénière La séance plénière se tient en présentiel. En cas de force majeure empêchant la tenue en présentiel de la séance plénière, l’organe ayant compétence pour déterminer un autre lieu de sa tenue détermine un autre mode de tenue de cette séance. <u>Article 22:</u> Attribution des sièges dans la salle plénière lors des travaux de l’Assemblée plénière ou d’une séance conjointe des deux Chambres du Parlement (1) Les députés se voient attribuer des sièges
--	---	---

cyumba cy'Inteko Rusange mu gihe bari mu mirimo y'Inteko Rusange hakurikijwe itonde ry'inyuguti zitangira amazina yabo ari ku ikarita ndangamuntu.	order of their surnames as they appear on the national identity card, assigned permanent seats in the plenary hall which they occupy during the work of the Plenary Assembly.	permanents dans la salle plénière qu'ils occupent lors des travaux de l'Assemblée plénière, et ce, selon l'ordre alphabétique de leurs noms tels qu'indiqués dans la carte d'identité nationale.
(2) Hateganywa kandi ibyicararo bihoraho byagenewe Abasenateri hakurikijwe itonde ry'inyuguti zitangira amazina yabo ari ku ikarita ndangamuntu mu gihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe.	(2) Also, permanent seats are reserved for Senators according to the alphabetical order of their surnames as they appear on the national identity card in case of a joint sitting of both Chambers.	(2) Il est également prévu des sièges permanents réservés aux sénateurs qui sont attribués selon l'ordre alphabétique de leurs noms tels qu'indiqués dans la carte d'identité nationale lorsque les deux Chambres sont réunies en séance conjointe.
(3) icyakora, kubera impamvu z'ubumuga bw'Umudepite cyangwa bw'Umusenateri cyangwa kubera indi mpamvu y'ubuzima, bisabwe Biro y'Umutwe w'Abadepite, ibikubiye mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo bishobora kutubahirizwa, byemejwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite, bikamenyeshwa abagize Inteko Rusange.	(3) However, in case of disability of a Deputy or a Senator or any other health-related reason, the provisions of Paragraphs (1) and (2) of this Article may not apply by way of request addressed to the Bureau of the Chamber of Deputies and subject to approval by the Bureau of the Chamber of the Deputies, with notification to that effect being given the Members of the Plenary Assembly.	(3) Toutefois, en cas d'handicap d'un député ou d'un sénateur ou en cas d'un autre motif de santé, les dispositions des paragraphes (1) et (2) du présent article peuvent ne pas être appliquées sur demande adressée au Bureau de la Chambre des Députés et sur approbation du Bureau de la Chambre des Députés avec notification à cet effet aux membres de l'Assemblée plénière.
(4) Hateganywa kandi ibyicararo by'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite, icy'umushyitsi watumiwe kugeza ijamba ku Nteko Ishinga Amategeko, iby'abagize Biro ya Sena iyo Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe, icy'ugize Guverinoma n'iby'abandi bakurikiranye imbonankubone imirimo y'Inteko Rusange.	(4) Also, seats are reserved for members of the Bureau of the Chamber of Deputies, a guest invited to address Parliament, members of the Bureau of the Senate in case of a joint sitting of both Chambers of Parliament, a Cabinet member and those others physically attending the work of the Plenary Assembly.	(4) Des sièges sont également réservés aux membres du Bureau de la Chambre des Députés, à un hôte invité à s'adresser au Parlement, aux membres du Bureau du Sénat lorsque les deux Chambres du Parlement sont réunies en séance conjointe, à un membre du Gouvernement et à d'autres personnes qui assistent en présentiel aux travaux de l'Assemblée plénière.

<u>Ingingo ya 23: Ihame ry'uko inama y'Inteko Rusange ibera mu ruhame</u> Inama y'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ibera mu ruhame. <u>Ingingo ya 24: Inteko Rusange yateranye mu muhezo</u> Inteko Rusange ishobora kwemeza, ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bitabiriye inama, ko inama ibera mu muhezo, iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, kimwe cya kane cy'abagize Umutwe w'Abadepite cyangwa Minisitiri w'Intebe. <u>Ingingo ya 25: Gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange ya buri cyumweru</u> (1) Umushinga wa gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange ya buri cyumweru utegurwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ashingiye ku biteganywa muri gahunda y'igihembwe yemejwe n'Inteko Rusange, ikemezwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite. Gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange ya buri cyumweru imenyeshwa Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe, ishyikirizwa Abadepite nibura iminsi itatu mbere y'uko ibiyikubiyemo bisuzumwa n'Inteko Rusange. Icyakora, iyo byihutirwa, iminsi ivugwa muri iki gika ishobora kutubahirizwa.	<u>Article 23: Principle of opening to the public of a plenary sitting</u> The plenary sitting of the Chamber of Deputies is public. <u>Article 24: Plenary sitting held in camera</u> The Plenary Assembly may, at the request of the President of the Republic, the Speaker of the Chamber of Deputies, a quarter of members of the Chamber of Deputies or the Prime Minister, resolve to sit in camera by an absolute majority of votes of Deputies present at the sitting. <u>Article 25: Weekly work agenda of the Plenary Assembly</u> (1) The weekly draft work agenda of the Plenary Assembly is prepared by the Clerk to the Chamber of Deputies based on the agenda for the session adopted by the Plenary Assembly and approved by the Bureau of the Chamber of Deputies. The weekly work agenda of the Plenary Assembly notified to the President of the Republic and the Prime Minister is transmitted to the Deputies at least three days before items placed thereon are considered by the Plenary Assembly. However, the days provided for under this Paragraph may be disregarded in case of urgency.	<u>Article 23: Principe d'ouverture au public de la séance plénière</u> La séance plénière de la Chambre des Députés est publique. <u>Article 24: Séance plénière à huis clos</u> L'Assemblée plénière peut, sur demande du Président de la République, du Président de la Chambre des Députés, d'un quart des membres de la Chambres des Députés ou du Premier Ministre, décider, à la majorité absolue des voix des députés présents en séance, de tenir sa séance à huis clos. <u>Article 25: Calendrier hebdomadaire des travaux de l'Assemblée plénière</u> (1) Le projet de calendrier hebdomadaire des travaux de l'Assemblée plénière est préparé par le Secrétaire général de la Chambre des Députés sur base du calendrier de la session adopté par l'Assemblée plénière et approuvé par le Bureau de la Chambre des Députés. Le calendrier hebdomadaire des travaux de l'Assemblée plénière notifié au Président de la République et au Premier Ministre est transmis aux députés au moins trois jours avant l'examen par l'Assemblée plénière des points qui y sont inscrits. Toutefois, les jours visés au présent paragraphe peuvent ne pas être considérés en cas d'urgence.
--	---	--

(2) Gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange ya buri cyumweru itangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 26:</u> Igihe inyandiko zisuzumwa mu Nteko Rusange zishyikirizwa Abadepite Inyandiko zikubiyemo ibisuzumwa n'Inteko Rusange zishyikirizwa Abadepite nibura iminsi irindwi mbere y'uko Inteko Rusange ibisuzuma. Icyakora, iyo ibisuzumwa byasabiwe ubwihutirwe, iminsi ivugwa muri iyi ngingo ntiyubahirizwa. <u>Ingingo ya 27:</u> Kumenyesha gahunda y'inama y'Inteko Rusange itaha Iyo inama y'Inteko Rusange imaze gusuzuma no gufata umwanzuro ku byari biteganyijwe ku murongo w'ibygwa, uyiyo boye ashobora kumenyesha umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibygwa by'inama y'Inteko Rusange itaha. Iyo gahunda itangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 28:</u> Gusubika inama y'Inteko Rusange Igihe habaye impamvu ituma inama y'Inteko Rusange yari iteganyijwe isubikwa, Perezida w'Umutwe w'Abadepite abimenyesha,	(2) The weekly work agenda of the Plenary Assembly is announced on the website of the Chamber of Deputies. <u>Article 26:</u> Deadline for transmission to Deputies of documents to be considered by the Plenary Assembly Documents containing items to be considered by the Plenary Assembly are transmitted to the Deputies at least seven days before consideration thereof by the Plenary Assembly. However, in the case of a request for expedited consideration of the items to be considered, account is not taken of the number of days provided for under this Article. <u>Article 27:</u> Communication of the agenda of the next plenary sitting After consideration by the plenary sitting of the items on the agenda and after decision thereon by the plenary sitting, the chair of the sitting may announce the day, time and items on the agenda for the next plenary sitting. The agenda is announced on the website of the Chamber of Deputies. <u>Article 28:</u> Postponement of the plenary sitting In case of occurrence of a circumstance that warrants the postponement of the originally scheduled plenary sitting, the Speaker of the	(2) Le calendrier hebdomadaire des travaux de l'Assemblée plénière est annoncé sur le site web de la Chambre des Députés. <u>Article 26:</u> Délai de transmission aux députés des documents devant être examinés par l'Assemblée plénière Les documents contenant les points devant être examinés par l'Assemblée plénière sont transmis aux députés au moins sept jours avant leur examen par l'Assemblée plénière. Toutefois, en cas d'une demande de procédure accélérée des points à examiner, il n'est pas tenu compte du nombre de jours visé au présent article. <u>Article 27:</u> Communication de l'ordre du jour de la prochaine séance plénière Après examen par la séance plénière des points inscrits à l'ordre du jour et après sa décision sur ces derniers, le président de séance peut annoncer le jour, l'heure et les points à l'ordre du jour pour la prochaine séance plénière. Cet ordre du jour est annoncé sur le site web de la Chambre des Députés. <u>Article 28:</u> Report de la séance plénière En cas de survenance d'une circonstance justifiant le report d'une séance plénière initialement prévue, le Président de la Chambre
--	---	--

hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bushoboka, Abadepite n'inzego zimenyeshwa gahunda y'Inteko Rusange. <u>Ingingo ya 29:</u> Urutonde n'umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inteko Rusange iterane (1) Muri buri nama y'Inteko Rusange, hateganywa urutonde rw'Abadepite rugaragaza abayitabiriye. Mbere y'uko inama itangira, uyoboye inama y'Inteko Rusange atangaza umubare w'Abadepite bahari. (2) Hakorwa kandi urutonde rw'Abadepite bakererewe kwitabira inama y'Inteko Rusange. (3) Kugira ngo inama y'Inteko Rusange iterane ku buryo bwemewe n'amategako hagomba kuba hari nibura bitatu bya gatanu by'abagize Umutwe w'Abadepite. Iyo uwo mubare utabonetse, uyoboye inama y'Inteko Rusange agaragaza ko inama idashobora guterana akayisubika. <u>Ingingo ya 30:</u> Amahame agenga kuyobora inama y'Inteko Rusange (1) Uyoboye inama y'Inteko Rusange atanga ijambo, ahuza imitangire y'ibitekerezo,	Chamber of Deputies uses possible means of communication to inform thereof the deputies and the organs notified of the agenda of the Plenary Assembly. <u>Article 29:</u> List and quorum for the plenary sitting (1) For each plenary sitting, an attendance list of Deputies is prepared. The chair of the plenary sitting announces the number of Deputies in attendance before the opening of the sitting. (2) Also, a list is made that includes the names of Deputies having been late for the plenary sitting. (3) The plenary sitting is validly held only if at least three-fifths of the members of the Chamber of Deputies are present. If this quorum is not met, the chair of the plenary sitting declares that it is impossible to hold the sitting and adjourns it. <u>Article 30:</u> Principles governing the chairing of the plenary sitting (1) The plenary sitting chair gives the floor, coordinates the sharing of opinions,	des Députés en informe les députés et les organes notifiés de l'ordre du jour de la séance plénière à l'aide des moyens de communication possibles. <u>Article 29:</u> Liste et quorum pour la séance plénière (1) Pour chaque séance plénière, il est prévu une liste des présences des députés. Avant l'ouverture de la séance, le président de séance plénière communique le nombre de députés présents. (2) Il est également dressé une liste des députés arrivés en retard à la séance plénière. (3) La séance plénière ne se tient valablement que lorsqu'au moins trois cinquièmes des membres de la Chambre des Députés sont présents. Lorsque ce quorum n'est pas atteint, le président de séance plénière déclare l'impossibilité de tenue de la séance et l'ajourne. <u>Article 30:</u> Principes régissant la présidence de la séance plénière (1) Le président de séance plénière accorde la parole, coordonne l'échange d'opinions,
--	---	--

yerekana aho impaka zigeze ku ngingo isuzumwa, agarura ku murongo utandukira.	indicates the stage of debates on an item under consideration and calls to order a person who departs from the subject.	indique l'étape à laquelle se trouvent les débats sur le point sous examen et rappelle à l'ordre celui qui s'écarte du sujet.
(2) Mu gihe cy'impaka, nta na rimwe uyoboye inama y'Inteko Rusange agaragaza uruhande abogamiyemo.	(2) The plenary sitting chair remains neutral at all times throughout the debate.	(2) Le président de la séance plénière reste neutre tout au long des débats.
(3) Uyoboye inama y'Inteko Rusange agarura ku murongo ushaka guhatira Inteko Rusange kwemera cyangwa guhakana igitekerezo cyatanze mu buryo ubwo ari bwo bwose bugamije kubuza Inteko Rusange gufata icyemezo.	(3) The plenary sitting chair calls to order a person who, by using any means to prevent the Plenary Assembly from making a decision, seeks to put pressure on the Plenary Assembly to accept or reject an opinion expressed.	(3) Le président de la séance plénière rappelle à l'ordre celui qui, par tout moyen visant à empêcher l'Assemblée plénière de prendre une décision, cherche à exercer la pression sur l'Assemblée plénière pour qu'elle accepte ou rejette une opinion émise.
(4) Visi-Perezida w'Umutwe w'Abadepite agira inama uyoboye inama y'Inteko Rusange amwibutsa amategeko n'ikindi cyose cyamwisobye hagamijwe imigendekere myiza y'inama y'Inteko Rusange.	(4) The Deputy Speaker of the Chamber of Deputies provides advice to the plenary sitting chair by reminding him or her of the rules and of anything else having escaped his or her notice for the smooth running of the plenary sitting.	(4) Le Vice-président de la Chambre des Députés donne des conseils au président de séance plénière en lui rappelant des règles et tout autre élément ayant échappé à son attention, et ce, pour le bon déroulement de la séance plénière.
(5) Mu gihe inama y'Inteko Rusange yateranye, hagomba kuba hari nibura babiri mu bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite.	(5) At the plenary sitting, the presence of at least two members of the Bureau of the Chamber of Deputies is required.	(5) Lors de la séance plénière, la présence d'au moins deux membres du Bureau de la Chambre des Députés est requise.
(6) Mu gihe Inteko Rusange isuzuma umushinga w'itegeko watangijwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa n'umwe mu ba Visi Perezida, inama iyoborwa n'utawutangije.	(6) When the Plenary sitting considers a private member's bill initiated by the Speaker of the Chamber of Deputies or by either Deputy Speaker, the sitting is chaired by the one having not initiated such a bill.	(6) Lorsque la séance plénière examine une proposition de loi ayant été initiée par le Président de la Chambre des Députés ou par l'un des Vice-présidents, la séance est présidée par celui qui n'a pas initié cette proposition de loi.

(7) Mu gihe Inteko Rusange isuzuma ikibazo kireba Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa umwe mu ba Visi Perezida ku giti cyabo, inama iyoborwa n'utabwira n'ikibazo. Icyo gihe urebwa n'ikibazo yicara mu cyicaro cyamugenewe nk'Umudepite.	(7) When the Plenary sitting deliberates on a matter which concerns the Speaker of the Chamber of Deputies or either Deputy Speaker personally, the sitting is chaired by the one who is not concerned by the matter. In such a case, the one concerned by the matter sits in the seat reserved for him or her in his or her capacity as a deputy.	(7) Lorsque l'Assemblée plénière délibère sur une question qui concerne personnellement le Président de la Chambre des Députés ou l'un des Vice-présidents, la séance est présidée par celui qui n'est pas concerné par cette question. Dans ce cas, celui qui est concerné regagne le siège qui lui est réservé en tant que député.
<u>Ingingo ya 31:</u> Inyandiko ivunaguye n'inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange	<u>Article 31:</u> Minutes and Hansard transcripts for plenary sittings	<u>Article 31:</u> Compte rendu et procès-verbal des séances plénières
(1) Inama y'Inteko Rusange ikorerwa inyandiko ivunaguye n'inyandikomvugo, iza nyandiko ntizisomerwa mu Nteko Rusange.	(1) The plenary sittings is subject to the preparation of minutes and Hansard transcripts, and such documents are not read in the plenary sittings.	(1) La séance plénière fait l'objet d'un compte rendu et d'un procès-verbal dont lecture ne se fait pas en séance plénière.
(2) Inyandiko ivunaguye yemezwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite. Inyandikomvugo yemezwa n'Inteko Rusange.	(2) The minutes are approved by the Bureau of the Chamber of Deputies. The Hansard transcript is adopted by the Plenary Assembly.	(2) Le compte rendu est approuvé par le Bureau de la Chambre des Députés. Le procès-verbal est adopté par l'Assemblée plénière.
(3) Inteko Rusange yemeza inyandikomvugo y'igihembwe gisanzwe mu gihembwe gisanzwe gikurikira icyo inama ireba iyo nyandikomvugo yabayemo.	(3) The Plenary sitting adopts the Hansard transcript of the ordinary session in the ordinary session immediately following the session in which the sitting to which such a Hansard relates was held.	(3) La séance plénière adopte le compte rendu de la session ordinaire lors de la session ordinaire qui suit immédiatement celle au cours de laquelle s'est tenue la séance à laquelle ce compte rendu se rapporte.
(4) Inyandikomvugo y'inama y'Inteko Rusange y'igihembwe kidasanzwe yemezwa mu gihembwe gisanzwe gikurikira.	(4) A Hansard transcript of the plenary sitting of the extraordinary session is adopted in the next ordinary session.	(4) Le procès-verbal de la séance plénière de la session extraordinaire est adopté lors de la session ordinaire suivante.

(5) Umudepite wifuza kugira icyo akosora mu nyandikomvugo abishyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu nyandiko, akagera kopi Abadepite bese. (6) Iyo inama y'Inteko Rusange yabereye mu muhezo, inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zazo zikorwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ari na we uzibika. Inteko Rusange ifata umwanzuro ku itangazwa ryazo. (7) Impaka zibera mu Nteko Rusange zifatwa amajwi hakoreshejwe ibyuma byabugenewe agakoreshwa mu kwandika inyandikomvugo. Amajwi n'amashusho by'inama y'Inteko Rusange yabereye mu ruhamu abikwa mu ishyinguranyandiko y'Inteko Ishinga Amategeko n'iy'urundi rwego rubifitiye ububasha.	(5) A Deputy who wishes to make a correction to a Hansard transcript submits such a correction in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies with a copy to all the Deputies. (6) When the plenary sitting is held in camera, its minutes and Hansard transcripts are written by the Clerk to the Chamber of Deputies, who also serves as a custodian thereof. The Plenary Assembly makes a decision as to the publication thereof. (7) Debates held in the plenary sitting are recorded, using appropriate equipment and recordings made are used for the production of Hansard transcripts. Audio and video recordings of a public plenary sitting are kept in the archives of Parliament and archives of such other relevant organ.	(5) Un député qui souhaite apporter une correction à un procès-verbal présente cette correction par écrit au Président de la Chambre des Députés et en donne copie à tous les députés. (6) Lorsque la séance plénière se tient à huis clos, ses comptes rendus et procès-verbaux sont rédigés par le Secrétaire général de la Chambre des Députés qui en est également le dépositaire. La décision de leur publication appartient à l'Assemblée plénière. (7) Les débats en séance plénière sont enregistrés à l'aide des équipements appropriés et de tels enregistrements sont utilisés dans la transcription des procès-verbaux. Les enregistrements audio et vidéo de la séance plénière publique sont conservés dans les archives du Parlement et celles d'un organe compétant.
<u>Ingingo ya 32: Gushyira umukono ku nyandiko ivunaguye no ku nyandikomvugo</u> Inyandiko ivunaguye n'inyandikomvugo by'inama y'Inteko Rusange bishyirwaho umukono n'uwayoboye inama n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite.	<u>Article 32: Signing of minutes and Hansard transcripts</u> The minutes and Hansard transcript of the plenary sitting are signed jointly by the chair of the plenary sitting and the Clerk to the Chamber of Deputies.	<u>Article 32: Signature du compte rendu et du procès-verbal</u> Le compte rendu et le procès-verbal de la séance plénière sont cosignés par le président de séance et le Secrétaire général de la Chambre des Députés.

<u>Ingingo ya 33:</u> Itangazwa ry'inyandikomvugo n'inyandiko ivunaguye Inyandikomvugo n'inyandiko ivunaguye by'inama y'Inteko Rusange zishyirwa mu nzu y'ibitabo y'Umutwe w'Abadepite, uretse inyandikomvugo n'inyandiko ivunaguye by'inama y'Inteko Rusange yabereye mu muhezo. <u>Ingingo ya 34:</u> Igitabo kigaragaza ibyasuzumwe mu nama y'Inteko Rusange Umutwe w'Abadepite ugira igitabo cyandikwamo ingingo zasuzumwe muri buri nama y'Inteko Rusange. Icyo gitabo cyandikwamo kandi imyanzuro yafashwe kuri buri ngingo. <u>Ingingo ya 35:</u> Gufata ijamba mu Nteko Rusange (1) Umudepite wifuza gufata ijamba mu Nteko Rusange arisaba hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenga. (2) Umudepite ntashobora gufata ijamba atarihawe n'uyoboye inama y'Inteko Rusange hakurikijwe urutonde yatangaje.	<u>Article 33:</u> Publication of Hansard transcript and minutes With the exception of the Hansard transcript and minutes for the plenary sitting held behind closed doors, the Hansard transcript and minutes are kept in the library of the Chamber of Deputies. <u>Article 34:</u> Register of items considered in the plenary sitting The Chamber of Deputies has a register in which items considered in each plenary sitting are entered. In this same register, are equally entered resolutions adopted on each item. <u>Article 35:</u> Taking the floor in the plenary sitting (1) Any Deputy who wishes to take the floor in the plenary sitting shall make a request in accordance with the provisions of this Organic Law. (2) No Deputy can take the floor without being given it by the chair of the plenary sitting on the basis of the list disclosed by the chair.	<u>Article 33:</u> Publication du procès-verbal et du compte-rendu Le procès-verbal et le compte-rendu de la séance plénière, à l'exception de ceux d'une séance plénière tenue à huis clos, sont conservés à la bibliothèque de la Chambre des Députés. <u>Article 34:</u> Registre de points examinés en séance plénière La Chambre des députés dispose d'un registre dans lequel sont inscrits les points examinés lors de chaque séance plénière. Dans ce même registre sont également inscrites les résolutions adoptées sur chaque point. <u>Article 35:</u> Prise de parole en séance plénière (1) Un député qui souhaite prendre la parole en séance plénière en fait une demande conformément aux dispositions de la présente loi organique. (2) Aucun député ne peut prendre la parole sans qu'elle lui ait été accordée par le président de la séance plénière en fonction de la liste communiquée par ce dernier.
--	---	---

(3) Ufashe ijambo wese nta wundi ashobora kubwira, uretse uyoboye inama y'Inteko Rusange. (4) Umudepite ufite ubumuga yoroherezwa uburyo bumufasha kugeza ku Nteko Rusange igitekerezo cye. (5) Ugize Guverinoma, Perezida na Visi Perezida ba Komisiyo yagejeje raporo ku Nteko Rusange, Umudepite watangije umushinga w'itegeko, Umudepite urebwa n'ikibazo gisuzumwa n'uwagejeje raporo y'urwego ruteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko ku Nteko Rusange, bahabwa ijambo igihe cyose barisabye.	(3) Whoever takes the floor solely addresses the chair of the plenary sitting. (4) A deputy with disabilities is granted facilities enabling him or her to address the Plenary Assembly. (5) A Cabinet member, chairperson and deputy chairperson of the Committee having presented a report to the plenary sitting, a Deputy having introduced a private member's bill, a deputy having a personal interest in the issue under consideration as well as the person having presented before the Plenary sitting a report of an organ provided under the Constitution or other Laws are given the floor whenever they ask for it.	(3) Quiconque prend la parole ne peut s'adresser qu'au président de la séance plénière. (4) Un député en situation de handicap bénéficie de facilités lui permettant de s'exprimer devant l'assemblée plénière. (5) Un membre du Gouvernement, un président et un vice-président de la commission ayant présenté un rapport à l'Assemblée plénière, un député ayant introduit une proposition de loi, un député personnellement concerné par une question sous examen ainsi qu'une personne ayant présenté à l'Assemblée plénière le rapport d'un organe prévu par la Constitution ou d'autres lois se voient accorder la parole chaque fois qu'ils le demandent.
<u>Ingingo ya 36:</u> Uburenganzira bwo kwiandikisha ku rutonde rwa mbere, urwa kabiri cyangwa urwa gatatu Umudepite wifuza gufata ijambo ku ngingo iri ku murongo w'ibygwa yiyandikisha ku rutonde rwa mbere, urwa kabiri cyangwa urwa gatatu. <u>Ingingo ya 37:</u> Kwiandikisha ku rutonde rwa mbere (1) Kwiandikisha ku rutonde rwa mbere bisabwa n'Umudepite mu nyandiko	<u>Article 36:</u> Right to register on the first, second or third list A Deputy who wishes to speak on an item on the agenda registers on the first, second or third list. <u>Article 37:</u> Registration on the first list (1) Registration on the first list is done by a way of a written request made by a	<u>Article 36:</u> Droit de se faire inscrire sur la première, deuxième ou troisième liste Un député qui souhaite intervenir sur un point inscrit à l'ordre du jour se fait inscrire sur la première, deuxième ou troisième liste. <u>Article 37:</u> Inscription sur la première liste (1) L'inscription sur la première liste se fait par une demande écrite soumise par un député au

ishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite nibura amasaha atanu mbere y'uko Inteko Rusange iterana. Icyo gihe gishobora kutubahirizwa iyo ari Inteko Rusange yateranye mu buryo bwihutirwa.	Deputy and submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies at least five hours before the plenary sitting. This time limit may be waived in the case of a plenary sitting held as a matter of urgency.	Président de la Chambre des Députés au moins cinq heures avant la tenue de la séance plénière. Il peut être dérogé à ce délai dans le cas d'une séance plénière tenue d'urgence.
(2) Biro y'Umutwe w'Abadepite ikora urutonde rw'uko abiyandikishije ku rutonde rwa mbere bakurikirana mu gufata ijamba n'ingingo buri wese wiyandikishije ari buvugaho. Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha mu nyandiko urwo rutonde Abadepite bose mbere yuko Inteko Rusange iterana.	(2) The Bureau of the Chamber of Deputies prepares a list indicating the speaking order of those registered on the first list and an item each of them is expected to speak on. The Speaker of the Chamber of Deputies communicates such a list in writing to all Deputies before the plenary sitting.	(2) Le Bureau de la Chambre des Députés dresse une liste indiquant l'ordre de prise de parole de ceux qui sont inscrits sur la première liste ainsi que le point sur lequel va porter l'intervention de chacun d'entre eux. Le Président de la Chambre des Députés communique par écrit à tous les députés cette liste avant la tenue de la séance plénière.
(3) Umudepite uhawe ijamba ku rutonde rwa mbere ahabwa igihe ntarengwa cy'iminota icumi.	(3) The Deputy who takes the floor on the first list is allotted a speaking time of not more than ten minutes.	(3) Un député qui prend la parole sur la première liste se voit accordé un temps de parole de dix minutes au maximum.
<u>Ingingo ya 38: Kwiandikisha ku rutonde rwa kabiri</u>	<u>Article 38: Registration on the second list</u>	<u>Article 38: Inscription sur la deuxième liste</u>
(1) Kwiandikisha ku rutonde rwa kabiri hifashishwa uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijamba cyangwa mu gutora kandi bikorwa uwagejeje ingingo iri ku murongo w'ibyigwa mu Nteko Rusange amaze gusubiza Umudepite wiyandikishije ku rutonde rwa mbere cyangwa iyo nta warwiyandikishijeho mu gihe amategako ateganyako ko iryo jambo rishobora	(1) Registration on the second list is done electronically using the same system used for requesting the floor or for voting and is done after the person who tabled an item of the agenda to the Plenary sitting has responded to the deputy registered on the first list or when no deputy is registered on the first list in the event that the laws allow for debate on the matter.	(1) L'inscription sur la deuxième liste se fait par voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote et se fait après que la personne ayant présenté à l'Assemblée plénière un point à l'ordre du jour a répondu au député inscrit sur la première liste ou lorsqu'aucun député n'y est inscrit, au cas où la loi prévoit de débattre sur ce sujet.

kugibwaho impaka. (2) Uyoboye inama y'Inteko Rusange atangariza abitabiriye Inteko Rusange amazina y'abiyandikishije ku rutonde rwa kabiri mbere yo gutanga ijamba kandi buri wese wiyandikishije agahabwa igihe ntarengwa cy'iminota ine. (3) Mu gihe cyo kwiandikisha ku rutonde rwa kabiri, iyo uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijamba budakora, Umudepite usaba ijamba ashyira ukuboko hejuru mbere y'uko uyoboye inama y'Inteko Rusange atangira gutanga ijamba. Iyo afite ubumuga cyangwa uburwayi butuma atabasha gushyira ukuboko hejuru akoresha uburyo bumworoheye. <u>Ingingo ya 39: Kwiandikisha ku rutonde rwa gatatu</u> Nyuma y'uko Abadepite bo ku rutonde rwa kabiri bamaze gusubizwa, Umudepite utasubijwe cyangwa uwacikanywe ku rutonde rwa kabiri, ashobora kwiandikisha ku rutonde rwa gatatu, bigakorwa mbere y'amatora cyangwa mbere y'uko icyemezo gifatwa. Igihe ntarengwa uwahawe ijamba ku rutonde rwa gatatu akoresha ni iminota itatu.	(2) The Chair of the plenary sitting communicates to the members present the names of those registered on the second list before the floor is given and each of those registered is given a maximum of four minutes to speak. (3) Where the electronic system used for requesting the floor is not working properly at the time of registration on the second list, any Deputy requesting the floor raises their hand before the chair of the plenary sitting starts giving the floor. Where he or she has a disability or other illness preventing him or her from raising his or her hand, he or she uses another method that is comfortable for him or her. <u>Article 39: Registration on the third list</u> After replying to the questions from Deputies appearing on the second list, a Deputy whose question remained unanswered or who missed out the second speaking round may register on the third list, before any vote or any resolution to be made. The speaking time allotted for those appearing on the third list does not exceed three minutes.	(2) Le président de la séance plénière communique aux membres présents les noms de ceux qui sont inscrits sur la deuxième liste avant que la parole ne soit accordée et chacun d'eux dispose de quatre minutes au maximum pour s'exprimer. (3) Lorsque la voie électronique utilisée lors de la demande de parole ne fonctionne pas correctement au moment de l'inscription sur la deuxième liste, un député demande la parole en levant la main avant que le président de la séance plénière ne commence à accorder la parole. Lorsqu'il a un handicap ou toute autre maladie l'empêchant de lever la main, il utilise un autre moyen qui lui est confortable. <u>Article 39: Inscription sur la troisième liste</u> Après avoir donné des réponses aux députés inscrits sur la deuxième liste, le député dont la question n'a pas été répondue ou qui n'a pas pu prendre la parole sur la deuxième liste peut se faire inscrire sur la troisième liste, avant le vote ou avant toute résolution à prendre. Le temps de parole pour la troisième liste est limité à trois minutes au maximum.
--	---	---

<u>Ingingo ya 40:</u> Kwibutsa ikibazo mu Nteko Rusange (1) Mu gihe cyo gutanga ibisubizo mu magambo cyangwa gutanga igisubizo ku kibazo kigezweho, Umudepite watanze ikibazo cyangwa Perezida wa Komisiyo yatanze ikibazo ahabwa ijamba mu Nteko Rusange kugira ngo yibutse ikibazo ugize Guverinoma yasabwe gutangaho ibisobanuro. (2) Mu gihe ikibazo kibazwa ugize Guverinoma gikomoka kuri raporo y'ingendo rusange z'Abadepite, Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ufite mu nshingano kugenzura ibikorwa bya Guverinoma cyangwa undi wabihereye ububasha na Biro y'Umutwe w'Abadepite ni we ucyibutsa.	<u>Article 40:</u> Reminding a question in the Plenary Sitting (1) During oral answers or giving an answer to a topical question, the Deputy who asked the question or the Chairperson of the Committee where the question is from, is given the floor in the Plenary sitting to remind the question having been asked to the Member of Cabinet before the latter starts to answer. (2) In the event that a question asked to the Cabinet Member is related to the report of the general field visits of the Deputies, the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of control over Government activities or such other deputy authorized by the Bureau of the Chamber of Deputies is the one to remind the question.	<u>Article 40:</u> Rappel d'une question dans la séance plénière (1) Lors des réponses orales ou de la réponse à une question d'actualité, le député qui a posé la question ou le président de la commission dont émane la question, se voit accorder la parole dans la séance plénière pour rappeler la question posée au membre du gouvernement avant que ce dernier ne commence à répondre. (2) Dans le cas où une question posée au membre du gouvernement est liée au rapport des descentes sur le terrain de tous les députés, le rappel de la question revient au Vice-président de la Chambre des Députés chargé du contrôle de l'action gouvernementale ou à tout autre député autorisé par le Bureau de la Chambre des Députés.
<u>Ingingo ya 41:</u> Umwanya uvugirwamo mu Nteko Rusange (1) Umudepite wiyandikishije ku rutonde rwa mbere, urwa kabiri cyangwa urwa gatatu kimwe n'uwasabye mosiyo bavugira mu myanya yabo. (2) Abandi bageza ijamba ku Nteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite bavugira mu mwanya wabugenewe.	<u>Article 41:</u> Place from which the floor is taken in the Plenary sitting (1) A Deputy who is registered on the first list, second list or the third list as well as the one who moved a motion take the floor being in their regular seats. (2) Other speakers addressing the Plenary sitting of the Chamber of Deputies speak from the platform provided for that purpose.	<u>Article 41:</u> Lieu de prise de parole dans la séance plénière (1) Le député inscrit sur la première liste, la deuxième liste ou la troisième liste ainsi que celui qui propose une motion, s'expriment depuis leurs sièges ordinaires. (2) Les autres intervenants à l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés s'expriment à la tribune prévue à cet effet.

<u>Ingingo ya 42: Ibibujijwe Umudepite mu Nteko Rusange</u> Mu gihe cy'inama y'Inteko Rusange, birabujijwe gusarikana, gushyogozanya, gusahinda, kubuza ituze cyangwa kurogoyana. <u>Ingingo ya 43: Kugarura ku murongo Umudepite utandukiriye</u> (1) Iyo Umudepite uhawe ijamba atandukiriye cyangwa asubiye mu byavuzwe, uyoboye inama y'Inteko Rusange aramuhagarika kandi ni we wenyine ufite ububasha bwo kumugarura ku murongo w'ibyigwa. (2) Iyo Umudepite wahawe ijamba amaze kwibutswa inshuro ebyiri akagumya gutandukira cyangwa gusubira mu byavuzwe, uyoboye inama y'Inteko Rusange amwaka ijamba ku ngingo isuzumwa. (3) Nta Mudepite ushobora guca undi mu ijamba, keretse uyoboye inama y'Inteko Rusange yibutsa itegeko.	<u>Article 42: Prohibited conduct for a Deputy at the plenary sitting</u> While in the plenary sitting, it is prohibited to use offensive or provocative language, cause disturbances, disrupt order or interrupt a speaker. <u>Article 43: Calling to order a Deputy digressing from the matter under discussion</u> (1) If a Deputy who takes the floor departs from the subject or repeats what has already been said, the chair of the plenary sitting interrupts him or her and is solely entitled to bring him or her back to the matter under discussion. (2) If a Deputy having the floor is called to order twice but persists in digressing or repeating what has already been said, the person presiding over the plenary sitting cuts him or her off for the duration of the Plenary sitting's debates on the matter. (3) No Deputy may interrupt another Deputy, unless the chair of the plenary sitting is raising a point of order.	<u>Article 42: Agissement interdit à un député en séance plénière</u> Lors de la séance plénière, il est interdit de tenir des propos blessants, provocants, de causer des perturbations, de troubler l'ordre ou d'interrompre un orateur. <u>Article 43: Rappel à l'ordre d'un député qui s'écarte du sujet sous examen</u> (1) Si un député qui prend la parole s'écarte du sujet ou répète ce qui a été déjà dit, le président de la séance plénière l'interrompt et est seul habilité à le ramener au sujet sous examen. (2) Si après un deuxième rappel à l'ordre, le même député continue à s'écarter du sujet ou à répéter ce qui a été déjà dit, le président de la séance plénière lui retire la parole pour la durée des débats de l'Assemblée plénière sur ce sujet. (3) Aucun député ne peut interrompre un autre député, sauf si le président de la séance plénière fait un rappel au règlement.
--	--	---

<u>Ingingo ya 44: Impamvu zo gusaba mosiyo n'uburyo bukoreshwa mu kuyisaba</u>	<u>Article 44: Reasons and modes for moving a motion</u>	<u>Article 44: Motifs et mode de proposition d'une motion</u>
(1) Umudepite ubisabye, ahabwa mosiyo itarengeje iminota ibiri kugira ngo: (a) yibutse itegeko; (b) asubize icyo bamuvuzeho; (c) yibutse ko ikibazo yabajije kitasubijwe; (d) asabe ko impaka zihagarara; (e) asabe ko Inteko Rusange ihagarika imirimo gato; (f) asabe ko imirimo y'Inteko Rusange isubikwa; (g) asabe ko amatora asubirwamo. (2) Ubusabe buvugwa mu gika cya (1)(d)(e)(f)(g) cy'iyi ngingo bwemezwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 133 y'iri tegeko ngenga. (3) Umudepite wasabye mosiyo buri gihe ayihabwa mbere y'undi Mudepite wasabye	(1) A Deputy who asks to move a motion is given a maximum speaking time of two minutes with respect to: (a) raising a point of order; (b) reacting to what has been said about him or her; (c) reminding that no answer has yet been given to his or her question; (d) moving the closure of debates; (e) moving a short suspension of the proceedings of the Plenary sitting; (f) moving the adjournment of the proceedings of the Plenary sitting; (g) moving the voting be repeated. (2) The requests referred to in Paragraph (1)(d)(e)(f)(g) of this Article are approved by the Plenary Assembly in accordance with the provisions of Article 133 of this Organic Law. (3) A Deputy's request for moving a motion always takes precedence over all other	(1) Un député qui propose une motion se voit accordé le temps de parole de deux minutes au maximum pour: (a) faire un rappel au règlement; (b) réagir à ce qui a été dit à son propos; (c) rappeler qu'aucune réponse n'a été donnée à sa question; (d) demander la clôture des débats; (e) demander une brève suspension des travaux de l'Assemblée plénière; (f) demander l'ajournement des travaux de l'Assemblée plénière; (g) demander que le vote soit repris. (2) Les demandes visées au paragraphe (1)(d)(e)(f)(g) du présent article sont approuvées par l'Assemblée plénière conformément aux dispositions de l'article 133 de la présente loi organique. (3) La demande de motion par un député a toujours priorité sur toute autre demande de

ijambo. (4) icyakora, mosiyo ntisabwa mu gihe: (a) Umudepite wahawe ijambo akirifite; (b) gutora binyuze mu majwi byatangiye. (5) Usaba mosiyo akoresha uburyo bukoreshwa mu gusaba ijambo mu Nteko Rusange cyangwa azamurira ikiganza agatambika ikindi kiganza hejuru yacyo. Iyo afite ubumuga cyangwa indi mpamvu itabimushoboye abigaragaza mu bundi buryo bumworoheye. <u>Ingingo ya 45: Gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa kuri gahunda y'Inteko Rusange</u> (1) Umudepite ufite ikibazo cyihutirwa gifite ingaruka iziguye cyangwa itaziguye ku nyungu rusange z'Igihugu ashobora gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa. (2) Ubusabe bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite hasigaye nibura amasaha atanu mbere y'uko inama y'Inteko Rusange	requests to speak. (4) However, no motion is moved where: (a) a Deputy having been given the floor is speaking; (b) the voting has started. (5) The mover of the motion does so via the mode of requesting the floor in the Plenary sitting or he or she raises his or her open hand in horizontal position, palm facing downwards perpendicularly to the other hand open and held in vertical position. In case of disability or any other reason whatsoever, he or she uses any other possible means. <u>Article 45: Proposal of amendment to the agenda of the Plenary Assembly</u> (1) A Deputy with an urgent issue having a direct or indirect impact on the national interest may propose an amendment to the agenda. (2) The proposal is addressed in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies at least five hours before the plenary sitting is held. Such a period may not apply for a plenary	parole. (4) Toutefois, aucune motion n'est proposée lorsque: (a) un député à qui est accordé la parole est en train de parler; (b) la mise au vote a commencé. (5) L'auteur de la motion utilise les moyens de demande de parole utilisés en séance plénière ou lève sa main ouverte tenue horizontalement, la paume vers le bas, perpendiculairement à l'autre main ouverte et tenue en position verticale. En cas d'invalidité ou pour tout autre motif, il utilise tout autre moyen possible. <u>Article 45: Proposition de modification à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière</u> (1) Un député qui a une question d'urgence ayant un impact direct ou indirect sur l'intérêt national peut proposer une modification à l'ordre du jour. (2) La proposition est adressée par écrit au Président de la Chambre des Députés au moins cinq heures avant la tenue de la séance plénière. Ce délai peut ne pas
---	--	--

iterana. Icyo gihe gishobora kutubahirizwa iyo ari Inteko Rusange yateranye mu buryo bwihutirwa. (3) Biro y'Umutwe w'Abadepite ikora urutonde rw'abasabye guhindura ibiri ku murongo w'ibygwa kuri gahunda y'Inteko Rusange, uko bakurikirana mu guhabwa ijamba iyo barenze umwe n'ingingo buri wese ari buvugeho. Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha urwo rutonde Abadepite bose mbere y'uko Inteko Rusange iterana. (4) Umudepite wasabye guhindura ibiri ku murongo w'ibygwa kuri gahunda y'Inteko Rusange ahabwa umwanya mbere y'uko Inteko Rusange itangira gusuzuma ibiri ku murongo w'ibygwa, akagenerwa igihe ntarengwa cy'iminota icumi. (5) icyemezo cy'uko icyo kibazo gifite ishingiro gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bitabiriye inama y'Inteko Rusange. (6) Iyo Inteko Rusange isanze ikibazo igejejweho gifite ishingiro ariko kitihutirwa, hemezwa ko kizasuzumwa ikindi gihe cyangwa kizabanza gusuzumirwa muri Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano.	sitting held in urgency. (3) The Bureau of the Chamber of Deputies draws up the list of those who proposed amendment to the agenda of the Plenary Assembly, in terms of their speaking order in case they are more than one and their respective talking points. The Speaker of the Chamber of Deputies communicates such a list to all Deputies before the Plenary Assembly meets. (4) A Deputy who proposed an amendment to the agenda of the Plenary Assembly is given the floor before the Plenary Assembly starts to consider the items on the agenda and is given ten minutes maximum to speak. (5) The decision on the merits of such proposal is taken by an absolute majority of Deputies attending the plenary sitting. (6) If the Plenary Assembly determines that the proposal is well founded but not urgent, it resolves that the proposal consideration be for a later date or be subjected to prior consideration in the relevant Standing committee.	s'appliquer pour une séance plénière tenue en urgence. (3) Le Bureau de la Chambre des Députés dresse une liste de ceux qui ont proposé une modification à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière suivant l'ordre de prise de parole s'ils sont plusieurs ainsi que leurs sujets d'interventions. Le Président de la Chambre des Députés communique la liste à tous les députés avant la tenue de l'Assemblée plénière. (4) Le député ayant proposé une modification à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière prend la parole avant que l'Assemblée plénière ne commence l'examen des points à l'ordre du jour et il a au maximum dix minutes de parole. (5) La décision sur le bien-fondé d'une telle proposition est prise à la majorité absolue des députés présents à la séance plénière. (6) Lorsque l'Assemblée plénière constate que la question proposée est fondée mais non urgente, elle décide que son examen est renvoyé à une date ultérieure ou qu'elle sera soumise à l'examen préalable par la commission permanente concernée.
---	--	--

<u>Ingingo ya 46:</u> Gusaba guhagarika impaka mu nama y’Inteko Rusange Gusaba guhagarika impaka bishobora gusabwa n’uyoboye inama y’Inteko Rusange iyo abona ko Inteko Rusange yasuzumye ingingo ku buryo buhagije cyangwa bigasabwa n’Umudepite binyuze muri mosiyo bikemezwa n’Inteko Rusange. <u>Ingingo ya 47:</u> Gusubiza abafashe ijamba mu Nteko Rusange (1) Uyoboye inama aha umwanya uwabajijwe agasubiza ibibazo byose yabajijwe. (2) Uwabajijwe agaragaza kandi ibitekerezo bishya n’ubugororangingo yakiriye iyo bihari. <u>Ingingo ya 48:</u> Ijambo umushyitsi w’Igihugu ageza ku bagize Umutwe w’Abadepite (1) Umushyitsi w’Igihugu ashobora kugeza ijamba ku bagize Umutwe w’Abadepite. Inama yo kugezwaho iryo jambo itumizwa na Perezida w’Umutwe w’Abadepite. (2) Biro y’Umutwe w’Abadepite ishobora	<u>Article 46:</u> Proposal for closing the debates in plenary sitting The closing of debates may be proposed by the chair of the plenary sitting when satisfied that the Plenary Assembly has sufficiently considered the issues or by a Deputy who moves a motion for that matter and is subject to approval by the Plenary Assembly. <u>Article 47:</u> Responses provided to speakers at the Plenary Assembly (1) The chair of the sitting gives the floor to the person to whom the questions were directed for him or her to provide answers to all questions asked. (2) The person to whom questions were directed also highlights new ideas and amendment put forward if any. <u>Article 48:</u> Address by an official guest to members of the Chamber of Deputies (1) An official guest may deliver an address to members of the Chamber of Deputies. The sitting for that matter is convened by the Speaker of the Chamber of Deputies. (2) The Bureau of the Chamber of Deputies may	<u>Article 46:</u> Proposition de clôture des débats en séance plénière La clôture des débats peut être proposée par le président de la séance plénière lorsqu’il estime que l’Assemblée plénière a suffisamment examiné des questions ou par un député qui propose une motion à cet effet et est soumise à l’approbation de l’Assemblée plénière. <u>Article 47:</u> Réponses fournies aux orateurs à l’Assemblée plénière (1) Le président de séance donne la parole à la personne à qui les questions ont été posées pour qu’elle réponde à toutes les questions posées. (2) La personne à qui les questions ont été posées souligne également les nouvelles idées et les amendement proposés, le cas échéant. <u>Article 48:</u> Allocution d’un invité officiel aux membres de la Chambre des Députés (1) Un invité officiel peut prononcer une allocution devant les membres de la Chambre des Députés. La séance prévue pour cette allocution est convoquée par le président de la Chambre des Députés. (2) Le Bureau de la Chambre des Députés peut
--	---	--

guhitemo Umudepite ugeza ijamba rigufi rishimira umushyitsi w'Igihugu umaze kugeza ijamba ku bagize Umutwe w'Abadepite. <u>Icyiciro cya 2: Imikorere y'Inama y'Abaperezida</u> <u>Ingingo ya 49: Inshingano z'Inama y'Abaperezida</u> Inama y'Abaperezida ifite inshingano zikurikira: (a) kujya inama ku byagaragajwe na Komite bikwiye kwitabwaho na za Komisiyo; (b) gusuzuma umushinga wa gahunda y'igihembwe gisanzwe cy'Umutwe w'Abadepite wemezwa n'Inteko Rusange; (c) gusuzuma imishinga y'amategeko ikurikira: (i) umushinga w'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga; (ii) umushinga w'itegeko ngenga rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite;	designate a Deputy who addresses a vote of thanks to the official guest who has delivered an address to members of the Chamber of Deputies. <u>Section 2: Functioning of the Conference of Chairpersons</u> <u>Article 49: Responsibilities of the Conference of Chairpersons</u> The Conference of Chairpersons has the following responsibilities: (a) to make consultation on the findings of the Committee that needs be taken into account by the Committees; (b) to consider the draft agenda for the ordinary session of the Chamber of Deputies which is approved by the Plenary Assembly; (c) to consider the following draft laws or private member's bills: (i) the draft revision of the Constitution; (ii) the private member's organic bill determining the functioning of the Chamber of Deputies;	désigner un député qui adresse un mot de remerciement à l'invité officiel qui a prononcé une allocution devant les membres de la Chambre des Députés. <u>Section 2: Fonctionnement de la Conférence des Présidents</u> <u>Article 49: Attributions de la Conférence des Présidents</u> La Conférence des Présidents a les attributions suivantes: (a) faire des concertations sur les conclusions du comité qui doivent être prises en compte par les commissions; (b) examiner le projet d'ordre du jour de la session ordinaire de la Chambre des Députés qui est approuvé par l'Assemblée plénière; (c) examiner les projets ou propositions de loi suivants: (i) le projet de révision de la Constitution; (ii) la proposition de loi organique portant fonctionnement de la Chambre des Députés;
---	--	--

(iii) umushinga w'itegeko ngenga rigena imikorere ya Sena; (iv) umushinga w'itegeko ngenga rigena ibikurikizwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma; (v) undi mushinga w'itegeko wagenwa n'Inteko Rusange; (d) kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite; (e) gushyiraho imirongo migari yerekeye siporo, imikino n'imyidagaduro mu Mutwe w'Abadepite cyangwa ikindi gihuje Abadepite kigamije guteza imbere imibereho myiza hagati yabo; (f) gutanga imirongo ngenderwaho mu gihe cyo gutegura gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'iby'igihe giciriritse; (g) gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite; (h) gusuzuma no gufata icyemezo ku	(iii) the private member's organic bill determining the functioning of the Senate; (iv) the private member's organic bill determining the procedures for parliamentary oversight over Government activities; (v) any other draft law or private member's bill as may be indicated by the Plenary Assembly; (d) to approve the draft budget proposal of the Chamber of Deputies; (e) to provide guidelines concerning sports, games and entertainment in the Chamber of Deputies or any other issue bringing together Deputies in order to improve welfare among themselves; (f) to provide guidelines during the development of the annual action plan and mid-term action plan; (g) to provide opinions on the preparation of the organizational structure of the Chamber of Deputies; (h) to consider and decide on a public	(iii) la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat; (iv) la proposition de loi organique déterminant les procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement; (v) examiner tout autre projet ou proposition de loi que peut indiquer l'Assemblée plénière; (d) approuver l'avant-projet de budget de la Chambre des Députés; (e) donner des directives relatives aux sports, les jeux et loisirs dans la Chambre des Députés ou toute autre question réunissant les députés en vue de l'amélioration de leur bien-être; (f) donner des directives lors de l'élaboration du plan d'action annuel et du plan d'action à moyen terme ; (g) donner des avis sur l'élaboration du cadre organique de la Chambre des Députés; (h) examiner et statuer sur une pétition
---	--	---

cyifuzo cy'umuturage cy'inyungu rusange kigezwa ku Mutwe w'Abadepite; (i) kwemeza icyateza imbere imikoranire y'Abadepite n'abakozi b'Umutwe w'Abadepite; (j) gusuzuma indi ngingo yakwemezwa n'Inteko Rusange. <u>Ingingo ya 50: Iterana ry'Inama y'Abaperezida</u> (1) Inama y'Abaperezida iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. (2) Inama y'Abaperezida itumizwa mu nyandiko kandi ikayoborwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite. Iyo adahari itumizwa kandi ikayoborwa n'umusimbura. (3) Inama y'Inama y'Abaperezida iterana hari ubwiganze burunduye bw'abayigize. Inama y'Inama y'Abaperezida igira urutonde rugaragaza abayitabiriye. (4) Ibyemezo by'Inama y'Abaperezida bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse ikibazo gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho icyemezo.	petition submitted to the Chamber of Deputies: (i) to decide on a mechanism deemed to promote cooperation between Deputies and staff of the Chamber of Deputies; (j) to consider any other item as may be approved by the Plenary Assembly. <u>Article 50: Holding of the meeting of the Conference of Chairpersons</u> (1) The Conference of Chairpersons meets once a month and whenever necessary. (2) The Conference of Chairpersons is convened in writing and chaired by the Speaker of the Chamber of Deputies. In case of his or her absence, it is convened and chaired by his or her deputy. (3) The Conference of Chairpersons can only meet in the presence of the absolute majority of its members. An attendance list for the meeting of the Conference of Chairpersons is made. (4) Decisions of the Conference of Chairpersons are taken by consensus. If not possible, the issue is tabled before the Plenary Assembly for decision.	publique adressée à la Chambre des Députés; (i) décider d'un mécanisme censé promouvoir la collaboration entre les députés et le personnel de la Chambre des Députés; (j) examiner tout autre point pouvant être approuvé par l'Assemblée plénière. <u>Article 50: Tenue de la réunion de la Conférence des Présidents</u> (1) La Conférence des Présidents se réunit une fois par mois et chaque fois que de besoin. (2) La Conférence des Présidents est convoquée par écrit et présidée par le Président de la Chambre des Députés. En cas de son absence, elle est convoquée et présidée par son suppléant. (3) La Conférence des Présidents ne peut se réunir qu'en présence de la majorité absolue de ses membres. Il est dressé une liste des présences à la réunion de la Conférence des Présidents. (4) Les décisions de la Conférence des Présidents sont prises par consensus. À défaut, la question est soumise à l'Assemblée plénière pour décision.
--	--	--

(5) Raporo y’Inama y’Abaperezida imaze kwemezwa ishyikirizwa Abadepite. Bisabwe mu nyandiko na Perezida w’Umutwe w’Abadepite cyangwa n’undi Mudepite, Inteko Rusange ishobora kujya impaka kuri iyo raporo. (6) Mu gihe Inama y’Abaperezida isuzuma umushinga w’itegeko yubahiriza ingingo z’iri tegeko ngenga zirebana n’uko Komisiyo zihoraho zikora mu gihe zisuzuma imishinga y’amategeko.	(5) A report of the Conference of Chairpersons is transmitted to Deputies after it is adopted. At the written request of the Speaker of the Chamber of Deputies or any other Deputy, the Plenary Assembly may conduct debates on such a report. (6) When the Conference of Chairpersons examines a draft law or a private member’s bill, it complies with the provisions of this Organic Law with regard to the functioning of a Standing Committees while considering draft laws or private member’s bills.	(5) Le rapport de la conférence des présidents est transmis aux députés après son adoption. A la demande écrite du Président de la Chambre des députés ou de tout autre député, l’Assemblée plénière peut mener des débats sur ce rapport. (6) Lorsque la Conférence des Présidents examine un projet ou une proposition de loi, elle respecte les dispositions de la présente loi organique relatives au fonctionnement des commissions permanentes lors de l’examen des projets ou propositions de lois.
<u>Icyiciro cya 3: Imikorere ya Biro y’Umutwe w’Abadepite</u>	<u>Section 3: Functioning of the Bureau of the Chamber of Deputies</u>	<u>Section 3: Fonctionnement du Bureau de la Chambre des Députés</u>
<u>Akiciro ka mbere: Inshingano za Biro y’Umutwe w’Abadepite, iz’abayigize n’ifatwa ry’ibyemezo</u>	<u>Sub-section One: Responsibilities of the Bureau of the Chamber of Deputies, those of its members and decision-making</u>	<u>Sous-section première: Attributions du Bureau de la Chambre des Députés, de ses membres et la procédure de prise de décision</u>
<u>Ingingo ya 51: Inshingano za Biro y’Umutwe w’Abadepite</u>	<u>Article 51: Responsibilities of the Bureau of the Chamber of Deputies</u>	<u>Article 51: Attributions du Bureau de la Chambre des Députés</u>
(1) Biro y’Umutwe w’Abadepite itegura imirongo migari igenga imikorere y’inzego z’Umutwe w’Abadepite. (2) By’umwihariko, Biro y’Umutwe w’Abadepite ifite inshingano zikurikira:	(1) The Bureau of the Chamber of Deputies draws up guidelines governing the functioning of organs of the Chamber of Deputies. (2) More specifically, the Bureau of the Chamber of Deputies has the following	(1) Le Bureau de la Chambre des Députés élabore des directives régissant le fonctionnement des organes de la Chambre des Députés. (2) Plus particulièrement, le Bureau de la Chambre des Députés a les attributions les

	responsibilities:	suivantes:
(a) kuyobora imirimo y'Umutwe w'Abadepite;	(a) to head the activities of the Chamber of Deputies;	(a) diriger les activités de la Chambre des Députés;
(b) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange n'iby'Inama y'Abaperezida;	(b) to implement the decisions of the Plenary Assembly and those of the Conference of Chairpersons;	(b) exécuter les décisions de l'Assemblée plénière et celles de la Conférence des Présidents;
(c) gutegura imbanzirizamushinga ya gahunda y'ibisuzumwa n'Inteko Rusange mu gihembwe gisanzwe;	(c) to prepare the draft agenda proposal for the agenda to be considered by the Plenary Assembly during the ordinary session;	(c) préparer l'avant-projet d'ordre du jour pour les séances de l'Assemblée plénière lors de la session ordinaire;
(d) gutegura umushinga wa gahunda y'igihembwe kidasanzwe;	(d) to prepare the proposal for the agenda of the extraordinary session;	(d) préparer le projet d'ordre du jour de la session extraordinaire;
(e) kwemeza gahunda y'Inteko Rusange;	(e) to adopt the draft agenda of the Plenary Assembly;	(e) adopter l'ordre du jour de l'Assemblée plénière;
(f) guhuza ibikorwa by'ubufatanye bw'Umutwe w'Abadepite n'izindi nzego;	(f) to coordinate the partnership between the Chamber of Deputies and other institutions;	(f) coordonner le partenariat entre la Chambre des Députés et les autres institutions;
(g) gusuzuma imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite no kuyishyikiriza Inama y'Abaperezida;	(g) to consider the draft proposal of the organisational structure of the Chamber of Deputies and submit it to the Conference of Chairpersons;	(g) examiner l'avant-projet du cadre organique de la Chambre des Députés et le soumettre à la Conférence des Présidents;
(h) guhuza imirimo ya Komisiyo zihoraho;	(h) to coordinate activities of Standing Committees;	(h) coordonner les activités des commissions permanentes;

(i) guhuza imirimo y'amahuriro n'iy'amashami y'amahuriro mpuzamahanga akorera mu Mutwe w'Abadepite; (j) guhuza ibikorwa byerekeye imibanire y'Inteko Ishinga Amategeko n'izindi Nteko Zishinga Amategeko; (k) gutegura ibijya ku murongo w'ibygwa mu Nama y'Abaperezida; (l) kwemeza Abadepite bagize Komisiyo zihoraho hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ngenza; (m) guhuza inshingano z'Umutwe w'Abadepite n'ibikorwa by'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite; (n) kugena Abadepite baja mu butumwa mu mahanga; (o) gukora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite idashinzwe urundi rwego rw'imirimo. <u>Ingingo ya 52: Inshingano za Perezida w'Umutwe w'Abadepite</u> Perezida w'Umutwe w'Abadepite –	(i) to coordinate activities of networks and forums as well as national chapters of international networks and forums operating in the Chamber of Deputies; (j) to coordinate parliamentary diplomacy affairs; (k) to prepare the agenda of the Conference of Chairpersons; (l) to approve members of Standing Committees in accordance with the provisions of this Organic Law; (m) to ensure coordination between responsibilities of the Chamber of Deputies and activities of the office of the Clerk to the Chamber of Deputies; (n) to designate Deputies to be sent on an official mission abroad; (o) to perform such other duties of the Chamber of Deputies which are not under the responsibility of any other service. <u>Article 52: Duties of the Speaker of the Chamber of Deputies</u> The Speaker of the Chamber of Deputies –	(i) coordonner les activités des réseaux et fora ainsi que des sections nationales des réseaux et fora internationaux œuvrant au sein de la Chambre des Députés; (j) coordonner les affaires relatives à la diplomatie parlementaire; (k) préparer l'ordre du jour de la Conférence des Présidents; (l) approuver les membres des commissions permanentes conformément aux dispositions de la présente loi organique; (m) assurer la coordination entre les attributions de la Chambre des Députés et les activités du secrétariat général de la Chambre des Députés; (n) désigner les députés devant se rendre en mission officielle à l'étranger; (o) exercer toutes les autres attributions de la Chambre des Députés ne relevant d'aucun autre service. <u>Article 52: Attributions du Président de la Chambre des Députés</u> Le Président de la Chambre des Députés –
--	---	---

(a) akurikirana akanahuza imirimo y'inzego z'Umutwe w'Abadepite;	(a) monitors and coordinates activities of the organs of the Chamber of Deputies;	(a) surveille et coordonne les activités des organes de la Chambre des Députés;
(b) atumira akanayobora inama y'Inteko Rusange, iy'Inama y'Abaperezida n'iya Biro y'Umutwe w'Abadepite akanahuriza hamwe imirimo yazo;	(b) convenes and chairs the plenary sitting, the meeting of the Conference of Chairpersons and the meeting of the Bureau of the Chamber of Deputies and coordinates their activities;	(b) convoque et préside la séance plénière, la réunion de la Conférence des Présidents et celle du Bureau de la Chambre des Députés et coordonne leurs activités;
(c) akurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Biro y'Umutwe w'Abadepite, imyanzuro y'Inama y'Abaperezida n'ibyemezo by'Inteko Rusange;	(c) monitors the implementation of the decisions of the Bureau of the Chamber of Deputies, resolutions of the Conference of Chairpersons and decisions of the Plenary Assembly;	(c) surveille l'exécution des décisions du Bureau de la Chambre des Députés, des résolutions de la Conférence des Présidents et des décisions de l'Assemblée plénière;
(d) ahagararira Umutwe w'Abadepite imbere y'amategeko;	(d) serves as the legal representative of the Chamber of Deputies;	(d) sert de représentant légal de la Chambre des Députés;
(e) atsurira umubano w'Umutwe w'Abadepite n'izindi Nteko Zishinga Amategeko;	(e) maintains parliamentary diplomacy between the Chamber of Deputies and other Parliaments;	(e) entretient la diplomatie parlementaire entre la Chambre des Députés et les autres Parlements;
(f) ayobora imirimo y'inama y'Inteko Rusange igihe imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe;	(f) chairs debates in a joint sitting of the two Chambers of Parliament;	(f) dirige les débats d'une séance conjointe des deux chambres du Parlement;
(g) ashyikiriza Abadepite ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri yashyikirijwe mu nyandiko n'urwego rubifitiye ububasha;	(g) transmits the Cabinet meeting decisions to Deputies transmitted to him or her in writing by the relevant organ;	(g) transmet aux députés les décisions du Conseil des Ministres lui transmises par écrit par l'organe compétent;
(h) amenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe gahunda y'imirimo	(h) informs the President of the Republic and the Prime Minister of the agenda of the	(h) informe le Président de la République et le Premier Ministre du programme des

y'Inteko Rusange n'iya Komisiyo z'Umutwe w'Abadepite, akagera kopi Abadepite;	Plenary Assembly and that of Committees of the Chamber of Deputies with a copy to Deputies;	travaux de l'Assemblée plénière et des commissions de la Chambre des Députés et réserve copie aux députés;
(i) ashyikiriza Abadepite raporo y'Inama y'Abaperezida na raporo ya Komisiyo;	(i) transmits to Deputies the report of the Conference of Chairpersons and report of Committee;	(i) transmet aux députés le rapport de la Conférence des Présidents et le rapport de commission;
(j) ashyikiriza inzego bireba imyanzuro y'Inteko Rusange;	(j) transmits to relevant institutions the recommendations by the Plenary Assembly;	(j) transmet aux institutions concernées les résolutions de l'Assemblée plénière;
(k) atumira Abadepite mu gihembwe gisanzwe n'ikidasanzwe;	(k) invites Deputies to ordinary session and extraordinary session;	(k) invite les députés à la session ordinaire et à la session extraordinaire;
(l) atangiza akanasoza ibihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe;	(l) presides over the opening and closing of ordinary and extraordinary sessions;	(l) ouvre et clôt les sessions ordinaires et extraordinaires;
(m) atangaza ibyavuye mu matora ku ngingo zigibwaho impaka mu Nteko Rusange;	(m) announces the results of the voting on items under consideration in the plenary sitting;	(m) annonce les résultats de vote sur les points sous examen en séance plénière;
(n) akurikirana imenyekanisha ku baturage ry'ibikorwa by'Umutwe w'Abadepite;	(n) monitors public outreach activities of the Chamber of Deputies;	(n) surveille la communication des activités de la Chambre des Députés au public;
(o) ashyira umukono ku rwandiko rwemerera Umudepite kujya mu butumwa imbere mu Gihugu no mu mahanga;	(o) signs travel clearance for Deputies to be sent on official mission within the country and abroad;	(o) signe l'ordre de mission des députés devant se rendre en mission à l'intérieur du pays et à l'étranger;
(p) amenyesha Abadepite ko umushinga w'itegeko wagejewe ku Mutwe	(p) informs Deputies of any draft law or private member's bill transmitted to the Chamber	(p) informe les députés de tout projet ou proposition de loi transmis à la Chambre

w'Abadepite; (q) yohereza Perezida wa Repubulika itegeko ryatowe n'Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo rishyirweho umukono mbere y'uko ritangazwa. <u>Ingingo ya 53:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma – (a) asimbura Perezida w'Umutwe w'Abadepite igihe adahari; (b) yunganira Perezida w'Umutwe w'Abadepite; (c) asimbura Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe ubuyobozi n'imari igihe adahari; (d) akurikirana imirimo ijyanye no gusuzuma amategeko; (e) ahagararira Umutwe w'Abadepite muri Sena mu gihe isuzuma umushinga wo kuvugurura Itegeko Nshinga watangijwe n'Umutwe w'Abadepite	of Deputies; (q) transmits to the President of the Republic a law adopted by the Parliament for promulgation before publication. <u>Article 53: Duties of the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of parliamentary affairs</u> The Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of Parliamentary affairs– (a) deputizes for the Speaker of the Chamber of Deputies in his or her absence; (b) assists the Speaker of the Chamber of Deputies; (c) deputizes for the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of administration and finance in his or her absence; (d) monitors the legislative activities; (e) represents the Chamber of Deputies in the Senate when it considers the private member's bill for the revision of the Constitution initiated by the Chamber of	des Députés; (q) transmet au Président de la République une loi adoptée par le Parlement pour promulgation avant d'être publiée. <u>Article 53: Attributions du Vice-président de la Chambre des Députés chargé des affaires parlementaires</u> Le Vice-président de la Chambre des Députés chargé des affaires parlementaires– (a) remplace le Président de la Chambre des Députés en son absence; (b) assiste le Président de la Chambre des Députés; (c) remplace le Vice-président de la Chambre des Députés chargé de l'administration et des finances en son absence; (d) fait le suivi des travaux législatifs; (e) représente la Chambre des Députés au Sénat lors de l'examen de la proposition de loi relative à la révision de la Constitution initiée par la Chambre des
---	--	--

cyangwa na Sena ukemezwa n'Umutwe w'Abadepite; (f) ayobora ababarura impapuro z'itora n'amajwi mu matora ayobowe na Biro y'Umutwe w'Abadepite yerekeye Umudepite ku giti cye; (g) akurikirana imirimo ya Komisiyo, iy'amahuriro, iy'amashami y'amahuriro mpuzamahanga n'amatsinda y'ubucuti; (h) akurikirana imirimo ijyanye no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma no gusura abatwaga; (i) akurikirana ibibazo n'ibyifuzo by'abatwaga by'inyungu rusange bigezwa ku Mutwe w'Abadepite; (j) akurikirana imirimo ijyanye n'umubano w'Umutwe w'Abadepite n'izindi Nteko Zishinga Amategeko; (k) ahagararira mu Nteko Rusange imishinga y'amategeko yasuzumwe n'Inama y'Abaperezida; (l) akora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite ijyanye n'inshingano ze yasabwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite, Inama y'Abaperezida cyangwa Inteko Rusange.	Deputies or by the Senate and adopted by the Chamber of Deputies; (f) heads tellers for elections organised by the Bureau of the Chamber of Deputies about an individual Deputy; (g) monitors activities of committees, networks and forums, national chapters of international networks and forums and friendship groups; (h) monitors oversight over Government activities and fields visits; (i) monitors public petitions submitted to the Chamber of Deputies; (j) monitors activities related to parliamentary diplomacy; (k) sponsors in the plenary sitting the draft laws or private member's bills considered by the Conference of Chairpersons; (l) performs such other duties of the Chamber of Deputies falling within his or her responsibilities as may be assigned by the Bureau of the Chamber of Deputies, the Conference of Chairpersons or the	Députés ou par le Sénat et adoptée par la Chambre des Députés; (f) dirige les assesseurs pour les élections organisées par le Bureau de la Chambre des Députés concernant un député à titre personnel; (g) fait le suivi des activités des commissions, des réseaux et fora, des sections nationales des réseaux et fora internationaux et des groupes d'amitié; (h) fait le suivi des activités relatives au contrôle de l'action gouvernementale et les descentes sur terrain; (i) fait le suivi des pétitions publiques adressées à la Chambre des Députés; (j) fait le suivi des activités relatives à la diplomatie parlementaire; (k) parraine à la séance plénière les projets ou propositions de loi examinés par la Conférence des Présidents; (l) exécute toutes autres tâches de la Chambre des Députés relevant de ses fonctions lui confiées par le Bureau de la Chambre des Députés, la Conférence des Présidents ou l'Assemblée plénière.
--	--	--

<u>Ingingo ya 54: Inshingano za Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe ubuyobozi n'imari</u>	Plenary Assembly. <u>Article 54: Duties of the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of Administration and Finance</u>	<u>Article 54: Attributions du Vice-président de la Chambre des Députés chargé de l'administration et des finances</u>
Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe ubuyobozi n'imari – (a) asimbura Perezida w'Umutwe w'Abadepite igihe we na Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma badahari; (b) asimbura Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma mu mirimo ye igihe adahari no mu nshingano ze mu migendekere y'Inteko Rusange mu gihe ari we wayiyoboye; (c) yunganira Perezida w'Umutwe w'Abadepite; (d) akurikirana uko Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite bushyira mu bikorwa inshingano zabwo; (e) yakira akanakurikirana ibibazo by'Abadepite bijyanye n'ibyangombwa bibafasha kuzuza inshingano zabo;	The Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of Administration and Finance– (a) deputizes for the Speaker of the Chamber of Deputies if the latter and the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of parliamentary affairs are simultaneously absent; (b) deputizes for the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of parliamentary affairs in case of his or her absence and assists him or her in smooth running of the plenary sitting chaired by him or her; (c) assists the Speaker of the Chamber of Deputies; (d) monitors how the office of the Clerk of the Chamber of Deputies performs its duties; (e) receives and makes a follow-up on Deputies' requests in relation to their logistical needs required for the	Le Vice-président de la Chambre des Députés chargé de l'administration et des finances– (a) remplace le Président de la Chambre des Députés en l'absence simultanée de ce dernier et du Vice-président de la Chambre des Députés chargé des affaires parlementaires; (b) remplace le Vice-président de la Chambre des Députés chargé des affaires parlementaires en son absence et, lorsqu'il préside la séance plénière, lui assiste à sa bonne conduite; (c) assiste le Président de la Chambre des Députés; (d) fait le suivi de l'exercice des fonctions du secrétariat général; (e) reçoit les demandes des Députés en rapport avec leurs besoins logistiques nécessaires à l'accomplissement de

(f) akurikirana imikorere y'umugenzuzi bwite w'Umutwe w'Abadepite akageza kuri Biro y'Umutwe w'Abadepite raporo ya buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa; (g) akurikirana ibyerekeye ubwitabire bw'Abadepite mu nama y'Inteko Rusange; (h) akurikirana ibyerekeye siporo, imikino n'imyidagaduro mu Mutwe w'Abadepite n'ibindi bihuje Abadepite bigamije guteza imbere imibereho myiza hagati yabo; (i) akora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite ijyanye n'inshingano ze yasabwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite, Inama y'Abaperezida cyangwa Inteko Rusange. <u>Ingingo ya 55: Iterana ry'inama ya Biro y'Umutwe w'Abadepite n'ifatwa ry'ibyemezo</u> (1) Inama ya Biro y'Umutwe w'Abadepite iterana rimwe mu cyumweru n'igihe cyose bibaye ngombwa.	performance of their duties; (f) monitors the performance of the duties of the internal auditor of the Chamber of Deputies and submits a report to the Bureau of the Chamber of Deputies every quarter and whenever necessary; (g) monitors the attendance of Deputies in the plenary sitting; (h) monitors sports and recreational activities in the Chamber of Deputies and other activities bringing together Deputies in order to foster a better social environment among them; (i) performs such other duties of the Chamber of Deputies relating to his or her responsibilities as may be assigned by the Bureau of the Chamber of Deputies, the Conference of Chairpersons or the Plenary Assembly. <u>Article 55: Holding of the meeting of the Bureau of the Chamber of Deputies and decision-making</u> (1) The meeting of the Bureau of the Chamber of Deputies is held once a week and whenever necessary.	leurs fonctions et en fait le suivi; (f) fait le suivi de l'exercice des fonctions de l'auditeur interne de la Chambre des Députés et fait rapport au Bureau de la Chambre des Députés trimestriellement et chaque fois que de besoin; (g) surveille les présences des députés lors de la séance plénière; (h) fait le suivi des activités sportives et récréatives à la Chambre des Députés et autres activités réunissant les députés afin d'améliorer l'environnement social entre eux; (i) exécute toutes autres tâches de la Chambre des Députés relevant de ses fonctions lui confiées par le Bureau de la Chambre des Députés, la Conférence des Présidents ou l'Assemblée plénière. <u>Article 55: Tenue de la réunion du Bureau de la Chambre des Députés et prise de décisions</u> (1) La réunion du Bureau de la Chambre des Députés se tient une fois par semaine et chaque fois que de besoin.
--	---	---

(2) Ibyemezo bya Biro y'Umutwe w'Abadepite bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse ikibazo gishyikirizwa Inama y'Abaperezida ikagifataho umwanzuro. Iyo Inama y'Abaperezida idashoboye kucyumvikanaho, ikibazo gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro:-	(2) Decisions of the Bureau of the Chamber of Deputies are made by consensus among its members. If no consensus is reached, the matter is referred to the Conference of Chairpersons for decision. Should the Conference of Chairpersons fail to reach a compromise, the matter is referred to the Plenary Assembly for final decision.	(2) Les décisions du Bureau de la Chambre des Députés sont prises par consensus entre ses membres. À défaut du consensus, la question est soumise à la Conférence des Présidents pour décision. Si la Conférence des Présidents n'arrive pas à un compromis, la question est soumise à l'Assemblée plénière pour décision finale.
(3) Abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite bashobora kwemeza ko inama ya Biro y'Umutwe w'Abadepite itumirwamo uwo ari wese watanga ibitekerezo ku ngingo isuzumwa.	(3) Members of the Bureau of the Chamber of Deputies may decide that any person be invited to the meeting of the Bureau of the Chamber of Deputies in order to contribute ideas to the item under consideration.	(3) Les membres du Bureau de la Chambre des Députés peuvent décider qu'une personne quelconque soit invitée à la réunion du Bureau de la Chambre des Députés pour donner sa contribution sur le point examiné.
(4) Raporo y'inama ya Biro y'Umutwe w'Abadepite ibikwa mu Biro bya Perezida w'Umutwe w'Abadepite.	(4) The Report of meeting of the Bureau of the Chamber of Deputies is kept in the Office of the Speaker of the Chamber of Deputies.	(4) Le rapport de la réunion du Bureau de la Chambre des Députés est gardé au cabinet du Président de la Chambre des Députés.
<u>Akiciro ka 2:</u> Kuva mu mwanya k'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite n'isimburwa rye	<u>Sub-section 2:</u> Termination of office of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies and his or her replacement	<u>Sous-section 2:</u> Cessation des fonctions d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés et son remplacement
<u>Ingingo ya 56:</u> Impamvu zo kuva mu mwanya k'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 56:</u> Grounds for termination of office of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 56:</u> Motifs de cessation des fonctions d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés
(1) Ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite avamuri uwo mwanya yeguye cyangwa mu gihe avuye mu mwanya w'ubudepite.	(1) A member of the Bureau of the Chamber of Deputies leaves office when he or she resigns or when ceases to be a Deputy.	(1) Un membre du Bureau de la Chambre des Députés cesse ses fonctions lorsqu'il démissionne ou cesse d'être député.
(2) Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite	(2) The Plenary Assembly of the Chamber of	(2) L'Assemblée plénière de la Chambre des

ishobora kuvana mu mwanya ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite, babiri cyangwa bose. icyemezo cyo kuvana Umudepite muri Biro y'Umutwe w'Abadepite gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abitabiriye inama y'Inteko Rusange.	Deputies may remove from office a member of the Bureau of the Chamber of Deputies, two members or all of them. The decision to remove from office a member of the Bureau from office is made by an absolute majority of the members present at the plenary sitting.	Députés peut révoquer de leurs fonctions un membre du Bureau de la Chambre des députés, deux membres ou la totalité d'entre eux. La décision de révoquer de ses fonctions un membre du Bureau de la Chambre des députés est prise à la majorité absolue des membres présents à la séance plénière.
<u>Ingingo 57:</u> Inyandiko y'ubwegure bw'ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 57:</u> Letter for the resignation of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 57:</u> Lettre de démission d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés
(1) Iyo Perezida w'Umutwe w'Abadepite yeguye kuri uwo mwanya yandikira abagize Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite akabimenyesha Perezida wa Repubulika.	(1) When the Speaker of the Chamber of Deputies resigns from office, he or she tenders a resignation letter to the members of the Plenary Assembly and notifies the President of the Republic thereof.	(1) Lorsque le Président de la Chambre des Députés démissionne de ses fonctions, il adresse sa lettre de démission aux membres de l'Assemblée plénière et en informe le Président de la République.
(2) Iyo Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite yeguye kuri uwo mwanya, yandikira Perezida w'Umutwe w'Abadepite akabimenyesha Perezida wa Repubulika.	(2) When the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies resigns from office, he or she tenders a resignation letter to the Speaker of the Chamber of Deputies and notifies the President of the Republic thereof.	(2) Lorsque le Vice-président de la Chambre des Députés démissionne de ses fonctions, il adresse sa lettre de démission au Président de la Chambre des Députés et en informe le Président de la République.
(3) Mu gihe abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite bose beguriye rimwe ku myanya yabo, buri wese yandikira abagize Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite akabimenyesha Perezida wa Repubulika.	(3) When all the members of the Bureau resign from office at the same time, each of them tenders a resignation letter to the members of the Plenary Assembly and notifies the President of the Republic thereof.	(3) Lorsque tous les membres du Bureau de la Chambre des Députés démissionnent simultanément de leurs fonctions, chacun adresse sa lettre de démission aux membres de l'Assemblée plénière et en informe le Président de la République.

<u>Ingingo ya 58:</u> Gutumiza inama y’Inteko Rusange yo kwemeza ko umwanya w’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite nta Mudepite uwurimo (1) Mu gihe ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite avuye mu mwanya we atawuvanywemo n’icyemezo cy’Inteko Rusange cyangwa urupfu, hatumizwa Inteko Rusange yemeza ko umwanya w’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite nta Mudepite uwurimo. Icyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abadepite bateraniye mu nama y’Inteko Rusange. (2) Mu gihe Perezida w’Umutwe w’Abadepite avuye muri uwo mwanya, Visi Perezida ushinze amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma atumiza kandi akayobora inama yo kwemeza ko uwo mwanya nta Mudepite uwurimo. (3) Mu gihe ari Visi Perezida w’Umutwe w’Abadepite uvuye mu mwanya, inama y’Inteko Rusange yo kwemeza ko uwo mwanya nta Mudepite uwurimo itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida w’Umutwe w’Abadepite. (4) Mu gihe babiri mu bagize Biro y’Umutwe w’Abadepite bavuye mu myanya yabo, inama y’Inteko Rusange yo kwemeza ko iyo myanya nta Mudepite uyirimo itumizwa	<u>Article 58:</u> Convening the plenary sitting to approve that the office of a member of the Bureau of the Chamber of Deputies is vacant (1) When a member of the Bureau of the Chamber of Deputies leaves office on grounds other than the decision by the Plenary Assembly or death, the plenary sitting is convened to approve that his or her office is vacant. The decision is taken by absolute majority of Deputies present at the Plenary sitting. (2) When the Speaker of the Chamber of Deputies leaves office, the Deputy Speaker in charge of parliamentary affairs convenes and presides over the sitting devoted to approving such a vacation of office. (3) When the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies leaves office, the plenary sitting devoted to approving such a vacation of office is convened and presided over by the Speaker of the Chamber of Deputies. (4) Where two members of the Bureau of the Chamber of Deputies leave office, the plenary sitting devoted to approving such vacation of office is convened and presided	<u>Article 58:</u> Convocation de la séance plénière pour constater la vacance du poste de membre du Bureau de la Chambre des Députés (1) Lorsqu’un membre du Bureau de la Chambre des Députés cesse ses fonctions pour des motifs autres que la décision de l’Assemblée plénière ou le décès, une séance plénière est convoquée pour constater que son poste est vacant. La décision est prise à la majorité absolue des députés présents à la séance plénière. (2) Lorsque le Président de la Chambre des Députés cesse ses fonctions, le Vice-président chargé des affaires parlementaires convoque et dirige la séance consacrée à constater que son poste est vacant. (3) Lorsque le Vice-président de la Chambre des Députés cesse ses fonctions, la séance plénière consacrée à constater que son poste est vacant est convoquée et dirigée par le Président de la Chambre des Députés. (4) Lorsque deux membres du Bureau de la Chambre des Députés cessent leurs fonctions, la séance plénière consacrée à constater que leurs postes sont vacants est
---	---	---

kandi ikayoborwa n’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite usigaye yunganiwe n’Umudepite mukuru mu myaka y’amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw’abandi mu mirimo y’ubudepite.	over by the remaining member of the Bureau of the Chamber of Deputies assisted by the oldest Deputy among those with the longest parliamentary experience.	convoquée et présidée par le membre restant du Bureau de la Chambre des Députés assisté par le député le plus âgé parmi ceux ayant la plus longue expérience parlementaire.
(5) Mu gihe abagize Biro y’Umutwe w’Abadepite bose bavuye mu myanya yabo, inama y’Inteko Rusange yo kwemeza ko iyo myanya nta Badepite bayirimo itumizwa kandi ikayoborwa n’Umudepite mukuru mu myaka y’amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw’abandi mu mirimo y’ubudepite, abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy’abagize Umutwe w’Abadepite. Yungirizwa n’Umudepite muto mu myaka y’amavuko.	(5) When all the members of the Bureau of the Chamber of Deputies leave office, the plenary sitting devoted to approving such vacation of office is convened and presided over by the oldest Deputy among those with the longest parliamentary experience, on own motion or at the written request of at least a third of members of the Chamber of Deputies. He or she is assisted by the youngest Deputy.	(5) Lorsque tous les membres du Bureau de la Chambre des Députés cessent leurs fonctions, la séance plénière consacrée à constater que leurs postes sont vacants est convoquée et présidée par le député le plus âgé parmi ceux ayant la plus longue expérience parlementaire, de son initiative ou à la demande écrite d’au moins un tiers des membres de la Chambre des Députés. Il est assisté par le député le moins âgé.
<u>Ingingo ya 59:</u> Kumenyesha ko umwanya w’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite nta Mudepite uwurimo	<u>Article 59:</u> Notification of vacation of office for a member of the Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Article 59:</u> Notification de la vacance de poste d’un membre du Bureau de la Chambre des Députés
(1) Iyo Inteko Rusange y’Umutwe w’Abadepite yemeje ko umwanya w’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite nta Mudepite uwurimo, uwatumije inama y’Inteko Rusange yo kubyemeza uvugwa mu ngingo ya 58 y’iri tegeko ngenga ni we ubimenyesha mu nyandiko Perezida wa Repubulika, akagera kopi Perezida wa Sena, Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga, Minisitiri w’Intebe n’Abadepite bese.	(1) When the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies approves the vacation of office for a member of the Bureau of the Chamber of Deputies, the person having convened the plenary sitting referred to in Article 58 of this Organic Law is the one who notifies the President of the Republic thereof, in writing, with a copy to the President of Senate, the President of the Supreme Court, the Prime Minister and all Deputies.	(1) Lorsque l’Assemblée plénière de la Chambre des Députés constate qu’un poste d’un membre du Bureau de la Chambre des Députés est vacant, la personne ayant convoqué la séance plénière visée à l’article 58 de la présente loi organique est celle qui en informe, par écrit, le Président de la République et réserve copie au Président du sénat, au Président de la Cour suprême, au Premier Ministre et à tous les députés.

(2) Kumenyesha ko umwanya w’ugize Biro y’Umutwe w’Abadepite nta Mudepite uwurimo bikorwa mu gihe kitarenze amasaha 24 Inteko Rusange ibyemeje. <u>Ingingo ya 60:</u> Gukora imirimo ya buri munsu y’Umutwe w’Abadepite mu gihe babiri cyangwa bese bari bagize Biro y’Umutwe w’Abadepite bavuye mu myanya (1) Iyo babiri mu bagize Biro y’Umutwe w’Abadepite bavuye mu myanya, usigaye mu bagize Biro y’Umutwe w’Abadepite akora imirimo ya buri munsu y’Umutwe w’Abadepite uretse kuyobora inama y’Inama y’Abaperezida cyangwa inama y’Inteko Rusange. (2) Mu gihe abagize Biro y’Umutwe w’Abadepite bese bavuye mu myanya, Umudepite mukuru mu myaka y’amavuko ufite uburambe busumba ubw’abandi mu mirimo y’ubudepite akora imirimo ya buri munsu y’Umutwe w’Abadepite uretse kuyobora inama y’Inama y’Abaperezida cyangwa inama y’Inteko Rusange.	(2) Notification of vacation of office for a member of the Bureau of the Chamber of Deputies is done within 24 hours from the approval by the Plenary Assembly. <u>Article 60:</u> Conducting the day-to-day business of the Chamber of Deputies in case two or all members of the Bureau leave office (1) Where two members of the Bureau of the Chamber of Deputies leave office, the remaining member of the Bureau of the Chamber of Deputies conducts the day-to-day business of the Chamber of Deputies, except chairing the meeting of the Conference of Chairpersons or the plenary sitting. (2) Where all the members of the Bureau of the Chamber of Deputies leave office, the oldest Deputy with the longest parliamentary experience conducts the day-to-day business of the Chamber of Deputies, except chairing the meeting of the Conference of Chairpersons or the plenary sitting.	(2) La notification de la vacance de poste d’un membre du Bureau de la Chambre des Députés est faite dans les 24 heures de l’approbation par l’Assemblée plénière. <u>Article 60:</u> Assurer la gestion des affaires courantes de la Chambre des Députés au cas où deux ou l’entière des membres du Bureau de la Chambre des Députés quittent leurs fonctions, (1) Lorsque les deux membres du Bureau de la Chambre des Députés quittent leurs fonctions, le membre restant du Bureau de la Chambre des Députés assure la gestion des affaires courantes de la Chambre des Députés, sauf la présidence de la réunion de la Conférence des Présidents ou de la séance plénière. (2) Lorsque tous les membres du Bureau de la Chambre des Députés quittent leurs fonctions, le député le plus âgé ayant la plus longue expérience parlementaire dirige les affaires courantes de la Chambre des Députés, sauf la présidence de la réunion de la Conférence des Présidents ou de la séance plénière.
--	---	---

<u>Ingingo ya 61:</u> Itumizwa ry'inama yo gusimbura ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite (1) Inama igamije gusimbura ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika mu gihe kitarenze iminsi 30 uherye ku munsu Inteko Rusange yemeje ko yavuye mu mwanya. (2) Uturewe gusimbura ugize Biro y'Umutwe w'Abadepite arangiza igihe gisigaye cya manda y'uwo asimbuye.	<u>Article 61:</u> Convening of the sitting devoted to replacing a member of the Bureau of the Chamber of Deputies (1) A sitting devoted to replacing a member of the Bureau of the Chamber of Deputies is convened and presided over by the President of the Republic within 30 days from the day on which the Plenary Assembly approved the vacation of his or her office. (2) The person elected to replace a member of the Bureau serves for the remainder of his or her predecessor's term.	<u>Article 61:</u> Convocation de la séance consacrée au remplacement d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés (1) La séance consacrée au remplacement de d'un membre du Bureau de la Chambre des Députés est convoquée et présidée par le Président de la République dans les 30 jours à compter du jour où l'Assemblée plénière a constaté la vacance de son poste. (2) La personne élue pour remplacer un membre du Bureau achève la durée restant à courir du mandat de son prédécesseur.
<u>Icyiciro cya 4:</u> Imikorere ya Komisiyo <u>Akiciro ka mbere:</u>Inshingano za Komisiyo zihoraho <u>Ingingo ya 62:</u> Inshingano rusange za Komisiyo zihoraho Inshingano rusange za Komisiyo zihoraho ni: (a) gusuzuma imishinga y'amategeko; (b) kugenzura ibikorwa bya Guverinoma bikorewe muri Komisiyo zihoraho; (c) gusuzuma ibibazo by'abaturage;	<u>Section 4:</u> Functioning of Committees <u>Subsection One:</u> Responsibilities of Standing Committees <u>Article 62:</u> General responsibilities of the Standing Committee General responsibilities of the Standing Committee are: (a) consideration of draft laws or private members' bills; (b) oversight of Government actions in the Standing Committee; (c) consideration of petitions;	<u>Section 4:</u> Fonctionnement des commissions <u>Sous-section première:</u> Attributions des commissions permanentes <u>Article 62:</u> Attributions générales de la commission permanente Les attributions générales de la commission permanente sont: (a) l'examen des projets ou propositions de loi; (b) le contrôle de l'action gouvernementale dans la commission permanente; (c) l'examen des pétitions;

(d) gukurikirana amasezerano u Rwanda rugirana n'ibihugu by'amahanga cyangwa imiryango mpuzamahanga arebana n'inshingano za Komisiyo; (e) gusuzuma raporo ya komisiyo y'Igihugu cyangwa iy'urwego rwiheriye biteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko iri mu nshingano za Komisiyo; (f) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yemejwe n'Inteko Rusange mu gihe cy'isesengura ryakozwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta; (g) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki ziri mu nshingano zayo; (h) gukurikirana ibikorwaremezo bijyanye n'inshingano zayo; (i) ibindi yasabwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite biri mu nshingano z'Umutwe w'Abadepite.	(d) follow-up on the agreements that Rwanda has with foreign countries or international organizations pertaining to the responsibilities of the Committee; (e) consideration of the report of the national commission or of the specialised organ provided for by the Constitution or other laws pertaining to the responsibilities of the Committee; (f) monitoring of the implementation of resolutions approved by the Plenary Assembly during the consideration of the report of the Auditor General of State Finance; (g) monitoring of the implementation of policies falling in its responsibilities; (h) monitoring of the infrastructure falling in its responsibilities; (i) any other activities as may be assigned to him or her by the Bureau of the Chamber of deputies falling within the mission of the Chamber of Deputies.	(d) le suivi des accords que le Rwanda a conclus avec des pays étrangers ou des organisations internationales relevant des attributions de la commission; (e) l'examen du rapport de la commission nationale ou de l'organe spécialisé prévus par la Constitution ou d'autres lois rentrant dans les attributions de la commission; (f) le suivi de l'exécution des résolutions adoptées par l'Assemblée plénière lors de l'examen du rapport de l'Auditeur général des finances de l'État; (g) le suivi de la mise en œuvre des politiques relevant de ses attributions; (h) le suivi des infrastructures relevant de ses attributions; (i) toutes autres activités que le Bureau de la Chambre des Députés peut lui confier et qui rentrent dans la mission de la Chambre des Députés.
---	--	--

<u>Ingingo ya 63: Inshingano za Komisiyo y'Imiyoborere, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore</u> Komisiyo y'Imiyoborere, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore ishinze ibyerekeye: (a) imiyoborere y'Igihugu n'imikoranye y'inzego za Leta; (b) ubutabera; (c) itangazamakuru; (d) imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango mvamahanga itari iya Leta n'imiryango ishingiyeho ku myemerere; (e) irangamimerere; (f) uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo; (g) iterambere ry'umugore, iry'umugabo n'umuryango, imibanire n'inshingano by'abagize umuryango, umutungo n'inshingano by'abashyiriranywe; (h) kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano nayo.	<u>Article 63: Responsibilities of the Committee on Governance and Gender Affairs</u> The Committee on Governance Affairs and Gender is responsible for issues relating to: (a) State administration and relations between public institutions; (b) justice; (c) media; (d) national non-governmental organisations, international non-governmental organisations and faith-based organisations; (e) civil status; (f) gender promotion; (g) promotion of women, men and family, relations and responsibilities of family members, property and responsibilities of spouses; (h) fight against corruption and other related offences.	<u>Article 63: Attribution de la Commission de la gouvernance et de l'égalité entre les genres</u> La Commission de la gouvernance et de l'égalité entre les genres est chargée des questions en rapport avec: (a) l'administration nationale et les relations entre les institutions publiques; (b) la justice; (c) les médias; (d) les organisations nationales non gouvernementales, les organisations internationales non gouvernementales et les organisations confessionnelles; (e) l'état civil ; (f) la promotion d'égalité entre les genres; (g) la promotion de la femme, de l'homme et de la famille, des relations et des obligations des membres de la famille, du patrimoine et des obligations des conjoints; (h) la lutte contre la corruption et autres infractions connexes.
---	---	--

<u>Ingingo ya 64: Inshingano za Komisiyo y'Ubukungu n'Ubucuruzi</u> Komisiyo y'Ubukungu n'Ubucuruzi ishinze ibyerekeye: (a) kwegurira ibigo bya Leta abikorera; (b) ishoramari; (c) inganda; (d) gahunda y'Igihugu yo kuzamura ubukungu no kurwanya ubukene; (e) amabanki, ibigo by'ubucuruzi, ibigo by'imari, ibigo by'ubwishingizi, ibigega by'ishoramari, ibigega by'ubwizerane, amasosiyete y'ubucuruzi, uburyo bw'imyishyuranire n'amakoperative; (f) politiki y'ifaranga mu Gihugu; (g) ibikorwa remezo by'amazi, ingufu, imihanda, gutwara abantu n'ibintu n'itumanaho; (h) iposita; (i) serivisi z'ibikorwa by'ubucuruzi; (j) ubukerarugendo n'amahoteri;	<u>Article 64: Responsibilities of the Committee on Economy and Trade</u> The Committee on Economy and Trade is responsible for issues relating to: (a) privatisation; (b) investment; (c) industries; (d) national economic development and poverty reduction strategy; (e) banks, commercial enterprises, financial institutions, insurance institutions, investment schemes, trusts, companies, payment system and cooperatives; (f) monetary policy; (g) water, energy, roads, transportation and communication infrastructure; (h) post services; (i) business services; (j) tourism and hospitality;	<u>Article 64: Attributions de la Commission de l'économie et du commerce</u> La Commission de l'économie et du commerce est chargée des questions en rapport avec: (a) la privatisation; (b) l'investissement; (c) les industries; (d) la stratégie nationale de développement économique et de réduction de la pauvreté; (e) les banques, les entreprises commerciales, les institutions financières, les institutions d'assurance, les fonds d'investissement, les fiducies, les sociétés commerciales, le système de paiement et les coopératives; (f) la politique monétaire; (g) les infrastructures d'eau, d'énergie, des routes, de transport et des communications; (h) les services de poste; (i) les services commerciaux; (j) le tourisme et l'hôtellerie;
---	--	--

(k) ibikomoka kuri peteroli, gaz, mine na kariyeri. <u>Ingingo ya 65: Inshingano za Komisiyo y'Uburezi, Ikoranabuhanga, Umuco, Siporo n'Urubyiruko</u> Komisiyo y'Uburezi, Ikoranabuhanga, Umuco, Siporo n'Urubyiruko ishinzwwe ibyerekeye: (a) imyigire n'imyigishirize mu byiciro by'uburezi bwo mu mashuri n'inyigisho zihariye; (b) amasomero n'ishyinguranyandiko; (c) umuco wo gusoma no kwandika; (d) ikoranabuhanga; (e) ubushakashatsi; (f) umuco, ubuhanzi, ubugeni n'ubuvanganzo; (g) siporo n'imyidagaduro; (h) urubyiruko.	(k) petroleum products, gas, mines and quarries. <u>Article 65: Responsibilities of the Committee on Education, Technology, Culture, Sports and Youth</u> The Committee on Education, Technology, Culture, sports and Youth is responsible for issues relating to: (a) learning and teaching in levels of formal and special need education; (b) libraries and archives; (c) reading and writing culture; (d) technology; (e) research; (f) culture, creativity, art and literature; (g) sports and entertainment; (h) youth.	(k) les produits pétroliers, le gaz, les mines et carrières. <u>Article 65: Attributions de la Commission de l'éducation, de la technologie, de la culture, du sport et de la jeunesse</u> La Commission de l'éducation, de la technologie, de la culture, du sport et de la jeunesse est chargée des questions en rapport avec: (a) l'apprentissage et l'enseignement aux niveaux d'éducation formelle et spéciale; (b) les bibliothèques et les archives; (c) la culture de lecture et d'écriture; (d) la technologie; (e) la recherche; (f) la culture, la création, l'art et la littérature; (g) le sport et loisir; (h) la jeunesse.
---	---	---

<u>Ingingo ya 66: Inshingano za Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano</u> Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano ishinze ibyerekeye: (a) ububanyi n'amahanga n'ubutwererane; (b) umubano hagati y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu cyangwa Imiryango ihuza Inteko Zishinga Amategeko; (c) ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ireba u Rwanda ikubiye muri raporo z'inama mpuzamahanga Abadepite bitabiriye zagejejwe ku Nteko Rusange; (d) imitunganyirize ya porotokole ya Leta muri rusange; (e) Abanyarwanda baba mu mahanga; (f) raporo z'Inteko Zishinga Amategeko n'iz'imiryango mpuzamahanga u Rwanda rurimo; (g) raporo ku isuzumamiyoborere nyafurika;	<u>Article 66: Responsibilities of the Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security</u> The Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security is responsible for issues relating to: (a) international relations and cooperation; (b) parliamentary diplomacy; (c) implementation of the resolutions on Rwanda tabled before the Plenary Assembly, which are included in reports of international meetings attended by Deputies; (d) organisation of state protocol in general; (e) Rwanda community abroad; (f) reports from parliaments and international organizations to which Rwanda is a member; (g) reports on the African Peer Review Mechanism;	<u>Article 66: Attributions de la Commission des affaires étrangères, de la coopération et de la sécurité</u> La Commission des affaires étrangères, de la coopération et de la sécurité est chargée des questions en rapport avec: (a) les affaires étrangères et la coopération; (b) la diplomatie parlementaire; (c) l'exécution des résolutions sur le Rwanda présentées à l'Assemblée plénière qui sont issues des rapports de réunions internationales auxquelles les députés ont participé; (d) l'organisation du protocole d'État en général; (e) la communauté rwandaise à l'étranger; (f) les rapports des parlements et des organisations internationales dont le Rwanda est membre; (g) les rapports relatifs au mécanisme africain d'évaluation par les pairs;
--	---	---

(h) umutekano n'ubusugire bw'Igihugu; (i) ubutwererane mu byo kurinda Igihugu n'umutekano; (j) imitunganyirize y'inzego zirebana n'iperereza n'umutekano; (k) abinjira n'abasohoka; (l) ibiza; (m) impunzi; (n) ibikorwa byo kubungabunga amahoro n'umutekano mu bindi bihugu; <u>Ingingo ya 67: Inshingano za Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage</u> Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage ishinze ibyerekeye: (a) imibereho rusange n'ubuzima by'abaturage by'umwihariko ibirebana n'abana, impfubyi, abapfakaye, abantu bafite ubumuga, abageze mu zabukuru n'abatishoboye; (b) amavuriro n'ibindi bijyanye n'ubuvuzi;	(h) national security and territorial integrity; (i) cooperation in national defence and security matters; (j) organisation of organs in charge of intelligence and security; (k) immigration and emigration; (l) disasters; (m) refugees; (n) peacekeeping and security operations abroad. <u>Article 67: Responsibilities of the Committee on Social Affairs</u> The Committee on Social Affairs is responsible for issues relating to: (a) social welfare in general and health of the population, with a focus on children, orphans, widows, people with disability, the elderly and the needy; (b) health facilities and other matters related	(h) la sécurité nationale et l'intégrité du territoire; (i) la coopération en matière de défense et de sécurité nationales; (j) l'organisation des services de renseignement et de sécurité; (k) l'immigration et l'émigration; (l) les catastrophes; (m) les réfugiés; (n) les opérations de maintien de la paix et de sécurité à l'étranger. <u>Article 67: Attributions de la Commission des affaires sociales</u> La Commission des affaires sociales est chargée des questions en rapport avec: (a) le bien-être social en général et la santé de la population, en particulier des enfants, des orphelins, des veuves, des personnes handicapées, des personnes âgées et des nécessiteux; (b) les établissements sanitaires et autres
--	---	---

(c) indwara z'ibyorezo n'izindi ndwara; (d) ubwiteganyirize n'ubwisungane mu kwivuza; (e) abakozi n'umurimo. <u>Ingingo ya 68:</u> Inshingano za Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenocide Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenocide ishinze ibyerekeye: (a) ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda n'inshingano mboneragihugu; (b) uburenganzira bwa muntu; (c) kwibuka jenocide yakorewe Abatutsi; (d) gukumira no kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenocide no kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide n'ibyo igaragariramo byose; (e) uko ingaruka za Jenocide yakorewe	to medical services; (c) epidemic diseases and other diseases; (d) social security and community-based health insurance; (e) employees and employment. <u>Article 68:</u> Responsibilities of the Committee on Unity, Human Rights and Fight against Genocide The Committee on Unity, Human Rights and Fight against Genocide is responsible for issues relating to: (a) national unity and resilience and civic engagement; (b) human rights; (c) commemoration of the genocide against the Tutsi; (d) prevention and fight against genocide denial and revisionism and against genocide ideology and all its manifestations (e) search for solutions to effects of the	questions relatives aux soins médicaux; (c) les épidémies et autres maladies; (d) la sécurité sociale et les mutuelles de santé; (e) les employés et l'emploi. <u>Article 68:</u> Attributions de la Commission de l'unité nationale, des droits de la personne et de la lutte contre le génocide La Commission de l'unité nationale, des droits de la personne et de la lutte contre le génocide est chargée des questions en rapport avec: (a) l'unité et la résilience nationales ainsi que l'engagement civique; (b) les droits de la personne; (c) la commémoration du génocide perpétré contre les Tutsi; (d) la prévention et la lutte contre le négationnisme et le révisionnisme du génocide et contre l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations; (e) la recherche des solutions aux
--	--	--

Abatutsi zishakirwa umuti; (f) inzibutso n'ibimenyetso bya Jenocide yakorewe Abatutsi; (g) raporo mpuzamahanga ngarukagihe ku isuzuma ry'uburenganzira bwa muntu ziteganywa n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu n'ubutabera u Rwanda rwemeje. <u>Ingingo ya 69: Inshingano za Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta</u> Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta ishinze ibyerekeye: (a) umushinga w'ingengo y'imari ya Leta; (b) imisoro n'amahoro; (c) imicungire y'imyenda y'Igihugu; (d) ibarurishamibare n'igenamigambi ry'Igihugu; (e) uko politiki y'uburinganire n'ubwuzanywe bw'abagore n'abagabo yinjizwa mu ngengo y'imari ya Leta; (f) ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta;	genocide against the Tutsi; (f) memorials and archaeological evidence of the genocide against the Tutsi; (g) Universal Periodic Review on human rights as provided under the international conventions on human rights and justice ratified by Rwanda. <u>Article 69: Responsibilities of the Committee on State Budget and Patrimony</u> The Committee on State Budget and Patrimony is responsible for issues relating to: (a) draft State budget; (b) taxes and revenues; (c) management of national debt; (d) statistics and national planning; (e) mainstreaming of gender policy into the State budget; (f) execution of the State budget;	conséquences du génocide perpétré contre les Tutsi; (f) des sites mémoriaux et la conservation des preuves archéologiques du génocide perpétré contre les Tutsi; (g) l'Examen périodique universel sur les droits de de la personne prévu par les conventions internationales sur les droits de l'homme et la justice ratifiées par le Rwanda. <u>Article 69: Attributions de la Commission du budget et du patrimoine de l'État</u> La Commission du budget et du patrimoine de l'État est chargée des questions en rapport avec: (a) le projet de budget de l'État; (b) les taxes et impôts; (c) la gestion de la dette nationale; (d) les statistiques et la planification nationale; (e) l'intégration de la politique d'égalité entre les femmes et les hommes dans le budget de l'État; (f) l'exécution du budget de l'État;
--	--	--

(g) umutungo wa Leta. <u>Ingingo ya 70:</u> Inshingano za Komisiyo y'Ubutaka, Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije Komisiyo y'Ubutaka, Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije ishinze ibyerekeye: (a) ubuhinzi; (b) ubworozi; (c) ibidukikije; (d) amashyamba; (e) ubutaka; (f) imihindagurikire y'ibihe no gukumira ingaruka zabyo; (g) umutungo kamere w'amazi. <u>Ingingo ya 71:</u> Inshingano za Komisiyo ishinze gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta Komisiyo ishinze gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta ishinze ibyerekeye:	(g) State patrimony. <u>Article 70:</u> Responsibilities of the Committee on Land, Agriculture, Livestock and Environment The Committee on Land, Agriculture, Livestock and Environment is responsible for issues relating to: (a) agriculture; (b) livestock; (c) environment; (d) forestry; (e) land; (f) climate change and prevention of related effects; (g) water resources. <u>Article 71:</u> Responsibilities of the Public Accounts Committee The Public Accounts Committee is responsible for issues relating to:	(g) patrimoine de l'État. <u>Article 70:</u> Attributions de la Commission des terres, de l'agriculture, de l'élevage et de l'environnement La Commission des terres, de l'agriculture, de l'élevage et de l'environnement est chargée des questions en rapport avec: (a) l'agriculture; (b) l'élevage; (c) l'environnement; (d) les forêts ; (e) les terres; (f) le changement climatique et la prévention de ses conséquences; (g) les ressources en eau. <u>Article 71:</u> Attributions de la Commission de contrôle des comptes publics La Commission de contrôle des comptes publics est chargée des questions en rapport avec:
---	--	---

(a) imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta; (b) ibaruramari rusange ry'inzeho zikoresha imari n'umutungo bya Leta. <u>Akiciro ka 2:</u> Uko Umudepite ashirwa muri Komisiyo ihoraho na manda ye <u>Ingingo ya 72:</u> Uko Umudepite ashirwa muri Komisiyo ihoraho Umudepite ashirwa muri Komisiyo ihoraho mu buryo bukurikira: (a) buri Mudepite yuzuza ifishi yabugenewe igaragaza Komisiyo ihoraho yifuza gushyirwamo; (b) Biro y'Umutwe w'Abadepite ishyira Umudepite muri Komisiyo ihoraho ikurikije ibi bukurikira: (i) icyifuzo cya buri Mudepite; (ii) umubare w'abagize buri Komisiyo; (iii) inshingano za Komisiyo ihoraho;	(a) use of State finance and property; (b) general accounts of institution which use State budget and patrimony. <u>Subsection 2:</u> Procedure for assigning a Deputy to a Standing Committee and his or her term of office <u>Article 72:</u> Procedure for assigning a Deputy to a Standing Committee A Deputy is assigned to a Standing Committee in accordance with following procedure: (a) every Deputy fills in an appropriate form highlighting the Standing Committee he or she wishes to join; (b) the Bureau of the Chamber of Deputies assigns a Deputy to a Standing Committee based on the following criteria: (i) the preference of each Deputy; (ii) the number of members of each Committee; (iii) the responsibilities of the Standing Committee;	(a) l'utilisation des finances et du patrimoine de l'État; (b) la comptabilité générale des institutions qui utilisent le budget et le patrimoine de l'État. <u>Sous-section:</u> Procédure d'affecter un député à une commission permanente et son mandat <u>Article 72:</u> Procédure d'affecter un député à une commission permanente Un député est affecté à une commission permanente selon la procédure suivante: (a) chaque député remplit un formulaire prévu précisant la commission permanente à laquelle il souhaite être affecté ; (b) le Bureau de la Chambre des Députés affecte un député à une commission permanente sur base des critères ci-après: (i) la préférence de chaque député; (ii) le nombre des membres de chaque commission; (iii) les attributions de la commission permanente;
--	--	---

(iv) uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo; (v) ibyiciro cyangwa Imitwe ya Politiki batorewemo iyo bishoboka; (vi) ikindi Biro y'Umutwe w'Abadepite yabona ko cyafasha mu kunoza imikokorere ya Komisiyo ihoraho. <u>Ingingo ya 73:</u> Manda y'ugize Komisiyo ihoraho Ugize Komisiyo ihoraho agira manda y'imyaka ibiri n'igice. Iyo imyaka ibiri n'igice ya manda ya mbere isigaje nibura ibyumweru bibiri ngo irangire, Umudepite yongera gushyirwa muri Komisiyo ihoraho hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 72 y'iri tegeko ngenga. Manda ya kabiri y'ugize Komisiyo ihoraho itangira ku munsu manda ya mbere y'abagize Komisiyo ihoraho irangiriyeho. <u>Akiciro ka 3:</u> Biro ya Komisiyo ihoraho <u>Ingingo ya 74:</u> Abagize Biro ya Komisiyo ihoraho Buri Komisiyo ihoraho igira Biro yayo igizwe	(iv) gender equity aspect; (v) their electoral category or the political organisation of origin, if possible; (vi) any other criteria that the Bureau of the Chamber of Deputies may find important for the successful functioning of the Standing Committee. <u>Article 73:</u> Term of office of a member of the Standing Committee A member of the Standing Committee holds office for a term of two years and a half. At least two weeks before expiry of the first term of two years and a half, a Deputy is once again assigned to a Standing Committee as provided for under Article 72 of this Organic Law. The second term of office of the members of the Standing Committee begins on the day on which the first term of office of the members of the Standing Committee ends. <u>Subsection 3:</u> Bureau of the Standing Committee <u>Article 74:</u> Members of the bureau of the Standing Committee Each Standing Committee has a Bureau	(iv) aspect de l'égalité des genres; (v) si possible, le groupe électoral ou formation politique d'origine; (vi) tout autre critère que le Bureau de la Chambre des Députés pourrait juger important pour le bon fonctionnement de la commission permanente. <u>Article 73:</u> Mandat d'un membre de la commission permanente Un membre de la commission permanente a un mandat de deux ans et demi. Au moins deux semaines avant la fin du premier mandat de deux ans et demi, un député est encore une fois affecté à une commission permanente tel que prévu à l'article 72 de la présente loi organique. Le deuxième mandat d'un membre de la commission permanente commence le jour où prend fin le premier mandat des membres de la commission permanente. <u>Sous-section 3:</u> Bureau de la commission permanente <u>Article 74:</u> Membres du bureau de la Commission permanente Chaque commission permanente est dotée d'un
---	--	---

na Perezida na Visi-Perezida.	composed of a chairperson and a deputy chairperson.	bureau composé d'un président et d'un vice-président.
<u>Ingingo ya 75: Uko abagize Biro ya Komisiyo ihoraho batorwa</u>	<u>Article 75: Election of members of the bureau of the Standing Committee</u>	<u>Article 75: Élection des membres du bureau de la commission permanente</u>
(1) Perezida na Visi-Perezida ba buri Komisiyo ihoraho batorwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bari mu nama y'Inteko Rusange, hubahirijwe ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo.	(1) The chairperson and the deputy chairperson of each Standing Committee are elected by the Plenary Assembly by an absolute majority vote of Deputies present at the plenary sitting and in consideration of gender equality.	(1) Le président et le vice-président de chaque commission permanente sont élus par l'Assemblée plénière à la majorité absolue des députés présents à la séance plénière et en tenant compte de l'égalité des genres.
(2) Abadepite bo muri Komisiyo ihoraho bifuzwa gutorerwa kujya muri Biro ya Komisiyo bandikira Perezida w'Umutwe w'Abadepite babisaba, bakabimenyesha abandi Baderite. Uyoboye inama y'Inteko Rusange atangariza Inteko Rusange yagenewe itora urutonde rw'abiyamamaje.	(2) Members of each Standing Committee wishing to be elected on the bureau of a Standing Committee apply in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies and inform other Deputies. The chair of the plenary sitting announces the list of candidates to the plenary sitting devoted to the elections.	(2) Les membres de chaque commission permanente qui désirent se faire élire au bureau d'une commission permanente adressent une demande écrite au Président de la Chambre des Députés et en informent les autres députés. Le président de la séance plénière communique la liste des candidats à la séance plénière consacrée à l'élection.
(3) Mbere y'uko amatora aba, buri mukandida ku mwanya w'ugize Biro ya Komisiyo ihoraho ahabwa umwanya w'iminota itatu wo kwibwira Abadepite bagize Inteko Rusange.	(3) Before election are held, every candidate of the Bureau of the standing committee is given three minutes for introducing himself or herself to members of the Plenary Assembly.	(3) Avant la tenue de l'élection, il est accordé à chaque candidat au bureau de la commission permanente trois minutes pour se présenter aux membres de l'Assemblée plénière.
(4) Perezida wa buri Komisiyo ihoraho atorwa ukwe na Visi-Perezida ukwe.	(4) The chairperson and the deputy chairperson of each Standing Committee are elected separately.	(4) Le président et le vice-président de chaque commission permanente sont élus séparément.
(5) Iyo nta mukandida ugize amajwi ya	(5) When no candidate obtains the required	(5) Lorsqu'aucun candidat ne réunit le nombre

ngombwa cyangwa banganyije amajwi, itora risubirwamo rimwe uwo munsu. Mu gihe amajwi ya ngombwa atabonetse ku nshuro ya kabiri, uwo mwanya wongerwa kwiyamamarizwa amatora akaba mu gihe kitarenze iminsi ibiri y'akazi ibarwa uherye ku munsu isubikwa ryabereyeho.	votes or in case of a voting tie, the voting is retaken once on that same day. When the voting is retaken and no candidate obtains the required votes, the post is subject to new candidacies and the vote is held within two working days of the deferral of the election.	de voix requis ou en cas d'égalité des voix, le scrutin est repris une seule fois le même jour. Lorsque le scrutin est repris et qu'aucun candidat ne réunit le nombre de voix requis, le poste est ouvert à de nouvelles candidatures et le scrutin a lieu dans les deux jours ouvrables à compter de la date de report.
<u>Ingingo ya 76:</u> Kuyobora Komisiyo ihoraho umwe cyangwa bombi mu bagize Biro yayo badahari	<u>Article 76:</u> Heading the Standing Committee in case of absence of one or both members of the bureau	<u>Article 76:</u> Présider la commission permanente en cas d'absence de l'un ou de deux des membres de son bureau
(1) Iyo umwe mu bagize Biro ya Komisiyo ihoraho adahari, ugize Biro ya Komisiyo ihoraho wundi ayobora inama yunganiwe n'Umudepite muto mu myaka y'amavuko. (2) Iyo Perezida na Visi Perezida bafite impamvu ibabuza kuyobora Komisiyo ihoraho cyangwa bavuye burundu mu myanya yo kuyobora Komisiyo ihoraho bakaba batarasimburwa, Komisiyo ihoraho iyoborwa n'Umudepite mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi mu mirimo y'ubudepite mu bagize Komisiyo ihoraho bahari, yunganiwe n'Umudepite muto mu myaka y'amavuko.	(1) In the absence of a member of the bureau of the standing committee, another member of the bureau presides over the meeting assisted by the youngest Deputy. (2) In case of impediment of the chairperson and the deputy chairperson such that they cannot preside over the Standing Committee or have definitely left office and have yet to be replaced, the Standing Committee is headed by the oldest Deputy among the members of the Standing Committee with the longest parliamentary experience assisted by the youngest Deputy.	(1) En cas d'absence d'un membre du bureau de la commission permanente, un autre membre du bureau préside la réunion assistée par le député le moins âgé. (2) Lorsque le président et le vice-président sont empêchés à tel point qu'ils ne peuvent pas diriger la commission permanente ou lorsqu'ils ont quitté définitivement leurs postes de direction de la commission et ne sont pas encore remplacés, la commission est présidée par le député le plus âgé parmi les membres de la commission ayant la plus longue expérience parlementaire assisté par le député le moins âgé.
<u>Ingingo ya 77:</u> Manda y'abagize Biro ya Komisiyo ihoraho	<u>Article 77:</u> Term of office for members of the bureau of the Standing Committee	<u>Article 77:</u> Mandat des membres du bureau de la commission permanente
Abagize Biro ya Komisiyo ihoraho batorerwa	Members of the bureau of the Standing	Les membres du bureau de la commission

manda y'inyaka ibiri n'igice. Bashobora kongera gutorwa. <u>Ingingo ya 78: Uko abagize Biro ya Komisiyo ihoraho basimburwa</u> (1) Umwe mu bagize Biro ya Komisiyo ihoraho cyangwa bombi bashobora gusimburwa bisabwe nibura na kimwe cya kabiri cy'abayigize, babigaragaza mu nyandiko iriho imikono yabo ishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite. (2) Iyo umwe cyangwa abagize Biro ya Komisiyo ihoraho bombi beguye, uweguye abimenyesha Perezida w'Umutwe w'Abadepite, mu nyandiko iriho umukono we. (3) Isimburwa ry'utakiri muri Biro ya Komisiyo ihoraho rikorwa mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uherye ku munsu icyemezo gifashwe n'Inteko Rusange cyemeza ko atakiri muri Biro ya Komisiyo. (4) Mu gihe habayeho amatora yo gusimbura, uwatowe arangiza manda y'uwo asimbuye.	Committee are elected for a term of office of two years and a half renewable. <u>Article 78: Modalities for the replacement of members of the bureau of the Standing Committee</u> (1) One or both members of the bureau of the Standing Committee may be replaced at the request of at least a half of the Committee members through a written statement which is signed and submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies. (2) In the event one or both members of the bureau of the Standing Committee resign, the resigning person notifies the same to the Speaker of the Chamber of Deputies through a written and signed statement. (3) A person who is no longer a member of the bureau of the Standing Committee is replaced within 15 days from the day on which the Plenary Assembly approved that he or she is no longer a member of the bureau of the Committee. (4) In the event of a replacement election, the person elected completes the remainder of the term of office of the person he or she replaces.	permanente sont élus pour un mandat de deux ans et demi renouvelable. <u>Article 78: Modalités de remplacement des membres du bureau de la commission permanente</u> (1) Un ou les deux membres du bureau de la commission permanente peuvent être remplacés à la demande d'au moins la moitié des membres de la commission par le biais d'une déclaration écrite signée et soumise au Président de la Chambre des députés. (2) En cas de démission d'un ou de deux membres du bureau de la commission permanente, le membre qui démissionne en informe le Président de la Chambre des Députés par une déclaration écrite et signée. (3) Le remplacement de la personne qui n'est plus membre du bureau de la commission permanente est effectué dans les 15 jours à compter du jour où l'Assemblée Plénière a décidé qu'elle n'est plus membre du bureau de la commission. (4) En cas d'élection de remplacement, l'élu termine le reste du mandat de la personne qu'il remplace.
---	---	---

(5) Mu gihe hasigaye igihe kitarenze amezi atandatu ngo manda ya Biro ya Komisiyo ihoraho irangire, uvuye muri Biro ya Komisiyo ntasimburwa.	(5) A member of the Bureau, who leaves office when the remaining term of office of the Bureau of the Standing Committee is not more than six months, is not replaced.	(5) Lorsque la durée restante du mandat du bureau de la commission permanente ne dépasse pas six mois, un membre du bureau qui quitte ses fonctions n'est pas remplacé.
<u>Akiciro ka 4: Ingingo zihuriweho na Komisiyo zose</u>	<u>Subsection 4: Common provisions to all Committees</u>	<u>Sous-section 4: Dispositions communes à toutes les commissions</u>
<u>Ingingo ya 79: Inshingano za Biro ya Komisiyo n'uko ifata ibyemezo</u>	<u>Article 79: Responsibilities of the Committee bureau and modalities for decision-making</u>	<u>Article 79: Attributions du bureau de commission et modalités de prise de décisions</u>
(1) Inshingano za Biro ya Komisiyo ni izi zikurikira:	(1) The responsibilities of the Committee bureau are the following:	(1) Les attributions du bureau de commission sont les suivantes:
(a) gutumira no kuyobora inama ya Komisiyo;	(a) to convene and chair the committee meeting;	(a) convoquer et présider la réunion de commission;
(b) guhuza ibikorwa bya Komisiyo;	(b) to coordinate the committee business;	(b) coordonner les activités de commission;
(c) gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo ihoraho, kugira ngo yemezwe na Komisiyo no kuyishyikiriza Biro y'Umutwe w'Abadepite;	(c) to prepare the draft action plan of the Standing Committee to be approved at the Committee level and transmit it to the Bureau of the Chamber of Deputies;	(c) préparer le projet du plan d'action de la commission permanente à approuver au niveau de la commission et le transmettre au Bureau de la Chambre des Députés,
(d) gutegura ibisuzumwa mu nama ya Komisiyo;	(d) to draft the agenda of the Committee meeting;	(d) proposer l'ordre du jour de la réunion de commission;
(e) kugena uhagararira Komisiyo mu nama yatumiwemo ugize Komisiyo;	(e) to assign a committee representative to a meeting to which a committee member is invited;	(e) désigner un représentant de la commission à une réunion à laquelle un membre de la Commission est invitée;
(f) kunoza raporo ya Komisiyo no kuyishyiraho umukono mbere y'uko	(f) to edit the committee report and sign it before it is transmitted to the Bureau of	(f) nettoyer le rapport de la commission et y apposer la signature avant sa

ishyikirizwa Biro y'Umutwe w'Abadepite; (g) gutegura uko Komisiyo ishyira mu bikorwa ibyasabwe n'Inteko Rusange, Inama y'Abaperezida cyangwa Biro y'Umutwe w'Abadepite. (2) Ibyemezo bya Biro ya Komisiyo bifatwa ku bwumvikane bw'abayigize. <u>Ingingo ya 80: Inshingano za Perezida wa Komisiyo</u> Perezida wa Komisiyo – (a) atumiza akanayobora inama za Komisiyo; (b) ahuza ibikorwa bya Komisiyo; (c) ageza raporo n'ibyemezo bya Komisiyo kuri Biro y'Umutwe w'Abadepite; (d) ahagararira Komisiyo akayibera n'umuvugizi; (e) akora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite yasabwa na Biro	the Chamber of Deputies; (g) to organise the implementation of activities requested by the Plenary Assembly, the Conference of Chairpersons or the Bureau of the Chamber of Deputies; (2) Decisions of the Committee bureau are taken by consensus among its members. <u>Article 80: Responsibilities of the Chairperson of the Committee</u> The Chairperson of the Committee – (a) convenes and chairs the Committee meetings; (b) coordinates the Committee business; (c) transmits the committee reports and decisions to the Bureau of the Chamber of Deputies; (d) acts as the Committee's representative and spokesperson; (e) performs such other business of the Chamber of Deputies as requested	transmission au Bureau de la Chambre des Députés; (g) organiser la mise en exécution des activités demandées par l'Assemblée plénière, la Conférence des Présidents ou le Bureau de la Chambre des députés. (2) Les décisions du bureau de la commission sont prises par consensus entre ses membres. <u>Article 80: Attributions du président de commission</u> Le président de commission – (a) convoque et préside les réunions de la commission; (b) coordonne les activités de la commission; (c) transmet les rapports et décisions de la commission au Bureau de la Chambre des Députés; (d) agit en qualité de représentant et de porte-parole de la commission; (e) effectue toutes les autres activités de la Chambre des Députés pouvant lui être
--	---	---

y'Umutwe w'Abadepite cyangwa Komisiyo. <u>Ingingo ya 81: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo</u> Visi Perezida wa Komisiyo – (a) asimbura Perezida wa Komisiyo igihe adahari; (b) yunganira Perezida wa Komisiyo mu mirimo yose ya Komisiyo; (c) akurikirana inyandiko na raporo bya Komisiyo bigezwa kuri Biro y'Umutwe w'Abadepite; (d) akora indi mirimo iri mu nshingano za Komisiyo asabwe na Komisiyo. <u>Ingingo ya 82: Itumizwa ry'inama ya Komisiyo</u> (1) Inama ya Komisiyo itumizwa mu nyandiko na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida wa Komisiyo iyo Perezida wa Komisiyo adahari bikamenyeshwa abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite n'Abadepite bose.	by the Bureau of the Chamber of deputies or the Committee. <u>Article 81: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Committee</u> The Deputy Chairperson of the Committee – (a) deputises for the Chairperson of the Committee in his or her absence; (b) assists the Chairperson of the Committee in all Committee activities; (c) follows up on documents and reports of the Committee set to be transmitted to the Bureau of the Chamber of Deputies; (d) performs such other duties falling within the responsibilities of the Committee upon request by the Committee. <u>Article 82: Convening of Committee meeting</u> (1) The Committee meeting is convened in writing by the Chairperson of the Committee or, in his or her absence, by the Deputy Chairperson and communicated to the Bureau of the Chamber of Deputies and all Deputies.	confiées par le Bureau de la Chambre des Députés ou la commission. <u>Article 81: Attributions du vice-président de commission</u> Le vice-président de la commission – (a) remplace le président de la commission en son absence; (b) assiste le président de la commission dans toutes les activités de la commission; (c) assure le suivi des documents et rapports de la commission à transmettre au Bureau de la Chambre des Députés; (d) effectue toutes les autres tâches relevant des attributions de commission lui confiées par la commission. <u>Article 82: Convocation de la réunion de commission</u> (1) La réunion de la commission est convoquée par écrit par le président de la commission ou, en son absence, par le vice-président, et le Bureau de la Chambre des Députés et tous les députés en sont informés.
---	--	--

(2) Inyandiko itumira inama ya Komisiyo igaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa, itariki, isaha n'aho inama izabera. (3) Inyandiko itumira igezwa ku bagize Komisiyo nibura mu gihe cy'amasaha 48 mbere y'uko inama iterana. Mu gihe igisuzumwa cyihutirwa, igihe kivugwa muri iki gika nticyubahirizwa. (4) Mu gihe inama ya Komisiyo isubitswe cyangwa hari icyahindutse kuri gahunda yatanze, bimenyeshwa abari bayimeshejwe.	(2) The invitation to the Committee meeting indicates the agenda, date, time and place of the meeting. (3) The invitation is delivered to Committee members at least 48 hours prior to the meeting. In the event of an urgent agenda, the timeline referred to under this paragraph is not respected. (4) In the event that the Committee meeting is postponed or that the agenda is changed, those who were communicated are notified.	(2) L'invitation à la réunion de la commission indique l'ordre du jour, la date, l'heure et le lieu de la réunion. (3) L'invitation est remise aux membres de la commission au moins 48 heures avant la tenue de la réunion. En cas d'ordre du jour urgent, le délai visé au présent paragraphe n'est pas respecté. (4) Lorsque la réunion de la commission est reportée ou si l'ordre du jour est modifié, les personnes qui ont été informées sont notifiées.
<u>Ingingo ya 83: Amasaha y'imirimo ya Komisiyo ihoraho</u>	<u>Article 83: Working hours for the Standing Committee</u>	<u>Article 83: Heures de travail de la commission permanente</u>
(1) Amasaha y'imirimo ya Komisiyo ihoraho ni ukuva saa tatu za mu gitondo kugeza saa sita z'amanya. Icyakora, iyo bibaye ngombwa, amasaha yo gutangira imirimo ya Komisiyo ihoraho ashobora guhinduka bigenwe na Biro ya Komisiyo ihoraho ikabimenyesha mu nyandiko Abadepite bese, abari batumiwe, bigashyirwa no ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe w'Abadepite. (2) Amasaha yo gusoza inama ya Komisiyo ihoraho ashobora guhinduka bisabwe n'uyoboye inama, bikemezwa ku bwumvikane busesuye bw'Abadepite	(1) The Standing Committee business starts at 9.00 am and adjourns at 12.00 pm. However, where necessary, starting hours for the Standing Committee business may be changed on decision of the Bureau of the Standing Committee which thereafter so notifies in writing all Deputies and those who were invited, and the change is also posted on the website of the Chamber of Deputies. (2) The closing hours for the Standing Committee sitting may be changed at the request of the chair of the sitting, upon approval by consensus among members of	(1) Les travaux de commission permanente commencent à 9 heures et se terminent à 12 heures. Toutefois, en cas de besoin, l'heure de début des travaux de la commission peut être modifiée sur décision du bureau de la commission qui à son tour, en informe par écrit tous les députés et ceux qui étaient invités, et la modification est postée sur le site internet de la Chambre des Députés. (2) L'heure de clôture de la séance de commission permanente peut être modifiée à la demande du président de la séance, sur approbation par consensus entre les

bagize Komisiyo ihoraho bahari. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, byemezwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bagize Komisiyo ihoraho bahari. Icyakora, iyo isaha yo gusoza imirimo igeze uwahawe ijambo akirifite, uyoboye inama ategereza ko arisoza mbere yo gusaba kongera igihe.	the Standing Committee present. If a consensus is not reached, it is approved by the absolute majority of votes cast by the Standing Committee members present. However, when it is time to adjourn and the person who has the floor is still speaking, the chair of the sitting waits until the speaker has finished speaking before asking for an extension of time.	membres de la commission permanente présents. En l'absence de consensus, elle est approuvée par la majorité absolue des voix des membres de la commission permanente présents. Toutefois, Lorsqu'il est temps de lever la séance et que celui qui a la parole parle encore, le président de la séance attend que l'orateur ait fini de parler avant de demander une prolongation de temps.
<u>Ingingo ya 84: Iterana ry'inama za Komisiyo zirenze imwe na raporo yayo</u>	<u>Article 84: Joint Committee meeting and its report</u>	<u>Article 84: Réunion conjointe de commissions et son rapport</u>
(1) Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gusaba Komisiyo zihoraho z'Umutwe w'Abadepite zirenze imwe ko ziteranira hamwe mu nama zigasuzuma ikibazo zihuriyeho.	(1) The Bureau of the Chamber of Deputies may request more than one Standing Committee of the Chamber of Deputies to convene in a joint meeting to consider an issue which cuts across their responsibilities.	(1) Le Bureau de la Chambre des Députés peut demander à plus d'une commission permanente de la Chambre des Députés de tenir une réunion conjointe pour examiner un problème qui est commun à leurs attributions.
(2) Iyo Komisiyo zirenze imwe ziteraniye hamwe, Perezida wa Komisiyo ufite uburambe busumba ubw'abandi mu mirimo y'Inteko Ishinga Amategeko, ni we utumiza akanayobora inama. Iyo abanganya uburambe barenze umwe, hayobora umukuru muri bo mu myaka y'amavuko akungirizwa n'ukurikiyeho mu ba Perezida mukuru mu myaka y'amavuko.	(2) In case of a joint meeting, the Committee chairperson with the longest parliamentary experience convenes and chairs the meeting. Where more than one chairperson have the same experience, the oldest among them chairs the meeting, assisted by the eldest among the Committee chairpersons.	(2) Dans le cas d'une réunion conjointe, le président ayant la plus longue expérience parlementaire convoque et préside la réunion. En cas de plusieurs présidents ayant la même expérience, le plus âgé parmi eux préside la séance, assisté par le président le plus âgé parmi les présidents des commissions.
(3) Mu gihe ari Perezida wa Komisiyo umwe uhari, ni we uyobora inama akungirizwa na Visi Perezida muto mu myaka.	(3) Where only one Chairperson is present, he or she chairs the meeting assisted by the youngest Deputy Chairperson.	(3) En cas de présence d'un seul Président de commission, celui-ci préside la séance assistée par le vice-président le moins âgé.

(4) Raporo ya Komisiyo ishyikirizwa Biro y'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 85: Ubutumire mu nama ya Komisiyo ihoraho</u> Komisiyo ihoraho ibinyujije kuri Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ishobora gusaba ko hatumizwa uwo ibona ko ari ngombwa kuyiha ibisobanuro cyangwa ibitekerezo byerekeranye n'ibyo isuzuma. Ubusabe bwo gutumira buherekezwa n'inyandiko isobanura icyo Komisiyo yifuzza kubaza uwo itumira iyo atari umushinga w'itegeko. <u>Ingingo ya 86: Uko Umudepite yitabira imirimo y'inama ya Komisiyo ihoraho atashyizwemo.</u> (1) Umudepite ubishatse yitabira inama ya Komisiyo ihoraho atashyizwemo ashingiye kuri gahunda y'inama ya Komisiyo ihoraho. (2) Umudepite witabiriye inama ya Komisiyo ihoraho atashyizwemo atanga ibitekerezo ariko ntatora.	(4) The Committee report is submitted to the Bureau of the Chamber of Deputies. <u>Article 85: Invitation to the meeting of the Standing Committee</u> A Standing Committee may, through the Speaker of the Chamber of Deputies, request that any person whose participation it considers useful be invited to give explanations or ideas on items on its agenda. The request for an invitation is accompanied by a document explaining what the committee wishes to ask the invitee to do if it is not draft law or private member's bill. <u>Article 86: Procedure for a Deputy to attend the meeting of a Standing Committee of which he or she is not a member</u> (1) A Deputy who so wishes participates in the meeting of the Standing Committee of which he or she is not a member based on the agenda of the Standing Committee meeting. (2) A Deputy, who attends a meeting of a Standing Committee of which he or she is not a member shall give opinions but shall not have the right to vote.	(4) Le rapport de commission est soumis au Bureau de la Chambre des Députés. <u>Article 85: Invitation à la réunion de la commission permanente</u> Une commission permanente peut, par le biais du président de la Chambre des Députés, demander qu'on invite toute personne dont la participation lui paraît utile à lui donner des explications ou des idées sur des points à son ordre du jour. La demande d'invitation est accompagnée d'un document expliquant ce que la commission souhaite demander à l'invité s'il ne s'agit pas d'un projet ou d'une proposition de loi. <u>Article 86: Procédure pour la participation d'un député à la réunion d'une commission permanente dont il n'est pas membre</u> (1) Un député qui le souhaite participe à la réunion de la commission permanente dont il n'est pas membre en fonction de l'ordre du jour de la réunion de la commission permanente. (2) Un député qui participe à la réunion de la commission permanente dont il n'est pas membre donne des avis mais n'a pas de droit de vote.
--	--	---

<u>Ingingo ya 87:</u> Uko uwatangije umushinga w’itegeko awukurikirana muri Komisiyo (1) Umudepite watangije umushinga w’itegeko cyangwa uhagarariye Guverinoma iyo ari yo yawutangije atumirwa muri Komisiyo ihoraho mu gihe iwusuzuma. Icyakora, iyo ugize Guverinoma woherejwe guhagararira uwo mushinga w’itegeko mu Mutwe w’Abadepite atabonetse kandi umushinga w’itegeko waratangiye gusuzumwa ashobora guhagararirwa n’ufite ububasha bwo gufata icyemezo. (2) Umudepite watangije umushinga w’itegeko, ugize Guverinoma cyangwa umuhagarariye uri mu nama ya Komisiyo ahabwa ijamba igihe cyose arisabye. Ashobora guherekezwa n’impuguke yihitiyemo. Iyo mpuguke ihabwa ijamba muri Komisiyo iyo irisabye.	<u>Article 87:</u> Follow-up on a bill by the initiator at the Committee level (1) The Deputy who initiated a bill or the representative of the Government which initiated it is invited to the Standing Committee during its consideration. However, if a member of the Government designated to defend the bill in the Chamber of Deputies is not available and the bill is under consideration, he or she can be represented by a person who has the power to decide. (2) The Deputy who initiated a bill, a cabinet member or his or her representative attending a meeting of the Committee is given the floor at any time he or she asks to speak. He or she may be accompanied by an expert of his or her choice. The expert is given the floor at any time he or she asks to speak.	<u>Article 87:</u> Suivi d’un projet de loi par son initiateur au niveau de la commission (1) Le député qui a initié un projet de loi ou le représentant du gouvernement qui l’a initié est invité à la commission permanente lors de son examen. Toutefois, si un membre du Gouvernement délégué pour défendre le projet de loi à la Chambre des Députés n’est pas disponible et que le projet de loi est en cours d’examen, il peut se faire représenter par une personne qui a le pouvoir de décision. (2) Le député qui a initié un projet de loi, un membre du Gouvernement ou son représentant qui assiste à une réunion de la commission a la parole à chaque fois qu’il la demande. Il peut être accompagné d’un expert de son choix. L’expert obtient la parole à tout moment lorsqu’il la demande.
<u>Ingingo ya 88:</u> Uwandika ubutumire n’igihe bugerezwa ku watumiwe muri Komisiyo (1) Hakurikijwe ibiteganywa n’ingingo ya 85 y’iri tegeko ngenga, Perezida w’Umutwe w’Abadepite ashidikiriza Minisitiri w’Intebe inyandiko isaba kohereza ugize Guverinoma muri Komisiyo hamwe n’umugereka ugaragaza ibyo Komisiyo ihoraho yifuzaho ibisobanuro nibura iminsi irindwi mbere	<u>Article 88:</u> The inviter and deadline for submitting the invitation to the invitee to the Committee sitting (1) In accordance with the provisions of Article 85 of this Organic Law, the Speaker of the Chamber of Deputies submits to the Prime Minister a written document requesting him or her to delegate a cabinet member to the committee proceedings and an annex detailing items on which the standing	<u>Article 88:</u> L’invitant et le délai d’envoi de l’invitation à l’invité à la session de la commission (1) Conformément aux dispositions de l’article 85 de la présente loi organique, le Président de la Chambre des Députés transmet au Premier Ministre un document lui demandant de déléguer un membre du gouvernement au travaux de la commission et une annexe détaillant les points sur

y'itariki uwatumiwe azitabira Komisiyo. Icyakora, mu gihe byihutirwa, igihe kivugwa muri iki gika gishobora kutubahirizwa.	Committee needs clarifications, at least seven days before the appearance of the invited person before the Committee. However, in case of urgency, the time limit referred to in this Paragraph may not apply.	lesquels la commission permanente a besoin d'éclaircissement au moins sept jours avant la date de comparution de la personne invitée à la réunion de la commission. Toutefois, en cas d'urgence, le délai visé au présent paragraphe peut ne pas être applicable.
(2) Iyo utumirwa na Komisiyo atari mu bagize Guverinoma, yandikirwa n'Umunyamabanga Mukuru abisabwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite hubahirijwe igihe kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.	(2) If the person invited by the Committee is not a Cabinet member, the invitation is addressed to him or her in writing by the Clerk to the Chamber of Deputies at the request of the Speaker of the Chamber of Deputies, within the time limit specified under paragraph (1) of this Article.	(2) Si la personne invitée par la Commission n'est pas membre du Gouvernement, l'invitation lui est adressée par écrit par le Secrétaire général de la Chambre des Députés, à la demande du Président de la Chambre des Députés, dans le délai prévu au paragraphe (1) du présent article.
(3) Iyo ari Umudepite watangije umushinga w'itegeko, Perezida w'Umutwe w'Abadepite amutumira mu nyandiko, mu gihe kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.	(3) In case of a Deputy who has initiated a bill, he or she shall be notified in writing by the Speaker of the Chamber of Deputies within the period specified under Paragraph (1) of this Article.	(3) Si c'est un député qui est l'initiateur du projet de loi, il en est avisé par le président de la Chambre des Députés dans le délai prévu par le paragraphe (1) du présent article.
<u>Ingingo ya 89:</u> Urutonde rw'abitabiriye inama ya Komisiyo	<u>Article 89:</u> List of participants to the Committee meeting	<u>Article 89:</u> Liste des participants à la réunion de la commission
(1) Abadepite bitabiriye inama ya Komisiyo bashyira umukono ku rutonde rwabugenewe cyangwa bakiyandikisha hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.	(1) The Deputies participating to a committee meeting sign on a relevant list or register using electronic means;	(1) Les députés qui participent à une réunion de la commission signent une liste appropriée ou s'inscrivent par voie électronique;
(2) Urwo rutonde rugaragaza Abadepite bagize Komisiyo bitabiriye inama, abatayitabiriye bafite impamvu, abadafite impamvu n'Abadepite batari muri Komisiyo bitabiriye iyo nama.	(2) The list indicates the members of the committee who took part in the meeting, those who did not take part for valid reasons, those who did not take part without valid reasons and the Members who were not	(2) La liste indique les membres de la commission ayant participé à la réunion, ceux qui n'y ont pas participé pour des raisons valables, ceux n'y ont pas participé sans raisons valables et les députés non-

(3) Hateganywa kandi urutonde rw'abahagarariye Guverinoma, ababaherekeje n'abandi bantu bitabiriye imirimo ya Komisiyo. <u>Ingingo ya 90:</u> Umubare wa ngombwa kugira ngo Komisiyo itangire imirimo yayo Mbere yo gutangira inama ya Komisiyo uyoboye inama asuzuma ko umubare wa ngombwa w'ubwiganze burunduye bw'abagize Komisiyo wabonetse. <u>Ingingo ya 91:</u> Ihame ry'uko inama ya Komisiyo ihoraho ibera mu ruhame (1) Inama ya Komisiyo ihoraho ibera mu ruhame, uwayitumiwemo ahabwa ijambo. icyakora, mu gihe bibaye ngombwa, bisabwe na Biro ya Komisiyo ihoraho cyangwa umwe mu bagize Komisiyo ihoraho, bikemezwa nibura na kimwe cya kabiri cy'abagize Komisiyo ihoraho bitabiriye inama, inama ya Komisiyo ihoraho ishobora kubera mu muhezo. (2) Uyoboye inama ya Komisiyo ihoraho amenyesha abitabiriye inama uburyo	members of the committee who took part in the meeting. (3) There is also a list of Government representatives, persons accompanying them and other persons who have participated in the work of the committee. <u>Article 90:</u> Quorum required for the start of the Committee's work Before the start of the Committee meeting, the chair of the meeting ensures that the required quorum consisting of an absolute majority of the members of the Committee has been reached. <u>Article 91:</u> Principle of opening the Committee meeting to the public (1) The Committee meeting is open to the public, and the invitee is given the floor. However, where necessary and at the request of the bureau of the Standing Committee or of a member of the Standing Committee and after approval by at least half of the members of the Committee present, the meeting of the standing Committee may be held behind closed doors. (2) The chair of the meeting announces to participants the procedure for taking the	membres de la commission ayant participé à la réunion. (3) Il est également prévu une liste des représentants du Gouvernement, des personnes qui les accompagnent et ainsi que d'autres personnes ayant participé aux travaux de la commission. <u>Article 90:</u> Quorum requis pour le début des travaux de la commission Avant de commencer la réunion de la commission, le président de la réunion s'assure que le quorum requis, constitué de la majorité absolue des membres de la Commission, a été atteint. <u>Article 91:</u> Principe d'ouverture au public de la réunion de la commission (1) La réunion de commission est ouverte au public et l'invité prend la parole. En cas de nécessité et sur demande du bureau de la commission permanente ou de l'un des membres de cette dernière et après approbation par au moins la moitié des membres de la commission permanente présents, la réunion de la commission permanente peut se tenir à huis clos. (2) Le président de la séance communique aux participants la procédure à suivre pour
---	--	--

bukurikizwa mu gufata ijambo, igihe ntarengwa cy'ijambo n'uburyo abahabwa ijambo bakurikirana. (3) Mu gihe bibaye ngombwa, byemejwe nibura na bibiri bya gatatu by'Abadepite bagize Komisiyo ihoraho bitabiriye inama, hashobora kugenwa igihe ntarengwa cyo gufata ijambo gitandukanye n'icyari cyemejwe.	floor, the speaking time for those given the floor and the order in which they are given the floor. (3) Where necessary and with the approval of at least two-thirds of members of the Committee attending the meeting, the speaking time different from the one already adopted may be set.	prendre la parole, le temps de parole alloué aux intervenants et leur ordre de prise de parole. (3) En cas de nécessité et sur approbation par au moins les deux tiers des membres de la commission présents à la réunion, il peut être fixé le temps de parole alloué aux intervenants différent de celui déjà adopté.
<u>Ingingo ya 92: Inama ya Komisiyo ihoraho abaturage bahabwamo ijambo n'uburyo bikorwamo</u> (1) Inama umuntu uwo ari we wese ashobora guhabwamo ijambo ku byerekeye umushinga w'itegeko cyangwa indi ngingo bisuzumwa, yemezwa na Komisiyo ihoraho, igategurwa kandi igatangazwa hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bushoboka. (2) Iyo inama itangiye, Perezida wa Komisiyo ihoraho amenyesha abayitabiriye uburyo bukurikizwa mu gufata ijambo, igihe ntarengwa cy'ijambo n'uburyo abahabwa ijambo bakurikirana. (3) Komisiyo ihoraho yakira kandi ibitekerezo byanditse cyangwa inyandiko zerekeye umushinga w'itegeko cyangwa indi ngingo byigwa mu gihe cy'impaka muri Komisiyo	<u>Article 92: Meeting of the Standing Committee offering the floor to the public and related procedure</u> (1) A meeting in which anyone can have the floor and contribute ideas on a draft law or private member's a bill or other item under consideration, is approved by the Standing Committee, is organised and announced using the possible means of communication. (2) When the meeting begins, the Chairperson of the Standing Committee informs the participants of the procedure for taking the floor, the time limit for the floor and the sequence to be observed. (3) The Standing Committee also receives written comments or documents regarding the bill or such other item considered during the debate in the Standing Committee.	<u>Article 92: Réunion de la commission permanente donnant la parole au public et les procédures y afférentes</u> (1) Une réunion au cours de laquelle chacun peut avoir la parole pour contribuer à un projet ou proposition de loi ou à un autre sujet sous examen, est approuvée par la commission permanente, est organisée et annoncée en utilisant les moyens de communication possibles. (2) A l'ouverture de la réunion, le Président de la Commission Permanente informe les participants de la procédure de prise de parole, du temps limite de prise de parole et de l'ordre à respecter. (3) La commission permanente reçoit également des commentaires écrits ou des documents concernant le projet de loi ou toute autre question examinée lors du débat

ihoraho. <u>Ingingo ya 93:</u> Aho inama ya Komisiyo ibera n'icyumba ikoreramo (1) Inama ya Komisiyo ibera mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko. (2) Buri Komisiyo igira icyumba ikoreramo inama, icyumba Biro yayo ikoreramo n'ibyumba abandi Badepite bayigize bakoreramo. (3) Inama ya Komisiyo ishobora gukorwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga. (4) Iyo bibaye ngombwa, Biro ya Komisiyo ibyumvikanyeho na Biro y'Umutwe w'Abadepite, Komisiyo ishobora guteranira ahandi hatari mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko. Muri icyo gihe, hubahirizwa ingingo z'iri tegeko ngenga zerekeye imikorere ya Komisiyo.	<u>Article 93:</u> Venue and room for Committee meetings (1) Committee's meetings take place in the building of the Parliament. (2) Each Committee has its own meeting room, an office for its bureau and other office rooms for members. (3) The meeting of the committee may be held virtually. (4) If necessary, after consultation between the Bureau of the Committee and the Bureau of the Chamber of Deputies, the Committee may meet in a location other than the Parliament Building. In that case, the provisions of this Organic Law regarding the functioning of the Committee apply.	en commission permanente. <u>Article 93:</u> Lieu et salle des réunions de la commission (1) Les réunions de la commission se tiennent au palais du Parlement. (2) Chaque commission dispose de sa propre salle de réunions, d'un bureau de travail pour les membres de son bureau et d'autres bureaux pour les membres. (3) La réunion de la commission peut se tenir par moyen virtuel. (4) En cas de nécessité, après consultation entre le Bureau de la commission et le Bureau de la Chambre des Députés, la commission peut siéger en dehors du palais du Parlement. Dans ce cas, les dispositions de la présente loi organique en ce qui concerne le fonctionnement de la commission s'appliquent.
<u>Ingingo ya 94:</u> Ifatwa ry'icyemezo mu nama ya Komisiyo (1) Komisiyo ifata icyemezo ku bwumvikane busesuye bw'Abadepite bayigize bitabiriye inama. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, icyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bagize	<u>Article 94:</u> Procedure for decision making during the meeting of the Committee (1) The decision of the committee is taken by consensus among its members present at the meeting. In case of failure to reach a, the decision is taken by an absolute majority of committee members present at the meeting.	<u>Article 94:</u> Procédure de prise de décisions au cours de la réunion de la commission (1) La décision de la commission est prise par consensus entre ses membres présents à la réunion. À défaut, la décision est prise à la majorité absolue des membres de la commission présents à la réunion.

Komisiyo bitabiriye inama. (2) Iyo Abadepite bagize Komisiyo banganyije amajwi, amatora asubirwamo. Bakongera kunganya amajwi, iyo ngingo irasubikwa. Iyo inama ya Komisiyo isubukuwe kuri iyo ngingo, ubwiganze burunduye bw'amajwi ntibuboneke, Komisiyo igisha inama Biro y'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 95: Itsinda ry'Abadepite mu bagize Komisiyo</u> (1) Komisiyo ishobora gushyiraho itsinda rigizwe nibura n'Abadepite babiri mu bayigize ikarigena inshingano. (2) Biro ya Komisiyo ishobora gusaba Biro y'Umutwe w'Abadepite ko itsinda ry'Abadepite bagize Komisiyo ryoherezwa mu butumwa imbere mu Gihugu. Iryo tsinda rishyikiriza Perezida wa Komisiyo raporo rikagera kopi abandi bagize Komisiyo. (3) Iyo Komisiyo yakoreye mu matsinda, uyoboye itsinda ni we uribera umuvugizi ku bireba inshingano itsinda ryahawe. <u>Ingingo ya 96: Raporo ya Komisiyo ihoraho</u> (1) Komisiyo ihoraho ishyikiriza Perezida	(2) When votes of committee members are equal, the vote is repeated. When the votes are equal once again, the subject is postponed. When the meeting of the Committee is resumed on that subject, and the absolute majority of votes is not found, the Committee consults the Bureau of the Chamber of Deputies. <u>Article 95: Subcommittee</u> (1) The Committee may establish a subcommittee made of at least two Deputies and determine its responsibilities. (2) The bureau of the Committee may request the Bureau of the Chamber of Deputies that members of the subcommittee be sent on mission within the country. Such a subcommittee submits its report to the Committee Chairperson with a copy to other Committee members. (3) When the Commission works in subcommittee, the leader of the subcommittee is the spokesperson for the duties assigned to the subcommittee. <u>Article 96: Committee report</u> (1) The Standing Committee submits to the	(2) Lorsque les voix sont des membres de la commission sont égales, le vote est repris. Lorsque les voix sont encore une fois égales, le sujet est reporté. Lorsque la réunion de la Commission est reprise sur ce sujet, et que la majorité absolue des voix n'est pas trouvée, la Commission consulte le Bureau de la Chambre des Députés. <u>Article 95: Sous-commission</u> (1) La commission peut constituer une sous-commission composée d'au moins deux députés et déterminer ses attributions. (2) Le bureau de la commission peut demander au Bureau de la Chambre des Députés que les membres de la sous-commission soient envoyés en mission à l'intérieur du pays. Cette sous-commission soumet son rapport au président de commission et réserve une copie aux autres membres de la commission. (3) Lorsque la Commission travaille en sous-commission, le chef de la sous-commission est le porte-parole pour les tâches assignées à la même sous-commission. <u>Article 96: Rapport de commission</u> (1) La commission permanente soumet au
---	---	--

w'Umutwe w'Abadepite incamake ya raporo na raporo irambuye ku mpaka zagiwe n'impamvu y'imyanzuro yateguwe. (2) Iyo ari raporo ku isuzumwa ry'umushinga w'itegeko, ahakozwe ubugororangingo mu irangashingiro cyangwa mu ngingo z'umushinga w'itegeko hagaragazwa mu nyuguti ziseretse. (3) Kopi ya raporo ya Komisiyo ihoraho igenerwa ba Visi Perezida b'Umutwe w'Abadepite, Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije b'Umutwe w'Abadepite. (4) Uretse igihe umwe mu bagize Biro ya Komisiyo yagize impamvu, Biro ya Komisiyo itanga raporo iriho imikono y'abagize Biro ya Komisiyo n'umwanditsi. Mu gihe cyo kugeza iyo raporo mu magambo ku Nteko Rusange, Biro ya Komisiyo iyitanga mu buryo buvunaguye. <u>Ingingo ya 97:</u> Gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta muri Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano (1) Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha mu nyandiko Komisiyo	Speaker of the Chamber of Deputies a summary report and a detailed report on the debates as well as substantiated recommendations. (2) When it is a report on the consideration of a draft law or private member's bill, amendments in the preamble or articles of the draft law are highlighted in bold. (3) A copy of the report of the Standing Committee is given to the Deputy Speakers of the Chamber of Deputies as well as to the Clerk and the Deputy Clerk of the Chamber of Deputies. (4) Except in case one of the members of the bureau of the Committee is not available, the bureau of the Committee submits a report bearing the signatures of members of its bureau and of the rapporteur. When the report is to be presented orally before the Plenary Assembly, the bureau of the Committee makes use of a brief presentation. <u>Article 97:</u> Consideration of the draft State budget proposal in the relevant standing committee (1) The Speaker of the Chamber of Deputies notifies in writing the Standing Committees	Président de la Chambre des Députés un rapport résumé et un rapport détaillé des débats tenus ainsi que les recommandations motivées. (2) Lorsqu'il s'agit d'un rapport sur l'examen d'un projet ou proposition de loi, les amendements dans le préambule ou les articles du projet de loi sont mis en évidence en gras. (3) Une copie du rapport de la commission permanente est réservée aux vice-présidents de la Chambre des Députés ainsi qu'au Secrétaire général et au Secrétaire général adjoint de la Chambre des Députés. (4) Excepté en cas d'empêchement d'un membre du Bureau de la commission, le bureau de la commission présente un rapport signé par les membres du bureau de la commission et par le rapporteur. Pendant la présentation verbale du rapport devant l'Assemblée plénière, le bureau de la commission en fait un bref exposé. <u>Article 97:</u> Examen de l'avant-projet de budget de l'Etat par la commission permanente concernée (1) Le président de la Chambre des Députés informe les commissions permanentes du
--	--	---

zihoraho ingengabihe ya Komisiyo ihoraho ifite mu nshingano gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta igaragaza igihe izatangira kuyisuzuma.	the timetable of the Standing Committee responsible for consideration of the draft State budget proposal, specifying the date for starting the consideration.	calendrier de la commission permanente chargée d'examiner l'avant-projet du budget de l'État, qui précise la date du début de l'examen.
(2) Bitabangamiye uburenganzira buri Mudepite afite bwo kwitabira imirimo ya Komisiyo ihoraho atashyizwemo, hakurikijwe ingengabihe yo gusuzuma muri Komisiyo ihoraho imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta, Abadepite bose bitabira imirimo irebana n'isuzumwa ry'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta bari mu matsinda Komisiyo bashyizwemo zirimo, ayo matsinda ashirwaho na Biro y'Umutwe w'Abadepite ishingiyeye ku nkingi z'ubuzima bw'Igihugu akemezwa n'Inteko Rusange.	(2) Without prejudice to the right of each Deputy to attend meetings of a standing committee other than the one he or she belongs to, all Deputies participate, in line with the schedule for consideration of the draft State budget proposal at the committee level, in the debates within clusters formed by the Bureau of the Chamber of Deputies basing on pillars of national state and approved by the Plenary Assembly.	(2) Sans préjudice du droit de chaque député d'assister aux réunions d'une commission permanente dont il n'est pas membre, tous les députés participent aux travaux relatifs à l'examen de l'avant-projet du budget de l'État au niveau de la commission, suivant le programme fixé à cet effet, travaillant au sein des groupes formés par le bureau de la Chambre des Députés sur la base des piliers de la vie nationale et approuvés par l'Assemblée plénière.
(3) Mu gihe cyo gusuzuma inyandiko ya gahunda y'ingengo y'imari y'igihe giciriritse hamwe n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta, itsinda rihuriweho na za Komisiyo zihoraho ritegura inyandiko igaragaza ibyakwitabwaho mu gihe cyo kugenera ingengo y'imari inzego zirebwa n'inshingano za buri Komisiyo ihoraho zigize iryo tsinda. Iyo nyandiko ishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite, akayigeza kuri Biro ya Komisiyo ifite mu nshingano ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta.	(3) While considering the Medium-Term Budget Framework Paper and the draft State budget proposal, each cluster prepares a paper indicating aspects to be taken into consideration in the budget allocation to the organs falling within the scope of the responsibilities of each Standing Committee in the cluster. Such a document is submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies who in turn submits it to the bureau of the Committee in charge of Budget and National Patrimony.	(3) Lors de l'examen du cadre budgétaire à moyen terme et le l'avant-projet du budget de l'État, chaque groupe prépare un document indiquant les éléments à prendre en considération lors de l'allocation du budget aux organes relevant des attributions de chaque commission membre du groupe. Ce document est transmis au Président de la Chambre des Députés qui, à son tour, le transmet au Bureau de la commission ayant le Budget et le Patrimoine de l'État dans ses attributions.

(4) Iyo abagize itsinda rihuriweho na Komisiyo zihoraho bateranye, imikorere y'itsinda ikurikiza ibiteganywa mu gihe Komisiyo zirenze imwe zateraniye hamwe. <u>Ingingo ya 98:</u> Gucunga inyandiko n'andi madosiye bya Komisiyo Komisiyo icunga inyandiko n'amadosiye by'inama n'iby'indi mirimo yayo. Buri mushinga w'itegeko usuzumwe ufungurirwa idosiye igaragaza ikintu cyose cyakozwe ku buryo umuntu wakenera kuyigera ngo ayisome yayibona. Ni nako bigenda ku yindi ngingo yasuzumwe na Komisiyo. <u>Akiciro ka 4:</u> Komisiyo idasanzwe <u>Ingingo ya 99:</u> Ishyirwaho rya Komisiyo idasanzwe Bisabwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa n'Abadepite batanu nibura, bikemezwa n'Inteko Rusange, Umutwe w'Abadepite ushobora gushyiraho Komisiyo idasanzwe ishinze gusuzuma ibibazo byihariye.	(4) When a meeting of a cluster of standing committees is held, its proceedings comply with the provisions applied for a joint committee meeting. <u>Article 98:</u> Management of the records and other files of the Committee The Committee keeps the records and files of their meetings and any other work. A file is open for every draft law or private member's bill that is considered, and such a file gives an account of anything that has been done in respect thereof in such a manner that any person interested in consulting it may easily access it. This also applies to any other issue considered by the Committee. <u>Subsection 4:</u> Ad hoc Committee <u>Article 99:</u> Establishment of Ad hoc Committee At the request of the Speaker of the Chamber of Deputies or at least five Deputies and with the approval of the Plenary Assembly, the Chamber of Deputies may establish an Ad hoc Committee tasked with considering special issues.	(4) Lorsqu'une réunion du groupe de commissions permanentes est tenue, son déroulement est conforme aux dispositions appliquées pour une réunion conjointe de commissions. <u>Article 98:</u> Gestion des documents et autres dossiers de la commission La commission assure la tenue des documents et des dossiers de ses réunions et ceux relatifs à ses autres travaux. Un dossier est ouvert pour chaque projet ou proposition de loi examinés et ce dossier indique tout ce qui a été fait concernant le projet ou proposition de loi de sorte que toute personne qui veut le consulter puisse y accéder. Ceci s'applique également à toute autre question examinée par la commission. <u>Sous-section 4:</u> Commission spéciale <u>Article 99:</u> Constitution d'une commission spéciale À la demande du Président de la Chambre des Députés ou de cinq députés au moins et après approbation de l'Assemblée plénière, la Chambre des Députés peut constituer une commission spéciale chargée d'examiner des questions spéciales.
---	---	--

<u>Ingingo ya 100:</u> Itorwa ry’abagize Komisiyo idasanzwe (1) Abakandida muri Komisiyo idasanzwe batangwa na Biro y’Umutwe w’Abadepite bakemerezwa hamwe n’Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abadepite bitabiriye inama. (2) Mu bagize Komisiyo idasanzwe bemejwe, Biro y’Umutwe w’Abadepite ishyikiriza Inteko Rusange abagize Biro y’iyo Komisiyo igizwe na Perezida na Visi Perezida bemezwa umwe ukwe n’undi ukwe n’Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abadepite bitabiriye inama. (3) Iyo Inteko Rusange itemeje abagize Komisiyo idasanzwe, Biro y’iyo Komisiyo idasanzwe cyangwa umwe mu bayigize, Biro y’Umutwe w’Abadepite itanga abandi bakandida bemezwa mu nama y’Inteko Rusange ikurikira.	<u>Article 100:</u> Election of members of Ad hoc Committee (1) Candidates for membership of the Ad hoc Committee are proposed by the Bureau of the Chamber of Deputies and approved by the Plenary Assembly by an absolute majority of members present. (2) From among the approved members of the ad hoc Committee, the Bureau of the Chamber of Deputies proposes members of its bureau comprised of a chairperson and a deputy chairperson for them to be approved separately by the Plenary Assembly by an absolute majority of members present. (3) When the Plenary Assembly does not approve members of Ad Hoc Committee, its bureau or one of its members, the Bureau of the Chamber of Deputies proposes other candidates to be approved in the next plenary sitting.	<u>Article 100:</u> Élection des membres de la commission spéciale (1) Les candidats à la commission spéciale sont proposés par le Bureau de la Chambre des Députés et approuvés par l’Assemblée plénière à la majorité absolue des voix des membres présents. (2) Parmi les membres de la commission spéciale approuvés, le Bureau de la Chambre des Députés propose à l’Assemblée plénière le bureau de cette commission composé d’un président et d’un vice-président pour approbation un à un par l’Assemblée plénière à la majorité absolue des membres présents. (3) Lorsque l’Assemblée plénière n’approuve pas les membres de la commission spéciale, son bureau ou un de ses membres, le Bureau de la Chambre des Députés propose d’autres candidats qui sont approuvés lors de la prochaine séance plénière.
<u>Ingingo ya 101:</u> Imikorere ya Komisiyo idasanzwe (1) Iyo Inteko Rusange ishyizeho Komisiyo idasanzwe, iyigenera inshingano n’igihe izatangira raporo ku kibazo ishinze gukurikirana. icyo gihe gishobora kongerwa bisabwe na Komisiyo idasanzwe igaragaza	<u>Article 101:</u> Functioning of Ad hoc Committee (1) When the Plenary Assembly establishes an Ad hoc Committee, it determines its responsibilities and the deadline for the submission of a report on matters to be considered by it. This deadline may be	<u>Article 101:</u> Fonctionnement de la commission spéciale (1) Lorsque l’Assemblée plénière crée une commission spéciale, elle détermine ses attributions et la date limite pour la transmission d’un rapport sur des questions qu’elle est appelée à examiner. Ce délai peut

mu nyandiko igihe cy'inyongera yifuza, bikemezwa n'Inteko Rusange.	extended at the request of the ad hoc committee, which shall specify the length of extension it wishes, after approval by the Plenary Assembly.	être prolongé sur demande de la commission spéciale, qui précise la durée de prolongation qu'elle souhaite, après approbation par l'Assemblée plénière.
(2) Komisiyo idasanzwe ishobora gusaba ko hatumirwa umuntu uwo ari we wese ibona ko yayifasha kubona amakuru yerekeranye n'inshingano yahawe. Ishobora gufata amajwi n'amashusho cyangwa kopi y'inyandiko iyo ari yo yose ikeneye gusesengura.	(2) The Ad hoc Committee may summon any person whom it considers useful to hear to have access to information relating to the duties assigned to it. It may carry out video and audio recording or be given a copy of any document required for analysis.	(2) La commission spéciale peut convoquer toute personne dont l'audition lui paraît utile pour accéder aux informations en rapport avec les tâches lui confiées. Elle peut faire l'enregistrement vidéo et audio ou se faire remettre une copie de tout document dont elle a besoin pour l'analyse.
(3) Komisiyo idasanzwe igenerwa ibyangombwa ikeneye kugira ngo ishobore kujya gushaka amakuru aho ari hose mu Gihugu cyangwa mu mahanga bibaye ngombwa.	(3) The Ad hoc Committee is given resources it needs to collect information around the country or abroad, if necessary.	(3) La commission spéciale se voit accordée les moyens dont elle a besoin pour recueillir des informations partout dans le pays ou à l'étranger, si nécessaire.
(4) Mu mikorere yayo, Komisiyo idasanzwe yubahiriza ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'uko Komisiyo zihoraho zikora uretse izerekeye isuzumwa ry'imishinga y'amategeko.	(4) The Ad hoc committee functioning complies with the provisions of this Organic Law relating to the functioning of Standing Committees except those relating to the consideration of draft laws.	(4) Le fonctionnement de la commission spéciale est conforme aux dispositions de la présente loi organique relatives au fonctionnement des commissions permanentes, à l'exception de celles relatives à l'examen des projets de loi.
<u>Ingingo ya 102:</u> Uko ugize Komisiyo idasanzwe asimburwa	<u>Article 102:</u> Modalities for the replacement of a member of an Ad hoc Committee	<u>Article 102:</u> Modalités de remplacement d'un membre d'une commission spéciale
Ugize Komisiyo idasanzwe ashobora gusimburwa yeguye cyangwa bisabwe na bibiri bya gatatu by'abagize Komisiyo idasanzwe. Inyandiko yo kwegura cyangwa gusabirwa	A member of an ad hoc committee may be replaced following his or her resignation or the request of two thirds of members of the Ad hoc Committee. The letter of resignation or	Un membre d'une commission ad hoc peut être remplacé suite à sa démission ou à la demande de deux tiers des membres de la commission ad hoc. La lettre de démission ou de demande de

gusimburwa ishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite na we akayigeza ku Nteko Rusange ikabifataho umwanzuro. <u>Ingingo 103:</u> Irangira ry'imirimo ya Komisiyo idasanzwe Imirimo ya Komisiyo idasanzwe irangira iyo itanze raporo y'ibyo yagezeho kandi bigafatirwa umwanzuro n'Inteko Rusange. <u>Icyiciro cya 5:</u> Imikorere ya Komite <u>Ingingo ya 104:</u> Ishyirwaho ry'abagize Komite na manda yabo (1) Abagize Komite bashyirwaho hitawe ku mitwe ya politiki no ku byiciro bitandukanye batorerwamo mu Mutwe w'Abadepite iyo bishoboka. Biro y'Umutwe w'Abadepite ishyikiriza Inteko Rusange amazina y'Abadepite yatoranyije kugira ngo ibemeze. (2) Abagize Komite bagira manda y'imyaka ibiri n'igice ishobora kongerwa. (3) Umudepite ugize Komite akomeza kuba no muri Komisiyo ihoraho yanditseho.	requesting the replacement is submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies who in turn submits it to the Plenary Assembly for decision thereon. <u>Article 103:</u> End of the mandate of Ad hoc Committee The mandate of an Ad hoc Committee comes to an end after tabling a report of its findings and such findings are subject to a resolution of the Plenary Assembly. <u>Section 5:</u> Functioning of the Committee <u>Article 104:</u> Designation of members of the Committee and their term of office (1) If possible, members of the Committee are designated in consideration of various political organizations and categories having representation in the Chamber of Deputies. The Bureau of the Chamber of Deputies transmits to the Plenary Assembly names of Deputies it has nominated for approval. (2) Members of the Committee serve for a term of two and a half years renewable. (3) A Deputy serving on the Committee continues to be a member of the Standing Committee where he or she is registered.	remplacement est soumise au Président de la Chambre des Députés qui la soumet à l'Assemblée plénière pour décision. <u>Article 103:</u> Fin du mandat d'une commission spéciale Le mandat d'une commission spéciale prend fin après présentation d'un rapport sur ses conclusions et que ces dernières aient fait l'objet d'une résolution de l'Assemblée plénière. <u>Section 5:</u> Fonctionnement du Comité <u>Article 104:</u> Désignation des membres du Comité et leur mandat (1) Les membres du Comité sont désignés en tenant compte, si possible, de différentes formations politiques et catégories représentées à la Chambre des Députés. Le Bureau de la Chambre des Députés soumet à l'Assemblée plénière les noms des députés qu'il propose pour approbation. (2) Le mandat des membres du Comité est de deux ans et demi renouvelable. (3) Un député membre du Comité continue d'être membre de la commission permanente où il est inscrit.
--	---	---

(4) Abadepite barenze babiri ntibashyirwa muri Komite baturutse muri Komisiyo ihoraho imwe. <u>Ingingo ya 105: Biro ya Komite</u> (1) Biro ya Komite igizwe na Perezida na Visi Perezida. (2) Perezida na Visi-Perezida ba Komite batorwa n'Inteko Rusange mu buryo buteganywa mu ngingo ya 75 y'iri tegeko ngenga. <u>Ingingo ya 106: Inshingano za Komite</u> Komite ifite inshingano zikurikira: (a) kugenzura imikorere y'inzego z'Umutwe w'Abadepite no gutanga inama z'icyakorwa kugira ngo imikorere irusheho kunoga; (b) gukurikirana, gusuzuma no kugira inama Abadepite ku byerekeye kubahiriza indangagaciro z'Umudepite ziteganywa n'amategeko abigenga haba mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa hanze yayo;	(4) More than two Deputies from the same Standing Committee cannot be members of the Committee. <u>Article 105: Bureau of the Committee</u> (1) The Bureau of the Committee comprises the Chairperson and the Deputy Chairperson. (2) The Chairperson and the Deputy Chairperson of the Committee are elected by the Plenary Assembly in accordance with the procedure prescribed under Article 75 of this Organic Law. <u>Article 106: Responsibilities of the Committee</u> The Committee has the following responsibilities: (a) to carry out the assessment of the performance of organs of the Chamber of Deputies and provide advice as to what should be done to improve the functioning; (b) to monitor and evaluate compliance with the parliamentary values set out in the relevant laws, both inside and outside Parliament, and provide Members with appropriate advice;	(4) Plus de deux députés issus d'une même commission permanente ne peuvent pas être membres du Comité. <u>Article 105: Bureau du comité</u> (1) Le Bureau du comité est composé du président et du vice-président. (2) Le président et le vice-président du Comité sont élus par l'Assemblée plénière suivant la procédure prescrite à l'article 75 de la présente loi organique. <u>Article 106: Attributions du Comité</u> Le Comité a les attributions suivantes: (a) évaluer le fonctionnement des organes de la Chambre des Députés et donner des conseils au sujet des mesures à prendre pour améliorer le fonctionnement; (b) faire le suivi et l'évaluation du respect des valeurs parlementaires prévues par les lois en la matière à l'intérieur ou à l'extérieur du palais du Parlement et donner aux députés des conseils appropriés;
--	--	---

(c) kureba no gukurikirana uko ubudahangarwa bw'Abadepite bwubahirizwa; (d) gukurikirana ko amategeko agenga imikorere y'Umutwe w'Abadepite yubahirizwa. <u>Ingingo ya 107: Imikorere ya Komite</u> (1) Byemejwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite, Komite isuzuma ikibazo cy'Umudepite cyerekeye kunyuranya n'indangagaciro z'Umudepite ibisabwe mu nyandiko na Perezida w'Umutwe w'Abadepite. Icyakora, iyo ikibazo kireba abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite, Komite ishobora kugisuzuma ibisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya kane cy'abagize Umutwe w'Abadepite. (2) Komite, isaba Perezida w'Umutwe w'Abadepite kuyitumirira uwo ari we wese wayiha amakuru ku kibazo isuzuma. (3) Abadepite bagize Komite barangwa no gukorera mu ibanga. (4) Iyo Komite isanze hari ikibazo gikwiye gufatirwa icyemezo n'urwego rubishinzwe, igikorera raporo ikayishyikiriza Biro y'Umutwe w'Abadepite.	(c) to ensure respect for Deputies' immunity and make follow-up thereon; (d) to ensure respect for laws governing the functioning of the Chamber of Deputies. <u>Article 107: Functioning of the Committee</u> (1) Upon approval by the Bureau of the Chamber of Deputies, the Committee considers any issue of violation of parliamentary values by a Deputy on the request in writing by the Speaker of the Chamber of Deputies. However, if the issue concerns members of the Bureau of the Chamber of Deputies, the Committee may consider it on request in writing by at least a quarter of all Deputies. (2) The Committee requests the Speaker of the Chamber of Deputies to invite any person who can provide it with information on an issue under consideration. (3) Deputies who are members of the Committee are bound by the duty of secrecy. (4) When the Committee finds that the decision on an issue lies with a competent organ, it makes a report thereon and submits it to the Bureau of the Chamber of Deputies.	(c) veiller au respect de l'immunité des députés et en faire le suivi; (d) veiller au respect de la législation régissant le fonctionnement de la Chambre des Députés. <u>Article 107: Fonctionnement du Comité</u> (1) Après approbation du Bureau de la Chambre des Députés, le Comité examine les questions de la violation des valeurs parlementaires par un député sur demande par écrit du Président de la Chambre des Députés. Toutefois, si la question concerne les membres du Bureau de la Chambre des Députés, le Comité peut l'examiner sur demande écrite d'au moins un quart de tous les députés. (2) Le Comité demande au Président de la Chambre des Députés d'inviter toute personne pouvant lui fournir des informations sur une question quelconque sous examen. (3) Les députés membres du Comité sont tenus au secret. (4) Lorsque le Comité trouve que la décision sur une question relève d'un organe compétent, il fait un rapport là-dessus et le soumet au Bureau de la Chambre des Députés.
---	---	--

<u>Ingingo ya 108:</u> Isuzumwa ry'ikibazo cy'Umudepite muri Komite (1) Mu gihe Komite isuzuma ikibazo cy'Umudepite utari muri Komite, isaba Perezida w'Umutwe w'Abadepite kumutumira agatanga ibisobanuro muri Komite bigakorerwa inyandikomvugo mbere yo gufata umwanzuro. (2) Iyo Komite isuzuma ikibazo kireba umwe mu bayigize, iramutumira agatanga ibisobanuro bikorerwa inyandikomvugo. Mu gihe cyose Komite isuzuma ikibazo kimureba aba ahagaze by'agateganyo mu mirimo ya Komite. (3) Biro ya Komite ibyibwirije cyangwa ibisabwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gutumira Umudepite ikamugira inama mu magambo ku byo yakwikosoraho birebana n'indangagaciro z'Umudepite.	<u>Article 108:</u> Consideration of an issue concerning a Deputy in the Committee (1) When the Committee is considering an issue concerning a Deputy other than its member, it requests the Speaker of the Chamber of Deputies to invite him or her to provide to the Committee explanations which are recorded in minutes before taking a decision. (2) When the Committee considers an issue concerning one of its members, it summons him or her to provide explanations which are subsequently recorded in minutes. The member is suspended from the Committee during the consideration of the issue concerning him or her. (3) The bureau of the Committee, on its own or at the request of the Bureau of the Chamber of Deputies, may invite a Deputy and provide him or her with oral advice as to the changes he or she may adopt in relation to parliamentary values.	<u>Article 108:</u> Examen d'une question concernant un député dans le Comité (1) Lorsque le Comité examine une question concernant un député qui n'est pas membre du comité, il demande au Président de la Chambre des Députés de l'inviter à fournir au comité des explications qui sont consignées dans un procès-verbal avant la prise de décision. (2) Lorsque le Comité examine une question concernant l'un de ses membres, il l'invite à fournir des explications qui sont ensuite consignées dans un procès-verbal. Le membre est suspendu du comité pendant l'examen de la question qui le concerne. (3) Le bureau du Comité, de sa propre initiative ou à la demande du Bureau de la Chambre des Députés, peut inviter un député et lui donner verbalement des conseils relatifs au changement qu'il peut adopter par rapport aux valeurs parlementaires.
<u>Ingingo ya 109:</u> Iterana ry'inama ya Komite (1) Komite iterana mu nama rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Inama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida	<u>Article 109:</u> Holding of the Committee meetings (1) The Committee holds its meetings once a month and whenever necessary. The meeting is convened and presided over by the Chairperson or the Deputy	<u>Article 109:</u> Tenue des réunions du Comité (1) Le Comité tient ses réunions une fois par mois et chaque fois que de besoin. La réunion est convoquée et présidée par le président ou le vice-président en

adahari. (2) Perezida wa Komite agenera kopi y'ubutumire bw'inama ya Komite abagize Inama y'Abaperezida. (3) Iyo inama ya Komite yahuriranye n'inama ya Komisiyo ihoraho, Umudepite uyigize yitabira inama ya Komite. <u>Ingingo ya 110: Ubwigenge bwa Komite n'ifatwa ry'imyanzuro</u> (1) Komite ikora mu bwigenge kandi igihe isuzuma ikibazo ntihabwa amabwiriza n'uwo ari we wese. (2) Imyanzuro ya Komite ifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, imyanzuro ifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bagize Komite bitabiriye inama. <u>Ingingo ya 111: Kwitabira inama y'Inama y'Abaperezida kw'abagize Biro ya Komite</u> (1) Ugize Biro ya Komite ashobora kwitabira inama y'Inama y'Abaperezida.	Chairperson in the absence of the Chairperson. (2) The Chairperson of the Committee provides members of the Conference of Chairpersons with a copy of the convening of the Committee meeting. (3) When the meeting of the Committee coincides with the meeting of his or her Standing Committee, he or she attends the meeting of the Committee. <u>Article 110: Independence of and decision-making by the Committee</u> (1) The Committee is independent and no person gives injunctions to the Committee while considering an issue. (2) Decisions of the Committee are taken by consensus. Failing a consensus, a vote is held and decisions are taken by the absolute majority of votes of Committee members present. <u>Article 111: Participation of members of the Bureau of the Committee in the meeting of the Conference of Chairpersons</u> (1) A member of the Bureau of the Committee may attend the meeting of the Conference of Chairpersons.	l'absence du président. (2) Le président du comité réserve une copie de la convocation de la réunion du Comité aux membres de la conférence des Présidents. (3) Lorsque la réunion du Comité coïncide avec les travaux de sa commission permanente, il participe aux travaux du Comité. <u>Article 110: Indépendance et prise de décisions du Comité</u> (1) Le Comité travaille en toute indépendance et ne reçoit pas d'injonctions de la part de qui que ce soit lors de l'examen d'une question. (2) Les décisions du Comité sont prises par consensus. À défaut du consensus, il est procédé à un vote et la décision est prise à la majorité absolue des députés membres du comité présents. <u>Article 111: Participation des membres du Bureau du Comité à la réunion de la Conférence des Présidents</u> (1) Un membre du Bureau du Comité peut participer à la réunion de la Conférence des Présidents.
---	---	---

(2) Ugize Biro ya Komite witabiriye inama y'Inama y'Abaperezida, afata ijambo ariko ntatora mu gihe cyo gufata ibyemezo. <u>Icyiciro cya 6: Imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite</u> <u>Ingingo ya 112: Inshingano z'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite</u> Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite bushinzwe kunganira Abadepite mu mirimo ya tekiniki ibafasha kugera ku nshingano zabo, gucunga ingengo y'imari n'umutungo by'Umutwe w'Abadepite, gukurikirana ibyerekeye umutekano w'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko no gushyikirana n'abafatanyabikorwa b'Umutwe w'Abadepite hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 113: Ishyirwaho ry'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite ishyirwaho n'Iteka rya Perezida bisabwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite.	(2) A Member of the Bureau of the Committee participating in the meeting of the Conference of Chairpersons is allowed to take the floor but without voting rights. <u>Section 6: Functioning of the Office of the Clerk of the Chamber of Deputies</u> <u>Article 112: Responsibilities of the Office of the Clerk of the Chamber of Deputies</u> The responsibility of the Office of the Clerk of the Chamber of Deputies is to support Deputies in technical work toward their mission, to manage the finance and property of the Chamber of Deputies, to ensure security and safety of the parliamentary building and to liaise with development partners of the Chamber of Deputies in accordance with relevant laws. <u>Article 113: Establishment of the organisational structure of the Chamber of Deputies</u> The organizational structure of the Chamber of Deputies is established by a Presidential Order upon proposal by the Speaker of the Chamber of Deputies.	(2) Un membre du Bureau du Comité participant à la réunion de la Conférence des Présidents prend la parole mais sans voix délibérative. <u>Section 6: Fonctionnement du Secrétariat général de la Chambre des députés</u> <u>Article 112: Attributions du Secrétariat général de la Chambre des Députés</u> Le Secrétariat général de la Chambre des Députés est chargé d'appuyer les députés dans les travaux techniques en vue d'accomplir leur mission, gérer les finances et le patrimoine de la Chambre des Députés, assurer la sécurité et la sûreté du palais du Parlement et assurer la liaison avec les partenaires au développement de la Chambre des Députés conformément à la législation en la matière. <u>Article 113: Établissement du cadre organique de la Chambre des Députés</u> Le cadre organique de la Chambre des Députés est établi par arrêté présidentiel, sur proposition du Président de la Chambre des Députés.
--	---	---

Ingingo ya 114: z'Umunyamabanga Mukuru w'Abadepite	Article 114: Duties of the Clerk of the Chamber of Deputies	Article 114: Attributions du Secrétaire général de la Chambre des Députés
Umunyamabanga Mukuru w'Abadepite – (a) ahuza akanayobora imirimo y'urwego rwa tekiniiki; (b) yitabira inama ya Biro y'Umutwe w'Abadepite n'inama y'Inama y'Abaperezida, akazibera umwanditsi; (c) acunga: (i) amadosiye y'Umutwe w'Abadepite iri tegeko ngenga ritageneye urundi rwego; (ii) amadosiye yose y'Umutwe w'Abadepite iyo Abadepite barangije manda cyangwa Umutwe w'Abadepite usheshwe akayashyikiriza Biro nshya y'Umutwe w'Abadepite; (d) agira inama Biro y'Umutwe w'Abadepite ku byerekeye imikorere y'Umutwe w'Abadepite n'umutekano w'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko;	The Clerk to the Chamber of Deputies – (a) coordinates and heads the work of technical nature; (b) attends and acts as a rapporteur of the meetings of the Bureau of the Chamber of Deputies and the Conference of Chairpersons; (c) manages: (i) the records of the Chamber of Deputies for which this organic law does not provide for another organ of management; (ii) all the files of the Chamber of Deputies when the Deputies have completed their term of office or the Chamber of Deputies is dissolved, and submits them to the new Bureau of the Chamber of Deputies; (d) advises the Bureau of the Chamber of Deputies on matters relating to the functioning of the Chamber of Deputies and the security and safety of the	Le Secrétaire général de la Chambre des Députés – (a) coordonne et dirige les activités d'ordre technique; (b) assiste aux réunions du Bureau de la Chambre des Députés et de la Conférence des Présidents et en est le rapporteur; (c) gère: (i) les dossiers de la Chambre des Députés pour lesquelles la présente loi organique ne prévoit pas un autre organe de gestion; (ii) tous les dossiers de la Chambre des Députés lorsque les députés ont terminé leur mandat ou que la Chambre des Députés est dissoute, et les soumet au nouveau Bureau de la Chambre des Députés; (d) conseille le Bureau de la Chambre des Députés sur le fonctionnement de la Chambre des Députés et sur la sécurité et la sûreté du palais parlementaire;

	parliamentary building;	
(e) ategura inyandiko zose zirebana n'imirimo y'Inteko Rusange;	(e) prepares all documents related to the proceedings of the Plenary Assembly;	(e) prépare tous les documents relatifs aux travaux de l'Assemblée plénière;
(f) akurikirana imirimo y'Inteko Rusange;	(f) attends proceedings of the Plenary Assembly;	(f) assiste aux travaux de l'Assemblée plénière;
(g) ategura akanashyikiriza Biro y'Umutwe w'Abadepite incamake ya buri kwezi y'imirimo y'Inteko Rusange na raporo y'igihembwe n'iy'umwaka by'imirimo y'Umutwe w'Abadepite;	(g) prepares a monthly summary of activities of the Plenary Assembly as well as quarterly and annual activity report of the Chamber of Deputies for submission thereof to the Bureau of the Chamber of Deputies;	(g) prépare une synthèse mensuelle des activités de l'Assemblée plénière ainsi que le rapport trimestriel et annuel des activités de la Chambre des Députés et les soumet au Bureau de la Chambre des Députés;
(h) ni we Muyobozi Mukuru ushinze gucunga imari y'Umutwe w'Abadepite n'iy'Amahuriro arebererwa n'Umutwe w'Abadepite;	(h) serves as the Chief Budget Manager of the Chamber of Deputies and that of forums and networks under the Chamber of Deputies;	(h) est le Gestionnaire principal du budget de la Chambre des Députés et des réseaux et fora placés sous la tutelle de la Chambre des Députés;
(i) ategura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite;	(i) develops the planning and prepares the draft budget proposal of the Chamber of Deputies;	(i) prépare la planification et l'avant-projet de budget de la Chambre des Députés;
(j) ategura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite;	(j) prepares the draft proposal of the organisational structure of the Chamber of Deputies;	(j) prépare l'avant-projet de la structure organisationnelle de la Chambre des Députés;
(k) ategura ibyangombwa by'Abadepite bajya mu butumwa imbere mu Gihugu no mu mahanga;	(k) makes necessary arrangements for Deputies who travel on official mission inside the country and abroad;	(k) assure les préparatifs pour les députés se rendant en mission officielle à l'intérieur du pays et à l'étranger;
(l) ategura akanakurikirana imirimo y'amatora	(l) makes necessary arrangements for and	(l) assure les préparatifs et le suivi des

mu Nteko Rusange; (m) ashyikirana n’abafatanyabikorwa b’Umutwe w’Abadepite hakurikijwe amabwiriza abigenga; (n) amenyesha Abadepite bireba Umudepite mukuru mu myaka y’amavuko mu bafite uburambe busumba ubw’abandi mu mirimo y’ubudepite n’Umudepite muto, basabwa gukora inshingano ziteganywa n’iri tegeko ngenga; (o) akora undi murimo yasabwa na Biro y’Umutwe w’Abadepite ujyanye n’inshingano ze. <u>Ingingo ya 115: Inshingano z’Umunyamabanga Mukuru Wungirije w’Umutwe w’Abadepite</u> Umunyamabanga Mukuru Wungirije w’Umutwe w’Abadepite – (a) asimbura Umunyamabanga Mukuru iyo adahari; (b) agira inama Biro y’Umutwe w’Abadepite mu byerekeye amategeko;	makes follow-up on elections in the plenary sitting; (m) liaises with development partners of the Chamber of Deputies in accordance with related regulation; (n) informs the concerned Deputies of the oldest Deputy among those with the longest parliamentary experience and the Junior Deputy, that are required to perform the duties provided for by this organic law; (o) to perform such other duties related to his or her responsibilities as may be assigned by the Bureau of the Chamber of Deputies. <u>Article 115: Duties of the Deputy Clerk of the Chamber of Deputies</u> The Deputy Clerk of the Chamber of Deputies – (a) deputizes for the Clerk in his or her absence; (b) advises the Bureau of the Chamber of Deputies on matters relating to law;	élections en séance plénière; (m) assure la liaison avec les partenaires au développement de la Chambre des Députés conformément à la réglementation en la matière; (n) informe les députés concernés du député le plus âgé parmi ceux ayant la plus longue expérience parlementaire et du député le plus jeune, qui sont tenus d’exercer les fonctions prévues par la présente loi organique; (o) accomplit d’autres tâches relevant de ses attributions que le Bureau de la Chambre des Députés peut lui confier. <u>Article 115: Attributions du Secrétaire général adjoint de la Chambre des Députés</u> Le Secrétaire général adjoint de la Chambre des Députés– (a) remplace le Secrétaire général en son absence; (b) conseille le Bureau de la Chambre des Députés en matière juridique;
--	--	---

(c) akurikirana akanahuza ku rwego rwa tekini imirimo yose ijyanye n'imishinga y'amategeko n'imyandikire y'amategeko; (d) akurikirana akanahuza imirimo ijyanye n'inyandiko zirebana n'inama mu by'amategeko zitangwa ku mishinga y'amategeko mbere yo kuzishyikiriza Biro y'Umutwe w'Abadepite na Biro za Komisiyo; (e) akurikirana uko indimi zemewe mu butegetsi zandikwamo amategeko zihuzwa n'ururimi rw'Ikinyarwanda imishinga y'amategeko itorwamo n'Inteko Rusange; (f) akurikirana ko amateka ateganywa mu mategeko yatangajwe yashyizweho kandi ahura n'ibyo amategeko ateganya; (g) akurikirana ko itegeko ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda rihura n'iryoherejwe gutangazwa; (h) akora undi murimo yasabwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite cyangwa Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ujyanye n'inshingano ze.	(c) makes follow-up on and carries out technical coordination of all activities in connection with draft laws or private member's bill and legislative drafting; (d) makes follow-up on and coordinates all work in connection with legal advices on draft laws or private member's bills before their transmission to the Bureau of the Chamber of Deputies and Committee bureaux; (e) ensures that the Ikinyarwanda version of draft laws or private member's bills adopted by the Plenary Assembly is accurately translated into other official languages; (f) makes follow-up to ensure that Orders provided by published laws are issued and that they are in line with the provisions of such laws; (g) ensures that the law published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda conforms to the version transmitted for publication; (h) performs such other duties in relation to his or her responsibilities as may be assigned to him or her by the Bureau of the Chamber of Deputies or the Clerk to the Chamber of Deputies.	(c) assure le suivi et la coordination technique de toutes les activités relatives aux projets ou propositions de loi et à la rédaction des lois; (d) assure le suivi et la coordination de toutes les activités liées aux avis juridiques sur les projets ou propositions de lois avant leur transmission au Bureau de la Chambre des Députés et aux Bureaux des commissions; (e) s'assure que la version en Ikinyarwanda des projets ou propositions de lois adoptés par l'Assemblée plénière est fidèlement traduite dans d'autres langues officielles; (f) fait le suivi pour s'assurer que les arrêtés prévus par les lois publiées sont édictés et sont en harmonie avec les dispositions de ces lois; (g) s'assure que la loi publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda est conforme à celle transmise pour publication; (h) accomplit d'autres tâches liées à ses attributions pouvant lui être confiées par le Bureau de la Chambre des Députés ou le Secrétaire général de la Chambre des Députés.
--	--	---

<u>Ingingo ya 116:</u> Ikimenyetso kiranga abakozi b'Umutwe w'Abadepite (1) Abakozi b'Umutwe w'Abadepite bambara ikimenyetso kibaranga mu gihe bari mu kazi. (2) Abakozi b'Umutwe w'Abadepite bakorera mu cyumba cy'Inteko Rusange mu gihe iteranye bambara impuzankano iriho ikimenyetso cyihariye kibaranga.	<u>Article 116:</u> Badge identifying members of staff of the Chamber of Deputies (1) Members of staff of the Chamber of Deputies wear an identification badge while on duty. (2) Members of the staff of the Chamber of Deputies on duty in the plenary hall shall wear a uniform with a special badge.	<u>Article 116:</u> Insigne identifiant les membres du personnel de la Chambre des Députés (1) Les membres du personnel de la Chambre des Députés portent un insigne lorsqu'ils sont en service. (2) Les membres du personnel de la Chambre des Députés en service dans la salle plénière portent un uniforme avec un insigne particulier.
<u>Icyiciro cya 7:</u> Amahuriro y'Abadepite <u>Ingingo ya 117:</u> Ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga (1) Abadepite nibura batanu babyifuza bashobora gusaba mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Abadepite gushinga ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga hashingiwe ku nshingano z'Inteko Ishinga Amategeko bikemezwa n'Inteko Rusange. (2) Buri Mudepite afite uburenganzira bwo kuba cyangwa kutaba mu ihuriro cyangwa mu ishami ry'ihuriro mpuzamahanga.	<u>Section 7:</u> Networks or forums of Deputies <u>Article 117:</u> Establishment of a network or a forum or a national chapter of an international parliamentary network (1) At least five Deputies who wish to do so may request in writing the Speaker of the Chamber of Deputies to establish a network or a forum or a national chapter of an international parliamentary network based on the missions of the Parliament. Such establishment is approved by the Plenary Assembly. (2) Every Deputy is free to choose whether or not to join a forum or a network or a national chapter of an international parliamentary network.	<u>Section 7:</u> Réseaux ou fora des députés <u>Article 117:</u> Création d'un réseau ou d'un forum ou d'une section d'un réseau parlementaire international (1) Au moins cinq députés qui le souhaitent peuvent demander par écrit au Président de la Chambre des Députés de créer un réseau ou un forum ou une section nationale d'un réseau ou forum international sur base des missions du Parlement. Cette création est approuvée par l'Assemblée plénière. (2) Chaque député a le droit d'appartenir ou non à un forum ou un réseau ou une section nationale d'un réseau ou forum parlementaire international.

<u>Ingingo ya 118:</u> Amategeko shingiro y'ihuriro n'ay'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga (1) Ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rishyiraho amategeko shingiro arigenga. (2) Inzego, kuba umunyamuryango, imikorere n'imikoranire by'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga n'izindi nzego bigaragarira mu mategeko shingiro ya buri huriro cyangwa ya buri shami ry'ihuriro mpuzamahanga.	<u>Article 118:</u> Statutes of a forum or a network or a national chapter of an international parliamentary network or forum (1) Every forum or network or a national chapter of an international parliamentary forum establishes its statutes. (2) Organs, membership, functioning and cooperation of a network or a forum or a national chapter of an international parliamentary forum with other institutions are specified in the statutes of every network or forum or national chapter of an international parliamentary forum.	<u>Article 118:</u> Statuts d'un forum ou d'un réseau or d'une section d'un réseau ou forum parlementaire international (1) Chaque forum ou réseau ou une section nationale d'un forum ou réseau parlementaire international adopte ses statuts. (2) Les organes, la qualité de membre, le fonctionnement ainsi que les rapports avec les autres institutions du forum ou réseau ou section nationale du forum parlementaire international sont précisés dans les statuts de chaque réseau ou forum ou section nationale du forum parlementaire international.
<u>Ingingo ya 119:</u> Kureberera ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga n'imikoreshereze y'umutungu waryo (1) Umutwe w'Abadepite ureberera ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga byashyizweho n'Abadepite. (2) Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite akora buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa raporo y'imicungire y'umutungu wa buri huriro n'uw'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga by'Abadepite, akayishyikiriza Perezida w'Umutwe	<u>Article 119:</u> Supervision of a forum or a network or a national chapter of an international parliamentary network and use of its property (1) The Chamber of Deputies oversees a forum or a network or a national chapter of an international parliamentary network established by the Deputies. (2) The Clerk of the Chamber of Deputies produces annually and whenever necessary a financial report of each forum or network or national chapter of an international parliamentary network and submits it to the Speaker of the Chamber of Deputies along	<u>Article 119:</u> Supervision d'un réseau ou forum ou d'une section nationale d'un réseau ou forum international et utilisation de son patrimoine (1) La Chambre des Députés supervise un réseau ou forum ou une section nationale d'un réseau ou forum international créés par les députés. (2) Le Secrétaire général de la Chambre des Députés fait annuellement et chaque fois que de besoin un rapport financier de chaque réseau ou forum ou section nationale d'un réseau ou forum international et le transmet au Président de la Chambre des Députés et

w'Abadepite, akagera kopi ubuyobozi bw'iryo huriro cyangwa bw'iryo shami ry'ihuriro mpuzamahanga. <u>Ingingo ya 120:</u> Inama ya mbere y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga Iyo Inteko Rusange imaze kwemera ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ry'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga, inama ya mbere y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga yemeza amategeko shingiro ikanatora abayobozi baryo. Amategeko shingiro yemejwe hamwe n'amazina y'abayobozi b'ihuriro cyangwa b'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga bimenyeshwa Abadepite bose kandi bigashyirwa no ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 121:</u> Imikorere y'ihuriro n'iy'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga (1) Mu mikorere yayo, ihuriro n'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga birangwa n'ibi bikurikira: (a) kuba isoko y'ibitekerezo bishya byifashishwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu kumenya ibyuhoro biri mu mategeko, gutuma Abadepite barigize	with a copy to the leadership of the forum or network or national chapter of an international parliamentary network. <u>Article 120:</u> First meeting of a forum or a network or a chapter of an international parliamentary network After the establishment of a forum or a network or a section of an international parliamentary network has been approved by the Plenary Assembly, the first meeting of the forum or network or section of an international parliamentary network adopts its statutes and elects its leaders. The statutes so adopted and the leaders of the forum or the network or the section of an international parliamentary network are communicated to all Deputies and posted on the Chamber of Deputies website. <u>Article 121:</u> Functioning of a forum and a chapter of an international parliamentary network (1) In their functioning, a forum and a chapter of an international parliamentary network are characterized by the following: (a) to act as a think tank which generates innovative ideas to help the Parliament find out loopholes in the legislation, to help its members propose new legislation	réserve une copie à la direction du réseau ou forum ou de la section nationale d'un réseau ou forum international. <u>Article 120:</u> Première réunion d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international Après l'approbation de la création d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international par l'Assemblée plénière, la première réunion du réseau ou forum ou de la section d'un réseau ou forum international adopte ses statuts et élit ses dirigeants. Les statuts ainsi adoptés et les responsables du réseau ou forum ou de la section d'un réseau ou forum international sont communiqués à tous les députés et postés sur le site web de la Chambre des Députés. <u>Article 121:</u> Fonctionnement d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international (1) Dans leur fonctionnement, un forum et un réseau ou une section d'un réseau ou forum parlementaire international se caractérisent par ce qui suit: (a) agir en tant que groupe de réflexion qui génère des idées innovantes permettant au Parlement de découvrir les lacunes de la législation, d'aider ses membres à
--	--	---

babishingiraho mu gutegura imishinga y'amategeko, kugaragaza ibyuhoro biri mu iyubahirizwa ry'amategeko cyangwa mu gutuma inzego z'Inteko Ishinga Amategeko zibifitiye ububasha zishingira kuri raporo y'ihuriro mu kurushaho kunoza inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma; (b) kuba umusemburo w'impinduramatwara ugaragarira cyane cyane ku banyamuryango b'ihuriro barangwa n'imyitwarire ntangarugero mu gushyira mu bikorwa intego z'ihuriro; (c) gukora ubukangurambaga bugamije impinduka ziri mu cyerekezo cy'ihuriro mu bagize Inteko Ishinga Amategeko, mu bafatanyabikorwa b'ihuriro no mu baturage. (2) Itaganyabikorwa ry'igihe kirekire rya buri ihuriro rigaragaza uko imikorere ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo igerwaho. (3) Mu bikorwa byaryo, ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rishobora kwiyambaza abandi bagize Inteko Ishinga Amategeko batari abanyamuryango baryo.	and point out challenges in enforcement of laws or to cause relevant organs of the Parliament to improve their performance in oversight function based on the reports of a forum or a network; (b) to be a catalyst for change whereby members of a forum or a network serve as role models in the fulfilment of the mission of the forum or network; (c) to carry out a campaign among members of parliament, development partners and the community for transformation in line with the vision of the forum or network. (2) The strategic plan of each forum or network indicating how the functioning referred to in Paragraph (1) is made possible. (3) In performing its activities, a forum or a section of an international parliamentary network may call upon other members of parliament who are not its members.	proposer une nouvelle législation basée sur ces idées et signaler les défis de l'application des lois ou d'aider les organes compétents du Parlement à améliorer leur fonction de contrôle de l'action gouvernementale sur base des rapports d'un forum ou d'un réseau; (b) être un catalyseur du changement dans la mesure où les membres d'un forum ou d'un réseau servent de modèles dans l'accomplissement de la mission du forum ou du réseau; (c) mener une campagne auprès des parlementaires, des partenaires au développement et de la communauté en vue de la transformation conforme à la vision du forum ou du réseau. (2) Le plan stratégique de chaque forum ou réseau indiquant comment le fonctionnement visé au paragraphe (1) est rendu possible. (3) Dans l'exercice de ses activités, un forum ou une section d'un réseau parlementaire international peut faire appel à d'autres parlementaires qui ne sont pas ses membres.
--	--	--

<u>Ingingo ya 122:</u> Gahunda na raporo by'ibikorwa by'Ihuriro n'iby'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga by'Abadepite Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, ihuriro n'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga by'Abadepite rishyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite gahunda na raporo y'ibikorwa byabyo, bigashyirwa ku murongo w'ibisuzumwa mu Nama y'Abaperezida. <u>Ingingo ya 123:</u> Gusesa Ihuriro ry'Abadepite cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga Bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu cy'abagize ihuriro cyangwa cy'abagize ishami ry'ihuriro mpuzamahanga, Inteko Rusange ishobora gusesa ihuriro ry'Abadepite cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga, iyo impamvu zashingiweho rishyirwaho zagezweho, rikoze ibinyuranye n'amahame, inshingano n'imikorere by'Umutwe w'Abadepite cyangwa rikoze ibinyuranye n'amategeko. <u>Icyiciro cya 8:</u> Itsinda ry'ubucuti ry'Abadepite	<u>Article 122:</u> Action plan and activity report of a Deputies' network or forum or section of an international network or forum Every quarter and whenever necessary, a Deputies' network or forum or section of an international network or forum submits to the Speaker of the Chamber of Deputies its action plan and its activity report, which are included on the agenda of the Conference of Chairpersons. <u>Article 123:</u> Dissolution of a Deputies' network or forum or section of an international network or forum Upon written request from one-third of members of a network or forum or a section of an international network or forum, the Plenary Assembly may dissolve a Deputies' network or forum or section of an international network or forum if the objectives of its establishment have been achieved or if it acts contrary to the principles, mission and functioning of the Chamber of Deputies or to the law. <u>Section 8:</u> Friendship group of Deputies	<u>Article 122:</u> Plan d'action et rapport d'activités d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international des députés Chaque trimestre et chaque fois que de besoin, un réseau ou forum ou une section d'un réseau ou forum international des députés transmet au Président de la Chambre des Députés son plan d'action et son rapport d'activités, qui sont inscrits à l'ordre du jour de la Conférence des Présidents. <u>Article 123:</u> Dissolution d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international des députés À la demande écrite d'un tiers des membres d'un réseau ou forum ou d'une section d'un réseau ou forum international, l'Assemblée plénière peut dissoudre un réseau ou forum ou une section d'un réseau ou forum international des députés si les objectifs de sa création ont été atteints ou s'il agit contrairement aux principes, à la mission et au fonctionnement de la Chambre des députés ou à la loi. <u>Section 8:</u> Groupe d'amitié des députés
--	---	---

<u>Ingingo ya 124:</u> Kwemera ishyirwaho ry'itsinda ry'ubucuti, abarigize, ubuyobozi na manda (1) Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gushyiraho itsinda ry'ubucuti ry'Abadepite n'Abadepite b'ikindi gihugu ikanashyiraho abarigize n'abayobozi baryo ikabimenyesha Inteko Rusange. (2) Mu gihe manda y'abagize Umutwe w'Abadepite irangiye, abari mu itsinda ry'ubucuti ntibaba bakibarirwa muri iryo tsinda ry'ubucuti.	<u>Article 124:</u> Adoption of an establishment of a friendship group, its members, its leaders and term of office (1) The Bureau of the Chamber of Deputies may establish a friendship group with Deputies of another country, designate its members and its leaders and inform the Plenary Assembly. (2) At the end of the term of members of the Chamber of Deputies, members of a friendship group are no longer counted in the friendship group.	<u>Article 124:</u> Adoption de l'établissement d'un groupe d'amitié, ses membres, ses dirigeants et mandat (1) Le Bureau de la Chambre des Députés peut constituer un groupe d'amitié avec les députés d'un autre pays, désigner ses membres et ses dirigeants et en informer l'Assemblée Plénière. (2) A la fin du mandat des membres de la Chambre des Députés, les membres d'un groupe d'amitié ne sont plus comptés dans ce groupe d'amitié.
<u>Ingingo ya 125:</u> Inshingano z'itsinda ry'ubucuti Itsinda ry'ubucuti rishinzwe gutsura umubano n'itsinda ry'ubucuti ry'Inteko Ishinga Amategeko y'igihugu gifite Umutwe umwe gusa w'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa n'Umutwe w'Abadepite w'igihugu gifite Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'Imitwe ibiri y'Inteko Ishinga Amategeko.	<u>Article 125:</u> Responsibilities of a friendship group A friendship group is responsible for cooperation with a friendship group of a parliament of a country with a unicameral parliament or of a lower house of a parliament of a country with a bicameral parliament.	<u>Article 125:</u> Attributions d'un groupe d'amitié Un groupe d'amitié est chargé de la coopération avec un groupe d'amitié d'un parlement d'un pays ayant un parlement monocaméral ou d'une chambre basse d'un parlement d'un pays ayant un parlement bicaméral.
<u>UMUTWE WA IV:</u> IBIHEMBWE BY'UMUTWE W'ABADEPITE N'IFATWA RY'IBYEMEZO <u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibihembwe by'Umutwe w'Abadepite	<u>CHAPTER IV:</u> SESSIONS OF THE CHAMBER OF DEPUTIES AND ADOPTION OF RESOLUTIONS <u>Section One:</u> Sessions of the Chamber of Deputies	<u>CHAPITRE IV:</u> SESSIONS DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS ET ADOPTION DES RÉOLUTIONS <u>Section première:</u> Sessions de la Chambre des Députés

<u>Akiciro ka mbere:</u> Ibihembwe bisanzwe by'Umutwe w'Abadepite <u>Ingingo ya 126:</u> Amatariki yo gutangiza no gusoza ibihembwe bisanzwe (1) Umutwe w'Abadepite uterana buri mwaka mu bihembwe bitatu bisanzwe. Buri gihembwe kimara amezi abiri: (a) igihembwe cya mbere gitangira ku itariki ya 05 Ukwakira kigasozwa ku itariki ya 04 Ukuboza; (b) igihembwe cya kabiri gitangira ku itariki ya 05 Gashyantare kigasozwa ku itariki ya 04 Mata; (c) igihembwe cya gatatu gitangira ku itariki ya 05 Kamena kigasozwa ku itariki ya 04 Kanama. (2) Iyo umunsi wa mbere cyangwa wa nyuma w'igihembwe atari umunsi w'akazi, itangira cyangwa isozwa ry'igihembwe rishyirwa ku munsi wa mbere w'akazi ukurikira. <u>Ingingo ya 127:</u> Itumirwa ry'Abadepite mu gihembwe gisanzwe Abadepite batumirwa mu gihembwe gisanzwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite iminsi 15	<u>Subsection One:</u> Ordinary sessions of the Chamber of Deputies <u>Article 126:</u> Start and end dates of ordinary sessions (1) The Chamber of Deputies sits every year in three ordinary sessions. Each session lasts for two months: (a) the first session which commences on 05 October to end on 04 December; (b) the second session which commences on 05 February to end on 04 April; (c) the third session which commences on 05 June to end on 04 August. (2) When the first or last day of the session is not a working day, the opening or closure of the session is adjourned to the first following working day. <u>Article 127:</u> Invitation of Deputies to ordinary session Deputies are invited to ordinary session by the Speaker of the Chamber of Deputies 15 days	<u>Sous-section première:</u> Sessions ordinaires de la Chambre des Députés <u>Article 126:</u> Dates d'ouverture et de clôture des sessions ordinaires (1) La Chambre des Députés se réunit chaque année en trois sessions ordinaires. Chaque session dure deux mois: (a) la première session qui s'ouvre le 05 octobre et se clôture le 04 décembre; (b) la deuxième session qui s'ouvre le 05 février et se clôture le 04 avril; (c) la troisième session qui s'ouvre le 05 juin et se clôture le 04 août. (2) Lorsque le premier ou le dernier jour de la session n'est pas un jour ouvrable, l'ouverture ou la clôture est reportée au premier jour ouvrable qui suit. <u>Article 127:</u> Invitation des députés à la session ordinaire Les députés sont invités à la session ordinaire par le Président de la Chambre des Députés 15
---	---	---

mbere y'uko gitangira. Inyandiko y'ubutumire igaragaza umushinga w'ibiri ku murongo w'ibygwa muri icyo gihembwe. Inyandiko y'ubutumire imenyeshwa Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena na Minisitiri w'Intebe.	before it starts. The written invitation indicates items on the agenda of the session. A copy of such an invitation is sent to the President of the Republic, the President of the Senate and the Prime Minister.	jours avant son ouverture. L'invitation écrite indique l'ordre du jour de cette session. Une copie de cette invitation est réservée au Président de la République, au Président du Sénat ainsi qu'au Premier Ministre.
<u>Ingingo ya 128:</u> Kwemeza gahunda y'ibygwa mu gihembwe gisanzwe	<u>Article 128:</u> Adoption of the agenda of the ordinary session	<u>Article 128:</u> Adoption de l'ordre du jour de la session ordinaire
(1) Mu nama ya mbere y'Inteko Rusange y'igihembwe gisanzwe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ageza ku bagize Inteko Rusange ibizasuzumwa muri icyo gihembwe kugira ngo ibyemeze. Gahunda y'igihembwe gisanzwe imenyeshwa Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena na Minisitiri w'Intebe. Ishyirwa kandi ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe w'Abadepite.	(1) In the first plenary sitting in the ordinary session, the Speaker of the Chamber of Deputies presents items on the agenda of the session to the Plenary Assembly for adoption. The agenda of the ordinary session is communicated to the President of the Republic, the President of the Senate and the Prime Minister. It is also posted on the website of the Chamber of Deputies.	(1) Lors de la première séance plénière en session ordinaire, le Président de la Chambre des Députés présente à l'Assemblée plénière les points à l'ordre du jour de la session pour adoption. L'ordre du jour de la session ordinaire est communiqué au Président de la République, au Président du Sénat et au Premier Ministre. Il est également publié sur le site internet de la Chambre des Députés.
(2) Mu ntangiriro za buri gihembwe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Abadepite raporo y'ibikorwa by'Umutwe w'Abadepite by'igihembwe giheruka, ikemezwa n'Inteko Rusange.	(2) At the beginning of every ordinary session, the Speaker of the Chamber of Deputies submits to the Deputies the activity report of the Chamber of Deputies for the preceding session, which is then approved by the Plenary Assembly.	(2) Au début de chaque session ordinaire, le Président de la Chambre des Députés transmet aux députés le rapport d'activités de la Chambre des Députés de la session précédente qui est ensuite approuvé par l'Assemblée plénière.
<u>Ingingo ya 129:</u> Umuhango wo gusoza igihembwe	<u>Article 129</u> Closing ceremony of the session	<u>Article 129:</u> Cérémonie de clôture de la session
Umuhango wo gusoza igihembwe cy'Umutwe w'Abadepite utegurwa na Biro y'Umutwe	The closing ceremony of the session of the Chamber of Deputies is organized by the Bureau	La cérémonie de clôture de la session de la Chambre des Députés est organisée par le

w'Abadepite. Mu gusoza icyo gihembwe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite agaragaza mu ncamake ibyakozwe n'Umutwe w'Abadepite muri icyo gihembwe.	of the Chamber of Deputies. At the closing of the session, the Speaker of the Chamber of Deputies presents a summary of the achievements registered by the Chamber of Deputies during the session.	Bureau de la Chambre des Députés. Lors de la clôture de cette session, le Président de la Chambre des Députés présente un résumé des réalisations de la Chambre des Députés au cours de cette session.
<u>Akicro ka 2:</u> Ibihembwe bidasanze by'Umutwe w'Abadepite	<u>Subsection 2:</u> Extraordinary sessions of the Chamber of Deputies	<u>Sous-section 2:</u> Sessions extraordinaires de la Chambre des Députés
<u>Ingingo ya 130:</u> Gutumiza igihembwe kidasanze, ibisuzumirwamo n'igihe kimara	<u>Article 130:</u> Convening of an extraordinary session, issues considered therein and its duration	<u>Article 130:</u> Convocation d'une session extraordinaire, questions qui y sont traitées et sa durée
(1) Umutwe w'Abadepite uterana mu gihembwe kidasanze utumijwe na Perezida wawo abyumvikanyeho n'abandi bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite cyangwa abisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya kane cy'abagize Umutwe w'Abadepite. (2) Mu gihembwe kidasanze, hasuzumwa gusa ibibazo byatumye gitumizwa kandi bibanje kumenyeshwa abagize Umutwe w'Abadepite cyangwa Inteko Ishinga Amategeko yose mbere y'uko icyo gihembwe gitangira. (3) Igihembwe kidasanze ntigishobora kurenza iminsi 15.	(1) The Chamber of Deputies meets in extraordinary session convened by its Speaker, after consultation with other members of the Bureau of the Chamber of Deputies or at the request of the President of the Republic or at a written request from a quarter of the members of the Chamber of Deputies. (2) During the extraordinary session, only the issues which motivated its convening and which have been brought to the notice of members of the Chamber of Deputies or of the entire Parliament before commencement of the session are dealt with. (3) An extraordinary session cannot exceed 15 days.	(1) La Chambre des Députés se réunit en session extraordinaire sur convocation de son Président, après consultation des autres membres du Bureau de la Chambre des Députés ou à la demande du Président de la République ou à la demande écrite d'un quart des membres de la Chambre des Députés. (2) Lors de la session extraordinaire, il est traité uniquement des questions qui ont motivé sa convocation et qui ont été portées préalablement à la connaissance des membres de la Chambre des Députés ou de tout le Parlement avant l'ouverture de la session. (3) La session extraordinaire ne peut pas dépasser 15 jours.

<u>Ingingo ya 131:</u> Itumizwa na gahunda by'igihembwe kidasanzwe (1) Abadepite baturirwa mu gihembwe kidasanzwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite akoresheje uburyo bwose bwihuta bunoroshye kugerwaho. (2) Inyandiko itumira ibya ikubiyemo gahunda y'ibiri ku murongo w'ibigwa n'inama y'Inteko Rusange y'igihembwe kidasanzwe. (3) Mbere yo gutangira kujya impaka ku biri ku murongo w'ibigwa, Inteko Rusange ibanza kwemera gahunda y'igihembwe kidasanzwe iyo cyatumiwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite cyangwa cyatumiwe bisabwe n'Abadepite.	<u>Article 131:</u> Convening and agenda of the extraordinary session (1) Deputies are invited to an extraordinary session by the Speaker of the Chamber of Deputies by use of any quickest and most accessible means. (2) The invitation contains the agenda of the plenary sitting in the extraordinary session. (3) Before starting any debates on the items on the agenda, the Plenary Assembly adopts the agenda of the extraordinary session when it has been convened by the Bureau of the Chamber of Deputies or at the request of Deputies.	<u>Article 131:</u> Convocation et ordre du jour de la session extraordinaire (1) Les députés sont invités à la session extraordinaire par le Président de la Chambre des Députés par tous les moyens les plus rapides et les plus accessibles. (2) L'invitation contient l'ordre du jour de la séance plénière en session extraordinaire. (3) Avant toute délibération sur les points à l'ordre du jour, l'Assemblée plénière adopte l'ordre du jour de la session extraordinaire au cas où elle a été convoquée par le Bureau de la Chambre des Députés ou à la demande des Députés.
<u>Ingingo ya 132:</u> Ikiruhuko cy'Abadepite (1) Abadepite bose bafatira rimwe ikiruhuko cy'iminsi isanzwe 30 buri mwaka, gihera umunsi w'akazi ukurikira umunsi igihembwe gisanzwe cya gatatu cy'Umutwe w'Abadepite cyasojweho. Iyo bidashobotse ko iminsi y'ikiruhuko ifatirwa ingunga imwe, Inama y'Abaperezida igena ikindi gihe gifatirwaho iminsi isigaye mu kiruhuko, bikamenyeshwa Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Minisitiri w'Intebe n'Abadepite hasigaye nibura	<u>Article 132:</u> Vacation of Deputies (1) Each year, all Deputies take a vacation of 30 days all at once, starting from the working day following the closing of the third ordinary session of the Chamber of Deputies. If it is not possible to take this vacation all at once, the Conference of Chairpersons schedules the remaining vacation days at a later date, and notification to this effect is given to the President of the Republic, the President of the Senate, the Prime Minister and the Deputies at least one	<u>Article 132:</u> Vacances des députés (1) Chaque année, tous les députés prennent des vacances de 30 jours en une seule fois, à compter du jour ouvrable suivant la clôture de la troisième session ordinaire de la Chambre des Députés. S'il n'est pas possible de prendre ces vacances en une seule fois, la Conférence des Présidents fixe un autre moment de prise des jours restants des vacances, et une notification en est faite au Président de la République, au Président du Sénat, au Premier Ministre et aux députés

ukwezi kumwe kugira ngo gitangire. (2) Mu gihe cy'ikiruhuko hashobora gutumizwa igihembwe kidasanzwe iyo bibaye ngombwa. <u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bwo kugaragaza ifatwa ry'ibyemezo <u>Ingingo ya 133:</u> Gufata ibyemezo biciye mu majwi (1) Umutwe w'Abadepite ufata ibyemezo byawo ubicishije mu majwi. (2) Mu ntangiriro za buri nama y'Inteko Rusange na buri gihe mbere y'itora, iyo umubare w'Abadepite bayitabiriye wiyongereye, Perezida w'Umutwe w'Abadepite atangaza umubare w'abitabiriye inama y'Inteko Rusange. (3) Gufata ibyemezo biciye mu majwi bikorwa hakoreshejwe ubwumvikane busesuye cyangwa amatora. (4) Iyo ari amatora, hakoreshwa bumwe mu buryo bukurikira: (a) gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga; (b) gushyira ukuboko hejuru;	month in advance of the scheduled start date. (2) An extraordinary session may be convened during the vacation period where need be. <u>Section 2:</u> Way of expressing decisions <u>Article 133:</u> Taking decisions through voting (1) The Chamber of Deputies expresses its decisions by way of vote. (2) At the beginning of every plenary sitting and before the vote if the number of deputies in attendance has increased, the Speaker of the Chamber of Deputies announces the number of Deputies present. (3) Decisions by way of vote are taken by consensus or by voting. (4) Voting is conducted using one of the following methods: (a) electronic vote; (b) show of hands;	au moins un mois avant le début de ce moment. (2) Une session extraordinaire peut être convoquée pendant la période de vacances en cas de besoin. <u>Section 2:</u> Mode d'expression des décisions <u>Article 133:</u> Prise de décisions par voie de vote (1) La Chambre des Députés exprime ses décisions par voie de vote. (2) Au début de chaque séance plénière et avant chaque vote lorsque le nombre de députés présents a augmenté, le président de la Chambre des Députés annonce le nombre de députés présents. (3) La prise de décisions par voie de vote se fait par consensus ou en passant au vote. (4) Le vote est effectué à l'aide de l'un des méthodes ci-après: (a) la voie électronique; (b) la main levée;
--	--	--

(c) guhamagara buri Mudepite mu izina rye; (d) gutora hakoreshejwe inyandiko.	(c) roll-call voting; (d) written ballot.	(c) l'appel nominal; (d) le scrutin par écrit.
(5) Iyo Umutwe w'Abadepite ujya impaka ku bitari amategeko, ukoresha uburyo bw'ubwumvikane busesuye. Iyo hagize Umudepite utabwemera hakoreshwa amatora.	(5) When the Chamber of Deputies is considering items other than laws, consensus is the method applicable. When it is rejected by a Deputy, voting is used.	(5) Lorsque la Chambre des Députés délibère sur des matières autres que les lois, elle utilise le mode de consensus. Lorsque ce dernier est rejeté par un député, le vote est utilisé.
(6) Iyo Inteko Rusange igomba gufata ibyemezo bireba umuntu ku giti cye hakoreshwa uburyo bwo gutora hakoreshejwe inyandiko cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga.	(6) In case the Plenary Assembly must make decisions concerning an individual, a secret ballot in writing or electronically is used.	(6) Lorsque l'Assemblée plénière doit prendre une décision sur un individu, le scrutin secret par écrit ou par voie électronique est utilisé.
(7) Iyo hatorwa irangashingiro cyangwa ingingo zigize itegeko hakoreshwa ibyuma byabugenewe cyangwa hakazamurwa ukuboko.	(7) The voting on the preamble or the articles of a law is conducted by means of electronic voting equipment or by show of hands.	(7) Le vote du préambule ou des articles d'une loi se fait au moyen d'un système électronique ou par main levée.
(8) Iyo hatorwa itegeko ryose hakoreshwa guhamagara Umudepite mu izina rye mu ijwi riranguruye. Abadepite bashobora no gutora itegeko ryose babikoreye hamwe hakoreshejwe ibyuma byabugenewe.	(8) The voting on the entire law is conducted through roll-call voting in a loud voice. Deputies may also vote all at once an entire law by means of electronic voting equipment.	(8) Le vote sur l'ensemble d'une loi se fait par appel nominal et à haute voix. Les députés peuvent également voter à la fois l'ensemble d'une loi au moyen d'un système électronique.
(9) Umudepite ufite ubumuga yoroherezwa uburyo bwo gutora hakurikijwe ubumuga afite.	(9) A deputy with disability is granted voting facilities adapted to the type of disability.	(9) Un député handicapé bénéficie de facilités de vote adaptées au type d'handicap.

(10) Umudepite afite uburenganzira bwo gutora uko abyumva. <u>Ingingo ya 134: Gutora hahamagarwa izina ry’Umudepite</u> (1) Iyo ari ugutora hahamagarwa izina ry’Umudepite, Visi Perezida w’Umutwe w’Abadepite ushinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, ahamagara buri Mudepite mu izina rye hakurikijwe itonde rw’inyuguti zitangira amazina ye ari ku ikarita ndangamuntu. (2) Gutora hahamagarwa buri Mudepite mu izina rye bikorwa mu ijwi riranguruye, uhamagawe akavuga mu ijwi riranguruye “yego”, “oya” cyangwa “ndifashe”. (3) Ijwi ry’Umudepite uterekanye igitekerezo cye mu matora kandi yaje mu nama ribarwa nk’impfabusa. <u>Ingingo ya 135: Isubirwamo ry’itora mu Nteko Rusange</u> Itora rishobora gusubirwamo hagatangazwa ibyavuye mu itora, iyo bisabwe n’Umudepite hakurikijwe ibiteganywa n’ingingo ya 44 y’iri tegeko ngenga.	(10) A Deputy enjoys the right to vote according to his or her personal conscience. <u>Article 134: Roll-call voting</u> (1) In case of roll-call voting, the Deputy Speaker in charge of oversight of Government activities calls each Deputy by his or her name in an alphabetical order as it is on the identity card (2) A roll-call voting is conducted in a loud voice and a Deputy called responds with a “yes” or a “no” or “I abstain” in a loud voice. (3) The vote of a Deputy who does not express his or her opinion despite attending the sitting is considered void. <u>Article 135: Retaking the voting in the Plenary Assembly</u> The voting may be retaken immediately after the announcement of the results of the voting, upon the request of a Deputy in accordance with the provisions of Article 44 of this Organic Law.	(10) Le député jouit du droit de vote selon sa conscience personnelle. <u>Article 134: Vote par appel nominal</u> (1) En cas de vote par appel nominal, le Vice-Président chargé du contrôle de l’action gouvernementale appelle chaque député par son nom par ordre alphabétique tel qu’il est inscrit sur la carte d’identité. (2) Le vote par appel nominal se fait à haute voix et le député appelé répond à haute voix par « oui » ou par « non » ou par « je m’abstiens ». (3) La voix d’un député qui n’a pas exprimé sa position lors d’un scrutin alors qu’il s’est présenté à la séance est considérée comme nulle. <u>Article 135: Reprise du vote à l’Assemblée plénière</u> Le vote peut être repris immédiatement après la proclamation des résultats du vote, à la demande d’un député conformément aux dispositions de l’article 44 de la présente loi organique.
--	---	--

<u>Ingingo ya 136: Amatora areba Umudepite ku giti cye</u> (1) Iyo ari ugutora Umudepite, buri mukandida yiyamamaza mu Nteko Rusange. Uyoboye inama y’Inteko Rusange atangariza Inteko Rusange igihe kingana kuri buri mukandida kigenewe ukwiyamamaza. (2) Iyo bigaragaye ko ubwiganze burunduye bw’amajwi butabonetse cyangwa amatora atakurikije amategeko, asubirwamo bisabwe n’uyoboye inama y’Inteko Rusange cyangwa undi Mudepite. (3) Iyo ubwiganze burunduye bw’amajwi bukomeje kubura nyuma y’amatora ya kabiri, hatangwa abandi bakandida. (4) Iyo mu bakandida bashya nta wabonye ubwiganze burunduye bw’amajwi, amatora yimurirwa ku wundi muni. (5) Umudepite uri ku rutonde rw’abakandida, iyo abisabye, ahabwa umwanya mbere y’abandi kugira ngo agire icyo avuga mbere y’uko amatora asubirwamo.	<u>Article 136: Voting concerning an individual Deputy</u> (1) Where the vote is about an individual Deputy, each candidate campaigns in the Plenary Assembly. The Chair of the plenary sitting announces to the Plenary Assembly equal speaking time to be allocated to each candidate for running his or her own campaign. (2) If the absolute majority of votes is not obtained or if there are irregularities in the voting process, the voting is retaken upon request by the chair of the plenary sitting or another Deputy. (3) If the absolute majority of votes is not obtained after the second voting, other candidates are proposed. (4) If no new candidate obtains the absolute majority of votes, the vote is postponed. (5) A deputy on the list of candidates is given the opportunity to speak before anyone else to be heard before the voting is retaken, if he or she so requests.	<u>Article 136: Vote concernant un député individuellement</u> (1) Lorsqu’il s’agit du vote d’un député, chaque candidat fait campagne dans l’Assemblée plénière. Le président de séance plénière annonce à l’Assemblée plénière le temps de parole égal à chaque candidat pour faire sa campagne. (2) Si la majorité absolue des voix n’est pas obtenue ou si le vote est irrégulier, le vote est repris à la demande du président de séance plénière ou d’un autre député. (3) Si, à l’issue du second vote, la majorité absolue des voix n’est pas obtenue, d’autres candidats sont proposés. (4) Si aucun nouveau candidat n’obtient la majorité absolue des voix, le vote est reporté. (5) Lorsqu’il le demande, un député inscrit sur la liste des candidats reçoit la parole avant toute autre personne pour être entendu avant la reprise du vote.
--	--	---

<u>Ingingo ya 137: Imiterere y'urupapuro rw'itora</u> (1) Iyo amatora akozwe bandika, urupapuro rw'itora rushyirwaho umukono n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite na kashe y'Umutwe w'Abadepite. (2) Buri Mudepite umaze gutora azinga urupapuro rw'itora akarushyira ahabugenewe	<u>Article 137: Ballot paper format</u> (1) When voting is by written ballot, the ballot paper bears the signature of the Clerk to the Chamber of Deputies and the stamp of the Chamber of Deputies. (2) After casting his or her vote, every Deputy folds his or her ballot paper and places it in the designated place.	<u>Article 137: Format du bulletin de vote</u> (1) Lorsque le vote se fait par bulletin écrit, le bulletin porte la signature du Secrétaire général de la Chambre des Députés et le cachet de la Chambre des Députés. (2) Après avoir exprimé son vote, chaque député plie son bulletin de vote et le dépose à l'endroit prévu.
<u>Ingingo ya 138: Ibarura ry'impapuro z'itora n'iry'amajwi</u> (1) Ibarura ry'impapuro zatoreweho rihita rikorerwa imbere y'abitabiriye Inteko Rusange. (2) Ibarura ry'amajwi rikorwa n'Abadepite babiri bagenwa n'urwego rwayoboye amatora, bafashijwe n'umukozi w'Umutwe w'Abadepite, bakabigenzurwamo n'urwego rwayoboye amatora. (3) Urupapuro rw'itora rutatoreweho cyangwa rwanditseho ikindi kidahuye n'igitorerwa ruba impfabusa. (4) Uyoboye inama, ubwe cyangwa uwo yabihereye ububasha, atangariza abayitabiriye uko itora ryagenze.	<u>Article 138: Counting of ballot papers and votes</u> (1) The counting of ballot papers is immediately carried out in front of those present at the plenary sitting. (2) The counting of votes is carried out by two Deputies designated by an organ that chaired the voting, with assistance from a member of the staff of the Chamber of Deputies and under supervision of an organ that chaired the voting. (3) Any ballot paper that is blank or has any other mention on it besides the question placed to voting is void. (4) The chair of the sitting, either by himself or herself or by an authorized representative, announces to the participants the outcome of the voting.	<u>Article 138: Dépouillement des bulletins de vote et des voix</u> (1) Le dépouillement des bulletins de vote se fait immédiatement devant les députés qui sont présents à la séance plénière. (2) Le dépouillement des voix est effectué par deux députés désignés par l'organe ayant présidé le vote, assistés d'un membre du personnel de la Chambre des Députés et supervisés par l'organe ayant présidé le vote. (3) Un bulletin de vote blanc ou comportant une inscription autre que la question soumise au vote est nul. (4) Le président de la séance, par lui-même ou par un représentant autorisé, annonce aux participants le résultat du vote.

<u>Ingingo ya 139:</u> Gukemura ikibazo gishingiye ku ibarura ry'impapuro z'itora cyangwa ibarura ry'amajwi Ikibazo gishingiye ku ibarura ry'impapuro z'itora cyangwa ibarura ry'amajwi kigaragarizwa ako kanya uyoboye inama, cyaba gifite ishingiro agasaba ko amatora cyangwa ibarura ry'amajwi bisubirwamo.	<u>Article 139:</u> Resolution of an issue pertaining to the counting of ballot papers or the counting of votes An issue pertaining to the counting of ballot papers or the counting of votes is presented immediately to the chair of the sitting, who, if it is relevant, may request that the voting or counting of votes be repeated.	<u>Article 139:</u> Résolution d'une question relative au dépouillement des bulletins de vote ou au dépouillement des voix Une question relative au dépouillement des bulletins de vote ou au dépouillement des voix est soumise immédiatement au président de la séance qui, si elle est fondée, peut demander que le vote ou le dépouillement des voix soit repris.
<u>Ingingo ya 140:</u> Ibanga ry'itora no gukuraho impapuro zatoreweho (1) Mu itora ryakozwe hakoreshejwe impapuro, itora ni ibanga. Nta muntu wemerewe kumenya uwatoreye ku rupapuro. (2) Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ahita akuraho izo mpapuro zatoreweho akazicagagura.	<u>Article 140:</u> Secrecy of the voting and withdrawal of ballot papers (1) In a voting process where ballot papers have been used, voting is secret. No one is allowed to identify the voter on the paper. (2) The Clerk to the Chamber of Deputies promptly withdraws the ballot papers and destroys them.	<u>Article 140:</u> Secret du vote et retrait des bulletins de vote (1) Lors d'un vote où les bulletins de vote ont été utilisés, le vote est secret. Personne n'est autorisé à identifier l'électeur sur le bulletin. (2) Le secrétaire général de la Chambre des Députés retire immédiatement les bulletins de vote et les détruit.
<u>Ingingo ya 141:</u> Ijwi ry'Umudepite mu gihe cyo gutora (1) Mu gihe cyo gutora, buri Mudepite aba afite ijwi rimwe gusa. (2) Nta Mudepite wemerewe gutorera undi Mudepite.	<u>Article 141:</u> Vote of a Deputy during the voting (1) During the voting, each Deputy has only one vote. (2) No Deputy is allowed to cast a vote on behalf of another Deputy.	<u>Article 141:</u> Voix d'un député lors du vote (1) Lors du vote, chaque député ne dispose que d'une seule voix. (2) Aucun député n'est autorisé à voter à la place d'un autre député.
<u>Ingingo ya 142:</u> Uburyo bw'ifatwa ry'ibyemezo (1) Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 133 y'iri tegeko ngenga, ibyemezo	<u>Article 142:</u> Decision-making procedures (1) Without prejudice to the provisions of Article 133 of this Organic Law, decisions of	<u>Article 142:</u> Modalités de prise de décisions (1) Sans préjudice des dispositions de l'article 133 de la présente loi organique, les

by'Umutwe w'Abadepite bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bitabiriye inama, uretse iyo amategeko abiteganywa ukundi.	the Chamber of Deputies are made by an absolute majority vote of Deputies present unless otherwise stipulated by law.	décisions de la Chambre des Députés sont prises à la majorité absolue des députés présents, sauf disposition légale contraire.
(2) Mu ifatwa ry'ibyemezo bireba imishinga y'amategeko, birabujijwe gukoresha ubwumvikane busesuye. Ku bindi bitari imishinga y'amategeko uyoboye inama y'Inteko Rusange abaza ko hari Umudepite udashyigikiye umwanzuro atanze cyangwa wasabwe n'undi Mudepite. Iyo atabonetse, icyemezo kiba gifashwe ku bwumvikane busesuye. Iyo habonetse utabyemeye, hakoresha amatora mu buryo buteganywa n'ingingo ya 133 y'iri tegeko ngenga.	(2) Decision-making by consensus in case of draft laws or private member's bills is prohibited. For matters other than draft laws or private member's bills, the chair of the plenary sitting asks the Plenary Assembly if any Deputy objects to the conclusion that he or she provides or to the conclusion suggested by another Deputy. If there is not any, the decision is deemed adopted by consensus. If a Deputy objects, a vote is conducted using the procedures specified in Article 133 of this Organic Law.	(2) La prise de décisions par consensus en cas de projets ou propositions de loi est interdite. Pour des matières autres que les projets ou propositions de loi, le président de la séance plénière demande s'il y a un député qui objecte à la conclusion qu'il propose ou à celle proposée par un autre député. À défaut, la décision est réputée adoptée par consensus. En cas d'objection d'un député, il est procédé au vote conformément aux modalités prévues à l'article 133 de la présente loi organique.
UMUTWE WA V: INZIRA ZO KWEMEZA UMUSHINGA W'ITEGEKO	CHAPTER V: PROCEDURES FOR THE ADOPTION OF A DRAFT LAW OR A PRIVATE MEMBER'S BILL	CHAPITRE V: PROCÉDURES D'ADOPTION D'UN PROJET OU D'UNE PROPOSITIONS DE LOI
Icyiciro cya mbere: Gushyikiriza Umutwe w'Abadepite umushinga w'itegeko no kwemeza ishingiro ryawo	Section One: Transmission of a draft law or a private member's bill to the Chamber of Deputies and approval of their merits	Section première: Transmission d'un projet ou d'une proposition de loi à la Chambre des Députés et approbation de leur opportunité
Ingingo ya 143: Uburenganzira bwo gutangiza no guhindura amategeko Gutangiza amategeko no kuyahindura ni uburenganzira bwa buri Mudepite cyangwa Guverinoma iteraniye mu Nama y'Abaminisitiri. Icyakora, umushinga w'itegeko ngenga rigena imikorere ya Sena	Article 143: Right to initiate and amend laws Initiation and amendment of laws is the right of every Deputy or the Government acting through Cabinet. However, the Senate initiates the draft organic law determining the functioning of the Senate.	Article 143: Droit d'initiative et de modification des lois Le droit d'initiative et de modification des lois appartient à chaque Député ou au Gouvernement en Conseil des Ministres. Toutefois, la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat est initiée par

utangizwa na Sena. <u>Ingingo ya 144:</u> Gushyikiriza Umutwe w'Abadepite umushinga w'itegeko (1) Umushinga w'itegeko kimwe n'isobanurampamvu ryawo, ushyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite. (2) Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Abadepite umushinga w'itegeko mu gihe kitarenze iminsi irindwi awushyikirijwe. Icyakora, iyo hari impamvu zihutirwa kandi zumvikana, iyo minsi ntiyubahirizwa. <u>Ingingo ya 145:</u> Gutera inkunga Umudepite wifuza gutangiza umushinga w'itegeko Umutwe w'Abadepite utera inkunga Umudepite wifuza gutangiza umushinga w'itegeko iyo abisabye Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu nyandiko iherekejwe n'isobanurampamvu ryawo. <u>Ingingo ya 146:</u> Uburyo Umutwe w'Abadepite ushyikirizwa umushinga w'itegeko ngenga rigena imikorere ya Sena Umushinga w'itegeko ngenga rigena imikorere ya Sena utangizwa na Sena ugashyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite hamwe	<u>Article 144:</u> Transmission of a draft law or a private member's bill to the Chamber of Deputies (1) A draft law or a private member's bill along with their explanatory notes are transmitted to the Speaker of the Chamber of Deputies. (2) The Speaker of the Chamber of Deputies transmits a draft law or a private member's bill to Deputies within seven days of receipt thereof. However, in case of emergency and reasonable grounds, the time limit is not respected. <u>Article 145:</u> Support to a Deputy wishing to initiate a private member's bill The Chamber of Deputies provides support to a Deputy wishing to initiate a private member's bill if he or she submits a written request to the Speaker of the Chamber of Deputies, together with its explanatory note. <u>Article 146:</u> Procedure for the transmission to the Chamber of Deputies of the draft organic law determining the functioning of the Senate The draft organic law determining the functioning of the Senate is initiated by the Senate and transmitted to the Speaker of the	le Sénat. <u>Article 144:</u> Transmission à la Chambre des Députés d'un projet ou d'une proposition de loi (1) Un projet ou une proposition de loi ainsi que leurs exposés des motifs sont transmis au Président de la Chambre des Députés. (2) Le Président de la Chambre des Députés transmet un projet ou une proposition de loi aux Députés dans les sept jours suivant leur réception. Toutefois, en cas d'urgence et de motifs raisonnables, ce délai n'est pas respecté. <u>Article 145:</u> Appui à un Député souhaitant initier une proposition de loi La Chambre des Députés apporte un appui au député qui souhaite initier une proposition de loi s'il en fait la demande écrite au Président de la Chambre des Députés, accompagnée de son exposé des motifs. <u>Article 146:</u> Procédure de transmission de la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat à la Chambre des Députés La proposition de loi portant fonctionnement du Sénat est initiée par le Sénat et transmise au Président de la Chambre des Députés
---	--	---

n'isobanurampamvu ryawo. <u>Ingingo ya 147:</u> Gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko (1) Mu gihe cyo gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, Umudepite watangije umushinga w'itegeko cyangwa uhagarariye Guverinoma atanga ibisobanuro bya ngombwa agaragariza Inteko Rusange ishingiro ryawo cyane cyane ibirebana na politiki, itegeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga uje gushyira mu bikorwa. (2) Umushinga w'itegeko ufite ingaruka ku ngengo y'imari, isobanurampamvu ryawo rigaragaza aho iyo ngengo y'imari izaturuka. <u>Icyiciro cya 2:</u> Gusuzuma umushinga w'itegeko muri Komisiyo <u>Ingingo ya 148:</u> Gushyikiriza Komisiyo ihoraho umushinga w'itegeko (1) Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza mu gihe kitarenze iminsi itanu Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano umushinga w'itegeko wemerejwe ishingiro	Chamber of Deputies along with its explanatory note. <u>Article 147:</u> Consideration of the relevance of a draft law or a private member's bill (1) During the debate on the relevance of a draft law or private member's bill, the Deputy who initiated the private member's bill or the representative of the Government provides key explanations showing the Plenary Assembly the relevance of the draft law or private member's bill, especially how it will help implement existing policy, law in force or international treaty. (2) The explanatory note of a draft law or a private member's bill with budgetary implications indicates the source of the budget. <u>Section 2:</u> Consideration of a draft law or a private member's bill in Committee <u>Article 148:</u> Transmission of a draft law or a private member's bill to the Standing Committee (1) The Speaker of the Chamber of Deputies submits to the relevant Standing Committee a draft law or private member's bill within five days of the adoption on its relevance in	accompagnée de son exposé des motifs. <u>Article 147:</u> Examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi (1) Pendant l'examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi, le député qui a initié la proposition de loi ou le représentant du Gouvernement donne des explications essentielles démontrant à l'Assemblée plénière l'opportunité du projet ou proposition de loi, en particulier la manière dont il contribuera à la mise en œuvre d'une politique existante, d'une loi en vigueur ou d'un traité international. (2) L'exposé des motifs d'un projet ou d'une proposition de loi ayant une implication budgétaire indique la source du budget. <u>Section 2:</u> Examen d'un projet ou d'une proposition de loi en commission <u>Article 148:</u> Transmission d'un projet ou d'une proposition de loi à la commission permanente (1) Le Président de la Chambre des Députés transmet à la commission permanente compétente un projet ou une proposition de loi dans les cinq jours suivant l'adoption de
---	--	---

n'Inteko Rusange. icyakora, byemejwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite ishingiye ku mirimo myinshi iri muri Komisiyo, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashobora koherereza umushinga w'itegeko indi Komisiyo ihoraho.	the plenary sitting. However, upon approval by the Bureau of the Chamber of Deputies, depending on the overload of the Committee, the Speaker of the Chamber of Deputies may refer such a draft law or private member's bill to another Standing Committee.	son opportunité en séance plénière. Toutefois, après approbation par le Bureau de la Chambre des Députés, en fonction de la surcharge de la commission, le Président de la Chambre des Députés peut renvoyer cette proposition de loi à une autre commission permanente.
(2) Umushinga w'itegeko watangijwe n'Umudepite ku bufatanye bw'Abadepite bari muri Komisiyo ihoraho bashyizwemo ntushobora gusuzumwa n'iyi Komisiyo ihoraho.	(2) A private member's bill initiated by a Deputy in collaboration with Deputies who are members of the same Standing Committee cannot be considered by that same Committee.	(2) Une proposition de loi initiée par un député en collaboration avec les députés qui sont membres d'une même commission permanente ne peut être examinée par cette dernière.
(3) Raporo y'impaka rusange mu kwemeza ishingiye ry'umushinga w'itegeko iherekeje uwo mushinga w'itegeko bishyikirizwa Komisiyo ihoraho iwusuzuma.	(3) The report on the general debates held during the adoption of the relevance of the draft law or private member's bill together with such a draft law or private member's bill are transmitted to the Standing Committee which considers it.	(3) Le rapport sur les débats généraux tenus lors de l'adoption de l'opportunité du projet ou d'une proposition de loi ainsi que ce projet ou proposition de loi sont transmis à la commission permanente qui l'examine.
<u>Ingingo ya 149: Gushyikiriza Komisiyo ihoraho ubugororangingo</u>	<u>Article 149: Transmission of amendments to the Standing Committee</u>	<u>Article 149: Transmission des amendements à la commission permanente</u>
(1) Umudepite ufite ubugororangingo ku mushinga w'itegeko abushyikiriza Perezida wa Komisiyo bireba mu nyandiko akagera kopi Abadepite bese kugira ngo bashobore gukora ubugororangingo bw'ingoboka igihe bibaye ngombwa. Umudepite ukoze ubugororangingo bw'ingoboka abushyikiriza Perezida wa Komisiyo mu nyandiko, akagera kopi Abadepite bese.	(1) A Deputy having amendments to propose with respect to a draft law or a private member's bill transmits them in writing to the chairperson of the concerned Committee and sends a copy thereof to all Deputies to enable them to make sub-amendments, if necessary. A Deputy who makes sub-amendments transmits them in writing to the chairperson of the Committee, with a copy	(1) Un député ayant des amendements à proposer sur un projet ou une proposition de loi les transmet par écrit au président de la commission concernée et réserve une copie à tous les députés pour que ces derniers puissent, le cas échéant, faire des sous-amendements. Un député qui fait des sous-amendements les transmet par écrit au président de la commission et réserve copie

(2) Ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butangwa umushinga w'itegeko ugisuzumirwa muri Komisiyo ihoraho. Komisiyo ihoraho irabusuzuma ikabufataho umwanzuro. (3) Umudepite wateguye ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka atumirwa mu nama ya Komisiyo ihoraho igenewe kubusuzuma. Icyakora, iyo atitabiriye inama ntibibuza Komisiyo ihoraho kubusuzuma. (4) Ibitekerezo bitanzwe na Komisiyo z'Igihugu n'Inzego zihariye ziteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko zifite mu nshingano gutanga inama ku mishinga y'amategeko n'undi wese ubyifuza mu gihe umushinga w'itegeko ugisuzumwa muri Komisiyo ihoraho bishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite akabishyikiriza Komisiyo ihoraho bireba. Abahagarariye Komisiyo z'Igihugu n'Inzego zihariye n'undi wese watanze ibitekerezo, iyo bitabiriye inama za Komisiyo ihoraho bahabwa ijamba bagasobanura ibijyanye n'inyandiko yabo.	to all Deputies. (2) The amendments or sub-amendment proposed on a draft law or private member's bill still under consideration at the committee level are considered by the Committee for decision. (3) A Deputy who has introduced amendments or sub-amendments is invited to the Standing Committee meeting that is meant to discuss them. However, his or her absence in the meeting does not prevent the Standing Committee from considering them. (4) Opinions given by national commissions and specialised organs provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda and other laws, and whose responsibilities include providing advice on draft laws or private member's bills and by anyone wishing to do so when the draft law or private member's bill is still being considered by the Standing Committee, are transmitted to the Speaker of the Chamber of Deputies who, in turn, transmits them to the concerned Standing Committee. Representatives of national commissions and specialised organs and anyone who gave opinions, who participate in the meetings of the Standing Committee, are given the floor to explain the contents of their paper.	à tous les députés. (2) Les amendements ou sous-amendements proposés sur un projet ou proposition de loi en examen au niveau de la commission sont examinés par la commission pour décision. (3) Un député ayant initié des amendements ou des sous-amendements est invité à la séance de la commission permanente consacrée à leur examen. Toutefois, son absence à la réunion n'empêche pas la commission permanente de les examiner. (4) Les avis émis par les commissions nationales et les organes spécialisés prévus par la Constitution de la République du Rwanda et d'autres lois, et qui sont notamment chargés de donner des avis sur des projets ou propositions de loi, ainsi que par toute autre personne souhaitant le faire lorsque le projet de loi ou la proposition de loi est encore en cours d'examen par la Commission Permanente, sont transmis au Président de la Chambre des Députés qui, à son tour, les transmet à la Commission Permanente concernée. Les représentants des commissions nationales et des organes spécialisés, ainsi que les personnes ayant émis des avis, qui participent aux réunions de la Commission permanente, ont la possibilité de prendre la parole pour
--	--	--

(5) Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gushyikiriza ibitekerezo Komisiyo ihoraho isuzuma umushinga w'itegeko.	(5) The Bureau of the Chamber of Deputies may transmit opinions to the Standing Committee which considers a draft law or a private member's bill.	expliquer le contenu de leur document. (5) Le Bureau de la Chambre des députés peut transmettre des avis à la commission permanente qui examine un projet de loi ou une proposition de loi.
<u>Ingingo ya 150:</u> Gutanga ibisobanuro n'ibitekerezo ku mushinga w'itegeko muri Komisiyo ihoraho	<u>Article 150:</u> Providing explanations and opinions on a draft law or private member's bill in a Standing Committee	<u>Article 150:</u> Fournir des explications et des avis sur un projet ou une proposition de loi en commission permanente
(1) Komisiyo ihoraho ibinyujije kuri Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ishobora gutumiza ugize Guverinoma, umuntu uwo ari we wese cyangwa urwego urwo ari rwo rwose bireba, kugirango atange ibisobanuro birambuye ku mushinga w'itegeko usuzumwa na Komisiyo ihoraho.	(1) The Standing Committee, through the Speaker of the Chamber of Deputies, may invite a member of the Cabinet or any other relevant person or institution to provide detailed explanations on a draft law or private member's bill which is under consideration by the Standing Committee.	(1) La commission peut, par l'intermédiaire du Président de la Chambre des Députés, inviter un membre du gouvernement ou toute autre personne ou institution concernée à fournir des explications détaillées sur un projet ou une proposition de loi en cours d'examen en commission.
(2) Uhagarariye umushinga w'itegeko, mu gihe Komisiyo irimo kuwusuzuma, ashobora gusaba Komisiyo gusubika isuzumwa ry'ingingo y'umushinga w'itegeko mu gihe asanga ko ubugororangingo butanzwe akwiriye kubanza kubujyaho inama n'urwego ahagarariye.	(2) The person defending a draft law or private member's bill during its consideration by the committee may request the committee to adjourn the consideration of any article of the draft law or private member's bill if he or she considers it necessary to consult beforehand the organ he or she represents on the proposed amendments.	(2) La personne qui défend un projet ou une proposition de loi lors de son examen par la commission peut demander à celle-ci d'ajourner l'examen d'un article du projet ou de la proposition de loi si elle juge nécessaire de consulter au préalable l'organe qu'elle représente sur les amendements proposés.
(3) Komisiyo ihoraho yakira kandi ibitekerezo byanditse ku mushinga w'itegeko usuzumwa. Ibiterekerezo byakiriwe bishyikirizwa abagize Komisiyo ihoraho mu gihe uwo mushinga w'itegeko ugusuzumirwa muri Komisiyo ihoraho.	(3) The Standing Committee also receives written opinions on a draft law or private member's bill under consideration. Opinions received are transmitted to members of the Standing Committee during the consideration of such a draft law or private	(3) La commission permanente reçoit également des avis écrits sur un projet ou une proposition de loi en cours d'examen. Les avis reçus sont transmis aux membres de la commission permanente au cours de l'examen de ce projet ou proposition de loi

<u>Icyiciro cya 3: Kwemeza umushinga w'itegeko mu Nteko Rusange</u> <u>Ingingo ya 151: Gushyikiriza Abadepite raporo n'umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo ihoraho uhinduye mu ndimi</u> (1) Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Abadepite raporo n'umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo ihoraho uri mu ndimi zemewe mu butegetsi zandikwamo amategeko, mbere y'uko usuzumwa n'Inteko Rusange. (2) Raporo ya Komisiyo ihoraho ku mushinga w'itegeko ryose ishyikirizwa Abadepite, hasigaye nibura iminsi irindwi mbere y'uko igibwaho impaka n'Inteko Rusange. Icyakora, iyo byihutirwa iyo minsi ntiyubahirizwa. <u>Ingingo ya 152: Kwemeza raporo ya Komisiyo ihoraho mu Nteko Rusange</u> (1) Mbere y'uko Inteko Rusange itangira gutora ingingo zigize umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo ihoraho, Biro ya Komisiyo ihoraho ibanza kugeza ku Nteko	member's bill in the Standing Committee. <u>Section 3: Adoption of a draft law or private member's bill in the plenary sitting</u> <u>Article 151: Transmission to Deputies of the report on a draft law or private member's bill after consideration thereof by the Standing Committee and the translated draft law or private member's bill</u> (1) The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to Deputies the report on a draft law or private member's bill after consideration thereof by the Standing Committee and the draft law or private member's bill drafted in official languages used in legal drafting before its consideration by the Plenary Assembly. (2) The report of the Standing Committee on the entire draft law or private member's bill is transmitted to Deputies at least seven days before being debated by the Plenary Assembly. However, such days do not apply in case of urgency. <u>Article 152: Adoption of the Standing Committee report in the plenary sitting</u> (1) Before the Plenary Assembly proceeds to vote on the articles making up a draft law or a proposed law examined by the Standing Committee, the bureau of the Standing	en commission. <u>Section 3: Adoption d'un projet ou d'une proposition de loi dans la séance plénière</u> <u>Article 151: Transmission aux députés du rapport sur un projet ou une proposition de loi après examen par la commission permanente ainsi que du projet ou de la proposition de loi traduit</u> (1) Le Président de la Chambre des Députés transmet aux députés le rapport sur un projet ou une proposition de loi après examen par la commission permanente ainsi que le projet ou la proposition de loi rédigée dans les langues officielles utilisées pour la rédaction juridique avant son examen par l'Assemblée plénière. (2) Le rapport de la commission permanente sur l'ensemble du projet ou de la proposition de loi est transmis aux députés au moins sept jours avant d'être débattu par l'Assemblée plénière. Toutefois, ces jours ne sont pas respectés en cas d'urgence. <u>Article 152: Adoption du rapport de la commission permanente en séance plénière</u> (1) Avant que l'Assemblée plénière ne procède au vote des articles qui composent un projet ou une proposition de loi examiné par la commission permanente, le bureau de la
---	---	--

Rusange mu magambo raporo ivunaguye igaragaza uko umushinga w'itegeko wasuzumwe muri Komisiyo, Inteko Rusange ikayemeza. (2) Iyo raporo ya Komisiyo ihoraho itemewe n'Inteko Rusange, impaka zirahagarara, Inteko Rusange ikayisubiza Komisiyo ihoraho kugira ngo iyinoze. (3) Iyo isanze bikenewe, Komisiyo ihoraho ishobora gutanga raporo y'inyongera mu gihe cyose yongeye gusuzuma umushinga w'itegeko, itegeko ryose ritaratorwa.	Committee shall orally present to the Plenary Assembly a summary report explaining how the draft law or the private member's bill has been examined by the Committee with a view to its adoption by the Plenary Assembly. (2) Where the Standing Committee report is not adopted by the Plenary Assembly, the debates are closed and the Plenary Assembly sends the report back to the Committee to improve it. (3) Where need be, the Standing Committee may submit an additional report on further consideration of a draft law or private member's bill that has not yet been adopted.	commission permanente présente oralement à l'Assemblée plénière un rapport sommaire faisant état de la façon dont ce projet ou cette proposition de loi a été examiné par la commission en vue de son adoption par l'Assemblée plénière. (2) Lorsque le rapport de la commission permanente n'est pas adopté par l'Assemblée plénière, les débats sont clos et l'Assemblée plénière le retourne à la commission pour l'améliorer. (3) En cas de besoin, la commission permanente peut présenter un rapport supplémentaire chaque fois qu'elle procède au réexamen d'un projet ou d'une proposition de loi en attente d'adoption.
<u>Ingingo ya 153: Impaka zigibwa ku mushinga w'itegeko mu Nteko Rusange</u> (1) Impaka zigibwa ku mushinga w'itegeko mu Nteko Rusange ziri ukubiri: impaka rusange n'impaka ku irangashingiro cyangwa ku ngingo. (2) Impaka rusange zigibwa igihe cyo gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko harebwa cyane cyane ko wubahirije ibiteganywa n'amategeko, politiki n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje.	<u>Article 153: Debates on a draft law or private member's bill in the plenary sitting</u> (1) Debates on a draft law or private member's bill in the plenary sitting are of two types: general debates and debates on the preamble or articles. (2) General debates are held during the consideration of the relevance of a draft law or private member's bill, especially with regard to its compliance with legal provisions, policies and international treaties that Rwanda has ratified.	<u>Article 153: Débats sur un projet ou une proposition de loi en séance plénière</u> (1) Les débats sur un projet ou une proposition de loi en séance plénière sont de deux ordres: les débats généraux et les débats sur le préambule ou les articles. (2) Les débats généraux ont lieu lors de l'examen d'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi notamment quant à sa conformité avec les dispositions légales, les politiques et les traités internationaux ratifiés par le Rwanda.

(3) Impaka ku irangashingiro cyangwa ku ngingo zigibwa gusa ku ngingo zakorewe ubugororangingo na Komisiyo ihoraho.	(3) Debates on the preamble or Articles are only held on articles that have been amended by the Standing Committee.	(3) Les débats sur le préambule ou les articles ne portent que sur les articles qui ont été amendés par la commission permanente.
(4) Ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo ihoraho ntibugibwaho impaka mu Nteko Rusange.	(4) Amendments or sub-amendments rejected by the Standing Committee are not subject to debates in the plenary sitting.	(4) Les amendements ou les sous-amendements ayant été rejetés par la commission permanente ne font pas l'objet de débats en séance plénière.
(5) Impaka ku irangashingiro cyangwa ku ngingo zigibwa hatangwa ubugororangingo bw'ireme. Iyo hatanzwe ubugororangingo bw'ireme, kandi bukeneye kongera kuganirwaho na Komisiyo ihoraho, Umudepite, Komisiyo ihoraho cyangwa uhagarariye umushinga w'itegeko bashobora gusaba ko ingingo isubizwa muri Komisiyo ihoraho, bikemezwa n'Inteko Rusange.	(5) Debates on the preamble or articles focus on substantive amendments. Where a substantive amendment proposed need to be debated at the committee level, a Deputy, a Standing Committee or the initiator of the draft law or private member's bill may request that an article be referred back to the Committee and the request is subject to the approval by the Plenary Assembly.	(5) Les débats sur le préambule ou les articles portent sur des amendements de fond. Lorsqu'un amendement de fond proposé doit être débattu en commission, un député, une commission permanente ou l'initiateur du projet ou de la proposition de loi peut demander qu'un article soit renvoyé en commission et la demande est soumise à l'approbation de l'Assemblée plénière.
(6) Mu gihe cy'impaka ku irangashingiro cyangwa ku ngingo, Umudepite ashobora gutanga ubugororangingo bw'imyandikire. Ubugororangingo butanzwe ntibugibwaho impaka, ntibunatorerwa.	(6) During debates on the preamble or articles, a Deputy may propose an technical amendment. The technical amendment so proposed is not subject to debate or voting.	(6) Au cours des débats sur le préambule ou les articles, un député peut proposer un amendement de forme. L'amendement de forme proposé ne fait pas l'objet de débats ni de vote.
(7) Igihe cyose Inteko Rusange itaratora itegeko ryose, Komisiyo ihoraho ishobora gusuzuma bundi bushya ingingo yatowe, igakora raporo y'inyongera ishyikirizwa Inteko Rusange kugira ngo iyemeze mbere yo kongera gutora iyo ingingo.	(7) As long as the Plenary Assembly has not yet adopted the entire bill, the Standing Committee may reconsider an article that has already been voted on and then makes an additional report that is transmitted to the Plenary Assembly for adoption prior to	(7) Tant que l'Assemblée plénière n'a pas encore adopté tout le projet ou la proposition de loi, la commission permanente peut réexaminer un article déjà voté et faire ensuite un rapport supplémentaire qui est transmis à l'Assemblée plénière pour

Ingingo ya 154: Uburyo bukurikizwa mu gutora irangashingiro n'ingingo by'umushinga w'itegeko byakorewe ubugororangingo (1) Irangashingiro ritorwa ukwaryo. Ingingo z'umushinga w'itegeko zitorwa imwe imwe hakurikijwe uko zikurikirana. icyakora, ingingo zitakorewe ubugororangingo zikurikiranye zitorerwa hamwe. (2) Mu gihe hemezwa umushinga w'itegeko uturutse muri Komisiyo ihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, ubugororangingo bwumvikanyweho muri Komisiyo ihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko kimwe n'ubwa Sena butorerwa hamwe hagakurikiraho ingingo zemejwe n'Umutwe w'Abadepite zitagorowe na Sena nazo zigatorerwa hamwe. Ingingo ya 155: Itorwa ry'ingingo z'umushinga w'itegeko n'iry'itegeko ryose (1) Irangashingiro n'ingingo by'umushinga	another vote on the same article. Article 154: Procedure for voting on the preamble and articles of a draft law or private member's bill having been subject to amendments (1) The preamble is voted on separately. Articles of a draft law or private member's bill are voted on one by one in consecutive order. However, consecutive unamended articles are voted on all at once. (2) During the adoption of a draft law or private member's bill from a joint committee of both Chambers of Parliament, the amendments adopted jointly by the joint committee of both Chambers of Parliament as well as the amendments of the Senate are adopted all at once. These are followed by the articles adopted by the Chamber of Deputies that have not been amended by the Senate, which are also adopted all at once. Article 155: Voting on the articles of a draft law or private member's bill and on the entire law (1) The Preamble and articles of the draft law or	adoption avant de procéder à un nouveau vote sur le même article. Article 154: Procédure de vote du préambule et des articles d'un projet ou d'une proposition de loi ayant fait l'objet d'amendements (1) Le préambule est voté séparément. Les articles d'un projet ou d'une proposition de loi sont votés un par un dans l'ordre consécutif. Toutefois, les articles consécutifs non amendés sont votés en bloc. (2) Lors de l'adoption d'un projet ou d'une proposition de loi provenant d'une commission paritaire des deux chambres du Parlement, les amendements adoptés conjointement en commission conjointe des deux chambres du Parlement ainsi les amendements du Sénat sont adoptés en bloc, suivis des articles adoptés par la chambre du Parlement et n'ayant pas été amendés par le Sénat, qui sont également adoptés en bloc. Article 155: Vote des articles d'un projet ou d'une proposition de loi et de l'ensemble de la loi (1) Le préambule et les articles d'un projet ou
---	---	--

w'itegeko bitorwa bitagombye gusomerwa Inteko Rusange. (2) Ingingo ibuze amajwi ya ngombwa iba ivuyemo. Icyakora, nyuma yo kubura amajwi ya ngombwa, Komisiyo yasuzumye umushinga w'itegeko, uwuhagarariye cyangwa Umudepite, babinyujije k'uyoboze inama y'Inteko Rusange, bashobora gusaba ko iyo ngingo isubizwa Komisiyo, bikemezwa n'Inteko Rusange. (3) Itegeko ryose ritorwa iyo habonetse ubwiganze bw'amajwi buteganywa n'Itegeko Nshinga. <u>Ingingo ya 156: Ikibazo kigaragaye mu itegeko ryamaze gutorwa</u> (1) Iyo umushinga w'itegeko wemejwe n'Inteko Rusange, Biro ya Komisiyo ihoraho yawusuzumye irawunoza hakurikijwe uko wemejwe mu Nteko Rusange, ikawoherereza Biro y'Umutwe w'Abadepite nayo ikagenzura ko wanogejwe neza. (2) Ikibazo cy'imyandikire kigaragaye itegeko ryamaze gutorwa gishyikirizwa Perezida wa Komisiyo ihoraho iyo itaratanga raporo y'uburyo yanogeye itegeko ryatowe. Iyo	private member's bill are voted on without being read out to the Plenary Assembly. (2) An article that does not receive the required number of votes is rejected. However, after failing to obtain the required number of votes, the Committee having considered the draft law or private member's bill, its sponsor or a Deputy, may, through the chair of the plenary sitting, request that the article be returned to the Committee upon adoption by the Plenary Assembly. (3) The entire law is adopted if it receives the majority vote provided for by the Constitution. <u>Article 156: Issue identified after adoption of a law</u> (1) When a draft law is adopted by the Plenary Assembly, the Bureau of the Standing Committee having considered it makes adjustments to it, taking into account the plenary sitting debates having resulted in its adoption, and then submits it to the Bureau of the Chamber of Deputies which checks if it has been appropriately adjusted. (2) An editorial issue identified after the law has been voted is referred to the Chairperson of the Standing Committee where the report on the cleaning up of the adopted law has not	d'une proposition de loi sont votés sans être lus à l'Assemblée plénière. (2) Un article qui n'obtient pas le nombre de voix requis est rejeté. Toutefois, à défaut d'avoir obtenu le nombre de voix requis, la commission ayant examiné le projet ou la proposition de loi, son parrain ou un député, à travers le président de séance plénière, peuvent demander que cet article soit renvoyé à la commission après adoption par l'Assemblée plénière. (3) L'ensemble d'une loi est adopté lorsqu'il obtient la majorité de voix prévue par la Constitution. <u>Article 156: Question identifiée après l'adoption d'une loi</u> (1) Lorsqu'un projet de loi est adopté par l'Assemblée plénière, le bureau de la commission permanente l'ayant examiné y apporte des ajustements en tenant compte des débats de la séance plénière ayant abouti à leur adoption et le transmet au Bureau de la Chambre des Députés qui vérifie s'il a été convenablement ajusté. (2) Une question de forme identifiée après l'adoption de la loi est renvoyée au Président de la commission permanente lorsque le rapport sur le nettoyage de la loi adoptée
---	---	---

ikibazo kigaragaye Komisiyo ihoraho yaramaze gutanga raporo, gishyikirizwa Biro y'Umutwe w'Abadepite. (3) Umudepite cyangwa urwego rwagize uruhare mu mushinga w'itegeko ubonye ikibazo cy'ireme mu itegeko ryamaze gutorwa ariko rikaba ritaroherezwa urundi rwego, agishyikiriza Biro y'Umutwe w'Abadepite. Iyo Biro y'Umutwe w'Abadepite isanze ikibazo gifite ishingiro, igishyikiriza Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro.	yet been transmitted. Where such an issue is identified after the report has already been transmitted, the issue is transmitted to the Bureau of the Chamber of Deputies. (3) Where a Deputy or such other organ having been part of the draft law or private member's bill identifies a substantive issue after the law has been adopted but before it is not yet transmitted to another organ, he or she refers the issue to the Bureau of the Chamber of Deputies. Where the Bureau of the Chamber of Deputies deems the issue admissible, it tables it before the plenary assembly for decision.	n'est pas encore transmis. Lorsqu'une telle question est identifiée après que le rapport ait déjà été transmis, il est soumis au Bureau de la Chambre des députés. (3) Lorsqu'un député ou tout autre organe ayant fait partie d'un projet ou d'une proposition de loi identifie une question de fond après que la loi a été votée mais avant qu'elle ne soit renvoyée à un autre organe, il renvoie la question au Bureau de la Chambre des députés. Lorsque le Bureau de la Chambre des Députés constate que la question est fondée, il la soumet à l'Assemblée plénière pour décision.
<u>Ingingo ya 157:</u> Gusaba gusubirana umushinga w'itegeko (1) Iyo uwatangije umushinga w'itegeko ashatse kuwusubirana Inteko Rusange itaremeza ishingiro ryawo awusaba mu nyandiko, Perezida w'Umutwe w'Abadepite akawumusubiza bikamenyeshwa Abadepite bese. (2) Iyo uwo mushinga w'itegeko wamaze kwemerezwa ishingiro cyangwa itegeko ryamaze gutorwa n'Inteko Rusange ariko ritarasabirwa gushyirwaho umukono, uwatangije awusaba mu nyandiko. Perezida w'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 157: Request for withdrawal of a draft law or private member's bill</u> (1) Where the initiator of a draft law or private member's bill wishes to withdraw a draft law or a private member's bill he or she initiated before the adoption of its relevance, the request is done in writing, the Speaker of the Chamber of Deputies returns it back to its initiator and informs all Deputies. (2) Where the relevance of a draft law or private member's bill has been adopted or in case the law has been adopted by the Plenary Assembly before it is submitted for promulgation, the initiator requests it in writing. The Speaker of the Chamber of	<u>Article 157: Demande de retrait d'un projet ou d'une proposition de loi</u> (1) Lorsque l'initiateur d'un projet ou d'une proposition de loi souhaite retirer un projet ou une proposition de loi qu'il a initiée avant l'adoption de son opportunité, la requête est faite par écrit, le Président de la Chambre des Députés le renvoie à l'initiateur et tous les députés en sont informés. (2) Lorsque l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi a été adoptée ou lorsque la loi a été adoptée par l'Assemblée plénière avant d'être soumise pour promulgation, l'initiateur en fait la demande par écrit. Le Président de la Chambre des Députés

asobanurira Inteko Rusange ubwo busabe, Inteko Rusange ikabufataho icyemezo binyuze mu matora itabanje kubujyaho impaka. (3) Iyo Inteko Rusange itemeye ubusabe bwo gusubiza umushinga w'itegeko cyangwa itegeko ryatowe, hakomeza inzira ziteganywa n'amategeko. <u>Ingingo ya 158: Gusubiza umushinga w'itegeko uwawutangije</u> (1) Bisabwe na Komisiyo ihoraho yasuzumye umushinga w'itegeko cyangwa Umudepite, Inteko Rusange ishobora gufata icyemezo cyo gusubiza umushinga w'itegeko uwawutangije. (2) Iyo umushinga w'itegeko udatowe n'Inteko Rusange, usubizwa uwawutangije. Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha mu nyandiko uwawutangije mu ncamake, impamvu yatumye Abadepite batawutora. <u>Ingingo ya 159: Iyoherezwa ry'imishinga y'amategeko yatowe n'Umutwe w'Abadepite</u> (1) Iyo umushinga w'itegeko umaze gutorwa n'Umutwe w'Abadepite uri mu bubasha	Deputies provides reasons for the request to the Plenary Assembly for it to take decision through the vote without debates. (3) Where the plenary assembly rejects the request for withdrawing a draft law or private member's bill or a voted law, the procedure provided by law shall follow. <u>Article 158: Referring a draft law or private member's bill back to its initiator</u> (1) At the request of the Committee having considered the draft law or private member's bill or of a Deputy, the Plenary Assembly may decide to refer the draft law or private member's bill back to its initiator. (2) Where a draft law or private member's bill is not adopted by the Plenary Assembly, it is referred back to the initiator. The Speaker of the Chamber of Deputies informs in writing its initiator, briefly specifying the reasons why the Deputies rejected it. <u>Article 159: Transmission of draft laws or private member's bills adopted by the Chamber of Deputies</u> (1) Where a draft law or private member's bill adopted by the Chamber of Deputies falls	explique sa demande à l'Assemblée plénière pour qu'elle se prononce par vote sans débats. (3) Lorsque l'assemblée plénière rejette la demande de retrait d'un projet ou d'une proposition de loi ou d'une loi votée, la procédure prévue par la loi s'ensuit. <u>Article 158: Renvoi d'un projet ou d'une proposition de loi à son initiateur</u> (1) Sur demande de la commission ayant examiné le projet ou la proposition de loi ou d'un député, l'Assemblée plénière peut décider de retourner un projet ou une proposition de loi à son initiateur. (2) Si un projet ou une proposition de loi n'est pas adopté par l'Assemblée plénière, il est renvoyé à l'initiateur. Le Président de la Chambre des Députés en informe par écrit l'initiateur, en lui précisant brièvement les raisons pour lesquelles les députés l'ont rejeté. <u>Article 159: Transmission des projets ou propositions de loi adoptés par la Chambre des Députés</u> (1) Lorsqu'un projet ou une proposition de loi adopté par la Chambre des Députés relève
--	--	---

bwa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite awoherereza Perezida wa Sena uherekejwe n'isobanurampamvu n'inyandiko ivunaguye y'inama y'Inteko Rusange yawutoye kugira ngo usuzumwe, akagera kopi Perezida wa Repubulika, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. (2) Iyo itegeko ryatowe ritari mu bubasha bwa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite awoherereza Perezida wa Repubulika kugira ngo rishyirweho umukono mbere y'uko ritangazwa, akagera kopi Perezida wa Sena, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. <u>Ingingo ya 160:</u> Gushyingura inyandiko mvugo n'inyandiko ivunaguye z'itegeko ryasabiwe gutangazwa Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite akurikirana uko inyandiko mvugo n'inyandiko ivunaguye z'inama y'Inteko Rusange ku itegeko ryasabiwe gutangazwa bishyirwa mu bubiko bw'inyandiko z'Umutwe w'Abadepite, zishyingurwa hakurikijwe amategeko abigenga.	within the competence of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies transmits it to the President of the Senate along with an explanatory note and minutes of the plenary sitting that voted on it for consideration, with a copy to the President of the Republic, the President of the Supreme Court and the Prime Minister. (2) Where a law adopted by the Chamber of Deputies does not falls within the competence of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies transmits it to the President of the Republic for promulgation, with a copy to the President of the Senate, the President of the Supreme Court and the Prime Minister. <u>Article 160:</u> Archiving of minutes and verbatim reports for a law transmitted for publication The Clerk of the Chamber of Deputies follows up on the filing in the archives of the Chamber of Deputies of the Hansard transcripts and minutes of the plenary sitting on the law transmitted for promulgation in accordance with relevant laws.	de la compétence du Sénat, le Président de la Chambre des Députés le transmet au Président du Sénat avec un exposé des motifs et un compte-rendu de la séance plénière qui l'a voté pour examen et en réserve une copie au Président de la République, au Président de la Cour Suprême et au Premier Ministre. (2) Lorsqu'une loi votée n'est pas de la compétence du Sénat, le Président de la Chambre des Députés la transmet au Président de la République pour promulgation et en réserve une copie au Président du Sénat, au Président de la Cour Suprême et au Premier Ministre. <u>Article 160:</u> Archivage des procès-verbaux et comptes rendus d'une loi transmise pour publication Le Secrétaire général de la Chambre des Députés fait le suivi de la conservation aux archives de la Chambre des Députés des procès-verbaux et comptes rendus de la séance plénière sur une loi transmise pour promulgation, conformément aux lois en la matière.
--	---	--

<u>Ingingoya 161:</u> Gukurikirana ko itegeko ryatangajwe rihuye n'iryatowe n'Inteko Rusange Iyo itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, Umunyamabanga Mukuru Wungirije w'Umutwe w'Abadepite akurikirana ko rihuye neza n'iryatowe n'Inteko Rusange agashyikiriza raporo Biro y'Umutwe w'Abadepite mu gihe kitarenze iminsi 15 ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Iyo itegeko ryatangajwe rinyuranyije n'iryatowe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite abimenyesha abo bireba rigakosorwa. <u>Ingingo ya 162:</u> Gusubiramo itegeko bisabwe na Perezida wa Repubulika (1) Iyo Perezida wa Repubulika asabye ko itegeko ryatowe risubirwamo, Biro y'Umutwe w'Abadepite yemeza Komisiyo ihoraho itegurira Inteko Rusange umwanzuro bikamenyeshwa Abadepite bose. (2) Mu gihe Komisiyo ihoraho isuzuma itegeko ryasabiwe gusubirwamo, yita ku ngingo zose zatuma rinozwa. Raporo ya Komisiyo ihoraho kuri iryo tegeko ishyikirizwa Biro y'Umutwe w'Abadepite kugira ngo ishyirwe kuri gahunda y'Inteko Rusange.	<u>Article 161:</u> Ensuring conformity of a published law with the version voted by the Plenary Assembly Where a law is published in the Official Gazette, of the Republic of Rwanda, the Deputy Clerk of the Chamber of Deputies ensures that it conforms to the version voted by the Plenary Assembly and transmits a report to the Bureau of the Chamber of Deputies within 15 days of publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. If a published law is in conflict with the one that was voted on, the President of the Chamber of Deputies informs the concerned parties and it is rectified. <u>Article 162:</u> Second reading of a law at the request of the President of the Republic (1) Where the President of the Republic requests a second reading of a law which was voted on, the Bureau of the Chamber of Deputies decides which Standing Committee will draft a recommendation for the Plenary Assembly and notifies all Deputies. (2) Where the Standing Committee is considering the law under the second reading, it takes into account all articles with a view to improving the quality of the law. The report of the Standing Committee on the law is transmitted to the Bureau of the	<u>Article 161:</u> S'assurer qu'une loi publiée est conforme à celle votée par l'Assemblée plénière Lorsqu'une loi est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda, le Secrétaire général adjoint de la Chambre des Députés s'assure qu'elle est conforme à celle adoptée par l'Assemblée plénière et fait rapport au Bureau de la Chambre des Députés dans les 15 jours suivant sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Si une loi publiée est en contradiction avec celle qui a été votée, le Président de la Chambre des Députés en informe les parties concernées pour correction. <u>Article 162:</u> Deuxième lecture d'une loi à la demande du Président de la République (1) Lorsque le Président de la République demande une deuxième lecture d'une loi votée, le Bureau de la Chambre des Députés désigne la commission permanente qui élabore une recommandation pour l'Assemblée plénière et en informe tous les députés. (2) Lorsque la commission permanente examine une loi dont la deuxième lecture a été demandée, elle tient compte de tous les articles en vue d'améliorer la qualité de la loi. Le rapport de la commission permanente sur l'examen de la loi est transmis au Bureau
---	--	---

	Chamber of Deputies in order to be included on the Plenary Assembly's agenda.	de la Chambre des Députés en vue de son inscription à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière.
(3) Iyo Inteko Rusange yemeza raporo ku isuzumwa ry'itegeko ryasabiwe gusubirwamo, impaka zigibwa ku ngingo zakorewe ubugororangingo, izongewemo cyangwa izavanywemo na Komisiyo ihoraho. Mu kwemeza itegeko, ingingo zitakorewe ubugororangingo na Komisiyo ihoraho zitorerwa hamwe zitagiweho impaka.	(3) Where the Plenary Assembly is adopting the report on the consideration of a law under the second reading, debates are held on articles amended, added or removed by the Standing Committee. During the adoption of the law, articles that have not been amended by the Standing Committee are adopted all at once without debates.	(3) Lorsque l'Assemblée plénière délibère sur le rapport sur l'examen de la loi dont la deuxième lecture a été demandée, les débats portent sur les articles modifiés, ajoutés ou supprimés par la commission permanente. Lors de l'adoption d'une loi, les articles qui n'ont pas été modifiés par la commission permanente sont adoptés en bloc sans débat.
(4) Iyo itegeko ryasabiwe gusubirwamo riri mu bubasha bwa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite aryohereza Perezida wa Sena riherekewe n'inyandiko ivunaguye y'Inteko Rusange kugira ngo Sena irisuzume, akagenera kopi Perezida wa Repubulika, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe.	(4) Where a law subject to second reading falls under the competence of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies transmits it to the President of the Senate along with minutes of the Plenary Assembly for consideration by the Senate, with a copy to the President of the Republic, the President of the Supreme Court and the Prime Minister.	(4) Lorsqu'une loi dont la deuxième lecture a été demandée relève de la compétence du Sénat, le Président de la Chambre des Députés la transmet au Président du Sénat accompagnée du compte-rendu de l'Assemblée plénière pour son examen par le Sénat et en réserve une copie au Président de la République, au Président de la Cour Suprême et au Premier Ministre.
(5) Iyo nta bugororangingo Sena yakoze muri iryo tegeko, Perezida w'Umutwe w'Abadepite aryohereza Perezida wa Repubulika kugira ngo rishyirweho umukono kandi ritangazwe. Mu gihe hari ubugororangingo bwakozwe na Sena, itegeko risubizwa Komisiyo ihoraho y'Umutwe w'Abadepite yarisuzumye kugira ngo isuzume ubwo bugororangingo.	(5) Where no amendments were operated by the Senate, the law is transmitted to the President of the Republic for promulgation and publication. Where amendments have been operated by the Senate, the law is referred back to the Standing Committee that considered it to consider such amendments.	(5) Lorsqu'aucun amendement n'a été apporté par le Sénat, la loi est transmise au Président de la République pour promulgation et publication. Lorsque des amendements ont été apportés par le Sénat, la loi est renvoyée à la commission permanente qui l'a initialement examinée pour examen de ces amendements.

(6) Ubugororangingo bwemewe na Komisiyo ihoraho yarisuzumye bwemezwa n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite butagiweho impaka. Iyo Komisiyo ihoraho y'Umutwe w'Abadepite itemeye ubugororangingo bwakozwe na Sena, hakurikizwa ingingo z'iri tegeko ngenga zerekeye Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko. <u>Ingingo ya 163: Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ritangijwe n'Umutwe w'Abadepite</u> (1) Iyo gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga bikozwe n'Umutwe w'Abadepite byemezwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite. (2) Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryemerejwe ishingiro risuzumwa n'Inama y'Abaperezida. (3) Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryemezwa ritowe ku bwiganze bwa bitatu bya kane by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite. (4) Iyo Umutwe w'Abadepite umaze kwemeza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga, ryoherezwa Sena kugira ngo na yo irisuzume.	(6) The amendments approved by the Standing Committee that considered it are adopted by the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies without debates. Where the Standing Committee does not approve the amendments made by the Senate, the provisions of this Organic Law relating to the joint committee apply. <u>Article 163: Initiating the revision of the Constitution by the Chamber of Deputies</u> (1) Where initiating the revision of the Constitution is carried out by the Chamber of Deputies, it is adopted by a two-thirds majority vote of the members of the Chamber of Deputies. (2) The revision of the Constitution whose relevance has been adopted is considered by the Conference of Chairpersons. (3) The revision of the Constitution requires a three-quarters majority vote of the members of the Chamber of Deputies. (4) Where the Chamber of Deputies adopts the revision of the Constitution, it is transmitted to the Senate for consideration.	(6) Les amendements approuvés par la commission permanente qui l'a examinée sont adoptés par l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés sans débat. Lorsque la commission permanente de la Chambre des Députés n'approuve pas les amendements apportés par le Sénat, les dispositions de la présente loi organique relatives à la commission paritaire s'appliquent. <u>Article 163: Initiation de la révision de la Constitution par la Chambre des Députés</u> (1) Lorsque la révision de la Constitution est initiée par la Chambre des députés, elle est adoptée à la majorité des deux tiers des membres de la Chambre des Députés. (2) La révision de la Constitution dont l'opportunité a été adoptée est examinée par la Conférence des Présidents. (3) La révision de la Constitution n'est acquise que par un vote à la majorité des trois quarts des membres de la Chambre des Députés. (4) Lorsque la Chambre des Députés adopte la révision de la Constitution, elle est transmise au Sénat pour examen.
--	--	--

<u>Icyiciro cya 4:</u> Gusuzuma umushinga w'itegeko wihutirwa <u>Ingingo ya 164:</u> Gusaba ko umushinga w'itegeko usuzumwa ku buryo bwihuse (1) Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 144 y'iri tegeko ngenga, mu gihe byihutirwa, bisabwe na Guverinoma cyangwa Umudepite, bikemezwa n'Inteko Rusange, ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ibiri ku murongo w'ibygwa, ibyo guhindura inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kubahiriza igihe, ntizikurikizwa. (2) Iyo Umudepite asabye ko umushinga w'itegeko usuzumwa ku buryo bwihutirwa, Umutwe w'Abadepite ubifatira icyemezo ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'Abadepite bateraniye mu Nteko Rusange. Iyo bisabwe n'uhagarariye Guverinoma biremerwa iyo hari impamvu zumvikana. (3) Iyo byemejwe ko umushinga w'itegeko usuzumwa ku buryo bwihutirwa, kuwusuzuma biza mbere ku murongo w'ibygwa w'urwego rw'Umutwe w'Abadepite ruwusuzuma.	<u>Section 4:</u> Expedited procedure for the consideration of a draft law or private member's bill <u>Article 164:</u> Request for an expedited consideration of a draft law or private member's bill (1) Subject to the provisions of Article 144 of this Organic Law, in case of an expedited consideration requested by the Cabinet or a Deputy and upon approval by the Plenary Assembly, the provisions of this Organic Law which relate to the agenda, translation or compliance with time limits do not apply. (2) Where a Deputy requests an expedited consideration of a draft law or private member's bill, the Chamber of Deputies decides thereon by a two-thirds majority vote of Deputies present in the plenary sitting. Upon request by a member of Cabinet, it is granted if there are valid reasons. (3) When a request for an accelerated procedure is granted for the examination of a draft law or a private member's bill, its examination shall have priority on the agenda of the Chamber of Deputies' organ responsible for examining it.	<u>Section 4:</u> Procédure accélérée pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi <u>Article 164:</u> Demande de procédure accélérée pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi (1) Sous réserve des dispositions de l'article 144 de la présente loi organique, en cas de procédure accélérée demandée par le Gouvernement ou d'un député, et après approbation de l'Assemblée plénière, les dispositions de la présente loi organique relatives à l'ordre du jour, à la traduction ou au respect des délais ne sont pas applicables. (2) Lorsqu'un député demande la procédure accélérée pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi, la Chambre des Députés s'y prononce à la majorité des deux tiers des députés présents en séance plénière. À la demande d'un membre du Gouvernement, elle est accordée s'il existe des raisons valables. (3) Lorsqu'une demande de procédure accélérée est accordée pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi, son examen est prioritaire sur l'ordre du jour de l'organe de la Chambre des Députés chargé de l'examiner.
--	--	--

<u>Ingingo ya 165:</u> Gusuzuma no kwemeza umushinga w'itegeko utanyuze muri Komisiyo ihoraho (1) Mu gihe cyo gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, bisabwe n'uhagarariye Guverinoma cyangwa Umudepite, Inteko Rusange, ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'amajwi y'abitabiriye inama, yemeza ko uwo mushinga w'itegeko uhita usuzumwa ukanemerezwa mu Nteko Rusange utagombye kunyuzwa muri Komisiyo ihoraho. (2) Muri icyo gihe, ubugororangingo bw'ireme n'ubw'imyandikire butangirwa mu Nteko Rusange kandi uhagarariye Guverinoma cyangwa Umudepite watangije umushinga w'itegeko ni we uwuhagararira mu Nteko Rusange.	<u>Article 165:</u> Consideration of a draft law or a private member's bill without passing through the Standing Committee (1) Where the relevance of a draft law or a private member's bill is under consideration, at the request of a Cabinet representative or a Deputy, the Plenary Assembly, after approval by a three-fifths majority vote of members present at the sitting, decides to immediately consider and adopt the draft law or private member's bill in the plenary sitting without requiring it to go through the Standing Committee. (2) In that case, substantive and editorial amendments are proposed in the plenary sitting and the Cabinet representative or the Deputy having initiated the bill defends it before the Plenary Assembly.	<u>Article 165:</u> Examen d'un projet ou d'une proposition de loi sans passer par la commission permanente (1) Lors de l'examen d'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi, à la demande d'un représentant du Gouvernement ou d'un député et sur l'approbation de la majorité des trois cinquièmes des membres présents, l'Assemblée plénière décide d'examiner immédiatement et d'adopter le projet ou la proposition de loi en séance plénière sans les faire passer par la commission permanente. (2) Dans ce cas, les amendements de fond et de forme sont proposés en séance plénière et le représentant du Gouvernement ou le député ayant initié le projet ou la proposition de loi les défend devant l'Assemblée plénière.
<u>Iciviro cya 5:</u> Iyemezwa ry'itegeko-teka <u>Ingingo ya 166:</u> Itegurwa n'iyemezwa ry'itegeko ryemeza itegeko-teka Itegurwa n'iyemezwa ry'itegeko ryemeza itegeko-teka bikurikiza uburyo bukoreshwa mu gutegura no kwemeza umushinga w'itegeko risanzwe buteganywa n'iri tegeko ngenga.	<u>Section 5:</u> Confirmation of a decree-law <u>Article 166:</u> Drafting and adoption of a law confirming a decree-law Drafting and adoption of a law confirming a decree-law follow the same procedure as that used for an ordinary draft law or private member's bill as provided for by this Organic Law.	<u>Section 5:</u> Confirmation d'un décret-loi <u>Article 166:</u> Rédaction et adoption d'une loi portant confirmation d'un décret-loi La rédaction et l'adoption d'une loi portant confirmation d'un décret-loi se font suivant la procédure suivie pour un projet ou une proposition de loi ordinaire prévue par la présente loi organique.

UMUTWE WA VI: UBUTUMWA BW'ABADEPITE IMBERE MU GIHUGU CYANGWA MU MAHANGA Icyiciro cya mbere: Ubutumwa bw'Abadepite imbere mu Gihugu <u>Ingingo ya 167: Gusura abaturage</u> (1) Buri Mudepite afite inshingano yo gusura abaturage kugira ngo amenye ibyiza bibakorerwa n'ibyo bigezaho kandi anamenye ibibazo bafite. (2) Gusura abaturage bikorwa binyuze muri za Komisiyo, mu mahuriro y'Abadepite biteganyijwe muri iri tegeko ngenga, cyangwa bigakorwa n'Umudepite ku giti cye. (3) Umudepite ashobora kwitabira inama zibereye ku nzego z'imitegekere y'Igihugu n'izindi yatumirwamo. Muri izo nama Umudepite atanga ibitekerezo ariko ntatora. (4) Umudepite wifuza gusura abaturage, iyo bishoboka yemererwa gusura abaturage nibura iminsi ibiri mu gihembwe.	CHAPTER VI: MISSION OF DEPUTIES INSIDE THE COUNTRY OR ABROAD <u>Section One: Mission of Deputies inside the Country</u> <u>Article 167: Visits to the population</u> (1) Each Deputy has the duty to visit the population in order to learn about good actions being implemented for their benefit and their own accomplishments and to hear their concerns. (2) Such visits are conducted through committees, through forums or networks of Deputies provided for in this Organic Law or by a Deputy as an individual. (3) A Deputy may attend meetings organised in the Country's administrative entities and those to which he or she can be invited. During such meetings, a Deputy gives his or her opinion but with no voting right. (4) A Deputy wishing to visit the population, if possible, is granted at least two days per session for him or her to visit the population.	CHAPITRE VI: MISSION DES DÉPUTÉS À L'INTÉRIEUR DU PAYS OU À L'ÉTRANGER <u>Section première: Mission des députés à l'intérieur du pays</u> <u>Article 167: Visites à la population</u> (1) Chaque député a le devoir de rendre visite à la population pour prendre connaissance de bonnes actions réalisées en sa faveur et de ses propres réalisations ainsi que de leurs préoccupations. (2) Ces visites s'effectuent à travers les commissions, à travers les forums ou réseaux de députés prévus par la présente loi organique ou par un député à titre individuel. (3) Un député peut assister aux réunions organisées au niveau des entités administratives du Pays et à celles auxquelles il peut être invité. Lors de ces réunions, un député donne son avis mais sans droit de vote. (4) Un député qui souhaite rendre visite à la population est accordé au moins deux jours par session, si possible, pour rendre visite à la population.
--	--	---

(5) Umudepite wifuza gusura abaturage yuzuzwa ifishi yabugenewe ishyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite mbere y'iminsi itatu y'urugendo iyo bishoboka. Iyo fishi igaragaza aho yifuza kujya, impamvu n'inyungu y'urugendo ku baturage basurwa no ku Mutwe w'Abadepite. Biro y'Umutwe w'Abadepite ifata icyemezo kuri ubwo busabe.	(5) A Deputy who wishes to visit the population fills in an appropriate form and submits it to the Speaker of the Chamber of Deputies three days before the date of the visit, if possible. The form specifies the place he or she wishes to visit, reasons for his or her visit and its importance for the population to be visited and for the Chamber of Deputies. The Bureau of the Chamber of Deputies decides on such a request.	(5) Un député qui désire rendre visite à la population remplit le formulaire prévu à cet effet et le soumet au Président de la Chambre des Députés trois jours avant la date de la visite, si possible. Le formulaire indique le lieu qu'il souhaite visiter, les raisons de sa visite, l'intérêt que cette dernière présente pour la population à visiter et pour la Chambre des Députés. Le Bureau de la Chambre des Députés statue sur cette demande.
(6) Abadepite bese bakora ingendo rusange zo gusura abaturage nibura rimwe mu mwaka. Inama y'Abaperezida itegurira Inteko Rusange gahunda y'ingendo n'ibikorwa.	(6) All Deputies conduct collective visits to the population at least once a year. The Conference of Chairpersons prepares the visit and activity schedule for the Plenary Assembly.	(6) Tous les députés effectuent des visites collectives à la population au moins une fois par an. La Conférence des Présidents prépare le calendrier de visites et d'activités pour l'Assemblée plénière.
(7) Mu gihe cy'ingendo z'itsinda ry'Abadepite cyangwa Abadepite bemerewe gukorera ingendo ahantu hamwe, Biro y'Umutwe w'Abadepite igena umuyobozi w'itsinda.	(7) When a group of Deputies or Deputies are authorized to visit the same place, the Bureau of Chamber of Deputies designates the team leader.	(7) Lorsqu'un groupe de députés ou des députés sont autorisés à visiter un même lieu, le Bureau de la Chambre des Députés désigne le chef d'équipe.
(8) Kugira ngo gusura abaturage bigende neza, Umutwe w'Abadepite ubimenyesha inzego bireba.	(8) To ensure the smooth conduct of visits to the population, the Chamber of Deputies informs the concerned organs of such visits.	(8) Pour le bon déroulement des visites à la population, la Chambre des Députés en informe les organes concernés.
(9) Igihe Umudepite agiye mu butumwa bw'Inteko Ishinga Amategeko imbere mu Gihugu, ibimugenerwa abihabwa hakurikijwe amategeko abigenga.	(9) During an official mission inside the country, his or her mission allowances are granted in accordance with relevant laws.	(9) Lors de la mission officielle à l'intérieur du pays d'un député, les indemnités de mission sont accordées conformément à la législation en la matière.

<u>Ingingo ya 168:</u> Raporo z'ubutumwa bw'Abadepite (1) Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite bavuye mu butumwa imbere mu Gihugu bakora raporo y'ubutumwa igashyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu gihe kitarenze iminsi umunani y'akazi uhareye igihe barangirije ubutumwa. (2) Mu gihe Abadepite bavuye mu ngendo rusange, Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinze amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma akurikirana ihuzwa ry'ibyavuye mu ngendo, raporo igashyikirizwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu gihe kitarenze iminsi 30. (3) Incamake ya raporo ivugwa mu gika cya (2) cy'yi ngingo igezwa ku Nteko Rusange mu magambo na Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinze amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, igafatwaho imyanzuro ishyingirizwa Minisitiri w'Intebe.	<u>Article 168:</u> Deputies' mission reports (1) A Deputy or a group of Deputies returning from a mission conducted inside the Country, prepare a mission report which is submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies within eight working days of the end of the mission. (2) When Deputies return from a collective mission, the Deputy Speaker in charge of Parliamentary Affairs monitors the compilation of the findings of the visits, and a report thereon is submitted to the Speaker of the Chamber of Deputies within 30 days. (3) The summary of the report referred to in Paragraph (2) of this Article is presented orally by the Vice-President in charge of parliamentary affairs to the Plenary Assembly, which draws up resolutions to be submitted to the Prime Minister.	<u>Article 168:</u> Rapports de mission des députés (1) Un député ou un groupe de députés qui rentre d'une mission effectuée à l'intérieur du pays fait un rapport de mission adressé au président de la Chambre des Députés dans les huit jours ouvrables à compter de la fin de la mission. (2) Lorsque les députés rentrent d'une mission collective, le vice-président chargé des affaires parlementaires assure la compilation des données collectées issues des visites, et un rapport y relatif est transmis au président de la Chambre des Députés dans les 30 jours. (3) Le résumé du rapport visé au Paragraphe (2) du présent article est présenté oralement par le vice-président chargé des affaires parlementaires à l'Assemblée plénière qui formule des résolutions à soumettre au Premier Ministre.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubutumwa bw'Abadepite mu mahanga <u>Ingingo ya 169:</u> Kwemeza Abadepite bajya mu butumwa mu mahanga (1) Biro y'Umutwe w'Abadepite ni yo igena	<u>Section 2:</u> Mission of Deputies abroad <u>Article 169:</u> Designation of Deputies going on a mission abroad (1) The Bureau of the Chamber of Deputies	<u>Section 2:</u> Mission des députés à l'étranger <u>Article 169:</u> Désignation des députés partant en mission à l'étranger (1) Le Bureau de la Chambre des Députés

Abadepite baja mu butumwa mu mahanga. (2) Mu gihe ubutumwa buhuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko igena abawuhagararira. (3) Iyo abagiye mu butumwa barenze umwe, Biro y'Umutwe w'Abadepite igena uyoboye itsinda. Iyo ari ubutumwa buhuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zigena uyoboye itsinda. <u>Ingingo ya 170:</u> Urwandiko rw'ubutumwa ruhabwa Umudepite ugiye mu butumwa mu mahanga Igihe Umudepite agiye mu butumwa mu mahanga, yitwaza urwandiko rw'ubutumwa rutangwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa n'urundi rwego rubifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 171:</u> Raporo y'ubutumwa mu mahanga (1) Umudepite uvuye mu butumwa mu mahanga cyangwa wabwitabiriye hakoreshejwe uburyo bw'ikorabuhanga ashyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa urundi rwego	designates Deputies to go on a mission abroad. (2) In the case of a joint mission of both Chambers of Parliament, the Bureau of each Chamber of Parliament designates its representatives. (3) If several Deputies go on a mission, the Bureau of the Chamber of Deputies appoints a Head of Delegation. If it is a joint mission of both Chambers of Parliament, the Bureaus of both Chambers of Parliament appoint a Head of Delegation. <u>Article 170:</u> Travel clearance issued to a Deputy going on a mission abroad When a Deputy goes on a mission abroad, he or she carries with him or her a travel clearance issued by the Speaker of the Chamber of Deputies or by any other competent organ. <u>Article 171:</u> Mission abroad report (1) A Deputy who returns from a mission abroad or who attended a virtual meeting hosted in a foreign country submits his/her mission report to the Speaker of the Chamber of Deputies or any other	désigne les députés devant partir en mission à l'étranger. (2) En cas d'une mission conjointe des deux chambres du Parlement, le Bureau de chaque chambre du Parlement désigne ses représentants. (3) Si plusieurs députés partent en mission, le Bureau de la Chambre des Députés désigne un chef de délégation. S'il s'agit d'une mission conjointe des deux chambres du Parlement, les Bureaux des deux chambres du Parlement désignent un chef de délégation. <u>Article 170:</u> Ordre de mission délivré à un député qui part en mission à l'étranger Lorsqu'un député part en mission à l'étranger, il se munit d'un ordre de mission délivré par le Président de la Chambre des Députés ou un autre organe habilité. <u>Article 171:</u> Rapport d'une mission à l'étranger (1) Un député qui rentre d'une mission à l'étranger ou qui a participé à une réunion virtuelle organisée à l'étranger soumet son rapport de mission au Président de la Chambre des Députés ou à un autre organe
---	---	--

rubifitiye ububasha raporo y'ubutumwa mu gihe cy'iminsi umunani y'akazi uherye igihe agereye mu Gihugu cyangwa igihe inama yakozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga yarangiriye.	competent organ within eight working days of his/her return to the country or the end of the virtual meeting.	habilité dans les huit jours ouvrables à compter de son retour au pays ou de la fin de la réunion virtuelle.
(2) Perezida w'Umutwe w'Abadepite yohereza Komisiyo ibifite mu nshingano akamenyesha Abadepite bose, raporo y'ubutumwa kugira ngo itegurire Inteko Rusange umushinga w'imyanzuro. Iyo nta cyemezo cy'Inteko Rusange gikenewe, Komisiyo ibigaragariza Biro y'Umutwe w'Abadepite ikabifataho icyemezo. Umudepite ubonye muri raporo y'ubutumwa ikibazo gikeneye gusuzumwa n'Inteko Rusange, akigeza kuri Komisiyo yahawe kuyisuzuma.	(2) The Speaker of the Chamber of Deputies submits the mission report to the relevant Committee, with a copy to all Deputies, with a view to preparing draft resolutions for the Plenary Assembly. When no decision of the Plenary Assembly is required, the Committee reports the matter to the Bureau of the Chamber of Deputies for decision. A Deputy who notices in a mission report an issue that needs to be considered by the Plenary Assembly submits it to the Committee which has been tasked to examine the report.	(2) Le Président de la Chambre des Députés transmet le rapport de mission à la commission compétente et réserve une copie à tous les députés, en vue de préparer un projet de résolutions à l'intention de l'Assemblée plénière. Lorsqu'aucune décision de l'Assemblée plénière n'est requise, la commission le signale au Bureau de la Chambre des Députés pour décision. Un député qui constate dans un rapport de mission un point qui doit être examiné par l'Assemblée plénière le soumet à la commission qui a été chargée d'examiner le rapport.
(3) Biro y'Umutwe w'Abadepite igena raporo z'ubutumwa zigezwa ku Nteko Rusange mu magambo.	(3) The Bureau of the Chamber of Deputies determines mission reports to be tabled orally before the Plenary Assembly.	(3) Le Bureau de la Chambre des Députés détermine les rapports de mission à présenter oralement à l'Assemblée plénière.
UMUTWE WA VII: IMIRIMO ITABANGIKANYWA N'UW'UBUDEPITE	CHAPTER VII: OFFICES INCOMPATIBLE WITH THE OFFICE OF DEPUTY	CHAPITRE VII: FONCTIONS INCOMPATIBLES AVEC LA FONCTION DE DÉPUTÉ
<u>Ingingo ya 172:</u> Imirimo itabangikanywa n'uw'Ubudepite	<u>Article 172:</u> Offices incompatible with the office of Deputy	<u>Article 172:</u> Fonctions incompatibles avec la fonction de député
(1) Imirimo itabangikanywa n'uw'Ubudepite ni	(1) Offices incompatible with the office of	(1) Les fonctions incompatibles avec la fonction

iyi kuba: (a) Perezida wa Repubulika; (b) umwe mu bagize Guverinoma; (c) Umusenateri; (d) umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akagari, iy'Umurenge, iy'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali; (e) Guverineri w'Intara; (f) umukozi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abatwaga; (g) umucamanza; (h) umushinjacyaha; (i) umugenzacyaha; (j) umwe mu bagize Komisiyo z'igihugu n'inzego zihariye ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa izindi zashyirwaho n'itegeko; (k) umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi mu kigo cya Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo	Deputy are those of being: (a) the President of the Republic; (b) a Cabinet member; (c) a Senator; (d) a member of the Village Executive Committee, a member of the Cell Council, the Sector Council, the District Council or Kigali City Council; (e) a Governor of the Province; (f) a staff member of decentralized administrative entities; (g) a Judge; (h) a Prosecutor; (i) an investigator; (j) a member of one of the national commissions or specific organs provided for by the Constitution or other organs that may be set up by law; (k) a member of the board of directors in a public institution or a body in which the State is a shareholder or an auditor of	de député sont celles de: (a) Président de la République; (b) membre du Gouvernement; (c) sénateur; (d) membre du Comité exécutif de village, du Conseil de cellule, du Conseil de secteur, du Conseil de district ou du Conseil de la Ville de Kigali; (e) Gouverneur de Province; (f) agent dans les entités administratives décentralisées; (g) magistrat ; (h) officier de poursuite judiciaire; (i) enquêteur; (j) membre d'une des commissions nationales ou d'un des organes particuliers prévus par la Constitution ou d'autres organes qui peuvent être mis en place par la loi; (k) membre du Conseil d'administration d'un établissement public ou celui dans lequel l'État est actionnaire ou de
---	--	--

imigabane, cyangwa umugenzuzi w'imari w'icyo kigo;	such a body;	commissaire aux comptes d'un tel établissement;
(l) umuyobozi w'ikigo cy'ubucuruza cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yacyo;	(l) a director of a company or a member of its board of directors;	(l) directeur d'une entreprise commerciale ou membre de son Conseil d'administration;
(m)umukozi wa Leta cyangwa umukozi wo mu kigo cya Leta;	(m)a civil servant or an employee in a public institution;	(m) agent de l'État ou d'un établissement public;
(n) umukozi ugengwa n'amasezerano y'umurimo;	(n) a contractual employee;	(n) agent sous-contrat;
(o) umwe mu bagize inzego zishinzwe amatora;	(o) a member of electoral organs;	(o) membre des organes en charge des élections;
(p) mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda, mu rwego rw'Igihugu rushinzwe iperereza n'umutekano, mu Rwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora cyangwa Urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano;	(p) a member of Rwanda Defence Force, Rwanda National Police, the National Intelligence and Security Service, the Rwanda Correctional Service or the District Administration Security Support Organ;	(p) membre des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale du Rwanda ou du Service National de Renseignements et de Sécurité, du Service Correctionnel du Rwanda ou de l'organe d'appui à l'administration du District pour le maintien de la sécurité;
(q) mu nzego z'ubuyobozi bw'amashyirahamwe, imiryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiyeye ku idini, uretse imiryango ishingwa n'Abadepite igamije kubafasha kurangiza neza inshingano zabo;	(q) a member of the leadership of associations, national non-governmental organizations as well as faith-based organisations, except those founded by Deputies for them to smoothly deliver mission;	(q) membre de l'administration des associations, des organisations nationales non-gouvernementales ainsi que des organisations religieuses à l'exception de celles fondées par les députés pour le bon accomplissement de leur mission;
(r) mu rugaga rw'abahesha b'inkiko	(r) a member of the Professional Bailiffs	(r) membre du Corps des huissiers de

b'umwuga cyangwa mu bakora umurimo w'ubunoteri. (2) Umudepite ukora umwuga wa Avoka ntashobora kuburana ubwe imanza izo ari zo zose. Ibiro bye byemerewe kuburana imanza uretse izo Leta iregamo cyangwa iregwamo. <u>Ingingo ya 173: Kwegura ku murimo utabangikanywa n'uw'ubudepite</u> Uretse imirimo ivugwa mu gika cya (1)(g)(h)(i)(p) cy'ingingo ya 172 y'iri tegeko ngenga, indi mirimo itabangikanywa n'iyi kuba Umudepite ntibuzwa uyikora gutorwa. Utowe nk'Umudepite ari muri iyi mirimo ahita ayisezeraho mu nyandiko akimara kurahira. Iyo nyandiko ayimenyesha Perezida w'Umutwe w'Abadepite n'Umuvunyi Mukuru. <u>UMUTWE WA VIII: INDANGAGACIRO N'UBUDAHANGARWA BY'UMUDEPITE</u> <u>Icyiciro cya mbere: Indangagaciro z'Umudepite</u>	Association or a notary. (2) A Deputy practicing as a lawyer is not allowed to personally plead any court case. His/her law firm is allowed to plead in any court cases except those in which the State is the plaintiff or the defendant. <u>Article 173: resignation from offices incompatible with the office of Deputy</u> With the exception of offices provided under Paragraph (1)(g)(h)(i)(p) of Article 172 of this Organic Law, other offices incompatible with that of Deputy do not prevent a person holding them from being elected as a Deputy. After taking oath, such a person immediately resigns in writing from offices incompatible with the office of Deputy. The Speaker and the Ombudsman are informed thereof. <u>CHAPTER VIII: PARLIAMENTARY ETHICS AND IMMUNITY</u> <u>Section one: Parliamentary ethics</u>	justice professionnels ou de notaire. (2) Un député exerçant la profession d'avocat ne peut pas plaider lui-même les affaires judiciaires quelconques. Son cabinet est autorisé à plaider toutes les affaires judiciaires à l'exception de celles dans lesquelles l'État est demandeur ou défendeur. <u>Article 173: Démission des fonctions incompatibles avec la fonction de député</u> À l'exception des fonctions visées au paragraphe (1)(g)(h)(i)(p) de l'article 172 de la présente loi organique, les autres fonctions incompatibles avec celles de député n'empêchent pas la personne qui les exerce d'être élue député. Après la prestation de serment, cette personne démissionne immédiatement par écrit de la fonction incompatible avec celle de député. Le Président de la Chambre des Députés et l'Ombudsman en sont informés. <u>CHAPITRE VIII: ÉTHIQUE ET IMMUNITÉ PARLEMENTAIRES</u> <u>Section première: Éthique parlementaire</u>
---	---	---

<u>Ingingo ya 174:</u> Ubwangamugayo bw'Umudepite Umudepite agomba kuba inyangamugayo, indakemwa mu mico no mu myifatire n'intangarugero mu buzima bwa buri muni. Agomba kandi kubahiriza amategeko, amahame n'imikorere biranga Inteko Ishinga Amategeko.	<u>Article 174:</u> Integrity of a Deputy A member of parliament must be a person of integrity, good morals and exemplary in daily life. He or she must also comply with the legislation, principles and practices of the Parliament.	<u>Article 174:</u> Intégrité d'un député Un député doit être une personne intègre, de bonnes mœurs et exemplaire dans la vie quotidienne. Il doit également respecter la législation, les principes et les pratiques du Parlement.
<u>Ingingo ya 175:</u> Icyemezo gifatirwa Umudepite ubuza ituze mu nama (1) Umudepite witabiriye inama y'Inteko Rusange unyuranya n'ibiteganywa n'ingingo ya 42 y'iri tegeko ngenga, uyoboye inama y'Inteko Rusange amuhamagara mu izina rye amwibutsa kwitonda. Iyo asubiriye, uyoboye inama y'Inteko Rusange aramwihaniza, kandi agasaba ko bikorerwa inyandiko mvugo yihariye. (2) Iyo abikomeje, uyoboye inama y'Inteko Rusange asaba ko Inteko Rusange ifata icyemezo cyo kumuvana by'agateganyo mu mwanya wagenewe Abadepite kandi akagawa ku buryo bwanditse. (3) Icyemezo cyo kumuvana mu mwanya gifatwa binyuze mu itora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'Abadepite bitabiriye	<u>Article 175:</u> Measure taken against a Deputy disrupting order in a sitting (1) If a Deputy attending a plenary sitting fails to comply with the provisions of Article 42 of this Organic Law, the chair of the plenary sitting calls him or her to order by name. In case he or she repeats such actions, the chair of the plenary sitting gives him or her a warning and request that a special verbatim report be drawn up to that effect. (2) If such a Deputy persists in such actions, the chair of the plenary sitting requests the Plenary Assembly to decide to temporarily expel him or her from the seats reserved for Deputies and such a Deputy is subjected to a written reprimand. (3) The decision to expel a Deputy from the seats reserved for Deputies is taken by the two thirds of votes of Deputies sitting in the	<u>Article 175:</u> Mesure prise contre un député qui trouble l'ordre dans une séance (1) Si un député assistant à une séance plénière ne se conforme pas aux dispositions de l'article 42 de la présente loi organique, le président de la séance plénière le rappelle nominativement à l'ordre. S'il reprend ces agissements, le président de la séance plénière lui donne un avertissement et demande qu'un procès-verbal particulier soit dressé à cet effet. (2) Si un tel député persiste dans de tels agissements, le président de la séance plénière demande à l'Assemblée Plénière son exclusion temporaire des sièges réservés aux députés et ce député fait objet d'un blâme écrit. (3) La décision de l'exclure des sièges réservés aux députés est prise par deux tiers de voix des députés présents à la séance plénière.

inama y'Inteko Rusange. (4) Umudepite uvanywe mu mwanya by'agateganyo ntiyemererwa kugira uruhare mu mirimo y'Inteko Rusange y'uwo munsu. <u>Ingingo ya 176:</u> Ihagarikwa n'isubukurwa ry'imirimo y'Inteko Rusange kubera imyitwarire inyuranye n'isabwa mu Nteko Rusange (1) Iyo Umudepite ahejwe mu Nteko Rusange kubera imyitwarire inyuranye n'isabwa mu Nteko Rusange yanze kuva mu cyicaro cyagenewe Umudepite, uyoboye inama y'Inteko Rusange ayihagarika by'igihe gito cyangwa akayisubika burundu. Iyo ituze rigarutse, uyoboye inama y'Inteko Rusange asubukura imirimo yayo. (2) Iyo Umudepite ahejwe ku buryo budakuka, ahezwa mu mirimo y'Inteko Ishinga Amategeko mu gihe kitarengeje iminsi itanu, akanabuzwa kwinjira mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko muri icyo gihe. <u>Ingingo ya 177:</u> Imbabazi ku Mudepite wahejwe by'agateganyo Iyo Umudepite wahejwe ku buryo	plenary sitting. (4) A Deputy who is temporarily expelled from the seats reserved for Deputies is not allowed to participate in the activities of the Plenary Sitting of that day. <u>Article 176:</u> Suspension and resumption of the proceedings of the Plenary Assembly as a result of conduct contrary to that required in the plenary sitting (1) If a Deputy having been expelled from the plenary sitting as a result of conduct contrary to that required in the plenary sitting does not comply with the order to leave the seats reserved for Deputies, the chair of the plenary sitting suspends or adjourns it. When the order is restored, the chair of the plenary sitting resumes the proceedings. (2) Where a Deputy is definitively prohibited from attending parliamentary business, he or she is so prohibited for a period of not more than five days and is not allowed to enter the Parliament building for the same period. <u>Article 177:</u> Forgiveness granted to a temporarily expelled Deputy When a Deputy who has been temporarily	(4) Un député temporairement exclu des sièges réservés aux députés n'est pas autorisé à participer aux travaux de la séance plénière de ce jour. <u>Article 176:</u> Suspension et reprise des travaux de l'Assemblée Plénière pour cause d'un comportement contraire à celui requis dans la séance plénière (1) Si un député exclu de la séance plénière pour cause d'un comportement contraire à celui requis en séance plénière refuse d'obtempérer à l'injonction de quitter les sièges réservés aux députés, le président de la séance plénière suspend ou lève la séance. Quand l'ordre est rétabli, le président de la séance plénière procède à la reprise des travaux. (2) Lorsqu'un député est définitivement exclu des travaux parlementaires, il en est exclu pendant une période maximale de cinq jours et il est interdit d'entrer au palais du Parlement pendant cette même période. <u>Article 177:</u> Clémence accordée à un député temporairement exclu Lorsqu'un député exclu temporairement
---	--	--

bw'agateganyo asabye imbabazi inama y'Inteko Rusange yamufatiye icyemezo itarasoza imirimo yayo, uyoboye inama y'Inteko Rusange asomera iyo nyandiko abari mu Nteko Rusange, ikaba ari yo ifata umwanzuro.	expelled apologizes to the Plenary sitting before the plenary sitting which took such decision ends, the chair of the Plenary sitting reads out the written request for apology to the Plenary Assembly for decision.	présente ses excuses à la séance plénière avant la fin de la séance plénière qui a pris cette décision, le président de la séance plénière donne lecture de la demande écrite d'excuses à l'Assemblée plénière pour décision.
<u>Ingingo ya 178:</u> Ibyemezo bifatirwa Umudepite wagize imyitwarire n'imyifatire binyuranyije n'ubwangamugayo	<u>Article 178:</u> Measures against Deputies with the conduct and discipline contrary to integrity	<u>Article 178:</u> Mesures contre un député ayant été caractérisé par une conduite ou une discipline contraire à l'intégrité
Umudepite ugaragaweho imyitwarire n'imyifatire binyuranyije n'ubwangamugayo hanze y'Inteko Rusange, hashingiwe kuri raporo yakozwe na Komite, ashobora gufatirwa n'Inteko Rusange kimwe mu byemezo bikurikira:	Any Deputy displaying the conduct and discipline contrary to integrity outside the Plenary Hall, may, basing on the report by the Committee, be subject to any of the following measures to be taken by the Plenary Assembly:	Un député qui est caractérisé par une conduite ou une discipline contraire à l'intégrité, en dehors de la Salle plénière, peut, sur base du rapport du Comité, se voir infliger par l'Assemblée plénière l'une des mesures suivantes:
(a) kwihanangirizwa bigakorerwa inyandiko mvugo; (b) guhezwa ku buryo budakuka igihe kitarengeje iminsi itanu mu bikorwa by'Umutwe w'Abadepite akanabuzwa kwinjira mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko.	(a) a warning recorded in the verbatim report; (b) temporary expulsion from the activities of the Chamber of Deputies for a period not exceeding five days and prohibition from entering the Parliament building.	(a) l'avertissement repris dans le procès-verbal; (b) l'exclusion temporaire des activités de la Chambre des Députés pendant une période de cinq jours tout au plus et l'interdiction d'entrer au palais du Parlement.
<u>Ingingo ya 179:</u> Kwirukanwa k'Umudepite mu Mutwe w'Abadepite	<u>Article 179:</u> Expulsion of a Deputy from the Chamber of Deputies	<u>Article 179:</u> Exclusion d'un député de la Chambre des Députés
(1) Umudepite yirukanwa mu Mutwe w'Abadepite iyo yakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko rubifitiye ububasha kubera icyaha gikomeye, icyaha	(1) A Deputy is expelled from the Chamber of Deputies when he or she has been definitively convicted by the competent court of misdemeanour, felony, crime of	(1) Un député est exclu de la Chambre des Députés lorsqu'il a été condamné définitivement par une juridiction compétente pour délit, crime, crime de

cy'ubugome, icyaha cya jenocide, icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide cyangwa yarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kubera ikindi cyaha byemejwe n'Urukiko rubifitiye ububasha.	genocide, crime of genocide ideology or definitively sentenced by a competent court to imprisonment for a term equal to or more than six months for any other offense.	génocide, crime d'idéologie du génocide ou s'il a été définitivement condamné par une juridiction compétente à un emprisonnement supérieur ou égal à six mois pour toute autre infraction.
(2) Bisabwe na Komite ishingiye kuri raporo yanditse bikemezwa na bitatu bya gatanu by'abagize Umutwe w'Abadepite, Inteko Rusange ishobora kwemeza ko Umudepite ugaragaweho rimwe cyangwa menshi mu makosa akurikira akurwa ku murimo we w'ubudepite: (a) gusiba inshuro eshatu mu gihembwe nta mpamvu mu nama z'Inteko Rusange, iza Komisiyo cyangwa mu zindi nshingano z'Umudepite yahawe na Biro y'Umutwe w'Abadepite; (b) kwiandarika no kwitesha agaciro cyangwa kugatesha urwego arimo.	(2) At the request of the Committee basing on a written report and after approval by three-fifths of members of the Chamber of Deputies, the Plenary Assembly may approve the termination of office of a Deputy found responsible for one or more of the following acts of misconduct: (a) to fail to attend sittings of the Plenary Assembly or the Committee or be absent from duties as Deputy assigned to him or her by the Bureau of the Chamber of Deputies for three times in a session without reasonable grounds; (b) to exhibit unworthy and dishonourable behaviour for him or herself or his or her institution.	(2) Sur demande du Comité se basant sur un rapport écrit et après approbation par les trois cinquièmes des membres de la Chambre des Députés, l'Assemblée plénière peut approuver la révocation de fonctions d'un député reconnu coupable d'une ou de plusieurs fautes suivantes: (a) s'absenter aux séances plénières ou de la commission ou à d'autres fonctions de député lui confiées par le Bureau de la Chambre des Députés trois fois dans une session sans motifs valables; (b) afficher un comportement indigne et déshonorant pour sa personne ou pour son institution.
<u>Ingingo ya 180: Kumenyekanisha umutungo</u> Umudepite amenyekanisha umutungo we hakurikijwe amategeko abigenga.	<u>Article 180: Declaration of assets</u> A Deputy declares his or her assets in accordance with relevant laws.	<u>Article 180: Déclaration de patrimoine</u> Un député déclare son patrimoine conformément à la législation en la matière.

<u>Ingingo ya 181:</u> Kumenyekanisha inyungu bwite Iyo hari Umudepite ubona ko afite inyungu bwite ku buryo bwihariye mu kibazo gisuzumwa n'Umutwe w'Abadepite, haba muri Komisiyo, muri Komite cyangwa mu Nteko Rusange, agomba kumenyesha Biro y'Umutwe w'Abadepite, iya Komisiyo cyangwa iya Komite aho inyungu ze zishingiye. Umudepite ufite inyungu mu kibazo cyigwa ashobora gusabwa kwiheza mu isuzumwa ryacyo.	<u>Article 181:</u> Declaration of interest In case a Deputy has particularly a personal interest in the issue under consideration by the Chamber of Deputies, either in the Standing Committee, Committee or in the plenary sitting, he or she must inform the Bureau of the Chamber of Deputies, the Bureau the Standing Committee or that of the Committee about his or her interest. A Deputy who has interest may be asked to withdraw from discussion.	<u>Article 181:</u> Déclaration d'un intérêt Si un député constate qu'il a particulièrement un intérêt personnel dans un point sous examen par la Chambre des Députés, soit en commission, comité ou en séance plénière doit informer le Bureau la Chambre des Députés, celui de la Commission ou le bureau du comité concernant ces intérêts. Il peut être demandé à un député qui a un intérêt personnel de se retirer des débats sur ce point.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubudahangarwa bw'Umudepite	<u>Section 2:</u> Parliamentary immunity	<u>Section 2:</u> Immunité parlementaire
<u>Ingingo ya 182:</u> Ibihe Umudepite adakurikiranwamo (1) Umudepite ntashobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza azira ibitekerezo yagaragaje cyangwa uko yatoye mu gihe akora imirimo ashinzwe. (2) Umudepite ukekwa icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ntashobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa bidatangiye uburenganzira n'Umutwe w'Abadepite binyujijwe mu nzira y'amatora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'Abadepite bitabiriye inama y'Inteko Rusange keretse afatiwe mu cyuho akora	<u>Article 182:</u> Cases where a Deputy is not prosecuted (1) A Deputy cannot be prosecuted, searched for, arrested, detained or tried in respect of opinions expressed or votes cast in the discharge of his/her functions. (2) A Deputy suspected of a felony or a misdemeanour cannot be prosecuted or arrested without prior authorization of the Chamber of Deputies by a two-thirds majority vote of Deputies present at the plenary sitting except where he or she is caught red-handed committing a felony or a misdemeanour.	<u>Article 182:</u> Cas où un député ne fait pas l'objet de poursuites (1) Un député ne peut pas faire l'objet de poursuites, de recherche, d'arrestation, de détention ou de traduction devant la justice pour ses opinions ou votes émis dans l'exercice de ses fonctions. (2) Un député soupçonné d'avoir commis un crime ou un délit ne peut pas être poursuivi ou arrêté sans l'autorisation préalable de la Chambre des Députés procédant par voie de vote à la majorité des deux tiers des députés présents à la séance plénière sauf lorsqu'il est pris en flagrant délit en train de commettre un crime ou un délit.

icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye. <u>Ingingo ya 183: Ikarita y'ubudahangarwa</u> Umudepite ahabwa ikarita y'ubudahangarwa yerekwa inzego zitandukanye igihe bibaye ngombwa. Imiterere y'iyi karita igenwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 184: Ubusabe bwo gukurikirana Umudepite</u> (1) Umushinjacyaha Mukuru usaba gukurikirana Umudepite abisaba mu nyandiko ashyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite. (2) Iyo nyandiko y'ubusabe igaragaza nibura amazina y'Umudepite ari mu nyandiko y'irangamimerere, icyaha akekwa, icyiciro icyo cyaha kirimo, aho yagikoreye, itariki yagikoreyeho n'umukono w'Umushinjacyaha Mukuru. Iyo Biro y'Umutwe w'Abadepite isanze iyo nyandiko yujuje ibisabwa, ishyikirizwa Komite kugira ngo itegurire Inteko Rusange raporo. (3) Iyo Biro y'Umutwe w'Abadepite isanze iyo nyandiko itabyujuje, Perezida w'Umutwe w'Abadepite asaba Umushinjacyaha	<u>Article 183: Immunity card</u> A Deputy is issued an immunity card he or she shows to various organs, if necessary. The template of such a card is determined by the Bureau of the Chamber of Deputies <u>Article 184: Seeking authorization to prosecute a Deputy</u> (1) The Prosecutor General seeking to prosecute a Deputy makes that request through a letter he or she submits to the Speaker of the Chamber of Deputies. (2) Such a written request indicates at least the name of the Deputy in identification certificate, the offence he or she is suspected of committing, the category of offence, the place on which the crime was committed, the date he or she committed it and the signature of the Prosecutor General. Where the Bureau of the Chamber of Deputies establishes that the request meets the requirements, it submits it to the Committee so that the latter prepares a report for the Plenary Assembly. (3) When the bureau of the Chamber of Deputies finds that the document is incomplete, the President of the Chamber of	<u>Article 183: Carte d'immunité</u> Il est délivré à un député une carte d'immunité qu'il exhibe, en cas de besoin, à divers organes. Le modèle de cette carte est déterminé par le Bureau de la Chambre des Députés. <u>Article 184: Demande d'autorisation de la poursuite judiciaire d'un député</u> (1) Le Procureur général demandant la poursuite judiciaire d'un député le fait par une lettre qu'il adresse au Président de la Chambre des Députés. (2) Cette demande écrite mentionne au moins le nom du député dans le document d'identité complète, l'infraction qu'il est suspecté d'avoir commise, la catégorie de l'infraction, le lieu où il l'a commise, la date à laquelle il l'a commise et la signature du Procureur général. Lorsque le Bureau de la Chambre des Députés constate que la demande remplit les conditions requises, il la soumet au Comité pour que ce dernier prépare un rapport à l'Assemblée plénière. (3) Lorsque le Bureau de la Chambre des Députés trouve que le document est incomplet, le Président de la Chambre des
---	--	---

Mukuru kuyikosora akongera kuyimwoherereza. <u>Ingingo ya 185:</u> Igihe Inteko Rusange isuzumira ubusabe bw'Umushinjacyaha Mukuru (1) Ubusabe bw'Umushinjacyaha Mukuru bwo gukurikirana Umudepite busuzumwa mu buryo bwihutirwa. Inteko Rusange ikurikira umunsi Umutwe w'Abadepite wakiriyeho ubwo busabe niyo ibusuzuma iyo ari mu gihembwe gisanzwe. (2) Iyo atari mu gihembwe gisanzwe, hatumizwa igihembwe kidasanzwe. <u>Icyiciro cya 3:</u> Kurinda Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko no kutavogera imyanya yagenewe ibyicaro by'Abadepite <u>Ingingo ya 186:</u> Kutavogerwa no kurindwa kw'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko ntivogerwa. Irindwa n'urwego rw'umutekano rubifitiye ububasha.	Deputies requests the Prosecutor General to make corrections and resend it. <u>Article 185:</u> Time for the Plenary Assembly to consider the request of the Prosecutor General (1) The Prosecutor General's request for authorization to prosecute a Deputy is considered through urgent procedure. The Plenary Assembly, in its sitting following the day on which the Chamber of Deputies received such a request, considers it if it is in an ordinary session. (2) If it is not in an ordinary session, an extraordinary session is immediately convened. <u>Section 3:</u> Safety of Parliament building and inviolability of the place for seats reserved for Deputies <u>Article 186:</u> Inviolability and safety of Parliament building The Parliament building is inviolable. It is kept safe by a competent organ.	Députés demande au Procureur général d'apporter les corrections et le lui renvoyer. <u>Article 185:</u> Moment d'examen de la demande du procureur général par l'Assemblée plénière (1) La demande du Procureur général pour obtenir l'autorisation de la poursuite judiciaire d'un député est examinée suivant la procédure d'urgence. L'Assemblée plénière, en sa séance suivant le jour où la Chambre des Députés a reçu cette demande, l'examine si c'est en session ordinaire. (2) Si elle n'est pas en session ordinaire, une session extraordinaire est immédiatement convoquée. <u>Section 3:</u> Sécurité du Palais du Parlement et inviolabilité du lieu des sièges réservés aux députés <u>Article 186:</u> Inviolabilité et sécurité du palais du Parlement Le palais du Parlement est inviolable. Sa sécurité est assurée par un organe compétent.
---	--	---

<u>Ingingo ya 187:</u> Kwinjira mu myanya yagenewe ibyicarwo by'Abadepite Uretse abakozi b'Umutwe w'Abadepite bafasha mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange, nta muntu ushobora kwinjira mu myanya yagenewe ibyicarwo by'Abadepite, keretse uwabiherewe uruhushya n'umuyobozi w'inama. <u>Ingingo ya 188:</u> Ikoreshwa ry'imiryango y'icyumba cy'Inteko Rusange (1) Mu gihe hari imihango yabereye mu cyumba cy'Inteko Rusange, Abayobozi b'Igihugu bo mu rwego rw'ikirenga n'abashyitsi bari kuri urwo rwego bagenerwa umuryango wabo wihariye. Abaminisitiri, abari ku rwego rw'Abaminisitiri, Abasenateri n'Abadepite bagenerwa umuryango wabo wihariye. (2) Hagenwa kandi umuryango rusange unyurwamo n'abakozi b'Umutwe w'Abadepite n'abandi bese baje muri iyo mihango. (3) Mu gihe cy'inama y'Inteko Rusange cyangwa cy'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, abagize Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, abagize Guverinoma n'abandi bari kuri urwo rwego bakoresha umuryango	<u>Article 187:</u> Moving between seats reserved for Deputies Except for staff members of the Chamber of Deputies responsible for supporting the plenary sitting or any other person authorized by the chair of the sitting, it is forbidden to enter the place for the seats reserved for Deputies. <u>Article 188:</u> Use of entrances of the Plenary Hall (1) During ceremonies taking place in the Plenary Hall, an entrance is provided for exclusive use by the highest-ranking national authorities and other similarly ranked visitors. Also, an entrance is provided for exclusive use by Ministers, other similarly ranked officials, Senators and Deputies. (2) A public entrance also is provided for use by staff members of the Chamber of Deputies and the general public attending these ceremonies. (3) During the plenary sittings, members of the Bureaus of both Chambers of Parliament, Cabinet members and other similarly ranked authorities use the entrance reserved for the highest-ranking national authorities. Senators and Deputies are provided a special	<u>Article 187:</u> Circulation entre les sièges réservés aux députés À l'exception de membres du personnel de la Chambre des Députés chargés d'appuyer la séance plénière ou de toute autre personne autorisée par le président de la séance, il est interdit de s'introduire dans le lieu des sièges réservés aux députés. <u>Article 188:</u> Utilisation des portes de la salle plénière (1) Lors des cérémonies officielles tenues dans la salle plénière, il est prévu une porte réservée uniquement aux plus hautes autorités nationales et autres visiteurs de rang similaire. Il est également prévu une porte réservée uniquement aux ministres, aux autres autorités de rang similaire, aux sénateurs et aux députés. (2) Il est en outre prévu une porte réservée aux membres du personnel de la Chambre des Députés et au grand public venu assister à ces cérémonies. (3) Lors des séances plénières, les membres des Bureaux des deux Chambres du Parlement, les membres du Gouvernement et d'autres autorités de rang similaire se servent de la porte réservée aux plus hautes autorités nationales. Une porte d'entrée spéciale est
---	--	---

wagenewe Abayobozi b'Igihugu bo mu rwego rw'ikirenga. Abasenateri n'Abadepite bagenerwa umuryango wabo wihariye.	entrance.	réservée aux sénateurs et aux députés.
(4) Hagenwa kandi umuryango rusange unyurwamo n'abaje gukurikirana imirimo y'inama y'Inteko Rusange cyangwa y'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.	(4) A public entrance also is provided for persons who come to follow the proceedings of the plenary sittings or joint sittings of the Chambers of Parliament.	(4) Une porte d'entrée est également réservée aux personnes qui viennent suivre les travaux des séances plénières ou des séances conjointes des Chambres du Parlement.
<u>Ingingo ya 189: Imyifatire y'abari mu cyumba cy'Inteko Rusange</u>	<u>Article 189: Conduct of persons inside the Plenary Hall</u>	<u>Article 189: Conduite des personnes se trouvant dans la salle plénière</u>
(1) Birabujijwe ku muntu uwo ari we wese kubuza cyangwa kubangamira imigendekere myiza y'imirimo y'Inteko Rusange.	(1) It is prohibited for any person to disrupt or disturb the smooth running of the proceedings of the Plenary Assembly.	(1) Il est interdit à toute personne de perturber ou de troubler le bon déroulement des travaux de l'Assemblée plénière.
(2) Mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange, abantu bose baratuzwa.	(2) During the proceedings of the Plenary Assembly, all persons remain calm.	(2) Lors des travaux de l'Assemblée plénière, toutes les personnes restent calmes.
(3) Mu gihe Inteko Rusange yemeza umushinga w'itegeko cyangwa iri mu gikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, nta wemerewe gukoma amashyi.	(3) When the Plenary Assembly is adopting a draft law or a private member's bill or exercising the oversight over Government activities, no one is allowed to clap hands.	(3) Lorsque l'Assemblée plénière adopte un projet de loi ou une proposition de loi ou exerce le contrôle de l'action gouvernementale, il est interdit d'applaudir.
<u>Ingingo ya 190: Gufatira icyemezo umuntu utari Umudepite ubuza ituze</u>	<u>Article 190: Taking a decision against a person other than a Deputy who disrupts order</u>	<u>Article 190: Prendre une décision contre une personne autre qu'un député qui trouble l'ordre</u>
Umuntu wese utari Umudepite ubuza ituze mu Nteko Rusange cyangwa mu nama za Komisiyo,	Any person other than a Deputy who disrupts order in the plenary sitting or in committee is	Toute personne autre qu'un député qui trouble l'ordre en séance plénière ou dans des réunions

uyoboye inama aramwihanangiriza, yakomeza akamusaba gusohoka. Iyo atubahirije ubusabe bwo gusohoka, umuyobozi w'inama yiyambaza urwego rw'umutekano. UMUTWE WA IX: IKIBAZO CYANGWA ICYIFUZO CY'ABATURAGE GISHYIKIRIZWA UMUTWE W'ABADEPITE <u>Ingingo ya 191: Ikibazo cy'umuturage</u> Umuturage umwe cyangwa benshi bashobora gushyikiriza Umutwe w'Abadepite ikibazo bandikiye Perezida w'Umutwe w'Abadepite. Bashobora kandi kugitanga mu magambo bikorewe mu gikorwa cyateguwe n'Umutwe w'Abadepite kijyanye no kuganira n'abaturage cyangwa cyo kubasura. <u>Ingingo ya 192: Icyifuzo cy'abaturage kireba inyungu rusange</u> (1) Umuturage afite uburenganzira bwo kugeza icyifuzo kireba inyungu rusange ku Mutwe w'Abadepite. (2) Umuturage cyangwa itsinda ry'abaturage bafite icyifuzo kireba inyungu rusange, bagishyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu nyandiko iriho imikono cyangwa ibikumwe byabo. Bashobora gukoresha kandi uburyo	recalled to order and if he or she persists, he or she is expelled by the chair of the sitting. If he or she refuses to be expelled, the chair of the sitting refer the matter to the security organ. CHAPTER IX: REQUEST OR PETITION ADDRESSED TO THE CHAMBER OF DEPUTIES <u>Article 191: Public request</u> A citizen or a group of citizens may submit a public petition to the Chamber of Deputies by writing to the Speaker of the Chamber of Deputies. They can also submit it orally during an event organized by the Chamber of Deputies for the purpose of exchanging views with the population or conducting a field visit. <u>Article 192 Public petition</u> (1) A citizen has the right to submit a public petition to the Chamber of Deputies. (2) A citizen or a group of citizens with a public petition submit it to the Speaker of the Chamber of Deputies in a written document bearing their signatures or fingerprints. They can also make use of electronic means.	des commissions reçoit un avertissement par le président de la séance et si elle persiste, elle est expulsée par le président de la séance. En cas de refus d'obtempérer, le président de la séance fait recours à l'organe de sécurité. CHAPITRE IX: REQUÊTE OU PÉTITION ADRESSÉE À LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS <u>Article 191: Requête publique</u> Un citoyen ou un groupe de citoyens peut soumettre une requête publique à la Chambre des Députés par une lettre adressée au Président de la Chambre des Députés. Ils peuvent également la soumettre verbalement au cours d'un événement organisé par la Chambre des Députés dans le cadre d'un entretien avec la population ou d'une descente sur terrain. <u>Article 192: Pétition publique</u> (1) Un citoyen a le droit de soumettre une pétition publique à la Chambre des Députés. (2) Un citoyen ou un groupe de citoyens ayant une pétition publique la soumet au Président de la Chambre des Députés dans un document écrit portant leurs signatures ou leurs empreintes digitales. Ils peuvent également le faire par voie électronique.
---	--	--

bw'ikoranabuhanga. (3) icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange gishobora kandi kunyuzwa ku Mudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite. <u>Ingingo 193:</u>Gushyikiriza ikibazo cyangwa icyifuzo cy'umuturage Komisiyo ihoraho cyangwa Inama y'Abaperezida (1) Ikibazo cy'umuturage cyangwa icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange cyashyikirijwe Umutwe w'Abadepite kibanza gukorerwa isesengura ry'ibanze n'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite, raporo y'isesengura igashyikirizwa Biro y'Umutwe w'Abadepite. (2) Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashobora gushyikiriza Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano ikibazo cy'umuturage cyagejewe ku Mutwe w'Abadepite. icyakora, mu gihe bigagaragara ko iyo Komisiyo ihoraho ifite imirimo myinshi ituma itabasha gusuzuma ikibazo cy'umuturage, gishobora gushyikirizwa indi Komisiyo ihoraho. (3) Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashobora gushyikiriza Inama y'Abaperezida icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange	(3) A public petition may also be submitted through a Deputy or a group of Deputies. <u>Article 193:</u> Submitting a public request or a public petition to Standing Committee or the Conference of Chairpersons (1) A public request or petition submitted to the Chamber of Deputies is initially subjected to preliminary analysis by the Office of the Clerk of the Chamber of Deputies, and the analysis report is submitted to the Bureau of the Chamber of Deputies. (2) The Speaker of the Chamber of Deputies may submit the public request submitted to the Chamber of Deputies to the Standing Committee in charge of the matter. However, when it appears that the Standing Committee has too many tasks that make it unable to examine the request, it can be submitted to another Standing Committee. (3) The Speaker of the Chamber of Deputies may submit to the Conference of Chairpersons a public petition submitted to	(3) La pétition publique peut également être soumise par l'intermédiaire d'un député ou d'un groupe de députés. <u>Article 193:</u> Soumettre une requête publique ou une pétition publique à la Commission permanente ou à la Conférence des Présidents (1) Une requête publique ou une pétition publique soumise à la Chambre des Députés fait d'abord l'objet d'une analyse préliminaire par le Secrétariat général de la Chambre des Députés et le rapport d'analyse est soumis au Bureau de la Chambre des Députés. (2) Le Président de la Chambre des Députés peut soumettre la requête publique portée devant la Chambre des Députés à la Commission permanente ayant la question dans ses attributions. Toutefois, lorsqu'il apparaît que la Commission a trop de tâches qui la mettent dans l'impossibilité d'examiner cette requête, celle-ci peut être soumise à une autre Commission permanente. (3) Le Président de la Chambre des Députés peut soumettre à la Conférence des Présidents une pétition publique soumise à
---	---	---

cyashyikirijwe Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 194:</u> Kumenyesha umwanzuro w'Inteko Rusange ku kibazo cyangwa icyifuzo cy'umuturage cyasuzumwe mu Nteko Rusange (1) Nyuma yo gufata umwanzuro ku kibazo cy'umuturage cyangwa icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange cyasuzumwe n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha Minisitiri w'Intebe umwanzuro wafashwe ku kibazo gikwiriye gukemurwa n'inzego za Leta. (2) Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite amenyesha umuturage umwanzuro wafashwe ku kibazo cye. <u>Ingingo ya 195:</u> Kumenyesha umwanzuro ku kibazo cyangwa icyifuzo cy'umuturage kitagejwe mu Nteko Rusange (1) Iyo ikibazo cy'umuturage cyangwa icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange cyagejwe ku Mutwe w'Abadepite, mu isesengura ry'ibanze hakagaragara ko icyo asaba nta shingiro gifite cyangwa ko ikibazo cyangwa icyifuzo cyashyikirijwe izindi nzego, Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite amenyesha	the Chamber of Deputies. <u>Article 194:</u> Notification of a resolution of the Plenary Assembly on a public request or a public petition considered in the Plenary sitting (1) After making a resolution on a public request or a public petition that has been considered by the Plenary Assembly, the Speaker of the Chamber of Deputies informs the Prime Minister on the resolution made on the issue when it has to be handled by public institutions. (2) The Clerk of the Chamber of Deputies informs the person who made the request about the resolution taken. <u>Article 195:</u> Notification of a resolution on a public request or a public petition not submitted to the Plenary Assembly (1) If a public request or a public petition is submitted to the Chamber of Deputies and, during a preliminary analysis, it is noted that the request or petition is not founded or that the request or the petition has been transmitted to other organs, the Clerk of the Chamber of Deputies notifies the citizen concerned of the resolution taken.	la Chambre des Députés. <u>Article 194:</u> Notification d'une résolution de l'Assemblée plénière sur une requête publique ou une pétition publique examinée en séance plénière (1) Après avoir pris une résolution sur une requête publique ou une pétition publique examinée par l'Assemblée plénière, le Président de la Chambre des Députés informe le Premier Ministre de la résolution prise sur la requête publique lorsqu'il s'agit des institutions publiques qui doivent apporter la solution. (2) Le Secrétaire Général de la Chambre des Députés informe celui qui a soumis la requête de la résolution prise. <u>Article 195:</u> Notification d'une résolution sur une requête publique ou une pétition publique non-soumises à l'Assemblée plénière (1) Si une requête publique ou une pétition publique est soumise à la Chambre des Députés et que lors d'une analyse préliminaire, il est constaté que cette requête ou cette pétition n'est pas fondée ou qu'elle a été transmise aux autres organes, le Secrétaire Général de la Chambre des Députés informe le citoyen concerné de la
--	--	--

umuturage umwanzuro wafashwe ku kibazo cye. (2) Iyo ikibazo cy'umuturage cyangwa icyifuzo cy'umuturage kireba inyungu rusange cyagejejwe ku Mutwe w'Abadepite kinyujijwe ku Mudepite, Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha uwo Mudepite umwanzuro mu nyandiko.	(2) If a public request or a public petition is submitted to the Chamber of Deputies through a Deputy, the Speaker of the Chamber of Deputies notifies in writing to such a Deputy of the resolution taken thereon.	résolution prise. (2) Si une requête publique ou une pétition publique est soumise à la Chambre des Députés par l'intermédiaire d'un député, le Président de la Chambre des Députés notifie par écrit à ce député de la résolution prise.
UMUTWE WA X: IMIKORANIRE Y'UMUTWE W'ABADEPITE NA SENA	CHAPTER X: RELATIONS BETWEEN THE CHAMBER OF DEPUTIES AND THE SENATE	CHAPITRE X: RELATIONS ENTRE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS ET LE SÉNAT
Icyiciro cya mbere: Imirimo ihuza imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	Section One: Joint activities of the Chambers of Parliament	Section première: Activités conjointes des Chambres du Parlement
Ingingo ya 196: Iterana ry'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko	Article 196: Holding joint sittings of the Chambers of Parliament	Article 196: Tenue des séances conjointes des Chambres du Parlement
(1) Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko iteranira hamwe mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyangwa n'andi mategeko.	(1) Both Chambers of the Parliament meet in a joint sitting following the modalities provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda and other laws.	(1) Les deux Chambres du Parlement se réunissent en séance conjointe selon les modalités prévues par la Constitution de la République du Rwanda et d'autres lois.
(2) Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora kandi guteranira hamwe kugira ngo isuzume ikibazo cy'inyungu rusange, byumvikanyweho na Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, bikemezwa n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(2) Both Chambers of Parliament may also convene in a joint sitting to consider an issue of public interest, upon agreement of the Bureaux of both Chambers of Parliament and after approval of the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament.	(2) Les deux Chambres du Parlement peuvent également se réunir en séance conjointe pour examiner une question d'intérêt public, avec l'accord des bureaux des deux Chambres du Parlement et sur approbation de l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement.
(3) Inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko	(3) The joint sitting of the chambers of	(3) La séance conjointe des Chambres du

Ishinga Amategeko iyoborwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite, yaba adahari, ikayoborwa na Perezida wa Sena.	Parliament is chaired by the Speaker of the Chamber of Deputies or in his or her absence, by the President of the Senate.	Parlement est présidée par le Président de la Chambre des Députés ou, en son absence, par le Président du Sénat.
(4) Iyo Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateranye, nibura babiri mu bagize Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bagomba kuba bahari kandi buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ukagira umubare wa ngombwa usabwa kugira ngo uterane.	(4) When both chambers of Parliament meet, at least two members of the Bureau on each Chamber of Parliament must be present and each Chamber of Parliament must reach the quorum required to meet.	(4) Lorsque les deux Chambres du Parlement se réunissent, au moins deux membres du Bureau de chaque Chambre du Parlement doivent être présents et chaque Chambre du Parlement doit atteindre le quorum requis pour se réunir.
<u>Ingingo ya 197:</u> Gutumiza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko mu gihembwe kidasanzwe	<u>Article 197:</u> Convening both chambers of Parliament in an extraordinary session	<u>Article 197:</u> Convocation des deux chambres du Parlement en session extraordinaire
(1) Inteko Ishinga Amategeko ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane cy'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(1) The Parliament can be convened in an extraordinary session after consultation between the presiding officers of both chambers of Parliament, at the request of the President of the Republic or that of a quarter of the members of each chamber of Parliament.	(1) Le Parlement peut être convoqué en session extraordinaire après concertation entre les présidents des deux chambres du Parlement, sur demande du Président de la République ou d'un quart des membres de chaque chambre du Parlement.
(2) Gahunda y'igihembwe kidasanzwe itegurwa ku bwumvikane bwa Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ikemezwa n'abagize Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bitabiriye inama ya mbere y'icyo gihembwe kidasanzwe.	(2) The agenda of the extraordinary session is prepared on consultation by the Bureau of both chambers of the Parliament and is approved by the members of the plenary sitting of each Chamber of the Parliament who attended the first meeting of the extraordinary session.	(2) L'ordre du jour de la session extraordinaire est préparé sur concertation des Bureaux des deux chambres du Parlement et est approuvé par les membres de l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement présents à la première réunion de la session extraordinaire.
(3) Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga	(3) The Presiding officer of each Chamber of	(3) Le Président de chaque Chambre du

Amategeko atumiza abawugize mu gihembwe kidasanzwe <u>Ingingo ya 198:</u> Itegeko rikurikizwa mu gihe Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe (1) Iyo Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe, hakurikizwa itegeko ngenga rigena imikorere y’Umutwe w’Abadepite. (2) Umusenateri agira uburenganzira n’inshingano iri tegeko ngenga rigenera Umudepite mu nama ihuriweho n’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko. <u>Ingingo ya 199:</u> Itorwa ry’ingengo y’imari ya Leta (1) Iyo Perezida w’Umutwe w’Abadepite ashidikirijwe imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya Leta nk’uko biteganywa n’amategeko, ayishidikiriza Abadepite bese. (2) Umutwe w’Abadepite ushidikiriza Guverinoma ibitekerezo by’Inteko Ishinga Amategeko ku mbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya Leta y’uwo mwaka w’ingengo y’imari mu gihe giteganywa n’amategeko.	Parliament convenes its members to an extraordinary session. <u>Article 198:</u> Applicable legislation in case both chambers of Parliament hold a joint sitting (1) When both chambers of Parliament are holding a joint sitting, the Organic Law determining the functioning of the Chamber of Deputies applies. (2) A Senator has the rights and duties that this Organic Law provides for a Deputy in a joint sitting of the Chambers of Parliament. <u>Article 199:</u> Vote on the State Budget (1) After receiving the draft State budget proposal as provided for by law, the Speaker of the Chamber of Deputies submits it to all Deputies. (2) The Chamber of Deputies submits to the Government the views of the Parliament on the draft State budget proposal in a period provided for by law.	Parlement convoque ses membres en session extraordinaire. <u>Article 198:</u> Législation applicable lorsque les deux chambres du Parlement se réunissent en séance conjointe (1) Lorsque les deux chambres du Parlement sont réunies en séance conjointe, la loi organique portant fonctionnement de la Chambre des Députés s’applique. (2) Un sénateur a les droits et les devoirs que la présente loi organique prévoit pour un député lors d’une séance conjointe des Chambres du Parlement. <u>Article 199:</u> Vote du budget de l’État (1) Après avoir reçu avant-projet de budget de l’État tel que prévu par la loi, le Président de la Chambre des Députés le transmet à tous les Députés. (2) La Chambre des Députés soumet au Gouvernement des avis du Parlement sur l’avant-projet de budget de l’État dans un délai prévu par la loi.
--	---	--

(3) Guverinoma ishyikiriza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira yitaye ku bitekerezo Inteko Ishinga Amategeko yatanze ku mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta. (4) Minisitiri ufite imari mu nshingano asomera imbere y'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka w'ingengo y'imari. (5) icyakora, gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta no kuritorwa bikorwa n'Umutwe w'Abadepite. (6) Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta. <u>Ingingo ya 200:</u> Inyandiko ivunaguye n'inyandiko mvugo z'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko (1) Inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ikorerwa inyandiko ivunaguye n'inyandiko mvugo.	(3) The Government submits to both Chambers of Parliament the draft law on State finances for the following financial year after incorporation therein of views provided by the Parliament on the draft State budget proposal. (4) The Minister in charge of finance reads before a joint sitting of the Chambers of Parliament the State budget proposal of the financial year. (5) However, the consideration of the relevance of the draft law on State finances and its vote are carried out by the Chamber of Deputies. (6) Before the final adoption of the State budget, the Senate must provide the Chamber of Deputies with its opinion on the State budget proposal. <u>Article 200:</u> Minutes and verbatim report of a joint sitting of the chambers of Parliament (1) A joint sitting of the chambers of Parliament is subject to minutes and verbatim report.	(3) Le Gouvernement soumet aux deux chambres du Parlement le projet de loi relative aux finances de l'État pour l'exercice budgétaire suivant après y avoir intégré les avis que le Parlement a donnés sur l'avant-projet de budget de l'État. (4) Le Ministre ayant les finances dans ses attributions présente à la séance conjointe des Chambres du Parlement le projet de budget de l'État de l'exercice budgétaire. (5) Toutefois, l'opportunité du projet de loi relative aux finances de l'État ainsi que son vote relèvent de la responsabilité de la Chambre des Députés. (6) Avant l'adoption définitive du budget de l'État, le Sénat doit soumettre à la Chambre des Députés son avis sur le projet de budget de l'État. <u>Article 200:</u> Compte-rendu et procès-verbal d'une séance conjointe des chambres du Parlement (1) Une séance conjointe des chambres du Parlement fait l'objet d'un compte-rendu et d'un procès-verbal.
---	---	---

(2) Inyandiko ivunaguye y'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yemezwa hakurikijwe uburyo buteganywa mu kwemeza inyandiko ivunaguye y'Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko wayoboye inama.	(2) Minutes of a joint sitting of the chambers of Parliament are adopted in accordance with the procedure for the minutes adoption of the Chamber having presided over the sitting.	(2) Le compte-rendu d'une séance plénière conjointe des chambres du Parlement est adopté selon la procédure d'adoption des compte-rendu de la Chambre ayant présidé la séance.
(3) Inyandiko mvugo y'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yemezwa n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko wayoboye inama mu buryo n'igihe biteganywa mu itegeko ngenga rigena imikorere y'uwo Mutwe.	(3) The verbatim report of a joint sitting of the chambers of Parliament is adopted by the Plenary Assembly of the chamber of Parliament having presided over the sitting in accordance with the conditions and time limits set out by the Organic Law determining the functioning of such chamber.	(3) Le procès-verbal d'une séance conjointe des chambres du Parlement est adopté par l'Assemblée plénière de la chambre ayant présidé la séance dans les conditions et délais fixés par la loi organique portant fonctionnement de cette chambre.
(4) Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko wayoboye inama ashyikiriza mu buryo bw'ikoranabuhanga inyandiko mvugo y'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko Perezida w'undi Mutwe, na we akayishyikiriza abagize Inteko Rusange y'Umutwe ayobora.	(4) The presiding officer of the chamber of Parliament having presided over the sitting submits by electronic means to the presiding officer of another chamber, the verbatim report of the joint sitting of the chambers of Parliament who, in turn, submits it to members of the Plenary Assembly of the Chamber of which he or she is the presiding officer.	(4) Le Président de la chambre du Parlement ayant présidé la séance transmet par voie électronique au président de l'autre chambre le procès-verbal de la séance conjointe des chambres du Parlement qui, à son tour, le soumet aux membres de l'Assemblée plénière de la chambre dont il assure la présidence.
(5) Umudepite cyangwa Umusenateri wifuza kugira icyo akosora ku nyandikomvugo abikora mu nyandiko ashyikiriza Perezida w'Umutwe abarizwamo na we akayimenyesha Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko wayoboye inama.	(5) A Deputy or a Senator wishing to make a correction to the verbatim report submits it in writing to the presiding officer of the chamber of which he or she is a member who, in turn, submits it to the presiding officer of the chamber of Parliament having presided over the sitting.	(5) Un député ou un sénateur qui désire apporter une correction au procès-verbal le fait par un écrit adressé au président de la chambre dont il est membre qui, à son tour, le transmet au président de la chambre du Parlement ayant présidé la séance.

(6) Inyandiko mvugo y'inama ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yemejwe ishyirwaho umukono n'Uwayoboye inama n'Umunyamabanga Mukuru w'uwo Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Undi Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugenerwa kopi. <u>Ingingo ya 201:</u> Kohereza muri Sena umushinga w'itegeko cyangwa itegeko ryatowe n'Umutwe w'Abadepite Perezida w'Umutwe w'Abadepite yohereza Perezida wa Sena umushinga w'itegeko watowe n'Umutwe w'Abadepite uri mu bubasha bwa Sena uherekejwe n'isobanurampamvu ryawo hamwe n'inyandiko ivunaguye igaragaza uburyo wemejwe n'Umutwe w'Abadepite. <u>Ingingo ya 202:</u> Guhagararira Umutwe w'Abadepite muri Sena Igihe umushinga w'itegeko watangijwe n'Umudepite woherejwe muri Sena, Biro y'Umutwe w'Abadepite igena uhagararira Umutwe w'Abadepite mu gihe hasuzumwa ishingiro ryawo, mu gihe usuzumirwa muri Komisiyo ihoraho cyangwa mu nama y'Abaperezida no mu gihe cyo kuwutora mu Nteko Rusange.	(6) The adopted verbatim report of the joint sitting of the chambers of Parliament is jointly signed by the chair of the sitting and the Clerk to the Chamber having presided over the sitting. The other chamber of Parliament is given a copy thereof. <u>Article 201:</u> Submission to the Senate of a bill or a law adopted by the Chamber of Deputies The Speaker of the Chamber of Deputies sends to the President of the Senate a bill adopted by the Chamber of Deputies which falls within the competence of the Senate accompanied with its explanatory note and minutes indicating how it was adopted by the Chamber of Deputies. <u>Article 202:</u> Representing the Chamber of Deputies in the Senate In the event a private member's bill is sent to the Senate, the Bureau of the Chamber of Deputies appoints a representative of the Chamber of Deputies when considering its relevance, when it is being considered in the Standing Committee or in the Conference of Chairpersons and when it is being adopted in Plenary sitting.	(6) Le procès-verbal de la séance conjointe des chambres du Parlement qui est adopté est consigné par le président de la séance et le Secrétaire général de la chambre du Parlement ayant présidé la séance. Il est réservé à l'autre chambre du Parlement une copie. <u>Article 201:</u> Transmission au Sénat d'un projet de loi ou d'une loi adoptée par la Chambre des Députés Le Président de la Chambre des Députés envoie au président du Sénat un projet de loi adoptée par la Chambre des Députés relevant de la compétence du Sénat, accompagné de son exposé de motifs et de son compte-rendu indiquant la manière dont elle a été adoptée par la Chambre des Députés. <u>Article 202:</u> Représentation de la Chambre des Députés au Sénat Lorsqu'une proposition de loi est envoyée au Sénat, le Bureau de la Chambre des Députés désigne un représentant de la Chambre des Députés lors de l'examen de son opportunité, lors de son examen en commission permanente ou dans la Conférence des Présidents ainsi que lors de son adoption en séance plénière.
--	--	---

<u>Ingingo ya 203:</u> Gusuzuma ubugororangingo bwakozwe na Sena ku mushinga w'itegeko wemejwe n'Umutwe w'Abadepite (1) Iyo itegeko riri mu bubasha bwa Sena ryatowe n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite Sena ikarikorera ubugororangingo, ubwo bugororangingo bwakozwe bushyikirizwa Inama y'Abaperezida cyangwa Komisiyo ihoraho yasuzumye uwo mushinga w'itegeko, igakorera Inteko Rusange raporo. (2) Iyo itegeko ryatowe ritanyuze muri Komisiyo ihoraho kugira ngo irisuzume, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Inama y'Abaperezida cyangwa Komisiyo ihoraho ifite uwo mushinga w'itegeko mu nshingano ubugororangingo bwakozwe na Sena. Inama y'Abaperezida cyangwa Komisiyo ihoraho irabusuzuma, igategurira Inteko Rusange raporo.	<u>Article 203:</u> Consideration of amendments made by the Senate to a bill adopted by the Chamber of Deputies (1) When a law falling within the competence of the Senate is adopted by the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies and the Senate makes amendments thereto, such amendments are submitted to the Conference of Chairpersons or to the Standing Committee having considered the bill, which makes a report for the Plenary Assembly. (2) When a law was adopted without going through the Standing Committee for consideration, the Speaker of the Chamber of Deputies submits amendments made by the Senate to the Conference of Chairpersons or to a Standing Committee whose responsibilities cover such a bill. The Conference of Chairpersons or the Standing Committee considers those amendments and makes a report for the Plenary Assembly.	<u>Article 203:</u> Examen des amendements apportés par le Sénat au projet de loi adopté par la Chambre des Députés (1) Lorsqu'une loi relevant de la compétence du Sénat est adoptée par l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés et que le Sénat y apporte des amendements, ces derniers sont soumis à la conférence des Présidents ou à la commission permanente ayant examiné ce projet de loi qui fait le rapport à l'Assemblée plénière. (2) Lorsqu'une loi a été adoptée sans passer par la commission permanente, le président de la Chambre des Députés transmet les amendements apportés par le Sénat à la conférence des Présidents ou à la commission permanente dont les attributions couvrent ce projet ou cette proposition de loi. La conférence des Présidents ou la commission permanente examine ces amendements et fait le rapport à l'Assemblée plénière.
<u>Ingingo ya 204:</u> Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko (1) Iyo itegeko ryose ritatowe na Sena cyangwa iyo ubugororangingo Sena yarikozeho butemewe n'Umutwe w'Abadepite, hashyirwaho Komisiyo ihuriweho n'Imitwe	<u>Article 204:</u> Joint Committee of the Parliament (1) When the Senate does not adopt a law or if amendments made thereto by the Senate are not approved by the Chamber of Deputies, a joint committee of the Parliament,	<u>Article 204:</u> Commission paritaire du Parlement (1) Lorsque le Sénat n'adopte pas une loi ou lorsque les amendements du Sénat ne sont pas approuvés par la Chambre des Députés, il est constitué une commission paritaire du

yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, igizwe n'Abadepite batanu n'Abasenateri batanu, igatanga umwanzuro ku ngingo zikomeje kugibwaho impaka.	composed of five Deputies and five Senators is established for it to propose a recommendation on the provisions which remain the subject of a disagreement.	Parlement, composée de cinq députés et de cinq sénateurs, pour proposer une recommandation sur les dispositions faisant l'objet d'un désaccord persistant.
(2) Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora kandi gushyirwaho, byemejwe n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, kugira ngo ifate umwanzuro ku kindi kibazo kigaragaye mu itegeko ryatowe n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igihe cyose ritaroherezwa gutangazwa.	(2) A joint committee of the Parliament may also be set up, upon approval by the Plenary Assembly of each chamber of Parliament by a three-fifth majority vote of its members, to decide on any other matter identified in the law adopted by both chambers of Parliament as long as that law has not yet been submitted for promulgation.	(2) Une commission paritaire du Parlement peut également être mise en place, après approbation par l'Assemblée plénière de chaque chambre du Parlement à la majorité des trois cinquièmes des voix de ses membres, pour statuer sur tout autre problème constaté dans une loi déjà adoptée par les deux chambres du Parlement aussi longtemps que cette loi n'est pas encore soumise pour promulgation.
(3) Perezida w'Umutwe w'abadepite ashikiraniza Perezida wa Sena amazina y'Abadepite n'impamvu igaragaza ibyashyigirwaho n'Umutwe w'Abadepite mu kutemera umwanzuro wa Sena.	(3) The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to the President of the Senate names of Deputies and states the reasons having prompted the Chamber of Deputies to reject the recommendation of the Senate.	(3) Le Président de la Chambre des Députés soumet au Président du Sénat les noms des députés et indique les raisons ayant motivé le refus par la Chambre des Députés d'adopter la recommandation du Sénat.
(4) Mu gihe kitarenze iminsi irindwi, ashikiranijwe ayo mazina, Perezida wa Sena amenyesha Perezida w'Umutwe w'Abadepite amazina y'Abasenateri batanu bagize Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.	(4) Within seven days of receipt of such names, the President of the Senate notify the Speaker of the Chamber of Deputies of the names of five Senators to sit on the joint committee of the Parliament.	(4) Dans les sept jours suivant la réception de ces noms, le Président du Sénat notifie au Président de la Chambre des Députés les noms de cinq sénateurs membres de la commission paritaire du Parlement.
(5) Inama ya mbere ya Komisiyo Ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko itumizwa mu nyandiko ku	(5) The first meeting of the joint committee of the Parliament is convened in writing after mutual consultation between the heads of	(5) La première réunion de la commission paritaire du Parlement est convoquée par écrit après concertation mutuelle entre les

bwumvikane hagati y'abayobozi b'amatsinda. Muri iyo nama abagize Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bitoramo uyiyobora n'umwungirije.	groups. During that meeting, members of the joint committee of the Parliament elect from among themselves a chairperson and a deputy chairperson to that Committee.	responsables des groupes. Au cours de cette réunion, les membres de la commission paritaire élisent en leur sein un président et un vice-président de cette Commission.
<u>Ingingo ya 205: Raporo ya Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko</u>	<u>Article 205: Report of the joint committee of the Parliament</u>	<u>Article 205: Rapport de la commission paritaire du Parlement</u>
(1) Raporo ikubiyemo imyanzuro yumvikanyweho na Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yoherezwa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, igatorwa nta bundi bugororangingo.	(1) The report of a compromise text reached by the joint committee of the Parliament is sent to each chamber of Parliament for it to be voted without any other amendments.	(1) Le rapport du texte de compromis entre les membres de la commission paritaire du Parlement est envoyé à chaque chambre du Parlement pour un vote sans autres amendements.
(2) Mu gihe Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko itumvikanye ku mwanzuro cyangwa iyo umwanzuro utemewe n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa udatowe n'umwe mu Mitwe y'Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'itegeko usubizwa uwawutangije.	(2) If the joint committee of the Parliament fails to reach a compromise text or if a compromise text is not adopted by both of chambers of Parliament or by either chamber of Parliament, the bill is returned to the initiator.	(2) Lorsque la commission paritaire du Parlement n'aboutit pas à un texte de compromis ou que ce dernier n'est pas adopté par les deux chambres du Parlement ou par l'une ou l'autre chambre du Parlement, le projet ou la proposition de loi est renvoyé à son initiateur.
(3) Umushinga w'itegeko wasubijwe uwawutangije muri ubwo buryo, uwawutangije ashobora kongera kuwugarura igihe icyo ari cyo cyose.	(3) The bill having been returned to its initiator under such circumstances may be reintroduced at any time by the initiator.	(3) Le projet ou la proposition de loi renvoyé à l'initiateur dans ces conditions, peut être réintroduit à tout moment par l'initiateur.
(4) Iyo uwatangije umushinga w'itegeko ashatse ko wongeraga gusuzumwa n'Inteko	(4) If the initiator of a bill wishes to reintroduce it, he or she submits it to the Speaker of the	(4) Lorsque l'initiateur du projet ou de la proposition de loi veut réintroduire ce texte,

Ishinga Amategeko, awushyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite. (5) Mu gihe cyo gutanga raporo mu Nteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite, ukuriye Abadepite bahagarariye Umutwe w'Abadepite muri Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ntaboneke, raporo itangwa n'Umudepite mukuru mu myaka y'amavuko mu bagize itsinda. <u>Ingingo ya 206:</u> Gushyikiriza Perezida wa Repubulika itegeko ryatowe na Sena Perezida w'Umutwe w'Abadepite ni we ushyikiriza Perezida wa Repubulika itegeko ryatowe na Sena kugira ngo arishyireho umukono mbere y'uko ritangazwa, iyo – (a) Sena yaritoye nta bugororangingo irikozeho; (b) Sena yarikoreye ubugororangingo bukemerwa n'Umutwe w'Abadepite; (c) Inteko Rusange z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zemeye umwanzuro wa Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.	Chamber of Deputies. (5) In the absence of the head of the group of Deputies representing the Chamber of Deputies in the joint committee of the Parliament during the presentation of the report before the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies, the report is presented by the eldest Deputy of the group. <u>Article 206:</u> Transmission of the law adopted by the Senate to the President of the Republic The Speaker of the Chamber of Deputies submits the law adopted by the Senate to the President of the Republic for promulgation where– (a) a bill is adopted by the Senate without amendments; (b) the Senate's amendments are accepted by the Chamber of Deputies; (c) the Plenary Assemblies of both chambers of Parliament accept the compromise text of the joint parliamentary committee.	il le soumet au président de la Chambre des Députés. (5) En cas d'absence du chef du groupe de députés représentant la Chambre des Députés dans la commission paritaire du Parlement lors de la présentation du rapport à l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés, le rapport est présenté par le député le plus âgé du groupe. <u>Article 206:</u> Transmission de la loi adoptée par le Sénat au Président de la République Le Président de la Chambre des Députés soumet la loi adoptée par le Sénat au Président de la République pour promulgation lorsque– (a) un projet de loi est voté par le Sénat sans amendements; (b) les amendements apportés par le Sénat sont acceptés par la Chambre des Députés; (c) les assemblées plénières des deux chambres du Parlement acceptent le texte de compromis de la commission paritaire du Parlement.
--	--	---

<u>Ingingo ya 207:</u> Kugeza ku Nteko Rusange y’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko raporo ya komisiyo y’Igihugu cyangwa y’urwego rwihariye	<u>Article 207:</u> Presentation of a report of a national commission or a specific organ in a joint sitting of the chambers of Parliament	<u>Article 207:</u> Présentation du rapport d’une commission nationale ou d’un organe particulier devant la séance conjointe des chambres du Parlement
(1) Komisiyo y’Igihugu cyangwa urwego rwihariye biteganywa n’Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko ko bishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko raporo, biyishyikiriza Perezida wa buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko mu nyandiko. Iyo Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko iteraniye hamwe mu nama yo kugezwaho iyo raporo, umuyobozi wa Komisiyo y’Igihugu cyangwa umukuru w’urwego rwihariye agenerwa umwanya wo kuyisobanura mu ncamake, yaba adahari igasobanurwa n’umwungirije.	(1) National commissions or specific organs required by the Constitution and other laws to submit their respective reports to Parliament submit them to the presiding officer of each chamber of Parliament in writing. When both chambers of Parliament are holding a joint sitting so that such reports are tabled before it, the head of the national commission or the specific organ or, in his or her absence, his or her Deputy, is given the opportunity to orally present the report.	(1) La commission nationale ou l’organe particulier prévus dans la Constitution et d’autres lois qu’ils soumettent leur rapport au Parlement, les soumettent au Président de chacune des deux chambres du Parlement, par écrit. Si les deux chambres du Parlement sont réunies en séance conjointe lors de la présentation de ces rapports, le responsable de la commission nationale ou de l’organe particulier ou, en cas de son absence, son adjoint est donné l’occasion pour présenter oralement ce rapport.
(2) Abagize Inteko Ishinga Amategeko bagira uburenganzira bwo gusobanura ibikubiye muri iyo raporo.	(2) Members of Parliament have the right to seek explanations on the content of the report.	(2) Les membres du Parlement ont le droit demander des explications sur le contenu du rapport.
(3) Inteko Rusange imaze gusobanurirwa raporo ya komisiyo y’Igihugu cyangwa y’urwego rwihariye, Perezida w’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba ayishyikiriza Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano.	(3) After the report of the national Commission or the specific organ was presented to the Plenary Session, the Presiding officer of the relevant Chamber of Parliament submits it to the Standing Committee in whose responsibilities it falls.	(3) Après que le rapport de la Commission nationale ou de l’organe spécifique a été présenté à la séance plénière, le président de la chambre concernée du Parlement le soumet à la commission permanente dont il relève.
(4) Komisiyo ihoraho ya buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko yashyikirijwe raporo ya komisiyo y’Igihugu cyangwa iy’urwego	(4) The Standing Committee of each Chamber of Parliament to which the report of the national Commission or the specialized	(4) La Commission de chaque chambre du Parlement saisie du rapport de la Commission nationale ou de l’organe

rwihariye irayisuzuma ikayikorera raporo. (5) Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko isuzuma umushinga w'imyanzuro ya Komisiyo ihoraho yasuzumye raporo ikayifataho icyemezo. Icyemezo gifashwe gishyikirizwa inzego bireba. (6) Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ishobora gusaba raporo ku kibazo cyihariye kiri mu nshingano za komisiyo y'Igihugu cyangwa iy'urwego rwihariye. <u>Ingingo ya 208: Ibdateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko</u> (1) Imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igengwa n'itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. (2) Iyo hari ikibazo kireba Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko kidateganyijwe n'iri tegeko ngenga, Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zumvikana ku buryo cyakemuka. Iyo hakenewe umwanzuro w'Inteko Rusange, bishyikirizwa Inteko	organ is assigned considers the same and prepares a report thereon. (5) The Plenary Assembly of each Chamber of Parliament considers the draft resolutions of the Standing Commission which examined the report and takes a decision thereon. (6) The Plenary Sitting of each Chamber of the of Parliament may demand a report on a specific question falling within the responsibilities of the National Commission or of a specific organ. <u>Article 208: Matters not covered in this Organic Law regarding relations between both chambers of Parliament</u> (1) Relations between both chambers of Parliament are governed by the Organic Law determining the functioning of each chamber of Parliament. (2) Matters not covered in this Organic Law regarding relations between both chambers of Parliament are settled by consensus between the Bureaus of both Chambers of Parliament. In case the resolution by the Plenary Assembly is needed, the matter is submitted to the Plenary assembly of each	spécialisé l'examine et en fait rapport. (5) L'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement examine le projet de recommandations de la Commission permanente qui a examiné le rapport et en prend une décision. (6) L'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement peut exiger un rapport sur une question spécifique rentrant dans les attributions de la Commission nationale ou de l'organe spécifique. <u>Article 208: Matières non couvertes dans la présente loi organique concernant les relations entre les deux chambres du Parlement</u> (1) Les relations entre les deux chambres du Parlement sont régies par la loi organique portant fonctionnement de chaque chambre du Parlement. (2) Les matières non couvertes par la présente loi organique concernant les relations entre les deux chambres du Parlement sont réglées par consensus entre les Bureaux des deux chambres du Parlement. En cas de besoin d'une résolution de l'Assemblée plénière, la question est soumise à l'Assemblée plénière
--	---	--

Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo ibifateho icyemezo. <u>Icyciro cya 2:</u> Amahuriro cyangwa amashami y'amahuriro mpuzamahanga y'Abadepite n'Abasenateri <u>Ingingo ya 209:</u> Ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri Hashobora gushyirwaho ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri hakurikijwe amategeko agenga buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. <u>Ingingo ya 210:</u> Gusaba no kwemera ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri (1) Gushyiraho ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri bisabwa n'Abadepite nibura batanu n'Abasenateri nibura batatu. (2) Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko	Chamber of Parliament for decision. <u>Section 2:</u> Networks, forums or national chapters of international networks or forums bringing together Deputies and Senators <u>Article 209:</u> Establishment of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators A network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators may be established in accordance with the legal provisions governing each chamber of Parliament. <u>Article 210:</u> Request and approval of the establishment of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and senators (1) The establishment of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and Senators is requested by at least five Deputies and at least three Senators. (2) The Plenary Assembly of each Chamber of	de chaque Chambre du Parlement pour décision. <u>Section 2:</u> Réseaux, forums ou sections nationales des réseaux ou forums internationaux regroupant les députés et les sénateurs <u>Article 209:</u> Création d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs Il peut être créé un forum, un réseau, ou une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs, conformément aux dispositions légales régissant chaque chambre du Parlement. <u>Article 210:</u> Demande et approbation de la création d'un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs (1) La constitution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs est demandée par au moins cinq députés et au moins trois sénateurs. (2) L'Assemblée plénière de chaque Chambre
---	---	--

Ishinga Amategeko ni yo yemeza ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriwaho n'Abadepite n'Abasenateri.	the Parliament approves the establishment of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and Senators.	du Parlement approuve la création d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international de députés et de sénateurs.
(3) Ibaruwa isaba ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriwaho n'Abadepite n'Abasenateri kimwe n'inyandiko isobanura intego na gahunda byaryo bishyikirizwa Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, bikumvikanwaho na Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko mbere yo gushyirwa ku murongo w'ibygwa n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(3) A letter requesting for the establishment of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators and the concept note setting out its mission and programme are submitted to the presiding officer of each Chamber and discussed in a joint meeting of the Bureaus of both chambers of Parliament before being placed on the agenda of the Plenary Assembly of each chamber of Parliament.	(3) La lettre de demande de création d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs ainsi que la note conceptuelle exposant sa mission et son programme sont transmises au Président de chaque chambre et discutées dans une réunion conjointe des Bureaux des deux chambres du Parlement avant d'être inscrites à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière de chaque chambre du Parlement.
(4) Abasabye gushyiraho Ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga bitoramo uhabwa umwanya wo gutanga ibisobanuro bijyanye n'aryo mu Nteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko abarizwamo.	(4) Initiators of a network or a forum or a national chapter of an international network or forum elect from among themselves the Senator or the Deputy who is given the opportunity to provide explanations concerning such network or forum in the Plenary Assembly of the Chamber to which he or she belongs.	(4) Les initiateurs d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international élisent en leur sein un sénateur ou un député à qui il est accordé l'opportunité de donner des explications relatives à ce réseau ou forum à l'Assemblée plénière de la chambre à laquelle il appartient.
<u>Ingingo ya 211:</u> Amategeko shingiro y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriwaho n'Abadepite n'Abasenateri	<u>Article 211:</u> Statutes of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and Senators	<u>Article 211:</u> Statuts d'un réseau, d'un forum ou une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs
(1) Ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriwaho n'Abadepite	(1) A network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing	(1) Un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou forum international

n'Abasenateri rishyiraho amategeko shingiro arigenga.	together Deputies and Senators establishes its statutes.	regroupant les députés et les sénateurs établit ses statuts.
(2) Amategeko shingiro y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri agomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:	(2) the statutes of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators must contain at least the following:	(2) les statuts d'un forum ou forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs doivent mentionner au moins ce qui suit:
(a) intego z'ihuriro cyangwa z'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri n'igihe rizamara;	(a) the objective of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators and its duration;	(a) l'objectif d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau international regroupant les députés et les sénateurs et sa durée;
(b) kuba umunyamuryango w'ihuriro cyangwa w'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri;	(b) to be a member of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators;	(b) être membre d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs;
(c) inzego z'ihuriro cyangwa iz'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri;	(c) organs of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators;	(c) les organes d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs;
(d) inkomoko y'umutungo w'ihuriro cyangwa w'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri;	(d) source of the property of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators;	(d) source du patrimoine d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs;
(e) imikorere y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri;	(e) functioning of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together	(e) le fonctionnement d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international

(f) imikoranire y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri n'izindi nzego; (g) iseswa ry'ihuriro cyangwa ry'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri. <u>Ingingo ya 212:</u> Kwemeza amategeko shingiro y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri no gutora abayobozi bayo (1) Iyo Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko imaze kwemera ishyirwaho ry'ihuriro cyangwa ry'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri, inama ya mbere y'iryo huriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga yemeza amategeko shingiro ikanatora abayobozi baryo. (2) Igikorwa gitangiza ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga n'inyandiko zirishinga bimenyeshwa ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.	Deputies and Senators; (f) relations between a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators and other institutions; (g) dissolution of a network, a forum or a section of an international network or forum bringing together Deputies and Senators. <u>Article 212:</u> Adoption of the statutes of a network or forum or national chapter of an international network or forum and election of members thereof (1) After the approval of the Plenary Assembly, other parliamentarians may be added to the deputies and senators who have requested the establishment of a network, a forum or a national chapter of an international network or a forum during the official launch of such a network or forum. (2) The official launch of a network or forum and its constituent instruments are communicated to the presiding officers of the both chambers of Parliament.	regroupant les députés et les sénateurs; (f) les relations entre un réseau, un forum ou une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs et d'autres institutions; (g) dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs. <u>Article 212:</u> Adoption des Statuts d'un réseau ou d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international et élection de leurs membres (1) Après l'approbation de l'Assemblée plénière, d'autres parlementaires peuvent s'ajouter aux députés et aux sénateurs ayant demandé la création d'un réseau, d'un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international lors du lancement officiel de ce réseau ou de ce forum. (2) Le lancement officiel d'un réseau ou d'un forum et ses actes constitutifs sont communiqués aux présidents des deux chambres du Parlement.
---	---	--

<u>Ingingo ya 213:</u> icyemezo gishyiraho ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri Icyemezo cyo gushyiraho Ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri kigaragaza abarihagarariye gishyirwaho umukono na Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Perezida wa Sena. <u>Ingingo ya 214:</u> Raporo y'ibikorwa by'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri (1) Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri rishyikiriza Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko gahunda na raporo y'ibikorwa byaryo. (2) Iyo Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko yakiriye raporo y'ibikorwa ayishyikiriza abagize uwo Mutwe. (3) Mu gihe hari ibyo raporo y'ibikorwa yagaragaje bishobora gufatwaho icyemezo,	<u>Article 213:</u> Decision to establish a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators The decision to establish a network, a forum or a national chapter of an international network or forum indicating its representatives is co-signed by the Speaker of the Chamber of Deputies and the President of the Senate. <u>Article 214:</u> Activity report of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators (1) Each quarter and whenever necessary, a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators submits the action plan and activity report to the presiding officer of each chamber of Parliament. (2) When the President of each Chamber receives this report, he or she submits it to members of the concerned Chamber. (3) Where the activity report indicates that there are matters requiring a decision, the Bureau	<u>Article 213:</u> Décision de créer un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs La décision de créer un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international indiquant ses représentants est co-signée par le président de la Chambre des Députés et le président du Sénat. <u>Article 214:</u> Rapport d'activités d'un réseau, d'un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs (1) Chaque trimestre et chaque fois que de besoin, un réseau, un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs soumet son plan d'action et son rapport d'activités au président de chaque chambre du Parlement. (2) Lorsque le président de chaque Chambre du Parlement reçoit ce rapport, il le soumet aux membres de la Chambre concernée. (3) Lorsque le rapport d'activité indique qu'il existe des questions nécessitant une
--	---	---

Biro z’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko zumvikana ku gikwiye gukorwa. <u>Ingingo ya 215: Kureberera ihuriro cyangwa ishami ry’ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n’Abadepite n’Abasenateri na raporo y’umutungo</u> (1) Ku bwumvikane bwa Biro z’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko, buri huriro cyangwa ishami ry’ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n’Abadepite n’Abasenateri rigira Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko urireberera. (2) Buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko uteganya mu ngengo y’imari yawo amafaranga ugenera buri mwaka ihuriro cyangwa ishami ry’ihuriro mpuzamahanga ureberera. (3) Umunyamabanga Mukuru w’Umutwe w’Abadepite akora buri mwaka n’igihe cyose bibaye ngombwa raporo y’imikoreshereze y’umutungo w’ihuriro cyangwa w’ishami ry’ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n’Abadepite n’Abasenateri rirebererwa n’Umutwe w’Abadepite, akayishyikiriza Perezida w’Umutwe w’Abadepite, akagera kopi Perezida wa Sena n’ubuyobozi bw’iryo	of both Chambers agree on action to be undertaken. <u>Article 215: Supervising a network or a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together members of Parliament and financial report</u> (1) Upon an agreement between the Bureaus of both chambers Parliament, each network or forum or each national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators has a supervising chamber of Parliament which serves as its supervisory body. (2) Each chamber of Parliament includes in its budget an annual financial allocation to a network, a forum or a national chapter of an international network or forum under its supervision. (3) The Clerk of the Chamber of Deputies makes annually and whenever necessary a financial report of a network, a forum or a national chapter of international network or forum bringing together Deputies and Senators, which is supervised by the Chamber of Deputies and submits it to the Speaker of the Chamber of Deputies, with a copy to the President of the Senate and the leadership of that network, forum or chapter of	décision, les bureaux des deux chambres conviennent des mesures à prendre. <u>Article 215: Servir de tutelle d’un réseau ou d’un forum ou une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs et rapport financier</u> (1) Après accord entre les Bureaux des deux chambres du Parlement, chaque réseau, forum ou chaque section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs a une chambre du Parlement qui lui sert de tutelle. (2) Chaque chambre du Parlement prévoit dans son budget une allocation financière annuelle en faveur d’un réseau, forum ou une section nationale du réseau ou du forum international dont elle assure la tutelle. (3) Le Secrétaire général prépare chaque année et chaque fois que nécessaire un rapport financier d’un réseau, d’un forum ou d’une section d’un réseau ou d’un forum international regroupant les députés et les sénateurs, dont l’organe de tutelle est la Chambre des Députés et le soumet au Président de la Chambre des Députés avec copie au Président du Sénat et au leadership de ce réseau, forum ou de cette section
---	--	--

huriro cyangwa bw'iryo shami ry'ihuriro mpuzamahanga. <u>Ingingo ya 216:</u> Gukurikirana imikorere y'Ihuriro cyangwa iy'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zikurikirana imikorere y'ihuriro cyangwa iy'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri hakurikijwe itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. <u>Ingingo ya 217:</u> Gusesa ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri (1) Ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri rishobora guseswa iyo rinyuranyije n'inshingano n'imikorere y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa iyo impamvu zashingiweho rishyirwaho zagezweho. (2) Gusesa ihuriro cyangwa ishami ry'Ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri bishobora gusabwa –	international network or forum. <u>Article 216:</u> Monitoring of the functioning of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators The Bureaus of both chambers of Parliament monitor the functioning of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators in accordance with the Organic Law determining the functioning of each chamber of Parliament. <u>Article 217:</u> Dissolution of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators (1) A network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators may be dissolved when it is contrary to the mission and functioning of the Parliament or if the purpose of its establishment has been achieved. (2) The request to dissolve a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators may be made by –	nationale du réseau ou du forum international. <u>Article 216:</u> Suivi du fonctionnement d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs Les Bureaux des deux chambres du Parlement suivent le fonctionnement d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs conformément à la loi organique portant fonctionnement de chaque chambre du Parlement. <u>Article 217:</u> Dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs (1) Un réseau, un forum ou une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs peut être dissout lorsqu'il est contraire à la mission et au fonctionnement du Parlement ou lorsque l'objectif de sa création a été atteint. (2) La demande de dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs peut
---	--	---

(a) na kimwe cya gatatu cy'abagize ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri; (b) nibura n'Abadepite batanu cyangwa nibura n'Abasenateri batatu batari mu ihuriro cyangwa mu ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri; (c) n'Inama Rusange y'ihuriro cyangwa y'ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri. (3) Abasaba ko ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri riseswa bandikira ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko. (4) Ubusabe bwo gusesa ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri busuzumwa na Biro z'Imitwe yombi z'Inteko Ishinga Amategeko.	(a) one third of the members of the network, the forum or the national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators; (b) at least five Deputies or three Senators who are not members of the network, forum or the national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators; (c) the General Assembly of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators. (3) Those who request for the dissolution of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators make a written request addressed to the Presiding Officers for both Chambers of Parliament. (4) The request for the dissolution of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators is considered by the Bureaus of both Chambers of Parliament.	être formulée par – (a) un tiers des membres du réseau, du forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs; (b) au moins cinq députés ou trois sénateurs non membres du réseau, du forum ou d'une section nationale du réseau ou forum international regroupant les députés et les sénateurs; (c) L'Assemblée générale d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs. (3) Ceux qui demandent la dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs le font par une lettre adressée aux Présidents des deux Chambres du Parlement. (4) La demande de dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale d'un réseau ou d'un forum international regroupant les députés et les sénateurs est examinée par les Bureaux des deux Chambres du Parlement.
---	--	---

(5) icyemezo cyo gusesa ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri gifatwa n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(5) The decision of the dissolution of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum bringing together Deputies and Senators is taken by the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament.	(5) La décision de dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs est prise par l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement.
(6) icyemezo cyo gusesa ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga rihuriweho n'Abadepite n'Abasenateri gifashwe n'Umutwe umwe w'Inteko Ishinga Amategeko gisesa ihuriro cyangwa ishami ry'ihuriro mpuzamahanga.	(6) The decision by one Chamber of Parliament to dissolve a network, a forum or an international network or forum bringing together Deputies and Senators takes effect of dissolution of a network, a forum or a national chapter of an international network or forum.	(6) La décision de dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs prise par l'une des Chambres du Parlement prend effet de dissolution d'un réseau, d'un forum ou d'une section nationale du réseau ou du forum international regroupant les députés et les sénateurs.
<u>Icyiciro cya 3: Itsinda ry'ubucuti rihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko</u>	<u>Section 3: Parliamentary joint friendship group</u>	<u>Section 3: Groupe d'amitié parlementaire conjoint</u>
<u>Ingingo ya 218: Ishyirwaho ry'itsinda ry'ubucuti rihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, abarigize n'ubuyobozi bwaryo</u>	<u>Article 218: Establishment of a joint friendship group, its members and leaders</u>	<u>Article 218: Groupe d'amitié parlementaire conjoint, ses membres et dirigeants</u>
(1) Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, zemeza ishyirwaho ry'itsinda ry'ubucuti rihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ritsura umubano n'Inteko Ishinga Amategeko y'ikindi gihugu gifite Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'Imitwe ibiri.	(1) The Bureaus of both Chambers of Parliament adopt the establishment of a parliamentary joint friendship group that maintains cooperation with a friendship group of a Parliament of a country with a bicameral parliament.	(1) Les Bureaux des deux Chambres du Parlement adoptent la création d'un groupe d'amitié parlementaire conjoint qui entretient une coopération avec un groupe d'amitié d'un Parlement d'un pays à parlement bicaméral.

(2) Biro z’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko zumvikana ku bagize itsinda ry’ubucuti rihuriweho n’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko n’abayobozi baryo.	(2) The Bureaus of the two Chambers of Parliament agree on the members of the joint parliamentary friendship group and its leaders.	(2) Les Bureaux des deux Chambres du Parlement conviennent des membres du groupe d’amitié parlementaire conjoint et ses dirigeants.
(3) Biro z’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko zumvikana ku Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko ureberera itsinda ry’ubucuti rihuriweho n’imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko.	(3) The Bureaus of both Chambers of Parliament agree on which Chamber is the supervising authority of the parliamentary joint friendship group.	(3) Les Bureaux des deux Chambres du Parlement s’accordent sur la Chambre qui est l’autorité de tutelle du groupe d’amitié parlementaire conjoint.
<u>Ingingo ya 219:</u> Gahunda na raporo y’ibikorwa by’itsinda ry’ubucuti rihuriweho n’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko	<u>Article 219:</u> Action plan and activity report of a parliamentary joint friendship group	<u>Article 219:</u> Plan d’action et rapport d’activités d’un groupe d’amitié parlementaire conjoint
Buri tsinda ry’ubucuti rihuriweho n’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko rishyikiriza gahunda na raporo y’ibikorwa Perezida wa buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko.	Each parliamentary joint friendship group submits its action plan and activity report to the Presiding Officer of each Chamber of Parliament.	Chaque groupe d’amitié parlementaire conjoint soumet son plan d’action et rapport d’activités au Président de chaque Chambre du Parlement.
<u>UMUTWE WA XI: IMIKORANIRE Y’INTEKO ISHINGA AMATEGEKO N’IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO</u>	<u>CHAPTER XI: RELATIONS BETWEEN THE PARLIAMENT AND OTHER PARLIAMENTS</u>	<u>CHAPITRE XI: RELATIONS ENTRE LE PARLEMENT ET AUTRES PARLEMENTS</u>
<u>Ingingo ya 220:</u> Itorwa ry’abahagarariye u Rwanda mu miryango mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko	<u>Article 220:</u> Election of a representative of Rwanda in inter-parliamentary bodies	<u>Article 220:</u> Élection d’un représentant du Rwanda au sein des organismes interparlementaires
(1) Buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko utora abahagarariye u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y’Umuryango Inteko	(1) Each Chamber of Parliament elects Rwanda representatives to the inter-parliamentary body of which Rwanda is a member in	(1) Chaque Chambre du Parlement élit les représentants du Rwanda à l’organisme interparlementaire dont le Rwanda est

Ishinga Amategeko y'u Rwanda ibereye umunyamuryango hakurikijwe amategeko abigenga. (2) Mu gihe Abasenateri barangije manda cyangwa Umutwe w'Abadepite usheshwe, abatorewe guhagararira u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ibereye umunyamuryango batakaza iyo nshingano muri iyo Nteko Ishinga Amategeko. <u>Ingingo ya 221: Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko n'inyandiko by'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba</u> (1) Iyo Abanyamabanga Bakuru b'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko bakiriye imishinga y'amategeko n'izindi nyandiko zose zagiweho impaka mu nama y'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, babishyikiriza ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko. (2) Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko yoherereza iyo mishinga y'amategeko n'izo nyandiko abagize uwo Mutwe na Komisiyo ihoraho ifite mu nshingano ibirebana n'iyi mishinga y'amategeko n'izo nyandiko.	accordance with the relevant laws. (2) In the event that the Senators complete their mandate or the Chamber of Deputies is dissolved, those elected to represent Rwanda to the inter-parliamentary body of which the Parliament of Rwanda is a member lose that status in that body. <u>Article 221: Providing opinions on bills and documents of the East African Legislative Assembly</u> (1) When the Clerks of the Chambers of Parliament receive bills and all other documents debated in the East African Legislative Assembly, they submit them to the presiding officers of both Chambers of Parliament. (2) The Presiding officer of each Chamber of Parliament sends those bills and documents to all Senators and Deputies and to the Standing Committee in charge of those bills and documents.	membre conformément à la législation en la matière. (2) Dans le cas où les sénateurs terminent leur mandat ou si la Chambre des Députés est dissoute, ceux qui étaient élus pour représenter le Rwanda à l'organisme interparlementaire dont le Rwanda est membre perdent cette qualité au sein de cet organisme. <u>Article 221: Formulation des avis sur les projets de loi et les documents de l'Assemblée législative de l'Afrique de l'Est</u> (1) Lorsque les Secrétaires Généraux des Chambres du Parlement reçoivent les projets de loi et tous les autres documents débattus dans l'Assemblée législative de l'Afrique de l'Est, ils les soumettent aux présidents des deux Chambres du Parlement. (2) Le Président de chaque chambre du parlement envoie ces projets de loi et ces documents à tous les sénateurs et députés ainsi qu'à la Commission permanente ayant ces projets de loi et ces documents dans ses attributions.
---	---	---

(3) Komisiyo zihoraho z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zibifite mu nshingano zisuzumira hamwe imishinga y'amategeko n'inyandiko by'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba.	(3) The Standing Committees of both Chambers of Parliament having such Bills and Documents within their remit shall jointly consider the Bills and Documents of the East African Legislative Assembly.	(3) Les Commission permanentes des deux Chambres du Parlement ayant ces projets de loi et ces documents dans leurs attributions examinent conjointement les projets de lois et documents de l'Assemblée législative de l'Afrique de l'Est.
(4) Komisiyo zihoraho zifite mu nshingano ibirebana n'imishinga y'amategeko n'inyandiko bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, zishobora gusaba ko hatumirwa Minisitiri ufite mu nshingano Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba kugira ngo azihe ibisobanuro bikenewe.	(4) The Standing Committees in charge of bills and documents referred to in Paragraph (1) of this Article may request that the Minister in charge of East African Community affairs be invited to give them necessary explanations.	(4) Les commission permanentes en charge des projets de loi et documents visés au paragraphe (1) du présent article peuvent demander que le Ministre chargé des affaires de la Communauté de l'Afrique de l'Est soit invité à leur donner les explications nécessaires.
(5) Minisitiri ufite mu nshingano ze Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba ashobora no gutumirwa mu Nteko Rusange y'Umutwe bireba iyo bikenewe.	(5) The Minister in charge of East African Community affairs may be invited in the Plenary Assembly concerned if need be.	(5) Le Ministre chargé des affaires de la Communauté de l'Afrique de l'Est peut être invité à l'Assemblée Plénière concernée en cas de besoin.
(6) Komisiyo zisuzuma imishinga y'amategeko n'izindi nyandiko bivugwa muri iyi ngingo zumvikana kuri raporo ishyikirizwa Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Raporo yumvikanyweho yemezwa mu Nteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(6) The Standing Committees consider such bills and documents referred to in this Article and agree on the report to be tabled before the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament. The agreed-upon report is adopted by the Plenary Assembly of each chamber of Parliament.	(6) Les commissions permanentes examinent ces projets de loi et autres documents visés au présent article et s'accordent sur le rapport à soumettre à l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement. Le rapport convenu est adopté par chaque chambre du Parlement.
(7) Abanyamabanga Bakuru b'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko mu ibaruwa imwe, bashyikiriza Umunyamabanga Mukuru w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba inyandiko	(7) The Clerks of both chambers of Parliament, through a co-signed letter, transmit to the Clerk to the East African Legislative Assembly all records and decisions including opinions of the Parliament in	(7) Les Secrétaires généraux des deux Chambres du Parlement transmettent, par une lettre cosignée, au Secrétaire général de l'Assemblée législative de l'Afrique de l'Est tous les documents et toutes les décisions

n'ibyemezo byose bikubiyemo ibitekerezo by'Inteko Ishinga Amategeko hakurikijwe ibiteganywa n'amasezerano ashingira Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba. <u>Ingingo ya 222:</u> Isuzumwa ry'inyandiko z'izindi Nteko zishinga Amategeko n'indi miryango u Rwanda rubereye umunyamuryango (1) Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko amenyesha Komisiyo ihoraho ifite mu nshingano zayo ibirebana n'inyandiko y'indi Nteko Ishinga Amategeko cyangwa y'umuryango Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ibereye umunyamuryango. (2) Mu gihe bigaragaye ko hari icyemezo gishobora gufatwa n'Inteko Rusange kuri icyo nyandiko, Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko zishingiye kuri icyo raporo zumvikana ku cyakorwa. Mu gihe hakenewe ko byemezwa n'Inteko Rusange, byemezwa n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. <u>Ingingo ya 223:</u> Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko Gutsura umubano hagati y'Inteko Ishinga	accordance with the Treaty for the Establishment of the East African Community. <u>Article 222:</u> Consideration of records of other Parliaments and other bodies of which Rwanda is a member (1) The presiding officer of each chamber of Parliament communicates to the relevant standing committee records of another Parliament or other organization in which the Parliament of Rwanda has membership. (2) If it is noticed that a decision should be taken the plenary sitting on such record, the Bureau of both Chambers concerned by such report agree on what should be done. If there is need for approval by the Plenary sitting, it is approved by each Chamber of Parliament. <u>Article 223:</u> Cooperation with other Parliaments and inter-parliamentary organizations Maintaining relations between Parliament of	contenant les avis du Parlement conformément au Traité instituant la Communauté d'Afrique de l'Est. <u>Article 222:</u> Examen des documents d'autres parlements et d'autres organismes dont le Rwanda est membre (1) Le président de chaque chambre du Parlement communique à la commission permanente concernée les documents d'un autre Parlement ou d'une organisation dont le Parlement du Rwanda est membre. (2) S'il s'avère qu'une décision doit être prise en séance plénière sur ce document, les Bureaux des deux Chambres concernées par ce rapport se conviennent sur la procédure. Lorsqu'il est nécessaire qu'elle soit approuvée par l'Assemblée plénière, elle est approuvée par chaque Chambre du Parlement. <u>Article 223:</u> Coopération avec d'autres parlements et organisations interparlementaires L'entretien des relations entre le Parlement du
---	---	--

Amategeko y'u Rwanda n'Inteko zishinga Amategeko z'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko bikorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga binyuze mu: (a) nama mpuzamahanga zihuza abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'iz'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko z'ibihugu; (b) matsinda y'ubucuti ahuza abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu; (c) bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda basura cyangwa bagatumira abahagarariye Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu; (d) gukorana amasezerano y'ubufatanye n'izindi Nteko Zishinga Amategeko. UMUTWE WA XII: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'UMUTWE W'ABADEPITE <u>Ingingo ya 224:</u> Ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite (1) Umutwe w'Abadepite ugira ingengo y'imari yawo, kandi ukagira ubwigenge mu	Rwanda and parliaments of foreign countries inter-parliamentary bodies is carried out on the basis of the national foreign affairs policy through: (a) international meetings and meetings of inter-parliamentary bodies of which members of Parliament of Rwanda take part; (b) friendship groups bringing together members of Parliament of Rwanda and Parliaments of foreign countries; (c) visits of members of Parliament of Rwanda to Parliaments of foreign countries and their invitations extended to the representatives of such Parliaments; (d) conclusion of memoranda of understanding with other Parliaments. CHAPTER XII: FINANCIAL MANAGEMENT OF THE CHAMBER OF DEPUTIES <u>Article 224:</u> Budget of the Chamber of Deputies (1) The Chamber of Deputies has its own budget and enjoys financial autonomy.	Rwanda et les parlements des pays étrangers et les organismes interparlementaires se fait sur base de la politique nationale en matière d'affaires étrangères par le biais de: (a) rencontres internationales et rencontres des organismes interparlementaires auxquelles participent les membres du Parlement du Rwanda; (b) groupes d'amitié regroupant les membres du Parlement du Rwanda et les parlements des pays étrangers; (c) visites des membres du Parlement du Rwanda aux parlements des pays étrangers ou leurs invitations aux représentants de ces parlements; (d) conclusion des protocoles d'entente avec d'autres parlements. CHAPITRE XII: GESTION FINANCIÈRE DE LA CHAMBRE DES DÉPUTÉS <u>Article 224:</u> Budget de la Chambre des Députés (1) La Chambre des Députés dispose de son propre budget et jouit d'une autonomie
---	---	--

micungire yayo.		financière.
(2) Umushinga w'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite utegurwa n'Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite ugasuzumwa na Komisiyo ifite ingengo y'imari mu nshingano.	(2) The draft budget of the Chamber of Deputies is prepared by the Office of the Clerk to the Chamber of Deputies and considered by the Committee in charge of budget.	(2) Le projet de budget de la Chambre des Députés est élaboré par le Secrétariat général de la Chambre des Députés et examiné par la commission ayant le budget dans ses attributions.
(3) Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ategura imbanzirizamushinga y'iteganyabikorwa ry'umwaka rya buri Komisiyo ihoraho n'ingengo y'imari byagenerwa.	(3) The Clerk to the Chamber of Deputies drafts an annual action plan proposal and related draft budget of each Standing Committee.	(3) Le Secrétaire Général de la Chambre des Députés élabore l'avant-projet de plan d'action annuel et le projet de budget y afférant de chaque commission permanente.
(4) Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe ubuyobozi n'imari akurikirana uko Ubunyamabanga Bukuru bw'Umutwe w'Abadepite buhuza ibitekerezo ku iteganyabikorwa rya Komisiyo mbere y'uko Biro y'Umutwe w'Abadepite ibigeza ku Nama y'Abaperezida.	(4) The Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of administration and finance monitors the consolidation by the Office of the Clerk of the opinions on the Committee's action plan before the Bureau of the Chamber of Deputies submits them to the Conference of Chairpersons.	(4) Le Vice-président de la Chambre des Députés chargé de l'administration et des finances assure le suivi de la consolidation des avis sur le plan d'action de la commission par le secrétariat général avant que le Bureau de la Chambre des Députés ne les soumette à la Conférence des présidents.
(5) Inama y'Abaperezida isuzuma inyandiko y'umushinga w'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite mbere y'uko Komisiyo ifite ingengo y'imari mu nshingano iyijyaho impaka na Minisitiri ufite imari mu nshingano.	(5) The Conference of Chairpersons considers the draft budget paper of the Chamber of Deputies before it is debated between the Committee responsible for the Budget and the Ministry of Finance and Economic planning.	(5) La Conférence des présidents examine le document de projet de budget de la Chambre des Députés avant que la Commission ayant le Budget dans ses attributions n'en débatten avec le ministre des finances et de la planification économique.
(6) Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ushinzwe ubuyobozi n'imari hamwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite, bumvikana na Minisitiri ufite	(6) The Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of administration and finance and the Clerk to the Chamber of Deputies agree with the Minister in charge	(6) Le vice-président de la Chambre des Députés chargé de l'administration et des finances et le secrétaire général de la Chambre des Députés se mettent d'accord

imari mu nshingano ku mushinga w'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite nibura iminsi ibiri mbere y'uko ushyirwa mu mushinga w'ingengo y'imari rusange ya Leta.	of finance on the draft budget of the Chamber of Deputies at least two days before its incorporation into the draft consolidated State budget proposal of the financial year.	avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions sur le projet de budget de la Chambre des Députés au moins deux jours avant son incorporation dans le projet de budget de l'État consolidé.
<u>Ingingo ya 225:</u> Konti yihariye ishyirwaho amafaranga y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 225:</u> Separate account into which funds of the Chamber of Deputies are deposited	<u>Article 225:</u> Compte distinct sur lequel les fonds de la Chambre des Députés sont placés
Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite ashirwa kuri konti y'Umutwe w'Abadepite hakurikijwe amategeko abigenga.	The budget allocated to the Chamber of Deputies is deposited into the account of the Chamber of Deputies in accordance with the relevant laws.	Les dotations budgétaires allouées à la Chambre des Députés sont placées sur le compte de la Chambre des Députés conformément à la législation en la matière.
<u>Ingingo ya 226:</u> Imikoreshereze n'igenzurwa by'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite	<u>Article 226:</u> Use and audit of the budget of the Chamber of Deputies	<u>Article 226:</u> Utilisation et audit du budget de la Chambre des Députés
Ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite ikoresheka kandi ikagenzurwa buri mwaka hakurikijwe amategeko abigenga.	The budget of the Chamber of Deputies is used and audited annually in accordance with relevant laws.	Le budget de la Chambre des Députés est utilisé et audité chaque année conformément à la législation en la matière.
<u>UMUTWE WA XIII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER XIII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE XIII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 227:</u> Gutanga ibitekerezo kuri raporo u Rwanda rutanga mu miryango mpuzamahanga	<u>Article 227:</u> Giving opinion on reports submitted by Rwanda to international bodies	<u>Article 227:</u> Émission d'avis sur des rapports présentés par le Rwanda aux organismes internationaux
(1) Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite itanga ibitekerezo kuri raporo u Rwanda rutanga mu miryango mpuzamahanga iyo	(1) The Plenary Assembly of the Chamber of Deputies gives its opinions on reports submitted by Rwanda to international	(1) L'Assemblée plénière de la Chambre des Députés émet ses avis sur des rapports présentés par le Rwanda aux organismes

biteganywa n'amasezerano u Rwanda rwemeje cyangwa iyo bisabwe na Minisitiri w'Intebe. (2) Uhagarariye Guverinoma asobanurira Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ibikubiye muri iyo raporo mbere y'uko Abadepite bayitangaho ibitekerezaho. <u>Ingingo ya 228: Gukemura ikibazo kidateganywa n'iri tegeko ngenga</u> Iyo hari ikibazo kidateganywa n'iri tegeko ngenga, Biro y'Umutwe w'Abadepite itanga uburyo cyakemuka. Igihe ibona ko hakenewe gufata umwanzuro w'Inteko Rusange, ibishyira kuri gahunda yayo. <u>Ingingo ya 229: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 230: Ingingo ivanaho</u> Itegeko ngenga n° 006/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite rivanyweho.	bodies when the agreements ratified by Rwanda so provide or upon requested by the Prime Minister. (2) A member of Cabinet explains the contents of the report to the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies before Deputies give their opinions thereon. <u>Article 228: Settlement of an issue not covered in this Organic Law</u> In case of an issue not covered in this Organic Law, the Bureau of the Chamber of Deputies proposes how it should be settled. In case the Bureau of the Chamber of Deputies establishes that the Plenary Assembly decision is required, it includes the issue on the agenda of the Plenary sitting. <u>Article 229: Language provision</u> This Organic Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 230: Repealing provision</u> The Organic Law n° 006/2018.OL of 08/09/2018 determining the functioning of the Chamber of Deputies is repealed.	internationaux lorsqu'ils sont prévus par les accords ratifiés par le Rwanda ou à la demande du Premier Ministre. (2) Un membre du Gouvernement explique le contenu du rapport à l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés avant que les Députés n'émettent des avis y relatifs. <u>Article 228: Règlement d'une question non couverte par la présente loi organique</u> En cas d'une question non couverte par la présente loi organique, le Bureau de la Chambre des Députés propose les modalités de son règlement. Lorsque le Bureau de la Chambre des Députés constate que la décision de l'Assemblée plénière est requise, il inscrit la question à l'ordre du jour de la séance plénière. <u>Article 229: Disposition linguistique</u> La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 230: Disposition abrogatoire</u> La loi organique n° 006/2018.OL du 08/09/2018 portant fonctionnement de la Chambre des Députés est abrogée.
--	---	---

Official Gazette n° 30 Bis of 22/07/2024

<u>Ingingo ya 231: Gutangira gukurikizwa</u>	<u>Article 231: Entry into force</u>	<u>Article 231: Entrée en vigueur</u>
Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 12/07/2024

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux